# IVUGABUTUMWA RY'ABIGISHWA

# IGICE CYA 1-3

**Byanditswe na**

**Andrew Wommack hamwe na Don W. Krow**

**Andrew Wommack Ministries**
**Woodland Park, Colorado**

Andrew Wommack Ministries, Inc.
PO Box 3333
Colorado Springs 80934-3333
www.awmi.net

Ibyanditswe byose birimo byavanywe muri Bibiliya Yera, cyeretse hari ukundi bigaragaye.

**Ivugabutumwa ry'abigishwa**

**Icyiciro cya 1**

**© 2018 Na Andrew Wommack Ministries, Inc.**

**ISBN 971-1-948876-04-9**

Uburenganzira bwose kuri iki gitabo bugengwa n'itegeko mpuzamahanga ry'inyandiko. Biremewe kwigana iki gitabo cyangwa kugifotoza, kigakoreshwa mu kwigisha abigishwa no kugikwirakwiza hatagamijwe inyungu.

# IBIRIMO

IRIBURIRO KU CYICIRO CYA 1 ..... v

1. UBUGINGO BUHORAHO ..... 7

2. AGAKIZA KU BUNTU ..... 12

3. GUKIRANUKA KU BW'UBUNTU ..... 19

4. UMUBANO N'IMANA ..... 24

5. KAMERE Y'IMANA ..... 31

6. KWIHANA ..... 37

7. KWIYEMEZA ..... 44

8. UMUBATIZO W'AMAZI ..... 49

9. UWO URIWE MURI KRISTO (IGICE 1) ..... 55

10. UWO URIWE MURI KRISTO (IGICE 2) ..... 62

11. BIGENDA BITE IYO UMUKRISTO ACUMUYE?... 67

12. KWIZERWA KW'IJAMBO RY'IMANA..... 72

13. IMANA SI YO ITEZA IBIBI ..... 78

14. UBUZIMA BW'UZUYE IMBARAGA Z'UMWUKA ... 84

**15. WAKIRA UTE UMWUKA WERA? ..... 90**

**16. AKAMARO KO KUVUGA MU NDIMI ..... 96**

**IBISUBIZO BY'IBANZE..... 102**

**AKIRA YESU NK'UMUKIZA WAWE..... 124**

**AKIRA UMWUKA WERA..... 125**

**GAHUNDA YO GUSOMA IBYANDITSWE ..... 126**

**IBYEREKEYE ABANDITSI..... 138**

# IRIBURIRO KU CYICIRO CYA 1

Ikaze mu cyiciro cya mbere kigize ibyiciro bitatu by'igitabo ngenderwaho cy'ivugabutumwa ry'abigishwa n'imyitozo bijyanye. Iyi gahunda ihebuje ikozwe ku bufatanye bw'inyigisho za Andrew Wommack na Don Krow, ikaba yarakorewe kuba igikoresho cy'ibanze mu guhindura abantu abigishwa. Iyi gahunda kandi yakoreshwa buri hantu aho ariho hose no kuri buri muntu. Uhereye ku bantu ukwabo, ku matsinda mato, amatorero, amashuri, n'ibiterane, iyi gahunda izahindura abasomyi bayo.

Ibikubiye muri iyi gahunda y'amasomo 48 bigabanyijemo ibyiciro bitatu byihariye, bitanga isomo ryanditse, ibyanditswe bijyanye naryo, ibibazo hamwe n'ibisubizo bijyanye. Imana yatubwiye guhindura abantu abigishwa, batari abakijijwe gusa, (Matayo 28:19) kandi iyi gahunda izahindura umuntu wari ukijijwe imugire umwigishwa, imuvane ku rwego rwo kuba umwigishwa, ahinduke uhindura abandi kuba abigishwa.

Iki cyiciro cya mbere cy'amasomo 16, kirakwereka ukuri kw'ibanze kwa Bibiliya kigufashe kugira imyumvire iboneye ku rukundo rw'Imana, n'ubuntu yakugiriye ntacyo igusabye. Byongeyeho, harimo inyandiko ebyiri zitanga imiyoboro ibiri ya ngombwa, imwe ivuga 'Uburyo wakira Yesu nk'Umukiza wawe' iya kabiri ikavuga 'Uburyo wakira Umwuka Wera.' Ikindi, ni uko twashyizemo gahunda yo gusoma bibiliya mu mezi 12 kugira ngo ubashe gusoma ijambo ry'Imana ryose.

Iki gikoresho kiri gukoreshwa ku isi yose mu guhindura abantu n'amoko atandukanye kandi kiraboneka mu ndimi nyinshi, nta kiguzi ukaba wagikura ku rubuga rwa internet kuri **www.awmi.net/demo/downloads** muri PDF ndetse no muri app za Android n'iza Apple. Imana iguhe umugisha mwinshi ubwo utangiye uru rugendo rwo kuvumbura.

## ISOMO 1

# UBUGINGO BUHORAHO

### Na Andrew Wommack

Umwe mu mirongo imenyerewe y'ibyanditswe ni Yohana 3:16. Bisa nkaho buri muntu wese azi uwo murongo kuva akiri muto, nyamara nizera ko wumvikana nabi ukanakoreshwa nabi. Yohana 3:16 haravuga ngo *Kuko Imana yukunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.*

Kuva mbere, iki cyanditswe cyakoreshejwe higishwa ko Yesu yaje gupfira ibyaha byacu kugira ngo tutazarimbuka. Nubwo ibyo nabyo ari ukuri, uyu murongo uvuga ko intego nyakuri yo kuza kwa Yesu kuri iyi si no kudupfira ari ukugira ngo dushobore kugira ubugingo buhoraho. Habayeho ko ibyaha byacu byabaye imbogamizi hagati yacu n'ubu bugingo buhoraho.

Nibyo koko Yesu yaradupfiriye azira ibyaha byacu, kandi niba twizeye Yesu, ntabwo tuzarimbuka, ariko hari byinshi birenze ibyo mu butumwa bwiza. Inyigisho nyayo y'ubutumwa bwiza ni uko Imana ishaka kuguha ubugingo buhoraho. Reka mbisobanure.

Ijoro ryabanjirije kubambwa kwe, Yesu yarimo gusenga, hanyuma avuga ibi *Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo* (Yohana 17:3).

Ibi bivuga ko ubugingo buhoraho ari ukumenya Data, Imana yo yonyine nyakuri no kumenya Yesu Kristo, uwo yohereje. Ubwo nibwo bugingo buhoraho. Abantu benshi batekereza ko ubugingo buhoraho

ari ukubaho ubuziraherezo. Nibyo koko buri muntu wese abaho ubuziraherezo. Ni imitekerereze itariyo gutekereza ko igihe umuntu apfuye kubaho kwe kuba kurangiye. Umwuka, n'ubugingo bisubira ku Mana. Umubiri uborera mu gituro. Ukuri ni uko, buri muntu wese wigeze kubaho ku isi azakomeza kubaho ari umwuka. Rero kuvuga ko ubugingo buhoraho ari ukubaho ubuziraherezo ntabwo ariko kuri kose – buri muntu abaho iteka ryose. Uyu murongo ubisobanura neza cyane, ko ubugingo buhoraho budahabwa buri muntu wese.

Abantu bamwe bashobora kuvuga ngo "Ubugingo buhoraho ni ukubaho ubuziraherezo mu ijuru no kubaho ubuziraherezo ikuzimu." Ariko ubugingo buhoraho ni ibyo Yesu yavuze muri Yohana 17:3 – *Kumenya Imana na Yesu Kristo*. Ibi birenze kugira ubumenyi gusa bw'abahanga. Iri jambo "kumenya" rikoreshwa mu byanditswe hose risobanura, kugira ubusabane bwimbitse burenze ubundi bwose ushobora kugira.

Intego nyakuri y'agakiza ntabwo ari ukubaho ubuziraherezo mu ijuru, nubwo nabyo bizaba ari byiza. Intego nyakuri y'agakiza ni ukwegerana n'Imana mukagirana ubusabane n'Umwami Imana. Hari imbaga y'abantu benshi baririye Imana bayisaba imbabazi z'ibyaha byabo ariko batari bagira gusabana n'Imana nk'intego.

Mu gihe tudasobanuye intego nyakuri y'agakiza, tuba duhemukiye ubutumwa bwiza. Iyo tugaragaje ubutumwa nkaho ari ikintu kivuga iby'umwuka gusa bizatugirira umumaro mu gihe kizaza, igihe gihoraho, ntabwo tuba dufasha abantu. Hari abantu babayeho ubuzima nk'ubw' ikuzimu kandi bakiri ku isi. Benshi bafite agahinda kenshi, bari mu bukene, bahangana n'urwango, gutabwa, kubabazwa, n'ingo zananiranye. Abantu babayeho mu buzima bwo kubona bucya bukira gusa. Babeshejweho n'intica ntikize. Rero iyo agakiza tugahinduye icyintu cy'igihe kizaza gusa, abantu benshi

bigizayo gufata icyo cyemezo kuko bari kurwana n'ubuzima bw'uyu munsi.

Ukuri ni uko Yesu atazanywe gusa no guhindura iherezo ryacu ry'iteka ngo tuzabeho mu ijuru mu migisha mu cyimbo cy'igihano n'umuvumo w'ikuzimu, ahubwo Yesu yazanywe nanone no kuturokora isi mbi ya none (Abagalatiya 1:4). Yesu yaje kugira ngo aguhe ubusabane n'umubano wihariye n'Imana Data uyu munsi.

Yesu yaje kugira ngo akugarure hafi, mu mubano wawe na We. Yesu aragukunda. Arashaka kukumenya ubwawe. Yesu arashaka kuguha ubuzima bwiza buruta ubwo wakura ku kindi kintu icyo aricyo cyose.

Yesu abivuga muri ubu buryo muri Yohana 10:10 *Umujura* [aravuga Satani] *ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura: Ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi* (udukubo ni utwanjye). Imana irashaka kuguha ubugingo buhoraho. Imana irashaka kuguha ubugingo bwinshi, kandi ndizera yuko ibyo ubikeneye uyu munsi – ko ubishaka. Yesu ntiyapfiriye gusa kukubabarira ibyaha, ahubwo yaranakwiyegereje. Niba utazi Umwami, ukwiye kumumenyera icyo. Niba wari usanzwe uvutse ubwa kabiri, ukwiriye kurenga kubabarirwa ibyaha byonyine ahubwo ukinjira mu buzima bw'iteka n'Imana Data.

## IBY'INGENZI BIVUGA KU BUGINGO BUHORAHO

A. Intego y'ubutumwa bwiza ni ubugingo buhoraho (Yohana 3:16).
B. Ubugingo buhoraho ni ukumenya Imana (Yohana 17:3).
C. Kumenya Imana ni umubano wimbitse (1 Abakorinto 6:16-17).
D. Ubugingo buhoraho buraboneka ubu (1 Yohana 5:12).
E. Imana irashaka gusabana nawe (Ibyahishuwe 3:20).

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Yohana 3:16. Intego y'Imana yo kohereza Yesu mu isi yari iyihe? _____
_____
_____

**Yohana 3:16** *Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.*

2. Uburyo bwa Bibiliya ikoreshamo ijambo "Kumenya" rivuga kwegerana, no kugirana ubusabane bwimbitse n'umuntu (Itangiriro 4:1). Soma Yohana 17:3. Ubugingo bw'iteka/ buhoraho ni iki? ukurikije uyu murongo? _____
_____
_____

**Johana 17:3** *Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ariwe Yesu Kristo.*

3. Soma 1 Yohana 5:11-12. Ukurikije iyi mirongo, ni ryari ubugingo buhoraho butangira? _____
_____

**1 Yohana 5:11-12** *Kandi uko guhamya ni uku: ni uko Imana yaduhaye ubugingo buhoraho, kandi ubwo bubonerwa mu Mwana wayo. [12] Ufite uwo Mwana ni we ufite ubwo bugingo, naho udafite Umwana w'Imana nta bugingo afite.*

4. Soma Yohana 10:10. Ni buzima ki Yesu yaje kuduha? _____
_____

**Yohana 10:10** *Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.*

5. Mu magambo yawe bwite sobanura ibyiza bigize ubugingo bwinshi. _____
   _____
   _____

6. Wizera ko Imana yohereje Umwana wayo Yesu muri iyi si ngo apfire ibyaha by'isi, kugira ngo twe twizera aduhe ubugingo bw'iteka/buhoraho? _____

7. Ese birasobanutse kuri wowe ko ubugingo buhoraho atari gusa uburebure bw'ubuzima (Ubuzima bw'iteka), ahubwo ari n'ubwiza ndetse n'ubwinshi bw'ubuzima? _____

## ISOMO 2

# AGAKIZA KU BUNTU

### Na Don Krow

Inshuro nyinshi Yesu yakoresheje imigani, inkuru zisobanura ukuri ko mu mwuka. Luka 18:9-14 hatangira gutya, *Uyu mugani yawuciriye abiyiringiye ubwabo ko bakiranuka, bagahinyura abandi bose:* Yesu hari abantu yarimo kubwira: Abiyizeraga ko ari abakiranutsi bagahita basuzugura abandi bose. Yaciriye uyu mugani abantu biringiraga ibyo bakoraga. *Twabita abafite gukiranuka kwabo*, ari nabyo Yesu yavugaga ngo bagasuzugura abandi bose bavuga ngo "Ndakuruta!"

Ku murongo wa 10, *abantu babiri bazamutse bajya mu rusengero gusenga, umwe yari umufarisayo undi ari umukoresha w'ikoro.* Mu rurimi rw'iki gihe twavuga ko bagiye mu rusengero gusenga. Kandi umwe yari Umufarisayo. Umufarisayo yari umuntu w'umunyedini cyane. Iryo jambo mu by'ukuri rivuga "uwatandukanijwe", umuntu wari umunyedini cyane mu buryo yashoboraga kuvuga ati: "Winyanduza, wikwegera hafi y'aho ndi. Ntabwo meze nk'abandi bantu! Nduta buri muntu wese!" Undi muntu Yesu yavuze yari umukoresha w'ikoro. Abakoresha b'ikoro bari abasoresha kandi bari bazwi nk'abantu babi, abanyabyaha bibaga bakariganya. Bakusanyaga imisoro bakoresheje uburyo bwose bwashobokaga, bagashyira amafaranga menshi mu mifuko yabo, bakagira nayo bahaga leta y'Abaroma, ibyo byatumaga bagenzi babo batabareba neza.

Inkuru ikomereza ku murongo wa 11, *Umufarisayo arahaguruka asengera mu mutima we ati: Mana, ndagushimiye yuko ntameze nk'abandi b'abanyazi n'abakiranirwa n'abasambanyi,*

*cyangwa ndetse n'uyu mukoresha w'ikoro.* Ndashaka ko umenya ibi. Yasengaga nde? Mu by'ukuri yarisengaga n'ubwo yavugaga ngo "Mana" anakoresha amagambo nyayo. Imana ntabwo yumvaga amasengesho ye, kandi nyuma turaza kureba impamvu. Reba asenga, Mana ndagushimiye yuko ntameze nk'abandi. Uyu Mufarisayo, uyu munyedini, yaravuze ati: "ntameze nk'abandi." Ntabwo ndi umunyabyaha. Ntabwo ndi nk'abanyazi, n'abakiranirwa n'abasambanyi, cyangwa ndetse n'uyu mukoresha w'ikoro uri aha waje gusenga. Urabona ko yasuzuguye abandi kuko yatekereje ko abaruta.

Ku murongo wa 12, Umufarisayo yaravuze ngo *Mu minsi irindwi yose niyiriza ubusa kabiri, ntanga kimwe mu icumi mu byo nungutse byose.* Yaravugaga ngo "wabonye ibyo nkora?" Uzi icyo bivuga kwiyiriza ubusa? Mu by'ukuri bivuze kutarya. Kandi yatangaga amafaranga mu itorero. Yari umwe mu bantu bavuga bati: "Ntuncokoze! Mbayeho mu buzima bwiza! Mfasha imbabare! Ntanga mu itorero!"

Hanyuma reka turebe Umukoresha w'ikoro ku murongo wa 13. *Naho uwo mukoresha w'ikoro ahagarara kure, ntiyahangara no kubura amaso ngo arebe mu ijuru, ahubwo yikubita mu gituza ati: Mana, mbabarira kuko ndi umunyabyaha.* Reba uko yifashe: "ahagarara kure." Nta nubwo yatinyutse kwinjira mu rusengero. Yari afite isoni z'ubuzima bwe n'ibintu yari yarakoze kuko yahagaze kure, ntiyahangara no kubura amaso ngo arebe mu ijuru ahubwo yikubita mu gituza. Iyo Bibiliya ivuga kwikubita mu gituza mu isezerano rya kera, inshuro nyinshi banashwanyaguzaga imyambaro yabo, byari uburyo bwo kuvuga ngo "Mbabarira, mana, ku byo nakoze!" Cyabaga ari ikimenyetso cyo kwihana, cy'umutima uciye bugufi n'mutima ushejanguritse uwo Imana itirengagiza. Uyu mukoresha w'ikoro, umunyabyaha nk'uko yari ameze, aririra Imana ndetse arasenga, ati: "ngirira impuhwe ndi

umunyabyaha!"

Umurongo wa 14 uravuga ngo *Ndababwira yuko uwo muntu yamanutse ajya iwe, ari we utsindishirijwe kuruta wa wundi; kuko uwishyira hejuru azacishwa bugufi, ariko uwicisha bugufi azashyirwa hejuru.* Umukoresha w'ikora yahavuye atsindishirijwe, yiswe umukiranutsi imbere y'Imana, ahagaze neza imbere y'Imana, ababariwe n'Imana. Kuki ya babariwe? Kuki yavuye mu maso y'Imana ababariwe naho umufarisayo w'umunyedini ntatsindishirizwe? Ni uko umufarisayo yishyize hejuru avuga ngo "Ntabwo meze nk'abandi bose! Ntabwo ndi umunyabyaha. Ntabwo meze nkabandi bantu," naho Umukoresha w'ikoro yari azi ko adakwiriye no guhagarara mu maso y'Imana, nta n'icyo yayiha. Yari umunyabyaha. Bibiliya ivuga ko Yesu atazanywe no gucungura abakiranutsi ahubwo abanyabyaha, kandi twese twaracumuye ntitwashyikira ubwiza bw'Imana. Uyu Mukoresha w'ikoro yicishije bugufi abona imbabazi.

Turimo kuvuga ku gakiza ku Buntu. Ubuntu ni ijambo ritangaje, kandi ngiye kuguha ubusobanuro bwemewe bw'icyo rivuze, ariko ubuntu buvuze byinshi cyane. Mu rurimi rw'Ikigiriki urw'isezerano rishya ryanditswemo, Ubuntu ni ijambo **charis**. Igisobanuro cyemewe cy'ubuntu ni iki: igikundiro cy'Imana gihabwa abantu batagikwiriye. Uyu Mukoresha w'ikoro nta kintu na kimwe yari akwiriye kiva ku Mana, ariko yabonye igikundiro cy'Imana kuko yicishije bugufi. Hari irindi jambo naryo ryo mu Kigiriki ryitwa **charisma**, ariryo **charis** ryongerwaho **-ma** ku musozo. Rivuga kugaragara nyako cyangwa ishusho y'ubuntu bw'Imana, kandi uyu Mukoresha w'ikoro yarababariwe aranatsindishirizwa imbere y'Imana nk'impano.

Abaroma 5:17 haravuga ngo *Kuko ubwo igicumuro cy'umwe cyateye ko urupfu rwimikwa n'umwe, ni na ko abahawe ubuntu*

*busesekaye n'impano yo gukiranuka bazarushaho kwimikanwa ubugingo n'umwe ari we Yesu Kristo.* Bibiliya iravuga muri Yohani 1:17, *Kuko amategeko yatanzwe na Mose, ariko Ubuntu n'ukuri byo byazanywe na Yesu Kristo.* Ubu buntu butangwa gusa ku bantu bamwe – abicisha bugufi bakamenya ko badakwiriye imbere y'Imana, baririra imbabazi z'Imana. Aba bantu bazabona imbabazi z'Imana.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Luka 18:9. Umugani ni iki? _____
   _____
   _____

2. Soma Luka 18:9. Ni bande yesu yabwiraga uyu mugani? _____
   _____
   _____

3. Soma Luka 18:9 (agace kanyuma k'umurongo). Abantu bafite gukiranuka kwabo iteka bagira imyitwarire ku bandi. Ukurikije Luka 18:9, Iyo myitwarire ni iyihe? (ca umurongo kuri kimwe)

   A. Bishimira abandi.
   B. Basuzugura abandi cyangwa bagaya abandi.
   C. Bakunda abandi.

4. Soma Luka 18:10. Abantu babiri bagiye gusenga; mu rurimi rw'iki gihe, bagiye gusengera he? _____
   _____

5. Soma Luka 18:10. Aba bantu bari ba nde? _____
   _____

6. Soma Luka 18:11. Isengesho ry'umufarisayo ryari irihe? _____
   _____
   _____
   _____

7. Soma Luka 18:12. Kwiyiriza ubusa bivuga iki? _____
   _____
   _____

8. Soma Luka 18:12. Gutanga icyacumi bivuga iki? _____
_____
_____

9. Soma Luka 18:13. Umukoresha w'ikoro yari ahagaze he? Kubera iki? _____
_____
_____

10. Soma Luka 18:13. Ni kuki umukoresha w'ikoro yubitse umutwe we hasi ntarebe hejuru? _____
_____
_____

11. Soma Luka 18:13. Isengesho ry'uyu mukoresha w'ikoro ryari irihe? _____
_____

12. Soma Luka 18:14. Muri aba bantu bombi ninde wavuye imbere y'Imana yiswe umukiranutsi igihe yari atashye? _____
_____

13. Soma Luka 18:14. Kubera iki umukoresha w'ikoro yiswe umukiranutsi ntibyitwe umufarisayo? _____
_____
_____

14. Soma Luka 18:14. Ese Imana yababariye uyu mukoresha w'ikoro? _____

**Luka 18:9-14** *Uyu mugani yawuciriye abiyiringiye ubwabo ko bakiranuka, bagahinyura abandi bose.* [10] *Ati Abantu babiri bazamutse bajya mu rusengero gusenga, umwe yari*

*Umufarisayo undi, ari umukoresha w'ikoro. [11] Umufarisayo arahagarara, asengera mu mutima we ati Mana, ndagushimiye yuko ntameze nk'abandi b'abanyazi n'abakiranirwa n'abasambanyi, cyangwa ndetse n'uyu mukoresha w'ikoro. [12] Mu minsi irindwi hose niyiriza ubusa kabiri, ntanga kimwe mu icumi mu byo nungutse byose. [13] Naho uwo mukoresha w'ikoro ahagarara kure, ntiyahangara no kubura amaso ngo arebe mu ijuru, ahubwo yikubita mu gituza ati Mana, mbabarira kuko ndi umunyabyaha. [14] Ndababwira yuko uwo muntu yamanutse ajya iwe, ari we utsindishirijwe kuruta wa wundi, kuko uwishyira hejuru azacishwa bugufi, ariko uwicisha bugufi azashyirwa hejuru.*

15. Soma Abaroma 10:13. Ese wowe uyu mwanya upfukamye ku mavi yawe ukaririra Imana biturutse ku mutima, "Mana ngirira imbabazi njye umunyabyaha," ese Imana yagufata nk'uko yafashe Umukoresha w'ikoro? _____
_____
_____

**Abaroma 10:13** *Kuko umuntu wese uzambaza izina ry'umwami azakizwa.*

**1 Yohana 1:8-9** *Nituvuga yuko ari nta cyaha dufite tuba twishutse, ukuri kuba kutari muri twe. [9] Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.*

## ISOMO 3

# GUKIRANUKA KU BW'UBUNTU

### Na Don Krow

Uyu munsi tugiye kureba ku ngingo yo gukiranuka ku bw'ubuntu. Abaroma 3:21-23 haravuga ngo *Ariko noneho hariho gukiranuka kw'Imana kwahishuwe kudaheshwa n'amategeko, ahubwo, nubwo amategeko n'ibyahanuwe ari byo biguhamya, [22] ni ko gukiranuka kw'Imana abizeye bose baheshwa no kwizera Yesu Kristo ari nta tandukaniro, [23] kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw'Imana.*

Reba iki cyanditswe kiravuga ngo *Ariko noneho hariho gukiranuka kw'Imana kwahishuwe kudaheshwa n'amategeko.* Igihe kimwe nabajije umuntu ngo Ni iki utekereza ko ugomba gukora kugira ngo uzajye mu ijuru? Aransubiza ngo agomba kurinda amategeko icumi, kuba umwizerwa ku mugore we, kuba mu buzima bw'imico myiza, n'ibindi bintu byinshi. Ndamubwira nti "Uzi icyo ugomba gukora kugira ngo uzajye mu ijuru, kuba mu bwiza bw'Imana cyangwa mu bwami bwayo?" Ugomba kugira gukiranuka kungana n'ukw'Imana. Aransubiza ngo "uvuze iki? Nta muntu n'umwe ushobora kunganya gukiranuka n'Imana, uwagize uko gukiranuka ni umwe, kandi uwo ni Yesu Kristo!" Ndavuga nti "ibyo uvuga birumvikana! Kandi ni byo ni n'ukuri! Nta numwe muri twe ubwacu wigeze kubahiriza amategeko neza, byaba ku bigaragara cyangwa ibitagaragara, ariko nubwo bimeze bityo dukeneye gukiranuka kungana n'ukw'Imana kugira ngo tubashe kwemerwa imbere yayo."

Ibyo nibyo bivugwa ku murongo 21-22, Ariko *noneho hariho gukiranuka kw'Imana kwahishuwe kudaheshwa n'amategeko,*

*nubwo amategeko n'ibyahanuwe ari byo biguhamya,* [22] *ni ko gukiranuka kw'Imana abizeye bose baheshwa no kwizera Yesu Kristo ari nta tandukaniro.* Gukiranuka Imana iha wowe na njye ni "ugukiranuka kuzanwa no kwizera Yesu Kristo," kandi ni ku bizera bose. Hariho gukiranuka k'uburyo bubiri – gukiranuka k'umuntu no gukiranuka kw'Imana. Gukiranuka k'umuntu ni ya mico ye myiza n'imirimo myiza akora, ariko ibyo ntibyatuma wemerwa imbere y'Imana. Ukeneye gukiranuka kungana n'ukw'Imana, kandi Imana irakuguha – gukiranuka kw'Imana kudafite amategeko.

Mu Kigiriki, bisobanura neza ko koko Imana itanga gukiranuka kwayo kudafite Amategeko. Gukiranuka guheshwa n'amategeko ni ugukiranuka ko gukora, guharanira, no kugera ku byo uba ufite kugira ngo wemerwe imbere y'Imana. Amadini yo ku isi yose uyu munsi atekereza ko ugomba gukora, guharanira, no kugira ibyo ugeraho kugira ngo Imana ikwemere. Ijambo "Gospel" risobanura "inkuru nziza," kandi inkuru nziza y'ubutumwa ni ivuga ko Imana itanga gukiranuka Kwayo bwite no kwemerwa ku bizera bose icyo Yesu Kristo yatanze – Urupfu rwe rwo ku musaraba ku bw'ibyaha byacu, biduhesha gukiranuka kungana n'ukw'amategeko, nta kintu bidusabye gukora, guharanira no kugeraho; kandi kuzanwa no kwizera Yesu Kristo.

Reba ku murongo wa 22 uko niko gukiranuka kw'Imana kuzanwa no kwizera Yesu Kristo kugera kuri bose. Ni kuki Imana itanga gukiranuka kwayo kuri bose? Ni uko ari *[nta tandukaniro]. Kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw'Imana.* (Udukubo ni utwanjye). Waracumuye, naracumuye, twese ntitwashyikiriye ikigero cy'Imana cyangwa ubuziranenge. Kubera ibyaha byacu, ikintu dukeneye kurusha ibindi ni ukwemerwa, ubusabane nyabwo, no guhagarara tudatsinzwe imbere y'Imana… kandi Imana, ibi yabitanze bitanyuze mu mirimo y'amategeko ahubwo binyuze mu kwizera Yesu Kristo. Gukiranuka kw'Imana

ntabwo kuzanwa no gukora kwawe, kugerageza kwawe, kugira ibyo uharanira, cyangwa ibyo ugerageza kugeraho; ahubwo kuzanwa no kwizera, kwishingikiriza, no kwiringira Umwami Yesu Kristo.

Ni gute Aburahamu (sogokuruza w'umuyuda) yatsindishirijwe? Bibiliya ivuga ko yizeye Imana – yizeye amasezerano Imana yamuhaye – kandi gukiranuka kumubarwaho. Kuba Aburahamu yariswe umukiranutsi imbere y'Imana binyuze mu kwizera ntago byari ibye wenyine. Dusoma mu Baroma 3:21-22, ko umuntu yitwa umukiranutsi binyuze mu kwizera kwe afite muri Yesu Kristo. Bibiliya ivuga ko, kubera ikiguzi Yesu Kristo yishyuye ku musaraba igihe yavaga amaraso ku bw'ibyaha byacu, gukiranuka (kuba uhagaze neza) bizabarwa kuri buri muntu wese wizeye gusa Kristo.

Abaroma 5:17 haravuga ngo *kuko ubwo igicumuro cy'umwe cyateye ko urupfu rwimikwa n'umwe, ni na ko abahawe ubuntu busesekaye* ***n'impano yo gukiranuka*** *bazarushaho kwimikanwa ubugingo n'Umwe ari we Yesu Kristo* (gutsindagira ni ibyanjye) Imana iraguha *impano* yo gukiranuka, *impano* yo guhagarara imbere y'imana wemewe. Impano isaba ikiguzi ariko ntabwo gitangwa n'umuntu uyakira. Uramutse umpaye impano ukansaba kuyishyura, ntabwo yaba ikitwa impano kuko igomba kuba hari ikiguzi yagutwaye. Imana njyewe nawe yaduhaye gukiranuka nk'impano, kandi iyi mpano yo gukiranuka, kuvanwaho urubanza, no guhagarara imbere y'Imana wemewe bizanwa no kwizera Yesu Kristo.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Tito 3:5. Ese gukiranuka dukeneye ni ugukiranuka twakwiremera? _____

   **Tito 3:5** *Itabitewe n'imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo idukirisha kuhagirwa ari ko kubyarwa ubwa kabiri, ikadukirisha no guhindurwa bashya n'umwuka wera.*

2. Soma 2 Abakorinto 5:21. Ese gukiranuka dukeneye ni ukumeze gute? _____
   _____

   **2 Abakorinto 5:21** *Kuko Utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana.*

3. Soma Abaroma 3:22. Ni gute twakira uku gukiranuka? _____
   _____
   _____

   **Abaroma 3:22** *Ni ko gukiranuka kw'Imana abizeye bose baheshwa no kwizera Yesu Kristo ari nta tandukaniro.*

4. Soma Abafilipi 3:9. Gukiranuka kw'amategeko ni ukuhe? _____
   _____
   _____
   _____

   **Abafilipi 3:9** *Kandi mboneke ko ndi muri we ndafite gukiranuka kwanjye kuva mu mategeko, ahubwo mfite ukuzanwa no kwizera Kristo ari ko gukiranuka kuva ku Mana guheshwa no kwizera.*

5. Soma Abagalatiya 2:21. Ni gute twaburizamo ubuntu bw'Imana? _____
_____
_____
_____

**Abagalatiya 2:21** *Simpindura ubusa Ubuntu bw'Imana, kuko niba gukiranuka kuzanwa n'amategeko Kristo aba yarapfiriye ubusa.*

6. Soma Abaroma 5:17. Gukiranuka kw'Imana kwakirwa nk'iki?
_____

**Abaroma 5:17** *Kuko ubwo igicumuro cy'umwe cyateye ko urupfu rwimikwa n'umwe, ni na ko abahawe Ubuntu busesekaye n'impano yo gukiranuka bazarushaho kwimikanwa ubugingo n'umwe ari we Yesu Kristo.*

## ISOMO 4

# UMUBANO N'IMANA

### Na Andrew Wommack

Kimwe mu bintu by'ingenzi mu bijyanye n'umubano ni ukumenya umuntu mugiye kugirana umubano, rero ni nako bimera ku Mana. Ukwiye kumenya kamere n'imiterere y'ibanze by'Imana kugira ngo ubashe kugirana umubano mwiza nayo. Kutamenya imiterere na kamere byayo ni imwe mu mpamvu abantu benshi badafite umubano mwiza na yo. Uku ni ko byagenze mu ngobyi ya Edeni igihe Adamu na Eva bageragezwaga n'inzoka. Binjiye mu gishuko, ntibumvira Imana, binjiza ikiremwamuntu cyose mu cyaha. Kudasobanukirwa neza kamere y'Imana bifite uruhare mu gishuko bagize.

Inkuru dusanga mu Itangiriro 3:1-5 irasanzwe ku bantu benshi: *Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyamba zose, Uwiteka Imana yaremye. Ibaza uwo mugore iti: Ni ukuri koko Imana yaravuze iti: Ntimuzarye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi? [2] Uwo mugore arayisubiza ati: Imbuto z'ibiti byo muri iyi ngobyi twemererwa kuzirya, [3] keretse imbuto z'igiti kiri hagati: y'ingobyi ni zo Imana yatubwiye iti: Ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa [4] Iyo nzoka ibwira umugore, iti: Gupfa ntimuzapfa, [5] uko Imana izi yuko ku munsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza mugahindurwa nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi.*

Aha hari ikihishe mu magambo Satani yavuze, ko mu byukuri Imana atari nziza … ko Yageragezaga kugira icyo yima Adamu na Eva … ko Itashakaga ko bagera ku mwuzuro w'ubushobozi bwabo … ko Itashakaga ko baba nka yo … mbese akaba ariyo mpamvu yashyizeho ibwiriza ryo kutarya ku giti cy'ubugingo, ko

byari ukubimirira cyangwa kubababaza. Mu bundi buryo Satani yarwanyije kamere n'imiterere y'Imana igihe yayivuze nabi ibikora nkaho Imana itabashakiraga icyiza. Icyabaye icyo gihe ni nacyo kiba ku bantu uyu munsi. Satani arababwira ngo "nimukurikira Imana ntimwishimire ibi bintu, bihabanye n'ijambo ryayo, ntabwo muzigera mubona umunezero nyawo. Ubuzima buzaba budashimishije … bupfuye." Ukuri kubabaje ni uko abantu bagerageza ibintu bitandukanye nko kunywa ibiyobyabwenge, inzoga, busambanyi, ubwigomeke, kutiyima ikintu na kimwe, gutera imbere mu kazi n'ibindi byinshi, hanyuma igihe bamenyeye ko bidatanga kunyurwa bashakaga, baba baramaze kwangiza imibereho yabo, imiryango yabo n'amagara yabo.

Ukuri ni uko Imana ari Imana nziza, kandi ubushake bwayo kuri twe ari bwiza. Ariko Satani akoresha ibishuko bimwe kuri twe uyu munsi byanesheje Adamu na Eva mu ngobyi ya Edeni, agerageza kuvuga ko Imana itari nziza. Abafite ubumenyi bucye kuri Bibiliya bashobora kubyumva, kuko hari ibihe muri Bibiliya Imana yafataga abantu mu buryo bukarishye, bubi cyane. Mu Kubara 15:32-36, umuntu yitoraguriraga udukwi ku munsi w'isabato ahita aterwa amabuye arapfa kubera ko yananiwe kubahiriza isabato. Ibyo byumvikana ko bikomeye, ariko hari umugambi inyuma y'icyo gihano, nubwo bitumvikana ku bantu benshi mu gusoma bisanzwe kw'ibyanditswe. Kwiga kwitondewe, kugaragaza ko amategeko y'isezerano rya kera yatanzwe kugira ngo atume ibyaha twakoze biba bibi cyane, nkuko Pawuro abivuga mu Baroma 7:13. Intego yari uko abantu batari bazi ko ibicumuro byabo byari bibi kandi byicisha, kandi ko ari bibi ku Mana. Bakoraga amakosa yo kugereranya ibyaha hagati yabo bagapima ibikorwa byabo n'iby'abandi bakoraga.

Iyo hagiraga ukora icyaha ntiyicwe batekerezega ko icyaha atari kibi cyane, noneho bituma boroshya ububi bwacyo mu

myumvire yabo. Bari baratakaje ubumenyi nyabwo bw'icyiza n'ikibi icyo aricyo. Byasabaga Imana gusubiza umuntu ku kigero gikwiye, ikigero cyiza cyo kubaho neza icyo aricyo, kugira ngo bange Satani n'ibishuko bye no kugira ngo bamenye ingaruka y'amahitamo yabo mabi uko yamera. Rero Imaze gukora ibyo, byayisabaga gushyira mu bikorwa itegeko yatanze.

Imana ntabwo yatanze amategeko y'isezerano rya kera ku bw'intego ivuga ngo "Keretse ubanje ugakora ibi bintu byose, ntabwo nakwemera cyangwa ngo ngukunde." Iyo siyo kamere yayo cyangwa imiterere yayo. Ahubwo, yarayatanze kugira ngo kumenya icyiza n'ikibi kwacu bibe bizima kurushaho ndetse itugarure ku kuri kutubwira ko dukeneye Umucunguzi. Ikibazo cyabaye ni uko abantu batekereje ko Imana isaba ubuziranenge mbere yo kubakunda, aribyo byatumye habaho imitekerereze benshi bafite ivuga ko urukundo rwayo kuri bo rujyanye n'imirimo bakora. Bumva ko batagerageje gukora buri kintu neza batakwemerwa n'Imana, kandi ibyo sibwo butumwa bwa Bibiliya.

Umutima w'Imana ku bantu ni ukwiyunga na bo ntabwo ari ukubacira urubanza … ntabwo ari ukubabaraho ibyaha byabo … ntabwo ari ukubaziza ibyaha byabo. Uwo ni wo mutima w'Imana ku bantu muri Bibiliya kandi no kuri twe b'uyu munsi. Dukwiriye kumenya umutima wayo nyakuri, ko *Imana ari urukundo* (1 Yohana 4:8). Irashaka gukuraho ibyaha byawe na buri kintu cyose cyagutandukanya na yo. Yarangije kubikora binyuze muri Yesu Kristo, kandi iraguha kubana na Yo uyu munsi, bidashingiye ku mirimo yawe ahubwo ku kwizera kwawe no kwemera ko Yesu Kristo yishyizeho ibyaha byawe. Wagirana umubano n'Imana uyu munsi utitaye ku bikunanira mu buzima bwawe. Icyo igusaba gusa ni ugushyira kwizera kwawe mu Mwami Yesu Kristo.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Itangiriro 3:1. Ni ikihe kibazo Satani yabajije Eva? _____
_____
_____

**Itangiriro 3:1** *Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyamba zose, Uwiteka Imana yaremye. Ibaza uwo mugore iti: Ni ukuri koko Imana yaravuze iti: Ntimuzarye ku giti cyose cyo muri iyi ngombyi?*

2. Soma Itangiriro 2:17 n'Itangiriro 3:3. Ni irihe jambo cyangwa amagambo Eva yongeye ku byo Imana yabwiye Adamu? _____
_____
_____

**Itangiriro 2:17** *Ariko igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi ntuzakiryeho, kuko umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa.*

**Itangiriro 3:3** *Keretse imbuto z'igiti kiri hagati: y'ingobyi ni zo Imana yatubwiye iti: Ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa.*

3. Soma Itangiriro 3:6. Igihe Satani yari amaze gushyira gushidikanya mu bitekerezo bya Eva ku bijyanye n'ijambo ry'Imana, ni iki yakoze kuri uyu murongo? _____
_____

**Itangiriro 3:6** *Uwo mugore abonye yuko icyo giti gifite ibyo kurya byiza, kandi ko ari icy'igikundiro, kandi ko ari icyo kwifuriza kumenyesha umuntu ubwenge, asoroma ku mbuto zacyo, arazirya, ahaho n'umugabo we wari kumwe na we, arazirya.*

4. Soma Itangiriro 3:9-10. Adamu na Eva bamaze gucumura, ese Imana yakomeje kuvugana na bo no kugirana ubusabane na bo? _____

   **Itangiriro 3:9-10** *Uwiteka Imana ihamagara uwo mugabo iramubaza iti: [Uri] he? [10] Arayisubiza ati: Numvise imirindi yawe muri iyi ngobyi, ntinyishwa n'uko nambaye ubusa, ndihisha.*

5. Soma Itangiriro 3:22-24. Kubera iki Imana yirukanye Adamu na Eva mu ngobyi? _____
   _____
   _____

   **Itangiriro 3:22-24** *Uwiteka Imana iravuga iti: Dore uyu muntu ahindutse nk'imwe yo muri twe ku byo kumenya icyiza n'ikibi, noneho atarambura ukuboko agasoroma no ku giti cy'ubugingo, akarya akarama iteka ryose, [23] Ni cyo cyatumye Uwiteka Imana imwirukana muri ya ngobyi muri Edeni, kugira ngo ahinge ubutaka yavuyemo. [24] Nuko yirukana uwo muntu, kandi mu ruhande rw'iyo ngobyi yo muri Edeni rwerekeye iburasirazuba, ishyiraho Abakerubi n'inkota yaka umuriro izenguruka impande zose, ngo ibuze inzira ijya kuri cya giti cy'ubugingo.*

6. Ese urabona ko iki cyari igikorwa cy'imbabazi z'Imana aho kuba igihano? _____

7. Soma Abaroma 5:17. Ni gute tubona ubuntu bw'Imana busesekaye n'impano yo gukiranuka?

   A. Kubugura.
   B. Kubukorera.
   C. Kubwakira.

**Abaroma 5:17** *Kuko ubwo igicumuro cy'umwe cyateye ko urupfu rwimikwa n'umwe, ni na ko abahawe ubuntu busesekaye n'impano yo gukiranuka bazarushaho kwimikanwa ubugingo n'umwe ari we Yesu Kristo.*

8. Soma Abaroma 6:23. Ni iki mu by'ukuri dukwiriye igihe ducumuye?_____
_____

**Abaroma 6:23** *Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana [ni] ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu.*

9. Ku bw'ubuntu ni iki ahubwo Imana iduha? _____
_____

10. Soma Abaroma 10:3. Igihe tugerageje gushyiraho gukiranuka kwacu imbere y'Imana, ni iki tuba twananiwe gukora? _____
_____

**Abaroma 10:3** *Kuko ubwo bari batazi gukiranuka kw'Imana uko ari ko, bagerageje kwihangira gukiranuka kwabo ubwabo, bituma basuzugura gukiranuka kw'Imana.*

11. Soma 1 Yohana 1:9 n'Abaroma 4:3. Ni iki Imana isezeranya gukora ku byaha byacu byose n'ibicumuro tuyikorera igihe twizeye gusa? _____
_____
_____

**1 Yohana 1:9** *Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.*

**Abaroma 4:3** *Mbese ibyanditswe bimuvuga iki? Ntibivuga ngo Aburahamu yizeye Imana, bikamuhwanirizwa no gukiranuka?*

12. Ibi bikubwira iki kuri kamere n'imiterere y'Imana? _____
_____
_____

## ISOMO 5

# KAMERE Y'IMANA

### Na Andrew Wommack

Kugira umubano mwiza n'Imana, bisaba ko tugomba kumenya kamere yayo n'imiterere yayo nyakuri. Ese Irarakaye kubera ibyaha byacu, cyangwa ni Imana y'inyembabazi ishaka kuduha ubuzima bwayo n'imigisha, bidashingiye ku bikorwa byacu? Ibyanditswe mu by'ukuri biduha ibitekerezo bibiri bitandukanye ku Mana, si uko yigeze ihinduka cyangwa yagize icyo ikora gitandukanye. Habayeho igihe, aho nkuko Bibiliya ibivuga, Imana "yahoraga abantu ibyaha byabo."

Ibi byagereranywa no kurera abana. Igihe bakiri bato cyane, ntabwo bishoboka kujya inama nabo, kubabwira impamvu bashobora gukora neza cyangwa impamvu batagomba kwikunda ngo bange gutiza abo bavukana ibikinisho. Bagomba kubwirwa amabwiriza kandi igihe batayubahirije, bagahanwa. Amabwiriza agomba gukoreshwa n'ubwo batazi Imana na Satani, cyangwa ngo bamenye ko iyo bikunze baba bahaye Satani urwaho. Bashobora kutumva impamvu yabyo, ariko bashobora kumenya ko iyo basubiyemo ibyo bikorwa bahanwa.

Mu buryo bumwe, ibi ni byo Imana yakoze mu Isezerano rya kera. Mbere yuko abantu bavuka ubwa kabiri, ntibari bafite kumenya nkuko dufite twe abo mu isezerano rishya, rero Imana yagombaga kubaha amategeko n'ibihano bijyanye, harimo rimwe na rimwe urupfu, kugira ngo ibabuze icyaha. Kubera ko Satani yarimburaga abantu binyuze mu cyaha, ubwo hasabaga ko hashyirwaho ibikumira gukora icyaha, kandi bigashyirwa mu bikorwa. Nubwo ibi byagize ingaruka zo kumva ko Imana

itadukunda bitewe n'ibyaha byacu, uko siko ijambo ry'Imana ryigisha. Abaroma 5:13 haravuga ngo *Amategeko ataratangwa icyaha cyahozeho mu isi, ariko ntawe kibarwaho amategeko adahari*. "Amategeko ataratangwa" bivuga kugeza ku gihe cya Mose igihe Imana yahaga amategeko icumi n'andi y'imigenzo yakoreshwaga mu gihugu cy'abayuda. Uhereye mbere kugeza igihe amategeko yatangiwe, icyaha cyari mu isi ariko ntawe kibarwaho. Ijambo "kubarwaho" ni ijambo rikoreshwa n'abacungamari: Urugero, iyo ugiye mu iguriro kugira icyo ugura ukavuga ngo "ibiguzwe mubishyire mu mbonerahamwe y'izina ryanjye". Iyo bishyizwe mu mbonerahamwe yawe bikwandikwaho hanyuma ukabyishyuzwa, kandi ikiguzwe ni wowe kibarwaho. Igihe bananiwe kubikubaraho, bivuze ko bitakwanditseho kandi ko utabyishyuzwa.

Uyu murongo uravuga ko kugeza igihe amategeko icumi yatangiwe, icyaha cyitabarwaga ku bantu. Iri ni ijambo ritangaje. Reba mu Itangiriro 3 na 4. Abantu benshi bibwira ko igihe Adamu na Eva bacumuraga ku Mana, ngo kuberako ikiranuka kandi ko umuntu yari amaze gucumura, ntacyo Imana yari igikeneye ku muntu w'umunyabyaha. Batekereza ko Imana yirukanye umuntu mu ngobyi kugira ngo imukure mu maso hayo kubera ko Imana ikiranuka ntacyo yari igikeneye ku muntu udakiranuka. Hari n'abakomeza bagatekereza ko ugomba gusiba ikibi ukoresheje imirimo myiza bitaba ibyo Imana ntiyongere kugirana ubusabane nawe ukundi. Ibyo bihabanye n'ubutumwa Yesu yazanye. Abaroma 5:8 haravuga ngo Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha; rero Isezerano rishya ryigisha ko Imana yatwegereje urukundo rwayo igihe twari tukiri abanyabyaha, ntabwo ari igihe ibikorwa byacu byari bimaze gutunganywa. Ukuri kumwe k'ubutumwa bwiza kuzahindura ubuzima bwawe ni ukumenya ko Imana igukunda nkuko umeze. Iragukunda cyane kuburyo niwakira urukundo rwayo, utazifuza kuguma uko umeze. Uzahinduka, ariko uzahinduka bitewe

n'ingaruka yo kugira urukundo rw'Imana atari ukugira ngo ubone urukundo rwayo.

Mu Itangiriro 4 ushobora kubona ko Imana yakomeje kubana n'umuntu, ikomeza kuvugana na Adamu na Eva n'igihe bari bamaze gucumura. Yavuganaga na Kayini na Abeli, kandi n'igihe baje gutamba ibitambo ku Mana, yabavugishije mu ijwi ryumvikana. Bitewe n'uko bitwaye duhita tubona ko bari bamenyereye kumva ijwi ry'Imana, kandi ko ritabateye ubwoba. Igihe Kayini yicaga mwene se Abeli, umwicanyi wa mbere ku isi, ijwi ryumvikana ry'Imana ryaturutse mu ijuru: "Mwene so Abeli arihe?" Kayini abeshya Imana bisa nkaho nta kwicuza yari afite. Ibyo byabaho igihe umuntu amenyereye kumva ijwi ry'Imana bigatuma abifata nkaho ari ibisanzwe kuri we ntirinamutere ubwoba. Ibi byose bivuga ko Imana yari igisabana n'umuntu ko kandi itigeze ikuraho ubusabane nkuko abantu babyizera. Ntabwo yabaraga ibyaha by'umuntu kuri we. Ese ibyo bivuze ko yirengagizaga ibyaha byabo cyangwa ko bitari bibi? Hoya, ni nayo mpamvu hanyuma yatanze amategeko. Imana yagombaga kuduha amategeko kugira ngo dusubire ku murongo muzima. Yagombaga kutwereka ko dukeneye Umukiza ko kandi tugomba kwicisha bugufi tukakira imbabazi nk'impano. Ikibabaje, idini ryahinduye ibi bintu ribikoresha ryigisha ko amategeko yatanzwe kugira ngo uyakurikize noneho biguheshe imbabazi z'Imana no kwemerwa. Hoya! Intego y'amategeko y'Isezerano rya kera yari ukugira ngo ahe uburemere icyaha cyawe kugeza aho wumva ko uri umunyantege nke utakwicungura ubwawe hanyuma ukavuga ngo "Mana, uru niba ari rwo rwego rwawe rwo gukiranuka, sinashobora kubikora. Mbabarira, ngirira impuhwe". Muri byose rero kamere y'Imana yamye ari urukundo.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Abaroma 5:13. Ijambo "kubarwaho" risobanura iki? ___
   _____

   **Abaroma 5:13** *Amategeko ataratangwa icyaha cyahoze mu isi, ariko ntawe kibarwaho amategeko adahari.*

2. Soma Abaroma 7:7. Intego y'amategeko yari iyihe? _____
   _____

   **Abaroma 7:7** *Nuko rero tuvuge iki? Amategeko ni icyaha? Ntibikabeho! Icyakora simba naremeye icyaha iyo ntakimenyeshwa n'amategeko, kuko naba ntaramenye kwifuza iyaba amategeko atavuze ngo ntukifuze.*

3. Soma Abagalatiya 3:24. Dukurikije uyu murongo, intego y'amategeko yari iyihe? _____
   _____
   _____

   **Abagalatiya 3:24** *Ubwo ni bwo buryo amategeko yatubereye umushorera wo kutugeza kuri Kristo, ngo dutsindishirizwe no kwizera.*

4. Soma Yohana 8:1-11. Ni gute Yesu yafashe umugore wari wafatiwe mu busambanyi? _____
   _____

   **Yohana 8:1-11** *Yesu ajya ku musozi wa Elayono. [2] Azinduka mu museke yongera kujya mu rusengero, abantu bose baza aho ari aricara arabigisha. [3] Abanditsi n'abafarisayo bamuzanira umugore bafashe asambana, bamuta hagati: [4] Baramubwira*

*bati: Mwigisha, uyu mugore bamufashe asambana. [5] kandi Mose mu mategeko yadutegetse kwicisha amabuye abakoze batyo. [6] Ibyo babivugiye kumugerageza ngo babone uburyo bamurega. Ariko Yesu arunama yandikisha urutoki hasi. [7] Bakomeje kumubaza arunamuka arababwira ati: Muri mwe udafite icyaha abe ari we ubanza kumutera ibuye. [8] Yongera kunama yandika hasi. [9] Na bo ngo babibone batyo ibyaha byabo birabarenga, basohoka urusororongo uhereye ku basaza ukageza ku uheruka, basiga Yesu wenyine na wa mugore wari uhagaze hagati. [10] Yesu arunamuka aramubaza ati: wa mugore we, ba babandi bakuregaga bari he? Nta wuguciriye iteka? [11] ati: Nta we Databuja. Yesu aramubwira ati: Nanjye singuciraho iteka, genda ntukongere gukora icyaha.*

5. Ese amagambo ya Yesu n'ibikorwa bye byagaragaje Kamere nyayo y'Imana? Reba Yohana 3:34. _____

   **Yohana 3:34** *Uwatumwe n'Imana avuga amagambo yayo, kuko Imana idatanga Umwuka imugeze.*

6. Soma 1 Yohana 4:8. Ukurikije uyu murongo Kamere nyayo y'Imana ni iyihe? _____

   **1 Yohana 4:8** *Udakunda ntazi Imana kuko Imana ari urukundo.*

7. Soma Abaroma 5:6. Urukundo rw'Imana rwatugaragarijwe igihe twari iki? _____
   _____

   **Abaroma 5:6** *Tukiri abanyantege nke, mu gihe gikwiriye Kristo yapfiriye abanyabyaha.*

8. Soma Abaroma 5:8. Imana yadukunze tukiri iki? _____

_____

**Abaroma 5:8** *Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha.*

9. Soma Abaroma 5:10. Imana yadukuze tukiri iki? _____
_____

**Abaroma 5:10** *Ubwo twunzwe n'Imana ku bw'urupfu rw'Umwana wayo wadupfiriye tukiri abanzi bayo, none ubwo tumaze kungwa nayo, ntituzarushaho gukizwa ku bw'ubugingo bwe?*

10. Ese usabye Yesu Kristo kukubabarira no kuba Umukiza n'Umwami wawe, ukizera igitambo cya Yesu nk'ubwishyu bw'ibyaha byawe, ese Imana yakwereka kamere yayo nyayo y'imbabazi n'ubuntu? _____

## ISOMO 6

# KWIHANA

### Na Don Krow

Abantu bamwe ntibasobanukirwa neza kwihana icyo aricyo. Kwihana si ubutungane ahubwo ni uguhindura icyerekezo. Tugiye kuvuga ku mugani w'umwana w'ikirara, cyangwa umwana wabuze. Yesu arimo guca umugani werekana neza icyo bivuga ku kwihana k'umuntu. Muri Luka 15:11-12 Yesu yaravuze ngo Kandi arababwira ati: *Hariho umuntu wari ufite abahungu babiri. Umuhererezi abwira se ati: Data, mpa umugabane w'ibintu unkwiriye, Nuko agabanya amatungo ye.*

Umuhungu muto yashakaga umunani we mbere yuko se apfa, mu by'ukuri ibi ntibyari bisanzwe, ariko se akora ibyo yamusabye aha umuhungu we umunani we. Umurongo 13 uravuga ngo *Iminsi mike ishize umuhererezi ateranya ibintu bye byose, aragenda ajya mu gihugu cya kure, yayisha ibintu bye ubugoryi bwe*. Umuhungu muto yafashe ubutunzi bwe bwose, umugabane w'umunani we, ajya mu gihugu cya kure, arabyangiza mu buzima butagira rutangira. Mu bundi busobanuro bwa Bibiliya buravuga ngo "Aragenda amarira amafaranga mu kwishimisha no mu ndaya."

Umurongo wa 14-17 haranditse ngo *Abimaze byose inzara nyinshi itera muri icyo gihugu* [Igihugu cyarakennye abantu batangira gusonza], *atangira, gukena. [15] Aragenda ahakwa ku muntu wo muri icyo gihugu, amwohereza mu gikingi cye kuragira ingurube* (udukubo ni utwanjye). Yabonye akazi akorera umuntu muri icyo gihugu yoherezwa kugaburira ingurube. Umurongo wa 16 haravuga *ngo Yifuza guhazwa n'ibyo izo ngurube zaryaga, ariko ntihagira ubimuha.* Yari ashonje cyane ku rwego rwo kwicwa

n'inzara, nuko aravuga ngo "mumpe byibura ibiryo by'ingurube – ibyo aribyo byose" ariko nta muntu wagize icyo amuha. Yari yarangije umugabane we wose. Umurongo wa 17 urakomeza, *Nuko yisubiyemo aribwira ati: Abagaragu ba data ni benshi kandi bahazwa n'imitsima bakayisigaza, naho njye inzara intsinze hano.* Ubusobanuro bumwe bwa Bibiliya buravuga ngo "agarura ubwenge." Mu yandi magambo, abagaragu ba se bari bafite ibiryo bisaga naho we yicwaga n'inzara.

Afata icyemezo; Arihana. Kwihana ni uguhinduka kw'ibitekerezo, guhinduka ku mutima gutuma umuntu ahindukira akajya mu cyerekezo gishya. Ku murongo 18-19, yaravuze ngo *Reka mpaguruke njye kwa data mubwire nti: Data, nacumuye ku yo mu ijuru no mu maso yawe, [19] ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe, ahubwo ungire nk'umugaragu wawe*. Hanyuma arahaguruka aragenda asanga se. Kwihana birenze guhinduka kw'imitekerereze, guhinduka, kw'ibyiyumviro, no guhinduka ku mutima, gutuma umuntu agira icyo akora, guhindukira (cyangwa kugaruka) mu cyerekezo gishya. Twese twaretse Imana, Data no mu ijuru iwacu. Bibiliya iravuga muri Yesaya 53:6 ngo, *Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese*.

Inkuru ikomereza ku murongo wa 20-24. *Arahaguruka ajya kwa se.* Ijoro rimwe narimo kuvuga iyi nkuru umuntu utari warayumvise mbere, yibwiraga ko mu gihe umuhungu agarutse ise yagombaga kuvuga ati: "Mwana wanjye, reba ibyo wakoze. Wangije ubutunzi bwanjye bwose, ubwo nari narabonye mu buzima bwanjye bwose. Rero ba umwe mu baja banjye." Ababyeyi benshi bo mu isi wenda barakara cyane bakagira imitekerereze nk'iyo, ariko reba imitekerereze y'uyu mubyeyi: *Agitunguka kure, se aramubona aramubabarira,* [Urukundo ruturuka mu mutima we kubw'umwana we] *arirukanka aramuhobera, aramusoma. [21]*

*Uwo mwana aramubwira ati: Data, nacumuye ku Yo mu ijuru no mumaso yawe, ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe.* [22] *Ariko se abwira abagaragu be ati: Mwihute muzane vuba umwenda uruta iyindi muwumwambike, mumwambike n'impeta ku rutoki n'inkweto mu birenge,* [23] *muzane n'ikimasa kibyibushye mukibage muzane turye twishime,* [24] *kuko uyu mwana wanjye yari yarapfuye none akaba azutse, yari yarazimiye none dore arabonetse Nuko batangira kwishima.*

Rimwe ibi nabibwiye umuntu wavuze ati: "Ndabona ibyo Yesu avuga. Ndamutse mpindukiye kuri Data wo mu ijuru musaba imbabazi nkavuga nti: 'Data, nagucumuyeho, kandi ntabwo nkwiriye kwitwa umwana wawe, Azanyakira". Data wa twese wo mu ijuru yagira imbabazi kandi ntiyaguhindura umugaragu. Yagusubiza kongera kuba umwana. Imana irategereje. Ese wavuye mu nzira? Kuki utagarukira Imana, So, ukagarukira n'ijuru, ariho iwanyu uyu munsi?

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Sobanura Kwihana. _____
   _____
   _____
   _____

2. Soma Luka 13:1-5. Ni iki umuntu yakora kugira ngo atarimbuka? _____

   **Luka 13:1-5** *Muri icyo gihe hari abantu bari bahari bamutekerereza iby'abanyagalilaya, abo Pilato yavangiye amaraso yabo n'ibitambo byabo. [2] Yesu arabasubiza ati: Mbese mugira ngo abo Banyagalilaya bari abanyabyaha kuruta abandi Banyagalilaya, ubwo bababajwe batyo? [3] Ndababwira y'uko atari ko bari ahubwo namwe nimutihana muzarimbuka mutyo mwese. [4] Cyangwa se ba bandi cumi n'umunani, abo umunara w'i silowamu wagwiriye ukabica, mugira ngo bari abanyabyaha kuruta abandi b'i yerusalemu bose? [5] Ndababwira yuko atari ko biri, ahuwo namwe nimutihana muzarimbuka mwese.*

3. Soma 2 Petero 3:9. Ni iki Imana yifuriza abantu bose? _____
   _____
   _____

   **2 Petero 3:9** *Umwami Imana ntitinza isezerano ryayo, nk'uko bamwe batekereza yuko iritinza. Ahuwo itwihanganira idashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko bose bihana.*

4. Soma Luka 16:19-31. Muri Luka 16:28 ni kuki umugabo w'umutunzi ashaka ko hagira uva mu bapfuye akabwira bene se? _____
   _____

5. Soma Luka 16:30. Ni iki aba bavandimwe bakora kugira ngo birinde aha hantu ho kubabarizwa (ikuzimu)? _____

_____

**Luka 16:19-31** *Hariho umuntu wambaraga imyenda y'imihengeri n'iyibitare byiza, iminsi yose agahora adamaraye.* [20] *Kandi hariho n'umukene witwaga Lazaro, wahoraga aryamye ku muryango w'uwo mukire, umubiri we wuzuyeho ibisebe.* [21] *Imbwa na zo zarazaga zikamurigata mu bisebe, kandi yifuzaga guhazwa n'ubuvungukira buva ku meza y'umutunzi.* [22] *Bukeye umukene arapfa, abamarayika bamujyana mu gituza cya Aburahamu, n'umutunzi na we arapfa arahambwa.* [23] *Ageze ikuzimu arababazwa cyane, yubuye amaso areba Aburahamu ari kure na Lazaro ari mu gituza cye.* [24] *Arataka ati: Aburahamu sogokuru, mbabarira wohereze Lazaro, akoze isonga y'urutoki rwe mu tuzi antonyangirize ku rurimi, kuko mbabazwa n'uyu muriro.* [25] *Aburahamu aramubwira Bati: Mwana wanjye, ibuka yuko wahawe ibyiza byawe ukiriho. Lazaro na we yahawe ibibi, none aguwe neza hano naho wowe urababazwa cyane.* [26] *Kandi uretse n'ibyo, dore hariho umworera munini bikabije hagati yacu namwe, washyiriweho kugira ngo abashaka kuva hano kuza aho muri batabibasha, kandi n'abava aho batagera hano.* [27] *Na we ati: Ndakwinginze sogokuru ngo nibura umwohereze kwa data,* [28] *kuko mfite bene data batanu, ababurire ngo na bo bataza aha hantu ho kubabarizwa cyane.* [29] *Aburahamu arababwira ati: Bafite Mose n'abahanuzi, babumvire.* [30] *Na we ati: Oya sogokuru Aburahamu, ahubwo nihagira uzuka akabasanga bazihana.* [31] *Aramubwira ati: Nibatumvira Mose n'abahanuzi, ntibakwemera naho umuntu yazuka.*

6. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 26:18. Nubwo hatavuga byeruye, uyu murongo uravuga ku kwihana. Ni iki kizaba ku bihana?

_____

_____

_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 26:18** *Kugira ngo ubahumure amaso [nabo] bahindukire bave mu mwijima bajye mu mucyo, [bave] no mu butware bwa Satani bajye ku Mana, bahereko bababarirwe ibyaha byabo baraganwe n'abejejwe no kuyizera.*

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 26:18. Ku gace ka nyuma k'uyu murongo, haravugwa ibintu bitatu abanyamahanga bagomba gukora. Ibyo bintu ni ibihe? _____

_____

_____

_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 26:20** *Ahubwo mbaza ab'I Damasiko, maze mbwira ab'iyerusalemu n'abo mu gihugu cyose cy'i Yudaya n'abanyamahanga, mbabwiriza kwihana no guhindukirira Imana bakora imirimo ikwiriye abihannye.*

8. Soma Matayo 7:21-23. Ni iki Yesu yavuze aba bantu bakora aho gukora ubushake bw'Imana? _____

_____

9. Ese ibi bikwereka iki ku kwihana nyabyo bitari kuryarya Imana n'amagambo? _____

_____

_____

**Matayo 7:21-23** *Umuntu wese umbwira ati Mwami, Mwami, si we uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka. [22] Benshi bazambaza kuri uwo munsi bati Mwami, Mwami, ntitwahanuraga mu izina ryawe,*

*ntitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe, ntitwakoraga ibitangaza byinshi mu izina ryawe? [23] Ni bwo nzaberurira nti Sinigeze kubamenya, nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe.*

10. Soma Yesaya 55:7. Ni iki abanyabyaha bagomba gukora? _____
_____

11. Ni ibihe bintu bibiri abakiranirwa bagomba gukora? _____
_____

12. Ni iki Imana izakorera umuntu ukora ibyo bintu bivuzwe haruguru? _____
_____

**Yesaya 55:7** *Umunyabyaha nareke ingeso ze, ukiranirwa areke ibyo yibwira agarukire Uwiteka na we aramugirira ibambe, agarukire Imana yacu kuko izamubabarira rwose pe.*

13. Soma Luka 15:7. Ni iki kiba mu ijuru iyo umunyabyaha umwe yihannye? _____
_____

**Luka 15:7** *Ndababwira yuko mu ijuru bazishimira batyo umunyabyaha umwe wihannye, kurutisha abakiranutsi mirongo urwenda n'icyenda badakwiriye kwihana.*

14. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 3:19. Iyo wihannye ugahindurwa, ni iki kiba ku byaha byawe? _____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 3:19** *Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mwami Imana.*

## ISOMO 7

# KWIYEMEZA

### Na Don Krow

Luka 14:25-26 *Abantu benshi bajyanaga na we, arahindukira arababwira bati: [26] Umuntu uza aho ndi ntiyange se na bashiki be ndetse n'ubugingo bwe, uwo ntashobora kuba umwigishwa wanjye.*

*Abantu benshi bajyanaga na we, arahindukira arababwira* (Luka 14:25). Iki gihe mu murimo wa Yesu hari abantu benshi bari barakurikiye Yesu. Ururimi rw'Ikinyarwanda ntabwo rubivuga neza, ariko mu rurimi rw'Ikigiriki, bivuze ko muri icyo gihe abantu benshi bakurikiye Yesu kandi kenshi. Birashoboka ko bamukurikiraga ku bw'ibitangaza yakoraga, cyangwa ari uko yabagaburiraga, ntabwo tuzi impamvu nyayo, ariko abantu benshi baramukurikiraga. Rero ni muri icyo gihe Yesu yahindukiye ahitamo kuvuga ikintu gisa nkaho cyatumye bamwe batongera kumukurikira ukundi.

*Umuntu uza aho Ndi* [ibyo bivuze ushaka kugendana nanjye, ushaka kubana nanjye, ushaka kunkurikira, iki nicyo bigusaba], *ntiyange se na nyina, n'umugore we n'abana be, na bene se na bashiki be ndetse n'ugingo bwe ntashobora kuba umwigishwa wanjye* (Luka 14:26, udukubo ni utwanjye). Ndebye kuri iki cyanditswe naratekereje, Mwami ntabwo aribyo waba uvuga. Ese iryo jambo "ntiwange" rivuga iki? Rishobora kuba rivuga wenda gukunda gake cyangwa ikindi gisa nk'icyo. Rero ntangiye kuryigaho, nasanze iri jambo rivuga koko "kwanga."

Yesu yakoresheje ijambo rikomeye cyane bishoboka kugira

ngo ashimangire ingingo. Yaravuze ngo ntiyange se na nyina, umugore we, abana be, bene se, bashiki be, ndetse n'ubugingo bwe, ntiyaba umwigishwa we. Ndashaka kugira icyo mbabaza: Ni irihe sano rya bugufi wazigera ugira kuri iyi si? Ni mama wawe na so cyangwa umugore wawe n'abana bawe. Ese Ni iki kiba iyo umugore wawe aguhindutse mugatandukana, cyangwa mama wawe na papa wawe bapfuye? Icyo gihe ni nde uzakugumaho? Uzagumana na bene so. Yesu yaravuze ngo utabanze, ntiwaba umwigishwa we. Ese arimo kuvuga iki?

Yesu arimo aravuga amasano ya bugufi tuzigera tugira. Arimo aragusaba kwiyemeza, aho kwiyemeza ko ari we wa mbere. Arashaka ko agirwa uwa mbere mu uzima bwawe. Agiye kugereranya isano ye nawe n'amasano ya bugufi ufite ku isi. "Kwanga" ni ijambo ry'ikigereranyo, Yesu rero arimo aravuga ngo "Isano yange nawe ni iy'ingenzi ku buryo nshaka ko ishyirwa imbere kuruta ibindi bintu byo ku isi." Hariho umuntu umwe ukunda kuruta umugore wawe, abana bawe, mama wawe, iso, cyangwa bashiki bawe na bene so. Uzi uwo ari we? Ntabwo ari Imana ... Ni wowe. Urikunda ubwawe kuruta abandi mufitanye amasano ya bugufi.

Ni kuki ingo zisenyuka? Ni kuki abashakanye batandukana? Ni uko bikunda kuruta uko bakunda abafasha babo. "Ntabwo ubikora nkuko nshaka ko ubikora, rero ndaguta."

Yesu yaravuze ati: hariho isano rimwe nshaka kubamo uwa mbere – Ni mu buzima bwo kwikunda kwawe. Uku niko kuba umwigishwa nyakuri. Ntabwo arimo kuvuga kuba umwigishwa bidatwaye ikiguzi. Arimo aradusaba kumukurikira. Arimo gusaba kuba uwa mbere mu buzima bwacu.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Luka 9:57-62. Ni iki, iki gice cyigisha ku kwiyemeza gukurikira Yesu? _____
_____

**Luka 9:57-62** *Bakiri mu nzira umuntu aramubwira ati: Ndagukurikira aho ujya hose. [58] Yesu aramubwira ati: Ingunzu zifite imyobo n'ibiguruka mu kirere bifite ibyari, ariko Umwana w'umuntu ntafite aho kurambika umusaya. [59] Maze abwira undi muntu ati: Nkurikira. Na we ati: Databuja, reka mbanze ngende mpambe data. [60] Yesu ati: Reka abapfuye bihambire abapfuye babo, ariko wehoho genda ubwirize abantu iby'ubwami bw'Imana. [61] Nuko undi muntu na we aramubwira ati: Ndi bugukurikire Databuja, ariko reka mbanze mare gusezera ku b'iwanjye. [62] Ariko Yesu aramubwira ati: Nta muntu ufashe isuka ureba inyuma, ukwiriye ubwami bw'Imana.*

2. Soma Luka 8:13-14. Kuki abantu benshi basa nkaho bananiwe cyangwa bakava mu buzima bwa Gikristo? _____
_____
_____
_____

**Luka 8:13-14** *Izaguye ku kara, abo nibo bumva ijamo bakaryemera banezerewe ariko ntibagire imizi. [14] Izaguye mu mahwa nibo bumva ijamo, maze bakigenda amaganya n'ubutunzi n'ibinezeza byo muri ubu bugingo bikabaniga, ntibere imbuto nziza.*

3. Soma Ezekiel 16:8. Imana ikoresha ikigereranyo cy'ingo kugira ngo isobanure ubusabane cyangwa isano ifitanye n'abantu bayo. Ese muri buno busabane uhinduka umutungo wa nde?

_____

**Ezekiyeli 16:8** *Nuko nkunyuzeho ndakwitegereza mbona ugeze mu gihe cyo kubengukwa, maze ngutwikiriza umwitero wanjye nambika ubwambure bwawe, maze uba uwanjye. Ni ko Umwami Uwiteka avuga.*

4. Soma 1 Abakorinto 6:19. Uri uwa nde? _____

   **1 Abakorinto 6:19** *Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge.*

5. Soma 1 Abakorinto 6:20. Umubiri wawe n'umwuka wawe ni ibya nde? _____

   **1 Abakorinto 6:20** *Kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana.*

6. Soma Yakobo 4:4. Ese wakora ubusambanyi bw'umwuka ku Mana? _____

   **Yakobo 4:4** *Yemwe basambanyi, namwe basambanyikazi, ntimuzi yuko ubucuti w'iby'isi butera kwangwa n'Imana? Nuko rero umuntu wese ushaka kuba incuti y'iby'isi, aba yihinduye umwanzi w'Imana.*

7. Soma Abaroma 1:25. Ni iki cyaba kigize ubusambanyi bw'umwuka mu maso y'Imana? _____
   _____
   _____

   **Abaroma 1:25** *Kuko baguraniye ukuri kw'Imana gukurikiriza*

*ibinyoma, bakaramya ibyaremwe bakabikorera kubirutisha Imana Rurema, ariyo ishimwa iteka ryose, Amen.*

8. Soma Yohana 2:23-25. Ni iki twakwiga ku kwiyemeza no ku kwizera biri muri iyi mirongo? _____
_____
_____

**Yohana 2:23-25** *Nuko ubwo yari i Yerusalemu mu minsi mikuru ya Pasika, abantu benshi babonye ibimenyetso akora bizera izina rye, [24] ariko Yesu ntiyabiringira kuko yari azi abantu bose. [25] Ntiyagombaga kubwirwa iby'abantu, kuko ubwe yari azi ibibarimo.*

9. Soma Luka 14:28-30. Ese wabaze ikiguzi cyo gukurikira Yesu? Ese urashaka kumukurikira? _____

**Luka 14:28-30** *Ni nde muri mwe ushaka kubaka inzu y'amatafari ndende, utabanza kwicara akabara umubare w'impiya zizayubaka, ngo amenye yuko afite izikwiriye kuyuzuza? [29] kugira ngo ahari ataba amaze gushyiraho urufatiro, akananirwa aho atayujuje, maze ababireba bose bagatangira kumuseka bati: [30] Uyu yatangiye kubaka inzu, ariko ntiyabasha kuyuzuza.*

## ISOMO 8

# UMUBATIZO W'AMAZI

### Na Don Krow

**Ikibazo**: Ndashaka kumenya niba usabwa kubatizwa kugira ngo ujye mu ijuru. Nkunda Imana kandi nabatijwe mfite imyaka irindwi. Ubu mfite cumi n'umunani kandi umuntu uturuka mw'itorero ritabogamiye ku idini yarambwiye ngo nta muntu wakizwa ngo abatizwe kuri iyo myaka micye. Kandi nanone yaravuze ngo ugomba kuba warabatijwe kugira ngo ujye mu ijuru, ariko umuryango wanjye w'ababatista warambwiye ngo ntibigusaba kuba warabatijwe ngo uzajye mu ijuru. Ndashaka kujya mu ijuru. Mbayeho ku bw'Imana mu buryo bwose nashobora, ariko ndashaka kumenya niba ngomba kubatizwa ubwa kabiri kubera ko noneho ubu mfite imyaka yo kubatirizwaho. Ndabinginze mumfashe kare gashoboka. Imana Ibahe umugisha kandi murakoze.

**Igisubizo**: Agakiza no kubabarirwa ibyaha bitangirwa Ubuntu nk'impano binyuze mu kwizera Kristo. Ibyakozwe n'Intumwa 10:43 haravuga ngo *Abahanuzi bose baramuhamije, bavuga yuko umwizera wese azababarirwa ibyaha ku bw'izina rye (*Bibiliya yera). Agakiza kazanwa no kwizera, ibyo bivuze, kwiringira no kwishingikiriza kuri Yesu n'amaraso ye yamennye kugira ngo biguheshe gutsindishirizwa imbere y'Imana. Ibyakozwe n'Intumwa 10:44-48, Umwuka Wera wahawe abizera (uhamya agakiza kabo) mbere yuko babatizwa.

Nubwo ibi ari ukuri, ahandi bisa nkaho kubabarirwa ibyaha kwabayeho igihe cy'umubatizo (Ibyakozwe n'Intumwa 2:38). Ibi nuko kubatizwa ari ikimenyetso cyangwa igikorwa cyo kwizera

cyagaragajwe mu gihe umuntu yahindukiriye Yesu mu kwihana no kwizera (Mariko 16:16 *Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka*). Nanone kandi byari uburyo bwo kwambaza Imana ku kugira ngo ugire umutimanama wejejwe (Ibyakozwe n'Intumwa 22:16; na 1 Petero 3:21).

Niba warahindukiriye Yesu mu byukuri bivuye ku mutima wawe, ku myaka irindwi ukaba warabatijwe, Imana yemera kwizera kwawe kw'icyo gihe ku myaka yawe. Kubatizwa ntabwo bigira icyo bigusaba usibye kwihana. Ese waba waragize guhinduka ku mutima n'uko mu bitekerezo biturutse mu kuva mu byaha ugasanga Yesu n'imbabazi ze? (Ibyakozwe n'Intumwa 2:38, 20:21 na 17:30). Wigeze wizera Yesu nk'umwami n'umukiza? (Mariko 16:16, Yohana 3:16 na Abaroma 10:9-10.) Niba utarabikoze, hindukirira Yesu uyu mwanya, wihane ibyaha byawe, uhindukirire ubuntu Bwe kugira ngo ubabarirwe, kandi ushimangire icyo cyemezo cyo kumukurikira binyuze mu mubatizo w'amazi.

**Umubatizo ni igikorwa cyerekana kwizera Yesu**. Udafite uko kwizera icyo gikorwa ntacyo kivuze. Abantu bahindukiriye Yesu nk'Umwami n'Umukiza bari bafite ubushake bwo kugaragaza uko kwizera bakatura Yesu ku mugaragaro muri ubu buryo. Abantu batemera icyo gikorwa Yesu yategetse byerekana mu buryo bumwe cyangwa ubundi ko bafite ukwizera gupfuye. **Kwizera kuba gupfuye igihe abantu badafite ubushake bwo kubigaragaza** (Yakobo 2:18-19). Kwizera konyine niko gukiza, ariko kwizera gukiza ntabwo kuba nyakamwe, igihe cyose kuba gushaka kwigaragaza. Rero no kubatizwa kwari mu buryo bumwe bwo kugaragaza uko kwizera. **Umubatizo si wo utanga agakiza, ni Yesu. Amazi ntiyuhagiraho ibyaha, ni amaraso ya Yesu abyuhagira.** Ariko kwizera niko gukoresha amaraso ya Yesu kuri wowe kandi inshuro nyinshi uko kwizera kwerekanwaga igihe

umuntu yabatizwaga (Ibyakozwe n'Intumwa 22:16). Ikibazo ni iki, warihannye? Uramwizera (Yesu)? Niba aribyo, wikererwa, haguruka ubatizwe!

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Ni ikihe kibazo uyu mwana muto ari kubaza? _____
   _____
   _____

2. Dukurikije Ibyakozwe n'Intumwa 10:43 agakiza katugeraho gute? _____
   _____

   **Ibyakozwe n'Intumwa 10:43** *Abahanuzi bose baramuhamije, bavuga yuko umwizera wese azababarirwa ibyaha ku bw'izina rye.*

3. Umubatizo ni ikimenyetso cyo kwizera gikunda kubaho mu gihe wakiriye agakiza. Ni gute Ibyakozwe n'Intumwa 2:38 bigaragaza uku kuri? _____
   _____

   **Ibyakozwe n'Intumwa 2:38** *Petero arabasubiza ati: Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwe iyi mpano y'Umwuka Wera.*

4. Ni gute mariko 16:16 hagaragaza uku kuri? _____
   _____
   _____

   **Mariko 16:16** *Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka.*

5. Umubatizo ni uburyo bwo gutabaza Imana. Ni gute Ibyakozwe n'Intumwa 22:16 hagaragaza uku kuri? _____

_____
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 22:16** *None ikigutinza ni iki? Haguruka ubatizwe, wiyuhagire ibyaha byawe, wambaje izina rye.*

6. Umubatizo ni uburyo bwo gutabaza Imana ngo ugire umutima uticira urubanza. Ese 1 Petero 3:21 ashimangira uku kuri? _____

**1 Petero 3:21** *Na n'ubu amazi ni yo akibakiza namwe mu buryo bw'igishushanyo cyo kubatizwa, icyakora si uko akuraho ico ryo ku mubiri, ahubwo ni isezerano ku Mana ry'umutima uticira urubanza, ribakirisha kuzuka kwa Yesu Kristo.*

7. Ni iki gisabwa ku mubatizo dukurikije Ibyakozwe n'Intumwa 2:38? _____

**Ibyakozwe n'Intumwa 2:38** *Petero arabasubiza ati: Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwe iyi mpano y'Umwuka Wera.*

8. Ni iki gisabwa ku mubatizo dukurikije Mariko 16:16? _____
_____

**Mariko 16:16** *Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka.*

9. Ese umwana w'uruhinja yakwihana? _____

10. Ese umwana w'uruhinja yakwizera? _____

11. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 10:43-48. Ni iki gikurikiraho, nyuma yo kwizera Kristo, uwizera agomba gukora? _____
    _____
    _____

**Ibyakozwen'Intumwa10:43-48***Abahanuzibosebaramuhamije, bavuga yuko umwizera wese azababarirwa ibyaha ku bw'izina rye.* [44] *Petero akivuga ibyo, Umwuka Wera amanukira abumvise ayo magambo bose.* [45] *Abizeye bo mu bakebwe bajyanye na Petero barumirwa bose, kuko n'abanyamahanga na bo bahawe Umwuka Wera akaba abasutsweho,* [46] *kuko bumvise bavuga izindi ndimi bahimbaza Imana. Maze Petero arababaza ati:* [47] *Abangaba bahawe Umwuka Wera nkatwe, ni nde ubasha kubima amazi ngo batabatizwa?* [48] *Ategeka ko babatizwa mu izina rya Yesu Kristo. Baherako baramwinginga ngo amareyo iminsi.*

## ISOMO 9

# UWO URIWE MURI KRISTO (IGICE 1)

### Na Andrew Wommack

2 Abakorinto 5:17, haravuga ngo Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya. Interuro "muri Kristo" ni ijambo rikoreshwa inshuro zirenga 300 mu Isezerano rishya, kenshi rivuga ku bumwe bukomeye n'Imana. Igihe ibyo bibayeho, uba icyaremwe gishya. Ubusobanuro bumwe bwa Bibiliya bukunda kuvuga "Kuremwa gushya."

Ibi biganisha ku ngingo y'ingenzi nizera ko ari ngombwa kugira ngo usobanukirwe uwo uriwe muri Kristo: Ntabwo byabayeho mu buryo bw'umubiri. Ntabwo bivuga ko umubiri wawe ubonwa n'amaso, ari wo wahindutse, ko wenda isura yawe ariyo yahindutse. Niba umuntu yari abyibushye mbere yuko akizwa, azakomeza abyibuhe na nyuma y'agakiza keretse ahisemo kugabanya ibiro. Kandi na none ntabwo bivuga ibice by'amarangamutima cyangwa ubwonko bwawe – icyo abantu benshi bumva ko ari bo "banyabo" Niba utari umunyabwenge mbere y'uko ukizwa, ntabwo uzaba umunyabwenge ngo kuko wakijijwe, ariko uzakomeza kwibuka ibyo wari usanzwe uzi, ugumane n'ibitekerezo byawe bya mbere.

Hariho igice cya gatatu, kandi dukurikije iki cyanditswe, dukuyemo ibindi bice twavuze, ni cyo gice cyacu gihinduka – Umuntu wacu w'umwuka. Icyanditswe kibyemeza ni 1 Abatesalonike 5:23 aho Pawulo asengera Abanyatesalonike, *Imana y'amahoro*

*ibeze rwose, kandi mwebwe ubwanyu n'umwuka wanyu, n'ubugingo n'umubiri byose birarindwe, bitazabaho umugayo ubwo Umwami wacu Yesu Kristo azaza.* Icyo gice cyerekana ko dufite umwuka, ubugingo n'umubiri. Ahavugwa umubiri ho birumvikana, igice kingize ubona, umuntu wanjye wo hanze. Twese turabona ko hariho ikindi gice hanyuma y'icyo, igice cy'amarangamutima cyangwa cy'ibitekerezo, aricyo ibyanditswe byita ubugingo. Tuzi nanone ko nubwo umuntu atagukoraho bigaragara, ashobora kugukoraho akoresheje amagambo ye, mu buryo bwiza cyangwa mu buryo bubi. Abantu benshi bumva neza bakoresheje igice cy'umubiri cyangwa ubugingo, ariko tugendeye ku byanditswe, hariho ikindi gice, aricyo umwuka.

Umwuka nicyo gice kitugize gihinduka kandi kiba gishya nyuma y'agakiza. Mu byukuri ni nacyo gice gitanga ubuzima. Yakobo 2:26 haravuga ngo *Nuko rero nk'uko umubiri udafite umwuka uba upfuye, ni ko no kwizera kudafite imirimo kumeze, kuba gupfuye.* Ibyo byerekana ko ari umwuka uhumekera ubuzima mu mibiri yacu. Niho ubuzima bwacu buturuka. Mu Itangiriro 2 igihe Imana yaremaga Adamu na Eva, umubiri wa Adamu wari wuzuye, ariko hanyuma Imana imuhumekeramo umwuka utanga ubugingo. Iri jambo "guhumeka" Mu rurimi rw'Igiheburayo rwakoreshejwe mu Isezerano rya kera ni ryo jambo nyaryo dukoresha iyo tuvuze guhumeka kandi rigasobanura "umwuka" mu zindi ndimi zakoreshejwe hasobanurwa Bibiliya. Imana yaremye umubiri irema n'ubugingo bwa Adamu, ariko hanyuma imuhumekeramo umwuka utanga ubugingo, ahinduka ubugingo buzima. Umwuka ni igice kitugize gitanga ubuzima.

Mbere y'agakiza, mbere y'uko umuntu yiyemeza burundu, n'Umwami akaza kumuturamo, umwuka wari umurimo wari upfuye. Abefeso 2:1 haravuga ngo, *Namwe yarabazuye, mwebwe abari bapfuye muzize ibicumuro n'ibyaha byanyu.* Tuzi neza

ko twari bazima na mbere yuko tuvuka ubwa kabiri, ariko aha harimo kuvuga mu buryo bw'umwuka. Urupfu muri Bibiliya ntabwo bivuga kutabaho nkuko abantu bamwe babitekereza. Bivuga "gutandukana." Iyo umuntu apfuye bisanzwe, ntabwo kubaho kwe kuba kurangiye Bibiliya itwigisha ko ahita ajya imbere y'Imana cyangwa akajya ikuzimu. Umwuka n'ubugingo bikomeza kubaho, ariko habaho gutandukanywa n'umubiri, ariwo upfa ukanabora.

Iyo Itangiriro 2:17 havuga ngo *umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa*. Ntabwo byavugaga ko bazapfa mu mubiri ahubwo ni mu mwuka ko bazatandukanywa n'Imana. Umwuka, ni igice Imana yaduhumekeyemo, ari nacyo kiduha ubuzima no gukomezwa, cyatandukanijwe n'ubuzima bw'Imana bw'indengakamere … Ubuzima bwayo bwera kandi bwuzuye ... icyo Bibiliya yita ubuzima bwa **zoe** cyangwa "ubuzima bwuzuye cyangwa bwinshi." Umuntu hanyuma atangira kwangirika. Yakomeje kubaho, ariko yabayeho yigenga, yatandukanye n'Imana. Mu by'ukuri icyo nicyo giteza ibibazo byose mu buzima bwacu … kunanirwa kw'amarangamutima kose.

Iyo umuntu aje ku Mwami, yakira umwuka mushya akaba avutse ubwa kabiri, iryo jambo Yesu yakoresheje muri Yohana 3:5. Mu buryo bumwe nk'uko umuntu abyarwa mu mubiri afite umwuka, ubugingo n'umubiri, iyo avutse ubwa kabiri, yakira umwuka wa Kristo. Abagalatiya 4:6 haravuga ngo Kandi kuko muri abana bayo, ni cyo cyatumye Imana yohereza Umwuka w'Umwana wayo mu mitima yacu avuga ati: Aba, Data. Imana yashyize Umwuka wayo imbere muri twe kandi ubu dufite Ubuzima bufite ubundi bwiza, indangamimerere mishya, kandi turi abantu bashya mu myuka yacu.

Ubundi buzima bwa gikrisito busigaye ni ukwiga icyabaye

mu mwuka wacu tukakimenya mu bugingo bwacu no mu bitekerezo. Ukuri ni uko, kimwe cya gatatu cy'agakiza kawe kirangira igihe wakiriye Yesu Kristo nk'Umwami n'umukiza wawe. Umwuka wawe uhita uhinduka rwose. Ni nawo mwuka nyir'izina uzakomeza kugera no mu bugingo buhoraho. Uwo mwuka ufite urukundo, ibyishimo, amahoro, kandi wuzuye kubaho kw'Imana. Ntakibura cyangwa kituzuye mu mwuka wawe, ariko biragusaba kubisobanukirwa, ari nayo mpamvu ari iby'ingenzi kwiga ijambo ry'Imana ku buzima bw'umukristo. Uri icyaremwe gishya, ariko nutabisobanukirwa ntuzahinduka. Ubutsinzi mu buzima bwa gikristo buza igihe ushoboye kureba mu ijambo ari ryo mwuka n'ubugingo, ukabona uwo uri we, ukareba icyo Imana yakoze, ugatangira kubyizera.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma 2 Abakorinto 5:17. Umuntu wese uri muri Kristo, aba ari iki? _____

2. Soma 2 Abakorinto 5:17. Ni iki cyabaye ku bintu bya kera? _____

3. Soma 2 Abakorinto 5:17. Ni ibihe bintu byahindutse bishya? _____

   **2 Abakorinto 5:17** *Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.*

4. Soma Abefeso 2:1. Wari umeze ute mbere yuko uvuka ubwa kabiri cyangwa uhindurwa muzima? _____
   _____

5. Soma Abefeso 2:2. Nk'utizera ni gute witwaraga cyangwa wabagaho? _____
   _____
   _____

6. Soma Abefeso 2:3-5. Imana ikize mu ki? _____
   _____

7. Soma Abefeso 2:4. Ni kuki Imana ari inyembabazi? _____
   _____

8. Soma Abefeso 2:5. Ni iki Imana Yadukoreye igihe twari dupfuye mu bicumuro byacu? _____
   _____

9. Soma Abefeso 2:5. Ni gute Imana yadukijije? _____
_____

**Abefeso 2:1-5** *Namwe yarabazuye, mwebwe abari bapfuye muzize ibicumuro n'ibyaha byanyu, [2] ibyo mwagenderagamo kera mukurikiza imigenzo y'iyi si, mugakurikiza umwami utegeka ikirere, ari we mwuka ukorera mu batumvira. [3] Kandi natwe twese twahoze muri bo dukurikiza ibyo kamere yacu yifuza, tugakora ibyo kamere n'imitima byacu byishakira, kandi ku bwa kavukire yacu twari abo kugirirwa umujinya nk'abandi bose. [4] Ariko Imana kuko ari umutunzi w'imbabazi, yaduhinduranye bazima na Kristo [5] ku bw'urukundo rwinshi yadukunze, ubwo twari dupfuye tuzize ibicumuro byacu (ubuntu ni bwo bwabakijije).*

10. Soma 1 Abakorinto. 6:9-10. Ese wakwisanisha na kimwe muri ibi bisobanuro by'uru rutonde? _____
_____

11. Soma 1 Abakorinto 6:11. Ese ijambo "bari" ni impitagihe, indagihe, cyangwa inzagihe? _____

12. Soma 1 Abakorinto 6:11. Igihe "wavukaga ubwa kabiri," ni ibihe bintu 3 byakubayeho? _____
_____
_____

13. Soma 1 Abakorinto 6:11. Ese iyi ni impita gihe, indagihe, cyangwa inzagihe? _____

**1 Abakorinto 6:9-11** *Ntimuzi yuko abakiranirwa batazaragwa ubwami bw'Imana? Ntimwishuke. Abahehesi cyangwa abasenga ibishushanyo cyangwa abasambanyi, cyangwa ibitingwa cyangwa*

*abagabo bendana, [10] cyangwa abajura cyangwa abifuza, cyangwa abasinzi cyangwa abatukana cyangwa abanyazi, bene abo ntibazaragwa ubwami bw'Imana. [11] Kandi bamwe muri mwe mwari nka bo ariko mwaruhagiwe mwarejejwe, mwatsindishirijwe n'Umwami w'Imana yacu mu izina ry'Umwami Yesu Kristo.*

14. Soma 1 Abakorinto 6:17. Uwifatanya n'Umwami Yesu aba abaye …? na we. _____

**Abakorinto 6:17** *Ariko uwifatanya n'Umwami Yesu aba abaye umwuka umwe na we.*

## ISOMO 10

# UWO URIWE MURI KRISTO (IGICE 2)

### Na Andrew Wommack

Mu isomo ryacu rishize twaganiriye icyo bivuze kuvuka ubwa kabiri, ko mu myuka yacu, imitima yacu ihinduka. Twakoresheje 2 Abakorinto 5:17, havuga ngo *Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya*. Dutangira kubona ko iyo umuntu avutse ubwa kabiri, guhinduka bitangira kubaho mu mwuka we, kandi uburyo bwo kumenya icyahindutse mu mwuka wawe ni ukubimenya binyuze mu ijambo ry'Imana. Ntabwo wabimenyeshwa n'ikindi kintu cyo hanze, kandi ntiwanabimenyeshwa n'amarangamutima yawe kubera ko ari igice cy'ubugingo. Ariko mu gice cy'umwuka kitugize hari impinduka yuzuye.

Reka nkoreshe ibyanditswe bicye byerekana ibintu biba byabayeho igihe umuntu yakiriye Yesu mu buzima bwe. Abefeso 4:24 haravuga ngo *Mukambara umuntu mushya waremewe ibyo gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri nk'uko Imana yabishatse*. Iyo umuntu avutse ubwa kabiri, umwuka we uba wejejwe unakiranuka. Bibiliya ivuga gukiranuka ku buryo bubiri.

Hari gukiranuka dukora binyuze mu bikorwa byacu, kandi ugomba gukomeza uko gukiranuka mu mibanire myiza hagati yawe n'abandi bantu. Niba utabayeho neza ngo ukore neza, umukoresha wawe ashobora kukwirukana cyangwa umufasha wawe ashobora gutandukana nawe, rero ugomba kugira gukiranuka kwawe. Gusa Imana, ntabwo ikwemera ishingiye kuri uko gukiranuka ko hanze.

Imana yo yaguhaye gukiranuka kwayo.

Mu 2 Abakorinto 5:21, havuga ko Imana data yahinduye Umwana wayo kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana. Rero hariho gukiranuka kurenze gukiranuka kwacu ko hanze, kandi gushingiye ku cyo Imana yadukoreye. Twakiriye gukiranuka kw'Imana ku bwo kwizera Kristo. Twaremwe mu gukiranuka no kwera nyakuri. Ntabwo turimo gukurira muri uko gukiranuka, twarangije kuba abakiranutsi. Ubusobanuro bworoshye, ni uko twemewe imbere y'Imana.

Imana iratwishimira ishingiye kuri Kristo, atari ku bw'ikindi kintu icyo aricyo cyose. Mu mwuka wacu niho impinduka yabereye. Turemwe mu gukiranuka no kwera nyakuri kandi turi ibyaremwe bishya. Dukurikije Abefeso 2:10. Haravuga ngo, *Kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu.* Abefeso 1:13 haravuga, ngo *ni we namwe mwiringiye mumaze kumva ijambo ry'ukuri, ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu, kandi mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso, ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe.*

Bamwe muri mwe mushobora gutekereza ngo nkimara kwizera Umwami, nizeye ko nababariwe rwose kandi ko nejejwe kandi ko byose byarangiye neza, ariko uhereye icyo gihe naracumuye, nananiye Imana na none, niba ariko byagenze, wananiwe mu bikorwa byawe no mu bitekerezo no mu marangamutima yawe, ariko umwuka wawe ntabwo wigeze ucumura. Washyizweho ikimenyetso nkuko umugore ashyira imbuto mu gikoresho cyabugenewe hanyuma agafunga akomeje umwanda wose ukaguma hanze. Imana nayo yagushyizeho ikimenyetso, rero igihe wavukaga ubwa kabiri wakiriye umwuka mushya kandi icyaha ntabwo cyabasha gucengera mu mwuka wawe. Ufite

indangamimerere mishya. Wowe kugira ngo ugire ubusabane n'Imana, ugomba kubana nayo ukanayisenga, ushingiye ku wo uriwe mu mwuka wawe, atari uwo uri we mu mubiri wawe.

Iyi niyo mpinduka ikomeye mu buzima bw'umukristo, ko umuntu agomba guhindura uwo ariwe by'ukuri. Ugomba gusabana n'Imana udashingiye ku byo ukora mu mubiri, atari ibyo utekereza mu bitekerezo byawe, ahubwo bitewe n'uwo uri we mu mwuka wawe unashingiye no kucyo yagukoreye. Uwo ni umurimo warangiye, ikintu kitajya cyangirika (Kidashobora gusubira uko cyahoze ). Waremwe mu gukiranuka no kwera nyakuri. Icyo nicyo kigize igice cy'umwuka wawe kandi kugira ngo usabane n'Imana ugomba kuyisenga mu kuri no mu mwuka. Ugomba guhagarara muri iyi ndangamimerere y'uwo uri we muri Kristo.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma 1 Abakorinto 6:17. Uburyo dushobora kumenya ko impinduka yabayeho mu mwuka wacu ni ku bw'ijambo ry'Imana. Ni iki 1 Abakorinto 6:17 hatubwira kiba cyatubayeho?

   _____

   _____

   **1 Abakorinto 6:17** *Ariko uwifatanya n'Umwami Yesu aba abaye umwuka umwe na we.*

2. Soma Abefeso 3:17. Ni he Kristo ubu atuye? _____

   _____

3. Soma Abefeso 3:17. Ni gute ibi bibaho? _____

   _____

   **Abefeso 3:17** *Kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu ku bwo kwizera, kugira ngo ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo mukaba mushikamye.*

4. Soma 1 Yohana 5:12. Ni nde tugoma kugira kugira ngo tubone agakiza? _____

   **1 Yohana 5:12** *Ufite uwo Mwana ni we ufite ubwo bugingo, naho udafite Umwana w'Imana nta bugingo afite.*

5. Soma Abakolosayi 1:26-27. Ni ubuhe bwiru bwahishwe uhereye kera kose, ibihe n'ibihe bukaba bwaraduhishuriwe?

   _____

   _____

   **Abakolosayi 1:26-27** *Ari ryo bwa bwiru bwahishwe uhereye*

*kera kose n'ibihe byose, ariko none bukaba bwarahishuriwe abera bayo: [27] Abo Imana yishimiye kumenyesha ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, ari bwo Kristo uri muri mwe, aribyo byiringiro by'ubwiza.*

6. Soma Abefeso 4:23-24. Ni iki cyaremwe mu gukiranuka no kwera nyakuri? _____
_____

**Abefeso 4:23-24** *Mugahinduka bashya mu mwuka w'ubwenge bwanyu: [24] Mukambara umuntu mushya waremewe ibyo gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri nk'uko Imana yabishatse.*

7. Soma 2 Abakorinto 5:21. Ni ugukiranuka kwa nde dufite? ___
_____

**2 Abakorinto 5:21** *Kuko Utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana.*

8. Soma Abefeso 1:4. Uwizera ahagaze ate imbere y'Imana? _____
_____

**Abefeso 1:4** *Nk'uko yadutoranirije muri we isi itararemwa, kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo.*

9. Soma Abefeso 1:6. Twemewe dute? _____
_____

**Abefeso 1:6** *Kugira ngo Ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe, ubwo yaduhereye mu Mukiza wayo.*

## ISOMO 11

# BIGENDA BITE IYO UMUKRISTO ACUMUYE?

### Na Don Krow

Uyu munsi turashaka kureba ku ngingo ivuga ngo "Bigenda bite iyo umukristo acumuye?" Bibiliya itubwira, muri 1 Yohana 1:8-9, ko *Nituvuga yuko ari nta cyaha dufite tuba twishutse, ukuri kuba kutari muri twe. [9] Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose*. Nk'abakristo, mu byukuri tuzasitara kandi tuzanacumura. Ikidutandukanya n'abo twaribo mbere y'uko duhinduka ni uko ubu dufite kamere nshya. Biratubabaza iyo ducumuye. Ntabwo dushaka gucumura, turashaka kuba mu buzima bwo gukiranuka, ariko bigenda bite iyo ducumuye? Ese nkeneye kongera kwakira agakiza ubwa kabiri? Ese ibyo ni byo Bibiliya yigisha? Bigenze bityo, nta mutekano naba mfite kandi no mu bundi buryo mba meze nabi kuruta isi. Byibura isi ntabwo yo itotezwa n'amarangamutima y'icyaha. Ku bizera, icyaha ntigikwiriye kuba intumbero yacu. Abaheburayo 10:2 haravuga ko binyuze mu gitambo cya Yesu, uwizera ntaba akimenyaho ibyaha. Mu yandi magambo icyaha ntigikwiriye kuba intumbero y'ubuzima bwacu, Imana niyo ikwiye kuba intumbero yacu.

Abaroma 4:2 haravuga ngo *Iyaba Aburahamu yaratsindishirijwe* [yarabazweho gukiranuka] *n'imirimo aba afite icyo yirata, ariko si imbere y'Imana (*udukubo ni utwanjye). Iyo agakiza kaba gashingiye ku byo dukora, ibyo dushoboye, tuba dufite ibyo twirata. Twavuga ngo "Mana, mu byukuri ndashima ibyo wakoze ku musaraba, ariko ibuka na byabindi nakoze!" Rero

mu buzima buhoraho, twazashimira Yesu, natwe tukishimira ku bw'ibintu twakoze. Sibyo! Imana yakoze agakiza mu buryo nta kwirata kurimo cyangwa icyubahiro ku ruhande rwa muntu. Kwirata kose gukorerwa mu Mwami Yesu Kristo (Abaroma 3:27). Impano y'ubugingo buhoraho mu byukuri ni impano kandi ntabwo yaharanirwa (Abaroma 6:23).

Abaroma 4:2 haravuga ngo *Iyaba Aburahamu yaratsindishirijwe n'imirimo aba afite icyo yirata* ariko ibyo sibyo byabayeho. Bibiliya ivuga ko umuntu atsindishirizwa gute? Ni ku bw'imirimo ye? Ku bw'ibintu akora? Ni gute Aburahamu yanditsweho gukiranuka? Ese ni ku bw'ibintu yakoze cyangwa ku byo atakoze, cyangwa ni uko yizeye gusa akiringira Imana mu kwizera? Bibiliya iravuga mu Baroma 4:3 ngo, *Aburahamu yizeye Imana, bimuhwanirizwa no gukiranuka*.

Ni iki kingumisha mu mwanya kikandinda kurimbuka, n'ubwo hari ibihe ncumura nkananirwa? Ni uko Yesu yatwaye ibyaha byanjye ku musaraba, mu kwizera (si kubw'imirimo) naratsindishirijwe (nahinduwe ukiranuka imbere y'Imana).

Abaroma 4:6 *nk'uko Dawidi na we yeruye amahirwe y'umuntu, uwo Imana ibaraho gukiranuka atabiheshejwe n'imirimo*. Dawidi wo mu Isezerano rya kera arimo kuvuga ko hazabaho umunsi mu Isezerano rishya ubwo Imana izabaraho gukiranuka atari ku bw'imirimo y'umuntu, hanyuma aravuga ku murongo 7 ngo *Hahirwa ababarirwa ibicumuro byabo kandi ibyaha byabo bigatwikirwa*. Iki nicyo gihamya: *Hahirwa ababarirwa ibicumuro byabo* (Abaroma 4:7). Ntago uvuze ngo "ashobora kutababarirwa, rimwe na rimwe azababarirwa ubundi ntababarirwe." Uravuze ngo *Hahirwa ababarirwa ibicumuro byabo, kandi ibyaha byabo bigatwikirwa*. Mu Kigiriki biravuga ngo ntabwo izigera, nta kutubaraho na rimwe icyaha. Iyi ni yo nkuru nziza y'Isezerano

rishya. Abaheburayo 10:16 haravuga ngo *Iri ni ryo sezerano nzasezerana na bo, hanyuma y'iyo minsi, ni ko Uwiteka avuga Nzashyira amategeko yanjye mu mitima* [ku mutima] *yabo kandi mu bwenge* [ku bwenge] *bwabo ni ho nzayandika*, (udukubo ni utwanjye) kandi igice cy'iryo sezerano ni cyo Imana ivuga ku murongo wa 17 *Ibyaha byabo n'ubugome bwabo sinzabyibuka ukundi*. Ni iki kikugumisha mu mwanya wo kuba ukiranuka, no kuba wemewe, n'ubwo waba wacumuye ntubone umwanya wo kwihana icyo cyaha? Ni ukwizera kwawe muri Yesu Kristo. Izina rye ni Yesu kandi akiza abantu ibyaha byabo (Matayo 1:21).

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Abaroma 4:5. Gutsindishirizwa kw'Imana (guhindura ukiranuka) ni ukw'abantu bameze bate ...? _____
_____

**Abaroma 4:5** *Ariko rero udakora ahubwo akizera Utsindishiriza abanyabyaha, kwizera kwe kumuhwanirizwa no gukiranuka.*

2. Soma Abaroma 4:2-3. hari ikintu Imana yabaze kuri Aburahamu (igihe yizeraga) icyo atari afite mbere. Icyo Ni iki?
_____
_____

**Abaroma 4:2-3** *Iyaba Aburahamu yaratsindishirijwe n'imirimo aba afite icyo yirata, ariko si imbere y'Imana.* [3] *Mbese ibyanditswe bimuvugaho iki? Ntibivuga ngo Aburahamu yizeye Imana, bikamuhanirizwa no gukiranuka?*

3. Soma Abaroma 4:22-24. Iyo twizeye nk'uko Aburahamu yabikoze, Ni iki Imana izatubaraho? _____
_____

**Abaroma 4:22-24** *Ni cyo cyatumye bimuhwanirizwa no gukiranuka.* [23] *Icyakora ntibyanditswe ku bwe yuko byamuhwanirijwe no gukiranuka;* [24] *Ahubwo no ku bwacu abazabiheshwa n'uko twizeye Iyazuye Yesu Umwami wacu.*

4. Soma Abaroma 4:6. Imana ibaraho umuntu gukiranuka ...?

A. Ikurikije imirimo yabo.
B. Nta mirimo yabo.
C. Ikurikije ubwiza bwabo.

**Abaroma 4:6** *Nk'uko Dawidi na we yeruye amahirwe y'umuntu, uwo Imana ibaraho gukiranuka atabiheshejwe n'imirimo.*

5. Soma Abaheburayo 10:14. Ni gihe kingana iki abizera batsindishirizwa imbere y'Imana? _____

**Abaheburayo 10:14** *Kuko abezwa yabatunganishije rwose igitambo kugeza iteka ryose.*

6. Soma Abaroma 5:17. Gukiranuka bibonwa na ...?

A. Ababikwiriye.
B. Nk'impano.
C. Ababikoreye.

**Abaroma 5:17** *Kuko ubwo igicumuro cy'umwe cyateye ko urupfu rwimikwa n'umwe, ni na ko abahawe Ubuntu busesekaye n'impano yo gukiranuka bazarushaho kwimikanwa ubugingo n'umwe ari we Yesu Kristo.*

7. Ijambo "impano" rivuga iki? _____
_____
_____

8. Kwizera Yesu kuba Umwami n'umukiza wawe, ugomba kumwizera kugira ngo akuyobore ...?

A. Ku rusengero.
B. Mu ijuru.
C. Mu Burusiya.

## ISOMO 12

# KWIZERWA KW'IJAMBO RY'IMANA

### Na Andrew Wommack

Mariko 4 ni igice cyiza cyane kivuga ku kwizerwa kw'ijambo ry'Imana – rifite imbaraga, ireme, no kwizera muri ryo. Hari byibura imigani icumi yigishijwe kuri uyu munsi umwe. Ugomba kugereranya Mariko 4 na Matayo 13 na Luka 8 kugira ngo ubimenye. Hari imigani myinshi, umwe muri yo ni uvuga ku mubibyi wabibye imbuto. Muri Mariko 4:26-27 haravuga ngo *Ubwami bw'Imana bugereranywa n'umuntu wabibye imbuto mu butaka*. Wibuke ko ku murongo wa 14 havuga ngo umubibyi ni ubiba ijambo ry'Imana. Imana mu by'ukuri ntabwo irimo kukwigisha kuba umuhinzi, ahubwo irimo gukoresha ibintu bisanzwe kugira ngo igaragaze ukuri ko mu mwuka. Umurongo wa 27 uravuga ngo Rero *akagenda, agasinzira, akabyuka ninjoro no kumanywa, n'imbuto zikamera zigakura, atazi uko zikuze*. Rero, ndizera ko ibyo ari ingenzi. Haravuze ngo adasobanukiwe uko zikuze. Ntabwo azi uko biri kugenda.

Abantu bamwe baravuga ngo "Ntabwo numva ibyo urimo kuvuga. Ni gute gusoma ijambo ry'Imana byampindura bigatuma ijambo ry'Imana rizana ubuzima muri njye?" Ntabwo mbyumva na gato, ariko icyo nzi ni uko bikora. Ntabwo numva ukuntu washyira akabuto gato cyane mu butaka hanyuma ukabona igiti kinini cy'ikigori n'amababi y'ikigori hanyuma ya mbuto ikera izindi ijana. Nta muntu wabyumva neza, ariko birakora, kandi ndakubwira ko ibi bikora. Gusoma ijambo ry'Imana hanyuma ukarireka rikuzura mu buzima bwawe bihindura imitekerereze

yawe, ibyo wanyuzemo, n'ibyo wemera.

Umurongo 28 uravuga ngo *Ubutaka bwimeza ubwabwo* ... Ubutaka bwaremewe kubundikira imbuto, no kumeza no gusohora ubwo buzima bwazo. N'umutima wawe waremewe ijambo ry'Imana, mu byukuri nicyo waremewe. Ijambo ry'Imana ryaremewe gushyirwa mu mutima wawe. Gushyira Bibiliya yawe mu kwaha, kuyishyira ku meza unyweraho icyayi, cyangwa kugendana nayo nta gaciro bifite. Nta mbaraga bitanga mu buzima bwawe. Ugomba gufata ijambo, ukarihindura imbuto, ukaritera mu mutima wawe. Ibyo nubikora, umutima wawe ukoze mu buryo uhita uzana imbuto ubwawo. Rizahita rizana impinduka y'uburyo ibintu bikora mu buzima bwawe. Umurongo urakomeza, *Ubwa mbere habanza kubaho utwatsi maze hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto*. Ibi bivuga ko hariho ibyiciro byo gukura n'ubukure. Abantu bansanga iteka bagaragaza ko bizeye Imana ku kintu cyiza, ikintu nemera ko cyahesha Imana icyubahiro. Ariko niba nta kintu na kimwe bakoze, niba nta muntu bari bayobora mu gakiza, ndaguhamiriza ko batazahita bagera ku rwego rw'ivugabutumwa ryo kuri Television cyangwa ryo kuri radiyo, mu byumweru bicye bikurikira.

Ugomba gukora ibintu mu byiciro. Hariho ibyiciro byo kwakira kuva ku Mana, kandi ni nacyo uyu mugani ugaragaza. Mbere na mbere ugomba gutangira hanyuma ugakurikizaho ibyiringiro, kwizera, hanyuma bikabona gutanga igisubizo. Iteka habaho inzego ziganisha ku ntsinzi. Nta muntu uzava kuri zero ahite agera kuri kilometero 1000 ku isaha icyarimwe. Nubwo byaba ari icyifuzo gihesha Imana icyubahiro, ntabwo bizakora gutyo. Iki cyanditswe kirerekana ko ubwami bw'Imana bumeze nk'imbuto. Ijambo rigomba guterwa mu mutima wawe hanyuma gukura kukaza mu byiciro: Ubwa mbere habanza kuba utwatsi maze hanyuma zikaba imigengararo hagaheruka amahundo

afite imbuto. Umurongo ukurikiraho uravuga ngo Ariko imyaka iyo yeze, uwo mwanya nyirayo ayitemesha umuhoro, kuko igihe cyo gusarura kiba gisohoye. Hariho ibyiciro ariko amaherezo hazabaho igihe cyo kwera no gukura.

Ingingo irasobanuka ku murongo wa 35, *Kuri uwo munsi bugorobye arababwira ati: Twambuke tujye hakurya*. Yesu yari amaze umunsi wose abwiriza ku mbaraga z'ijambo, ukuntu ijambo rimeze nk'imbuto, uko ryatanga ubuzima bw'Imana mu buzima bwawe, ibi yabibigishije mu migani nk'icumi, hanyuma abaha igeragezwa. Arababwira ati: "Noneho ijambo ngiri, twambuke tujye hakurya". Ntabwo yavuze ngo reka tujye mu bwato, cyangwa jya mu nyanja hagati hanyuma urohame, ahubwo, "reka tujye hakurya." Hanyuma yinjira mu bwato arasinzira. Inkuru ikomeza itubwira ko umuyaga mwinshi waje ukuzura ubwato. Ugomba kwibuka ko ubu butari ya mato manini aho Yesu atatohaga atazi ibirimo kuba. Bwari ubwato busanzwe kandi Yesu yari asinziriye, bamuzengurukana mu mazi. Impamvu ibi ari ingenzi ni uko yari azi ibirimo kuba, ariko akomeza kugerageza gusinzira. Abigishwa bakuka imitima, baramusanga, baravuga bati: *Mwigisha, ntubyitayeho ko tugiye gupfa*? Mu yandi magambo, "gira icyo ukora, fata indobo umene amazi, cyangwa ugire icyo ukora. Ntabwo urimo kwiyoroshya ngo ibiro byawe bigabanuke."

Inshuro nyishi uyu munsi abantu ibyo nibyo bakora no ku Mana bakavuga bati: "Mana, kuki nta kintu unkoreye?" Imana hari icyo yakoze, yatanze ibyo dukeneye byose binyuze mu mpongano y'umwami Yesu. Yatanze ijambo ryayo iduha izo mbuto zose. Ni akazi kacu ko gutera izo mbuto mu mitima yacu, tukazitekerezaho kugeza aho zitangiye ubuzima. Ariko abigishwa bashakaga gukangura Yesu, "Kuki nta kintu udukoreye?" Arakanguka, acyaha umuyaga n'umuraba, hanyuma biratuza, hanyuma arahindukira arababaza ati "Kuki muri abanyabwoba? Kuki mudafite kwizera?"

Ntabwo yavuze, basore, mumbabarire. "Nakabaye haricyo nakoze." Uruhare rwe rwari urwo kubigisha ijambo, akabaha amasezerano, kandi rwari uruhare rwabo rwo gufata ijambo bakizera amasezerano. Imana yatanze byose binyuze mu kuza kwa Yesu kuri iyi si. Yaguhaye buri kintu cyose ukeneye kugira ngo uneshe muri buri ruhande rw'ubuzima bwawe mu buryo bw'imbuto y'ijambo ry'Imana. Icyo ugomba gukora ni uko ufata imbuto z'ijambo ry'Imana ukazitera mu mutima wawe binyuze mu kurisoma, kuritekerezaho, hanyuma ukarireka rigashora imizi imbere muri wowe. Uko ugenda ubikora, uzashobora guhagarara uhagarike imiyaga iri mu buzima bwawe.

Ndizera ko uburyo bwiza bw'Imana bwari uko abigishwa bafata inyigisho Yesu yabahaye uwo munsi avuga ngo Reka twambuke tujye hakurya. Bakabaye baravuze bati: "Dukurikije byose yatwigishije uyu munsi, iri ni ryo sezerano. Uyu ni umuremyi w'isi wavuze ngo reka twambuke tujye hakurya, ntabwo yavuze ngo nitugera hagati turarohama." Bakabaye barafashe iryo jambo, bakarivanga no kwizera bagacyaha umuyaga n'umuraba. Ibyo nibyo Yesu yavuze: "Mw'abafite kwizera guke mwe, kuki mushidikanya?" Murabizi? Dukwiye kwizera ijambo ry'Imana hanyuma tugakora icyo rivuga.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Matayo 13:19. Niba tudateye ijambo ry'Imana mu mitima yacu, Ni iki kizaba? _____
_____
_____

**Matayo 13:19** *Uwumva wese ijambo ry'ubwami ntarimenye, Umubi araza agasahura ikibibwe mu mutima we. Uwo ni we usa n'izibibwe mu nzira.*

2. Soma Yosuwa 1:8. Ni ryari tugomba gutekereza ku ijambo ry'Imana? _____
_____

**Yosuwa 1:8** *Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko ntukarorere kubihamisha akanwa kawe, ahubwo ujye ubitekereza ku manywa na ninjoro kugira ngo ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose. Ni ho uzahirwa mu nzira zawe, ukabashishwa byose.*

3. Soma Yohana 6:63. Dukurikije Yohana 6:63, ijambo ry'Imana ni …? _____
_____

**Yohana 6:63** *Umwuka ni we utanga ubugingo, umubiri nta cyo umaze. Amagambo mbababwiye ni yo mwuka ni yo bugingo.*

4. Soma Matayo 4:4. Umuntu ntagomba gutungwa n'ibiryo by'umubiri gusa, ahubwo na …? _____
_____
_____

**Matayo 4:4** *Aramusubiza ati: Handitswe ngo umuntu*

*ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana.*

5. Soma Abefeso 6:17. Ijambo ry'Imana rimeze nk'iyihe ntwaro?
_____

**Abefeso 6:17** *Mwakire agakiza kabe ingofero, mwakire n'inkota y'Umwuka ari yo Jambo ry'Imana.*

6. Ese inkota yagira icyo yangiza ku mwanzi wayo? _____
_____

7. Soma Abaroma 8:6. Igihe duhaye umwanya muzima ijambo ry'Imana mu buzima bwacu, tuzagira ...? _____
_____

**Abaroma 8:6** *Umutima wa kamere utera urupfu, ariko umutima w'Umwuka uzana ubugingo n'amahoro.*

8. Soma 2 Abakorinto 3:18. Icyo dushyizeho ibitekerezo byacu ni cyo kitwuzura. Ni iki dukwiriye gushyiraho ibitekerezo byacu?
_____
_____

**2 Abakorinto 3:18** *Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw'Umwami, tubureba nko mu ndorerwamo mu maso hacu hadakwikiriye, duhindurirwa gusa na we tugahabwa ubwiza buruta kuba bwiza, nk'ubw'Umwami w'Umwuka.*

## ISOMO 13

# IMANA SI YO ITEZA IBIBI

### Na Andrew Wommack

Uyu munsi ndashaka gusangiza kimwe mu bintu by'ingenzi Imana yigeze gukora mu buzima bwanjye. Birasa nk'aho abantu bahita bizera ko ibibabaho mu buzima byose bituruka ku Mana, ngo niyo mugenga wa byose. Impamvu y'ibi ni uko bitewe n'ubusobanuro bw'uko Imana iri hejuru ya byose kandi ari inyembaraga, bahita bibwira ko buri kintu cyose kiba mu buzima bwabo igomba kukigenga. N'abatizera nabo barabyizera. Hari abakristo benshi bakwirakwiza izi nyigisho, kandi zinjiye mu buzima bwabo. Ndizera ko icyo ibyanditswe byigisha gitandukanye n'ibi, kandi ni iby'ingenzi ko wiga iri somo. Yakobo 1:13-17 haravuga ngo, *Umuntu niyoshywa gukora ibyaha ye kuvuga ati: Imana ni yo inyoheje kuko bidashoboka ko Imana yoshywa n'ibibi, cyangwa ngo nayo igire uwo ibyohesha. Ahubwo umuntu wese yoshywa iyo akuruwe n'ibyo ararikiye bimushukashuka. Nuko icyaha kiratwita kikabyara urupfu. Ntimukayobe bene Data bakundwa. Gutanga kose kwiza n'impano yose itunganye ni byo biva mu ijuru, bimanuka bituruka kuri se w'imicyo udahinduka, cyangwa ngo agire n'igicu cyo guhinduka.*

Iyi mirongo irabisobanura neza cyane ko Imana ariyo itanga ibintu byiza. Yesu yaravuze muri Yohana 10:10, Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo ndetse ngo zibone bwinshi. Niba ari icyiza, ni Imana, niba ari ikibi ni Satani. Iryo ni iyobokamana ryoroshye. Impamvu ibi ari iby'ingenzi ni uko Yakobo 4:7 havuga ngo *Nuko rero mugandukire Imana ariko murwanye Satani, na we azabahunga.* Havuze ko tugomba

kugandukira cyangwa gucira bugufi Imana kandi tukarwanya Satani. Ijambo kurwanya rivuze kujya mu ntambara ukarwana.

Iyo abantu bizeye buri kintu kibaho mu buzima ko kiva ku Mana, urugero, indwara, kunanirwa mu bucuruzi, kubura akazi, abana batumvira, cyangwa gutandukana kw'ingo, ibyo bibashyira mu mwanya wo kutagira icyo bakora cyangwa bakicecekera. Iyo bizeye ko Imana ariyo ibateza ibibi kandi ikaba ibikoresha mu kubahana cyangwa kubahindura, bazaba barimo kurwanya Imana iyo binangiye. Mu gihe, Yakobo 4:7 hatubwira kurwanya Satani ko azaduhunga. Ugomba kugandukira Imana. Ibi bitwereka ko ibintu bimwe ari iby'Imana ibindi bikaba ibya Satani. Hari imbaranga za Satani muri iyi si, kandi si uko buri kintu kiba mu buzima bwawe kiba giturutse ku Mana. Ibyo niba utabyumva, uzasoza ugandukiye Satani, kandi umutize imbaraga.

Ndashaka kuzana icyanditswe mu Baroma kubera ko gikoreshwa nabi kenshi. Nigeze kujya mu mihango yo gushyingura aho abantu badafite icyo bazi ku Mana, batajya gusenga, batazi icyanditswe hafi na kimwe, ariko iki cyo barakizi. Abaroma 8:28 haravuga ngo *Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifatanirizа hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye*. Ibi bisobanurwa kugira ngo bivugwe ko buri kintu cyose kibaho mu ubuzima bwawe, Imana ariyo ibikora kandi ibikorera kugira ngo bituzanire ubwiza. Nigeze kujya mu gushyingura umwana w'umuhungu n'umukobwa bari bavanze inzoga n'ibiyobyabwenge bajya mu modoka bayitwarira ku muvuduko mwinshi mu muhanda unyerera, banyerera mu ikona, bagonga igiti cya telephone, bose barapfa. Umuvugabutumwa asoma iki cyanditswe, *Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifatanirizа hamwe kubazanira ibyiza*, Aravuga ngo Imana ifite umugambi mu kuba yakoze ibi. Imana ntabwo ariyo yishe abo bana bato, kandi ntiwanavuga ngo Satani ni nawe wabikoze. Nibo babikoze. Ndahamya yuko Satani

yabashutse kugira ngo bagomere indangagaciro ababyeyi babo n'abandi bantu bari barabigishije, ariko na none yari amahitamo yabo. Nibo bakoresheje ibiyobyabwenge n'inzoga, nibo bagonze igiti cya telephone. Ibyo byari ibintu bisanzwe bakoresheje, kandi Imana si yo yari inkomoko yabyo.

Ni iki bivuga iyo havuga ngo *Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifatanirira hamwe kubazanira ibyiza?* Mbere na mbere ntabwo havuga ngo tuzi yuko ibintu byose bituruka ku Mana kandi bigafatanirira hamwe kubazanira ibyiza. Haravuga ngo byose bifatanirira hamwe kubazanira ibyiza, ariko igashyiraho nicyo bisaba *kuri abo bakunda Imana.* Iki cyanditswe ntabwo gikoreshwa ku muntu udakunda Imana. Ibyo birumvikana neza, ariko biratangaje uko abantu bagikoresha no ku bintu nk'ibi by'aba bana bato banywaga inzoga n'ibiyobyabwenge kandi bari mu bwigomeke bukomeye ku Mana n'amahame yayo, ngo nurangiza uvuge ko Imana ariyo yabikoze. Ibyo byavugwa kuri abo gusa bakunda Imana byose bifatanirira hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye.

Muri 1 Yohana 3:8 haravuga, ngo *Ukora ibyaha ni uwa Satani, kuko uhereye mbere na mbere Satani akora ibyaha. Ibyo Umwana w'Imana yerekaniwe ni ibi: ni ukugira ngo amareho imirimo ya Satani*. Imana yarigaragaje kugira ngo ikureho imirimo ya Satani. Uwo niwo mugambi wayo, kandi bizafatanirira hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nkuko yabigambiriye, ibyo bivuze ko abagendera muri uyu muhamagaro, birukana Satani, kandi bagomba gukuraho imirimo ye. Abirukana Satani kandi babayeho ku bw'Imana bashobora kuvuga batitaye ku byo Satani akora mu buzima bwabo ngo, Imana yabihindura ikabikoresha kugira ngo ibazanire ibyiza.

Dukwiye gutangira gusobanukirwa ko Imana itagira uruhare

mu bintu byose by'ubuzima bwacu. Hari umwanzi uza kwica, kwiba no kurimbura, ariko yesu yaje kuduha ubuzima. Tugomba guhitamo ubuzima kandi tubishyizemo ubushake tukamenya ko Imana atari nyirabayazana w'ibiba mu buzima bwacu.

Iyaba Imana yari umuntu ikaba yarakoze buri kintu cyose ishinjwa, nko guteza kanseri, ubumuga, ubukene, imibabaro, n'agahinda ku bantu, ndaguhamiriza ko nta Leta ku isi itafata ngo iyifunge, cyangwa igerageze kuyihagarika. Nyamara dutekereza ko Imana y'inyembabazi nyinshi kurusha umuntu uwo ari we wese twaba twarigeze guhura cyangwa gutekereza mu buzima bwacu bwose, ari yo igenda iteza abantu ibyorezo ikora n'ibindi bibi. Hari ibintu biterwa n'abadayimoni, n'ibindi biterwa n'ibintu bisanzwe, kandi si uko amakuba yose azanwa n'Imana. Ibigo by'ubwishingizi byandika muri gahunda zazo "Ibikorwa by'Imana, nk'imishyitsi, na mugiga." Oya, Imana si yo iteza ibi bintu byose.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Yakobo 1:13. Imana niyo ituma abantu boshywa n'ibibi?
   _____

   **Yakobo 1:13** *Umuntu niyoshywa gukora ibyaha ye kuvuga ati Imana ni yo inyoheje, kuko bidashoboka ko Imana yoshywa n'ibibi, cyangwa ngo na yo igire uwo ibyohesha.*

2. Soma Yakobo 1:17. Impano nziza zituruka he? _____
   _____

   **Yakobo 1:17** *Gutanga kose kwiza n'impano yose itunganye rwose ni byo biva mu ijuru, bimanuka bituruka kuri Se w'imicyo udahinduka, cyangwa ngo agire n'igicu cyo guhinduka.*

3. Soma Yohana 10:10. Umujura ni nde? _____
   _____

4. Soma Yohana 10:10. Intego ye ni iyihe? _____
   _____

5. Soma Yohana 10:10. Yesu yazanywe N'iki? _____
   _____
   _____

   **Yohana 10:10** *Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.*

6. Soma Yakobo 4:7. Ni iki kiva mu kugandukira Imana no kwirukana Satani? _____
   _____

**Yakobo 4:7** *Nuko rero mugandukire Imana ariko murwanye Satani, na we azabahunga.*

7. Soma Abaroma 8:28. Ese Abaroma 8:28 havuga ko ibintu byose bituruka ku Mana? _____

**Abaroma 8:28** *Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifatanirira hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye.*

8. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 10:38. Ese indwara zituruka ku Mana? _____

**Ibyakozwe n'Intumwa 10:38** *Ni irya Yesu w'inazareti, uko Imana yamusutseho Umwuka Wera n'imbaraga, akagenda agirira abantu neza, agakiza abo Satani atwaza igitugu, kuko Imana yari iri kumwe na we.*

9. Soma 1 Yohana 3:8. Ni iyihe ntego yatumye Umwana w'Imana yerekanwa? _____
_____

**1 Yohana 3:8** *Ibyo Umwana w'Imana yerekaniwe ni ibi: ni ukugira ngo amareho imirimo ya Satani.*

## ISOMO 14

# UBUZIMA BW'UZUYE IMBARAGA Z'UMWUKA

### Na Don Krow

Mariko 16:15-16 ni icyanditswe kizwi nk'inshingano Ikomeye. Yesu yabwiye abigishwa be *Arababwira ati: Mujyende mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza. Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka.* Mu byakozwe n'Intumwa 8:5, 12 turabona uko inshingano Ikomeye yasohojwe binyuze mu kubwiriza kwa Filipo i Samariya. *Filipo aramanuka ajya mu mudugudu w'i Samariya, ababwiriza ibya Kristo … Ariko bamaze kwizera ubutumwa bwiza Filipo ababwira bw'ubwami bw'Imana n'ubw'izina rya Yesu Kristo, barabatizwa, abagabo n'abagore.*

Ikibazo ngiki, ese aba bantu b'i Samariya bahindutse abakristo dukurikije Mariko 15-16. Yego. Filipo yagiye mu murwa w'i Samariya, abwiriza ubutumwa bwa Yesu Kristo, kandi binyuze mu kwizera Yesu Kristo barabatijwe, abagabo n'abagore. Dukurikije inshingano Ikomeye, twavuga ko aba bantu bakijijwe, ariko se bari barakiriye umubatizo w'Umwuka Wera?

Bibiliya ivuga kuri Yohana ubatiza mu mazi, ariko ni Yesu wenyine wabatirishaga Umwuka Wera. Dukurikije ibyanditswe, abantu barizeye barakizwa, babatizwa no mu mazi, ariko bari batarakira umubatizo w'Umwuka Wera. Ibyakozwe n'Intumwa 8:14-17 haravuga ngo *Nuko intumwa zari i Yerusalemu zumvishe yuko Abasamariya bemeye ijambo ry'Imana, zibatumaho Petero na Yohana, [15] na bo basohoyeyo barabasabira ngo bahabwe Umwuka*

*Wera, [16] kuko hari hataragira n'umwe wo muri bo amanukira, ahubwo bari barabatijwe gusa mu izina ry'Umwami Yesu. [17] Nuko babarambikaho ibiganza, bahabwa Umwuka Wera.*

Turabibona ko mu byanditswe kuba umuntu yizeye, akabatizwa, agakizwa bitavuze ko aba yakiriye umubatizo w'Umwuka Wera. Umwuka Wera yaje mu bugingo bwabo – muri Yohana 20:22 tubona Umwuka Wera ahindura abigishwa – ariko byabayeho ku munsi wa Pantekote kuko bari babatijwe mu Mwuka Wera bahawe imbaraga n'Imana. Hari itandukaniro hagati yo kuzurwa n'Umwuka Wera mu gakiza n'umubatizo w'Umwuka Wera igihe aje ku muntu. Habaho kwibizwa mu Mwuka Wera kuza ku bantu ukabaha imbaraga. Nubwo umuntu yaba yari akijijwe ntabwo bivuze ko yabatijwe n'Umwuka Wera.

Mu Ibyakozwe n'Intumwa 19:1-2 havuga hatya: *Apolo ari i Korinto, Pawulo anyura mu bihugu byo haruguru asohora muri Efeso, asangayo abigishwa bamwe. [2] Arababaza ati: Mwahawe Umwuka Wera, mutangiye kwizera? Baramusubiza bati: Ntabwo twari twumva yuko Umwuka Wera yaje.* Pawulo yaravuze ngo "mwakiriye Umwuka wera kuva mwakizwa?" Barasubiza ngo, "nta kintu tuzi ku Mwuka Wera". Pawulo arababwira ngo "niba mutarabatijwe mu Mwuka Wera igihe mwizeye, mwabatijwe mute?" Barasubiza ngo "twabatijwe umubatizo wa Yohana". Ndizera ko Pawulo yasobanuye neza ukuntu Yesu ariwe Kristo hanyuma aba bizera bisanisha na Yesu binyuze mu mubatizo w'amazi. Ku murongo 6-7 haravuga ngo *Pawulo amaze kubarambikaho ibiganza Umwuka Wera abazaho, bavuga izindi ndimi barahanura. [7] Abo bantu bose bari nka cumi na babiri.*

Nubwo aba bantu bari abigishwa bizeraga Mesiya wari buzaze, bari batarabatizwa mu Mwuka Wera. Umuntu ashobora kuba yaravutse ubwa kabiri, yaranabatijwe mu mazi, atari

yabatizwa mu mwuka Wera. Umubatizo wo mu mwuka Wera ni ikimenyetso kihariye gitandukanye no gukizwa. Kuki utamusaba uyu munsi?

Nubwo nabatiza umuntu mu mazi, ntabwo namubatiza mu mwuka Wera, ni Yesu wenyine wabikora. Niba utarasaba Yesu Kristo ngo akubatize mu Mwuka Wera, kuki utabimusaba nonaha? Luka 11:13 haravuga ngo *None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamusabye*?

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Mariko 16:16. Usome Ibyakozwe n'Intumwa 8:5, 12. Ese abantu bavugwa mu Byakozwe n'Intumwa 8:21 bahindutse abakristo? _____

   **Mariko 16:16** *Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka.*

   **Ibyakozwe n'Intumwa 8:5** *Filipo aramanuka ajya mu mudugudu w'i Samariya, abwiriza ibya Kristo.*

   **Ibyakozwe n'Intumwa 8:12** *Ariko bamaze kwizera ubutumwa bwiza Filipo ababwira bw'ubwami bw'Imana n'ubw'izina rya Yesu Kristo barabatizwa, abagabo n'abagore.*

2. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:14-16. Ese aba bantu bigeze bakira umubatizo w'Umwuka Wera? _____

   **Ibyakozwe n'Intumwa 8:14-16** *Nuko intumwa zari i Yerusalemu zumvishe yuko Abasamariya bemeye ijambo ry'Imana, zibatumaho Petero na Yohana, [15] na bo basohoyeyo barabasabira ngo bahabwe Umwuka Wera, [16] kuko hari hataragira n'umwe wo muri bo amanukira, ahubwo bari barabatijwe gusa mu izina ry'Umwami Yesu.*

3. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 19:1-5. Ese aba bantu ni abizera? _____

   **Ibyakozwe n'Intumwa 19:1-5** *Apolo ari i Korinto, Pawulo anyura mu bihugu byo haruguru asohora muri Efeso, asangayo abigishwa bamwe, [2] Arababaza ati: Mwahawe Umwuka Wera, mutangiye kwizera? Baramusubiza bati: Ntabwo twari twumva*

*yuko Umwuka Wera yaje.* [3] *Arababaza ati: Mwabatijwe mubatizo ki? Baramusubiza bati: Umubatizo wa Yohana.* [4] *Pawulo ati: Yohana yababatije umubatizo wo kwihana, abwira abantu kwizera uzaza hanyuma ye, ari we Yesu.* [5] *Babyumvise batyo babatizwa mu izina ry'Umwami Yesu.*

4. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 19:6-7. Bari barakiriye umubatizo w'Umwuka Wera? _____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 19:6-7** *Pawulo amaze kubarambikaho ibiganza Umwuka Wera abazaho, bavuga izindi ndimi barahanura.* [7] *Abo bantu bose bari nka cumi na babiri.*

5. Soma Luka 11:13. Ni iki Luka 11:13 havuga ko tugomba gukora kugira ngo twakire Umwuka Wera? _____
_____

**Luka 11:13** *None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamusabye?*

6. Soma 1 Abakorinto 14:2. Iyo umuntu avuga mu ndimi nshya ni iki aba arimo gukora? _____
_____

**1 Abakorinto 14:2** *Uvuga ururimi rutamenyekana si abantu abwira keretse Imana, kuko ari ntawumva ahubwo mu mwuka avuga amayoberane.*

7. Soma 1 Abakorinto 14:14. Iyo umuntu avuga mu ndimi nshya ni iki aba arimo gukora? _____
_____

**1 Abakorinto 14:14** *Iyo nsenga mu rurimi rutamenyekana umwuka wanjye urasenga, ariko ubwo bwenge bwanjye ntibugira icyo bwungura abandi.*

8. Soma 1 Abakorinto 14:16-17 Iyo umuntu avuga mu ndimi nshya ni iki aba arimo gukora? _____
_____
_____

**1 Abakorinto 14:16-17** *Utabikoze nawe ugashima Imana uyishimishije umwuka wawe wonyine, umuntu uri mu ruhande rw'injiji akaba atamenye icyo uvuze, yabasha ate kwikiriza ati Amen, umaze gushima? [17] Ku bwawe uba ushimye neza koko, ariko wa wundi nta cyo aba yungutse.*

9. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:4. Iyo hagize uvuga mu ndimi nshya, ni Umwuka Wera uba uvuga cyangwa ni umuntu uba uvuga? _____
_____

10. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:4. Ninde uha umuntu amagambo yo kuvuga? _____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 2:4** *Bose buzuzwa Umwuka Wera, batangira kuvuga izindi ndimi nk'uko Umwuka yabahaye kuzivuga.*

## ISOMO 15

# WAKIRA UTE UMWUKA WERA?

### Na Don Krow

Uyu munsi tugiye kuvuga uko wakira Umwuka Wera. Ibyakozwe n'Intumwa 10:1 haravuga ngo, *hariho umuntu w'i Kayisaliya witwaga Koruneliyo, umutware utwara umutwe w'abasirikare wo mu ngabo zitwa Italiyana*. Iri ryari ipeti rya gisirikare, wagereranya na kapiteni. Umurongo 2 ukomeza uvuga ngo *yari umuntu w'umunyedini wubahaga Imana n'abo mu rugo rwe bose, wagiriraga abantu ubuntu bwinshi, agasenga Imana ubudasiba*. Yari umukiranutsi, akora ibintu byari byiza, atinya Imana, aha abantu bakennye amafaranga menshi, kandi Bibiliya iravuga ngo yasengaga Imana iteka. Ariko tugiye kubona, kandi biraba bitangaje, ko nubwo yakoraga ibintu neza, nubwo yatinyaga Imana, ari n'umunyamasengesho, ntabwo yari afitanye ubusabane n'Imana binyuze muri Yesu Kristo.

Ku murongo wa 3-6 haravuga ngo, *abona ku mugaragaro mu iyerekwa marayika w'Imana yinjiye iwe nko mu isaha ya cyenda y'umunsi,* [saa cyenda nyuma ya saa sita] *aramuhamagara ati: Koruneliyo. [4] Aramutumbira, aramutinya, aramubaza ati: Ni iki Mwami? Aramusubiza ati: Gusenga kwawe n'ubuntu bwawe byazamukiye kuba urwibutso imbere y'Imana. [5] Kandi none tuma abantu i Yopa, utumire umuntu witwa Simoni wahimbwe Petero. [6] Acumbitse kwa Simoni w'umuhazi, urugo ruri iruhande rw'inyanja* (udukubo ni utwanjye).

Uyu muntu n'ubwo yubahaga Imana, akiranuka kugeza naho

yakoraga ibintu byari byiza, ari n'umunyamasengesho imbere y'Imana, yohererejwe marayika amuhamiriza kujya kwa Simoni Petero, wari bumubwire icyo agomba gukora. Turabona mu Byakozwe n'Intumwa10:43 icyo Petero yategetswe kumubwira: *Abahanuzi bose baramuhamije, bavuga yuko binyuze mu izina rye* [izina ry'Umwami Yesu] *uwizera wese azababarirwa ibyaha* (udukubo ni utwanjye). Ibi ntibitangaje? Uyu muntu wari ufite ibi bintu byose ashimirwa ntabwo yari afite ubusabane n'Imana binyuze muri Yesu Kristo. Imana yaravuze ngo "Ibintu ukora ni ibyiza, birahebuje, kandi ni n'urwibutso imbere yanjye, ariko ndakubwira icyo ngiye gukora. Nohereje marayika kukubwira kujya ku muntu witwa Petero, ari bukubwire icyo ugomba gukora" Mu Byakozwe n'Intumwa 10:43, Petero ageze mu nzu kwa Koruneliyo, aravuga ngo *Abahanuzi bose baramuhamije, bavuga yuko umwizera* [Umwami Yesu kristo] *wese azababarirwa ibyaha ku bw'izina rye* (udukubo ni utwanjye).

Noneho reba icyabayeho. *Petero akivuga ibyo, Umwuka wera amanukira abumvise ayo magambo bose* (Ibyakozwe n'Intumwa10:44). Koruneliyo yarakiriye nkuko yumvise kwizera muri Kristo, ashyira kwizera kwe muri Kristo kugira ngo ababarirwe ibyaha bye. Akimara kubikora, Umwuka Wera umuzaho n'abari muri iyo nzu bose. Ku murongo wa 45, haravuga, ngo *Abizeye bo mu bakebwe bajyanye na Petero barumirwa bose, kuko n'abanyamahanga na bo bahawe Umwuka Wera akaba abasutsweho.* Babibwiwe n'iki? *Kuko bumvise bavuga izindi ndimi bahimbaza Imana* (umurongo 46).

Igihe cyose Umwuka Wera yazaga ku muntu mu Isezerano, impano y'Umwuka Wera yabahaga ikimenyetso cy'uko buzuye Umwuka Wera. Mu Isezerano rishya kenshi bavugaga mu ndimi nshya cyangwa bagahanura. Umugoroba umwe narapfukamye ku mavi yanjye mu kibuga i Dallas, i Texas ndavuga nti: "Mana.

Ntabwo nzi ibyo kuvuga mu ndimi n'umubatizo w'Umwuka Wera abantu bavuga, ariko niba hariho uburyo naguhimbaza, uburyo nagushyira hejuru, uburyo najya kure y'ururimi rwanjye rw'Icyongereza, ndabushaka." Natangiye kuramya Imana, ndimo kuyiramya, Umwuka Wera ampa ururimi, ibyo kuvuga, ntazi cyangwa nize. Bibiliya iravuga mu Byakozwe n'Intumwa 2:4, *Bose buzuzwa Umwuka Wera, batangira kuvuga izindi ndimi nk'uko Umwuka yabahaye kuzivuga*. Ninde wavugaga? Nibo bavugaga. Ninde wabahaye ururimi? Umwuka Wera.

Luka 11:13 haravuga ngo *None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamusabye*? Icyo ugomba gukora uyu mwanya ni ugusaba, kwizera ko wakiriye, wihe Imana, utangire uramye Imana izaguha ururimi rwo kuramya no kuyishima mu rurimi utigeze wiga.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Sobanura amwe mu magambo Bibiliya ikoresha ku gakiza. __
_____
_____
_____
_____

**Yohana 3:3** *Yesu aramusubiza ati: Ni ukuri, ni ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe ubwa kabiri, atabasha kubona ubwami bw'Imana.*

**Ibyakozwe n'Intumwa 3:19** *Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mwami Imana.*

**Mariko 16:16** *Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka.*

**Abakolosayi 2:13** *Igahanagura urwandiko rw'imihango rwaturegaga, ikarudukuzaho kurubamba ku musaraba.*

**Abaroma 8:9** *Ariko mwebwe ntimuri aba kamere, ahubwo muri ab'Umwuka niba Umwuka w'Imana aba muri mwe. Ariko umuntu wese utagira Umwuka wa Kristo ntaba ari uwe.*

**Matayo 25:46** *Abo bazajya mu ihaniro ry'iteka, naho abakiranutsi bazajya mu bugingo buhoraho.*

2. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 11:15. Ni gute Ibyakozwe n'Intumwa 11:15 hasobanura igikorwa cyo kubatizwa n'Umwuka Wera? _____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 11:15** *Nteruye amagambo, Umwuka Wera arabamanukira nk'uko natwe yatumanukiye bwa mbere.*

3. Abigishwa ba Yesu bakiriye Umwuka Wera (Yohana 20:22), ariko hashize iminsi micye babatizwa n'Umwuka Wera (Ibyakozwe n'Intumwa 2:1-4). Reba ugereranye ibi bimenyetso (Yohana 20:22; Ibyakozwe n'Intumwa 2:1-4). _____
_____
_____
_____

**Yohana 20:22** *Amaze kuvuga atyo abahumekeraho ati: Nimwakire Umwuka Wera.*

**Ibyakozwe n'Intumwa 2:1-4** *Umunsi wa Pentekote usohoye, bose bari bari hamwe mu mwanya umwe bahuje umutima. [2] Nuko umuriri ubatungura uvuye mu ijuru umeze nk'uw'umuyaga uhuha cyane, ukwira inzu bari bicayemo. [3] Haboneka indimi zigabanije zisa n'umuriro, ururimi rujya ku muntu wese wo muri bo. [4] Bose buzuzwa Umwuka wera, batangira kuvuga izindi ndimi nk'uko Umwuka yabahaye kuzivuga.*

4. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 1:8. Intego yo kubatizwa n'Umwuka Wera ni iyihe? _____
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 1:8** *Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka Wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya, no kugeza ku mpera y'isi.*

5. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:38-39 na 1 Abakorinto 1:7. Ese

umubatizo w'Umwuka Wera ni uwacu ab'iki gihe? _____
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 2:38-39** *Petero arabasubiza ati: Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwe iyi mpano y'Umwuka Wera, [39] Kuko isezerano ari iryanyu n'abana banyu n'abari kure bose, abazahamagarwa n'Umwami Imana yacu.*

**1 Abakorinto 1:7** *Bituma mutagira impano yose mubura, mutegereza guhishurwa k'Umwami wacu Yesu kristo.*

6. Soma Luka 11:13. Niba utarakira umubatizo w'Umwuka Wera, Ni iki ugomba gukora? _____
_____

**Luka 11:13** *None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamumusabye?*

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:4. Uzasaba, wakire, uvuge unaramye Imana mu rurimi rwo gusenga Imana iguha? _____
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 2:4** *Bose buzuzwa Umwuka Wera, batangira kuvuga izindi ndimi nk'uko Umwuka yabahaye kuzivuga.*

## ISOMO 16

# AKAMARO KO KUVUGA MU NDIMI

### Na Andrew Wommack

Kimwe mu bintu byabayeho igihe umubatizo w'Umwuka Wera wazaga bwa mbere n'uko abantu bose bari bahari bavuze mu ndimi nshya. Ibyakozwe n'Intumwa 2:4 haravuga ngo ku munsi wa Pantekoti, buzuye Umwuka Wera bavuga mu ndimi nshya nkuko Umwuka Wera yazibahaye. Buri gihe mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa habonekamo kubaho kw'Imana igihe abantu bakiriye Umwuka Wera.

Birumvikana, hari byinshi k'Umwuka Wera birenze kuvuga mu ndimi, ariko ni kimwe mu bintu by'ingenzi. 1 Abakorinto 14:13-14 haravuga ngo *Nuko uvuga ururimi rutamenyekana asabe, kugira ngo ahabwe no gusobanura. [14] Iyo nsenga mu rurimi rutamenyekana umwuka wanjye urasenga, ariko ubwenge bwanjye ntibugira icyo bwungura abandi*. Iyo usenze mu ndimi, umwuka wawe urasenga. Igihe uvuze mu ndimi, ujye usenga kugira ngo uzisobanure kugira ngo ubumenyi bwawe bwungure abandi.

Natanga ubuhamya bwanjye ko maze kwakira umubatizo w'Umwuka wera natangiye kuvuga mu ndimi, byahise bihindura ubuzima bwanjye. Ndizera ko maze kwakira agakiza Kristo yaraje atura imbere muri njye ahashyira buri kintu, ariko igihe Umwuka Wera yanzagaho, byatangiye kungaragaraho n'abandi barabibona. Hariho ibintu byinshi byabayeho. Umwaka wa mbere nasenze mu ndimi ibitekerezo byanjye byarambwiye ngo ni ubusazi, ko ibyo nakoraga byose byari gutakaza umwanya. Byansabye kwizera

kugira ngo nsenge mu ndimi, ariyo mpamvu Yuda 20 havuga ngo mwiyubake ku byo kwizera byera cyane, Bigukura mu bitekerezo bisanzwe no kwiyumvisha, bikagushyira ahantu hadasanzwe ho kwizera.

Ikindi kintu cyambayeho ni uko igihe nasengaga mu ndimi, abantu nari maze imyaka myinshi ntatekereza natangiye kubibuka. Nahitaga ntangira kubasengera, kandi mu gihe kingana n'umunsi cyangwa iminsi ibiri barampamagaraga nkasanga hari ikintu cy'igitangaza cyabaye. Ibi byabayeho inshuro nyinshi bituma ntangira gushyira hamwe ibi bintu menya ko ubwo nasengaga mu ndimi, nasengeshaga ubwenge burenze ubushobozi bw'ibitekerezo byanjye. Umwuka wanjye uzi byose kandi ufite ibitekerezo bya Kristo warurimo gusengera abantu mu buryo ntabasha nkoresheje ubumenyi bwanjye busanzwe.

Umunsi umwe nasengaga mu ndimi – nkuko nabivuze, byansabye kwizera gusenga mu ndimi – kandi narwanaga n'ibitekerezo bivuga ngo "byaba byiza usenze mu Cyongereza ukanakora ibintu byiza kuruta kuvuga shikaraba." Byansabye kurwanya ibi bitekerezo ngo mbishyire hasi, noneho nkomeza gusenga. Umugabo nari maze imyaka ine ntabona akomanga ku rugi rwanjye. Arinjira, ntiyansuhuza cyangwa ngo agire icyo avuga, aricara, atangira kurira asuka ibiri ku mutima we kuko yari afite ibibazo byinshi. Nicara aho ntekereza, "yewe, iyo mba nasenze mu Cyongereza," igitekerezo cyakurikiyeho cyari, "Ni gute nari gushobora kumusengera kandi nari maze imyaka ine ntamubona?" Hanyuma binzamo ko nari ndimo gusenga hanyuma Imana yaririmo kuntegura. Nari ndimo kumwingingira mu buryo ntari bushobore iyo mba nsenga mu buryo mbasha kumva. Ako kanya iyerekwa ritangira kunzaho ndamubwira nti: "Nakubwira ikibazo ufite." Nsoza inkuru ye mu cyimbo cye muha n'igisubizo cye.

Ugomba kumva ko ibi byabayeho nkiri mu idini. Ntabwo yamenye ibyambayeho nanjye nta cyizere nari mbifitiye, kandi twese byaduteye ubwoba. Ariko zari imbaraga z'Imana zarimo kwigaragaza, kandi yabikoze mu buryo budasanzwe. Iki nicyo bivuze: iyo usenze mu ndimi, ni umwuka wawe uba usenga. Umwuka wawe wavutse ubwa kabiri, ufite ibitekerezo bya Kristo, kandi uzi neza icyo ugomba gukora. Ufite gusigwa (amavuta) aturuka ku Mana kugira ngo ubashe kumenya ibintu byose, kandi nta mupaka ufite mu mwuka wawe. Ubashije kugendera mu mbaraga n'ihishurirwa ry'umwuka wawe, byahindura ubuzima bwawe bugaragara. Uburyo wabikora rero, nubwo atari bwo bwonyine, ni ugutangira ukavuga mu ndimi. Bimenye kandi wizere ko iyo ubikoze uba wiyubaka mu kwizera kwawe, ko umwuka wawe uba urimo gusenga mu bwenge buhishwe bw'Imana, ko kandi guhishurirwa kw'Imana gushyitse kuri kuza. Hanyuma, ukurikije 1 Abakorinto 14:13, saba kugira ngo uhabwe kuzisobanura. Ibyo ntabwo bivuze ko ugomba kurekeraho gusenga mu ndimi ukisengera mu Kinyarwanda kugira ngo usobanure indimi; bivuze ko gusobanukirwa kwawe kurushaho kwaguka.

Uramutse utanze ubutumwa mu ndimi mu materaniro, ugomba guhagarara ugasobanura mu Kinyarwanda. Igihe urimo gusenga wenyine, icyo ukora ni ugusenga mu ndimi ukizera Imana ko iguha ihishurirwa. Kenshi imitekerereze yanjye irahinduka. Singire ijambo ryihariye, ariko nkabona ibintu neza nkagira imitekerereze itandukanye n'iyo nari mfite mbere. Bishobora kuntwara icyumweru mbere y'uko mbona ihishurirwa ryuzuye, ariko nizera ko umwanya mara nsenga mu ndimi no kwizera ko nzisobanura ari cyimwe mu bintu bibigize.

Kuvuga mu ndimi bifite umumaro kubera impamvu nyinshi, icyambere ni uko bigaragaza ko wakiriye Umwuka Wera. Bigomba

kuba ibintu bigize ubuzima bwawe bwa buri munsi. Ni uburyo bumwe bwo kuvugana n'Imana Data bivuye ku mutima wawe, binyuze mu kurenga gushidikanya kwawe n'ubwoba bwawe. Birakubaka mu kwizera, kandi bigatanga ubwenge bw'Imana buhishwe. Ndabasabira kugira ngo mwese mubashe kugendera muri izi mbaraga, murekure kwizera kwanyu, hanyuma wakire umumaro wuzuye wo kuvuga mu ndimi.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Yuda 1:20. Ni akahe kamaro gakomeye ko gusengera mu mwuka? _____
   _____

   **Yuda 1:20** *Ariko mwebweho bakundwa, mwiyubake ku byo kwizera byera cyane, musengere mu Mwuka Wera.*

2. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:4. Ni abantu bangahe buzuye Umwuka Wera? _____

3. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:4. Ni iki bakoze bitewe no kuzura Umwuka Wera? _____
   _____

   **Ibyakozwe n'Intumwa 2:4** *Bose buzuzwa Umwuka Wera, batangira kuvuga izindi ndimi nk'uko Umwuka yabahaye kuzivuga.*

4. Soma 1 Abakorinto 14:14. Ni ikihe gice kikugize gisenga igihe usenze mu rurimi rutazwi? _____
   _____

   **1 Abakorinto 14:14** *Iyo nsenga mu rurimi rutamenyekana umwuka wanjye urasenga, ariko ubwo bwenge bwanjye ntibugira icyo bwungura abandi.*

5. Soma 1 Abakorinto 14:2. Iyo umuntu avuze mu rurimi rutazwi aba avugana na nde? _____

6. Soma 1 Abakorinto 14:2. Iyo umuntu asenze mu rurimi rutazwi, ese abantu bashobora kumva ibivugwa? _____

7. Soma 1 Abakorinto 14:2. Iyo usenze mu rurimi rutazwi, umwuka wawe uba uvuga iki? _____
_____
_____

**1 Abakorinto 14:2** *Uvuga ururimi rutamenyekana si abantu abwira keretse Imana, kuko ari ntawumva ahubwo mu mwuka avuga amayobera.*

8. Soma 1 Abakorinto 14:4. Iyo usenga mu ndimi uba ukora iki?
_____
_____

**1 Abakorinto 14:4** *Uvuga ururimi rutamenyekana ariyungura, ariko uhanura yungura itorero.*

9. Soma 1 Abakorinto 14:16. Iyo usenga mu ndimi uba uri gukora iki? _____
_____

**Abakorinto 14:16** *Utabikoze nawe ugashima Imana uyishimishije umwuka wawe wonyine, umuntu uri mu ruhande rw'injiji akaba atamenye icyo uvuze, yabasha ate kwikiriza ati: amen umaze gushima?*

# IBISUBIZO BY'IBANZE

## ISOMO 1 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Yohani 3:16. Intego y'Imana yo kohereza Yesu mu isi yari iyihe?
   **Gucungura isi, guha abizera bose Yesu ubugingo buhoraho binyuze mu gukuraho igihano cy'icyaha.**

2. Uburyo bwa Bibiliya ikoreshamo ijambo "kumenya" rivuga kwegerana, no kugirana ubusabane bwimbitse n'umuntu (Itangiriro 4:1). Soma Yohana 17:3. Ubugingo bw'iteka/ buhoraho ni iki? ukurikije uyu murongo?
   **Ubugingo buhoraho ni ukumenya Imana na Yesu Kristo (Atari mu mubiri ahubwo mugasabana, mukegerana).**

3. Soma 1 Yohana 5:11-12. Ukurikije iyi mirongo, ni ryari ubugingo buhoraho butangira?
   **Ni igihe twakiriye Umwana (Yesu Kristo) mu buzima bwacu.**

4. Soma Yohana 10:10. Ni buzima ki Yesu yaje kuduha?
   **Ubuzima bwinshi!**

5. Mu magambo yawe bwite sobanura ibyiza bigize ubugingo bwinshi.
   **Ubuzima bwinshi ni ikinyuranyo cy'ibyo Yesu yavuze umujura yaje gukora.**

6. Wizera ko Imana yohereje Umwana wayo Yesu muri iyi si ngo apfire ibyaha by'isi, kugira ngo twe twizera aduhe ubugingo bw'iteka/buhoraho?
   **Yego.**

7. Ese birasobanutse kuri wowe ko ubugingo buhoraho atari gusa uburebure bw'ubuzima (Ubuzima bw'iteka), ahubwo ari n'ubwiza ndetse n'ubwinshi bw'ubuzima?
   **Yego.**

## ISOMO 2 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Luka 18:9. Umugani ni iki?
   **Umugani wa Bibiliya ni inkuru igaragaza ukuri ko mu Mwuka.**

2. Soma Luka 18:9. Ni bande Yesu yabwiraga uyu mugani?
   **Ni abiyiringiraga ubwabo ko ari abakiranutsi, bivuze ko bari bafite gukiranuka kwabo.**

3. Soma Luka 18:9 (agace kanyuma k'umurongo). Abantu bafite gukiranuka kwabo iteka bagira imyitwarire ku bandi. Ukurikije Luka 18:9, Iyo myitwarire ni iyihe? (ca umurongo kuri kimwe)
   **B. Basuzugura abandi cyangwa bakabagaya.**

4. Soma Luka 18:10. Abantu babiri bagiye gusenga; mu rurimi rw'iki gihe, bagiye gusengera he?
   **Ku rusengero.**

5. Soma Luka 18:10. Aba bantu bari ba nde?
   **Umufarisayo n'umukoresha w'ikoro.**

6. Soma Luka 18:11. Isengesho ry'Umufarisayo ryari irihe?
   **Mana, ndagushimiye yuko ntameze nk'abandi (ntabwo ndi umunyabyaha). Ntago ndi umunyazi, ukiranirwa umusambanyi, cyangwa nk'uyu mukoresha w'ikoro.**

7. Soma Luka 18:12. Kwiyiriza ubusa bivuga iki?

**Kugira igihe ubaho udafungura.**

8. Soma Luka 18:12. Gutanga icyacumi bivuga iki?
   **Ni ugutanga kimwe cya cumi cy'umugabane wibyo wungutse.**

9. Soma Luka 18:13. Umukoresha w'ikoro yari ahagaze he? Kubera iki?
   **Kure cyane-yari afite isoni zo kujya mu rusengero kuko yari umunyabyaha ukabije, rero yagumye hanze.**

10. Soma Luka 18:13. Ni kuki Umukoresha w'ikoro yubitse umutwe we hasi ntarebe hejuru?
    **Yari afite isoni. Wari wakora ikosa noneho ukaba utareba umuntu mu maso?**

11. Soma Luka 18:13. Isengesho ry'uyu mukoresha w'ikoro ryari irihe?
    **Mana mbabarira kuko ndi umunyabyaha!**

12. Soma Luka 18:14. Muri aba bantu bombi ni nde wavuye imbere y'Imana yiswe umukiranutsi igihe yari atashye?
    **Umukoresha w'ikoro.**

13. Soma Luka 18:14 Kubera iki umukoresha w'ikoro yiswe umukiranutsi ntibyitwe umufarisayo?
    **Kubera ko yicishije bugufi imbere y'Imana. Umufarisayo yari yuzuye ubwibone; ntabwo yigeze atekereza ko akeneye umucunguzi.**

14. Soma Luka 18:14 Ese Imana yababariye uyu mukoresha w'ikoro?
    **Yego.**

15. Soma Abaroma 10:3. Ese wowe uyu mwanya upfukamye ku mavi yawe ukaririra Imana biturutse ku mutima, Mana ngirira imbabazi njye munyabyaha, ese Imana yagufata nk'uko yafashe Umukoresha w'ikoro?
**Yego, yabikora. yambabarira ikananyoza gukiranirwa kose. Reba 1 Yohana 1:8-9.**

## ISOMO 3 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Tito 3:5. Ese gukiranuka dukeneye ni ugukiranuka twakwiremera?
**Hoya.**

2. Soma 2 Abakorinto 5:21. Ese gukiranuka dukeneye ni ukumeze gute?
**Gukiranuka kw'Imana (kuzanwa na Yesu Kristo).**

3. Soma Abaroma 3:22. Ni gute twakira uku gukiranuka?
**Binyuze mu kwizera Yesu Kristo.**

4. Soma Abafilipi 3:9. Gukiranuka kw'amategeka ni ukuhe?
**Ni ugukiranuka kwanjye ni ugukiranuka nshobora kwiremera.**

5. Soma Abagalatiya 2:21. Ni gute twaburizamo ubuntu bw'Imana?
**Twaburizamo Ubuntu bw'Imana igihe tugerageje gukizwa ku bw'imirimo yacu myiza aho kwiringira urupfu rwa Kristo ku bw'agakiza kacu.**

6. Soma Abaroma 5:17. Gukiranuka kw'Imana kwakirwa nk'iki?
**Nk'impano.**

## ISOMO 4 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Itangiriro 3:1. Ni ikihe kibazo Satani yabajije Eva?
   **Ese koko Imana yaravuze ngo ntimuzarye ku biti byose byo mu ngobyi?**

2. Soma Itangiriro 2:17 n'Itangiriro 3:3. Ni irihe jambo cyangwa amagambo Eva yongeye ku byo Imana yabwiye Adamu?
   **Ngo ntibazagikoreho.**

3. Soma Itangiriro 3:6. Igihe Satani yari amaze gushyira gushidikanya mu bitekerezo bya Eva ku bijyanye n'ijambo ry'Imana, ni iki yakoze kuri uyu murongo?
   **Yarafashe arya ku giti.**

4. Soma Itangiriro 3:9-10. Adamu na Eva bamaze gucumura, ese Imana yakomeje kuvugana na bo no kugirana ubusabane na bo.
   **Yego.**

5. Soma Itangiriro 3:22-24. Kubera iki Imana yirukanye Adamu na Eva mu ngobyi?
   **Kugira ngo batarya ku giti hanyuma bakarama iteka mu buzima bwandujwe n'icyaha.**

6. Ese urabona ko cyari igikorwa cy'imbabazi z'Imana aho kuba igihano?
   **Yego.**

7. Soma Abaroma 5:17. Ni gute tubona ubuntu bw'Imana busesekaye n'impano yo gukiranuka?
   **C. Kubwakira.**

8. Soma Abaroma 6:23. Ni iki mu by'ukuri dukwiriye igihe ducumuye?
   **Urupfu.**

9. Ku bw'ubuntu, ni iki ahubwo Imana iduha?
   **Ubugingo buhoraho muri Yesu.**

10. Soma Abaroma 10:3. Igihe tugerageje gushyiraho gukiranuka kwacu imbere y'Imana, ni iki tuba twananiwe gukora?
    **Kwiyegurira Yesu nko gukiranuka kwacu.**

11. Soma 1 Yohana 1:9 na Abaroma 4:3. Ni iki Imana isezeranya gukora ku byaha byacu byose n'ibicumuro tuyikorera igihe twizeye gusa?
    **Kubikuraho, kubyibagirwa, kutubabarira.**

12. Ibi bikubwira iki kuri kamere n'imiterere y'Imana?
    **Ko ari inyembabazi kandi ikunda.**

## ISOMO 5 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Abaroma. Ijambo "kubarwaho" risobanura iki?
   **Kwishyuza umuntu ikintu.**

2. Soma Abaroma 7:7. Intego y'amategeko yari iyihe?
   **Kumenyekanisha icyaha.**

3. Soma Abagalatiya 3:24. Dukurikije uyu murongo, intego y'amategeko yari iyihe?
   **Kwereka umuntu ubukene bw'uko akeneye umucunguzi, Yesu Kristo.**

4. Soma Yohani 8:1-11. Ni gute Yesu yafashe umugore wari

wafatiwe mu busambanyi?
**Mu buntu n'imbazi.**

5. Ese amagambo ya Yesu n'ibikorwa bye byagaragaje kamere nyayo y'Imana? Reba Yohana 3:34.
**Yego.**

6. Soma 1 Yohana 4:8. Ukurikije uyu murongo Kamere nyayo y'Imana ni iyihe?
**Urukundo.**

7. Soma Abaroma 5:6. Urukundo rw'Imana rwatugaragarijwe igihe twari turi iki?
**Turi abanyantegenke, bivuze, tutakwifasha kandi abanyabyaha.**

8. Soma 5:8. Imana yadukunze tukiri iki?
**Abanyabyaha.**

9. Soma Abaroma 5:10. Imana yadukunze tukiri iki?
**Abanzi bayo.**

10. Ese usabye Yesu Kristo kukubabarira no kuba Umukiza n'Umwami wawe, ukizera igitambo cya Yesu nk'ubwishyu bw'ibyaha byawe, ese Imana yakwereka kamere yayo nyakuri y'imbabazi n'ubuntu?
**Yego.**

## ISOMO 6 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Sobanura kwihana.
   - **Ni isura ihindukiye Yiyemeje gukora ibintu bishya.**
   - **N'uguhindura ibitekerezo.**

- **Guhinduka ku mutima gutuma umuntu agarukira Imana; kuva mu nzira ze ajya mu z'Imana.**
- **Guhindura icyerekezo, bitari ubutungane.**
- **Gukora amahitamo ahindura icyerekezo cy'ubuzima bw'umutu.**
- **Kuva mu nzira za kera, ukiyegurira Imana n'inzira Zayo.**
- **Kugarukira umuntu, Imana binyuze muri Yesu Kristo.**

2. Soma Luka 13:1-5. Ni iki umuntu yakora kugira ngo atarimbuka?
   **Kwihana.**

3. Soma 2 Petero 3:9. Ni ikihe cyifuzo cy'Imana kubantu bose?
   **Ko bose bihana.**

4. Soma Luka 16:19-31. Muri Luka 16:28 Kuki umugabo w'umutunzi yashakaga ko hagira ujya kubwira bene se?
   **Kugira ngo batazajya ahantu ho kubabarizwa.**

5. Soma Luka 16:30. Ni iki aba bavandimwe bakora kugira ngo batazajya aha hantu ho kubabarizwa? (ikuzimu)
   **Bagomba kwihana.**

6. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 26:30. Nubwo hatabivuga neza, uyu murongo uravuga ku kwihana. Ni iki kizaba kuri abo bihana?
   - **Amaso yabo azabona.**
   - **Bazava mu mwijima bajya mu mucyo.**
   - **Bazava mu butware bwa Satani bajya mu bw'Imana.**
   - **Bazahabwa imbabazi z'ibyaha byabo.**
   - **Bazahabwa umugabane.**

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 26:20. Ku gace kanyuma k'uyu

murongo, hari ibintu bitatu bihavugwa abanyamahanga bagomba gukora. Ibyo bintu bitatu ni ibihe?

- **Kwihana.**
- **Kugarukira Imana.**
- **Kugaragaza Kwihana kwabo mu byo bakora.**

8. Soma Matayo 7:21-23. Ni iki Yesu yavuze aba bantu bakora aho gukora ubushake bw'Imana?
   **Ibyaha cyangwa kugoma.**

9. Ese ibi bikwereka iki ku kwihana nyabyo bitari kuryarya Imana n'amagambo?
   **Agakiza gaturuka mu mutima, si ku munwa.**

10. Soma Yesaya 55:7. Ni iki abanyabyaha bagoma gukora?
    **Kureka inzira zabo.**

11. Ni ibihe bintu bibiri ukiranirwa agomba gukora?
    **Kureka ibyo yibwira akagarukira Imana.**

12. Ni iki Imana izakorera umuntu ibyo bintu bivuzwe haruguru?
    **Kugira ibambe no kumubabarira pe.**

13. Soma Luka 15:7. Ijuru ryifata rite iyo hagize umunyabyaha umwe wihana?
    **Haba umunezero mu ijuru.**

14. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 3:19. Iyo wihannye ugahindukira, Ni iki kiba ku byaha byawe?
    **Ibyaha byawe birahanagurwa.**

# ISOMO 7 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Luka 9:57-62. Ni iki iki gice cyigisha ku kwiyemeza gukurikira Yesu?
   **Kwitanga by'ukuri.**

2. Soma Luka 8:13-14. Kuki abantu bamwe basa nkaho bananiwe cyangwa bakava mu buzima bwa Gikristo?
   **Ntabwo bashoreye imizi mw'ijambo ry'Imana, amaganya, ubutunzi no kwinezeza by'ubu buzima bikabarangaza.**

3. Soma Ezekiyeli 16:8. Imana ikoresha ikigereranyo cy'ingo kugira ngo isobanure ubusabane cyangwa isano ifitanye n'abantu bayo. Ese muri buno busabane uhinduka umutungo wa nde?
   **W'Imana.**

4. Soma 1 Abakorinto 6:19. Uri uwa nde?
   **Uw'Imana.**

5. Soma 1 Abakorinto. Umubiri wawe n'umwuka wawe ni ibya nde?
   **Imana.**

6. Soma Yakobo 4:4. Ese wakora ubusambanyi bw'umwuka ku Mana?
   **Yego.**

7. Ni iki cyaba kigize ubusambanyi bw'umwuka mu maso y'Imana?
   **Umutima wavuye ku Mana ukajya ku bigirwa mana (Ibintu wahaye agaciro kubirutisha Imana). Reba Abaroma 1:25.**

8. Soma Yohana 2:23-25. Ni iki twakwiga kijyanye no kwiyemeza no ku kwizera biri muri iyi mirongo?
   **Ko Yesu ashaka umutima wacu wose (kumwiyegurira wese).**

9. Soma Luka 14:28-30. Ese wabaze ikiguzi cyo gukurikira Yesu? Ese urashaka kumukurikira?
   **Yego.**

## ISOMO 8 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Ni ikihe kibazo uyu mwana muto ari kubaza?
   **Niba keneye kubatizwa kugira ngo ajye mu ijuru.**

2. Dukurikije Ibyakozwe n'Intumwa 10:43 agakiza katugeraho gute?
   **Ni impano y'ubuntu binyuze mu kwizera Yesu Kristo.**

3. Umubatizo ni ikimenyetso cyo kwizera gikunda kubaho mu gihe wakiriye agakiza. Ni gute Ibyakozwe n'Intumwa 2:38 bigaragaza uku kuri?
   **Petero yaravuze iti: mwihane mubatizwe.**

4. Ni gute muri Mariko 16:16 hagaragaza uku kuri?
   **Yesu yaravuze Uwizera akabatizwa azakizwa. Asobanura ko bishoboka ko binabera rimwe.**

5. Umubatizo ni uburyo bwo gutabaza Imana. Ni gute Ibyakozwe n'Intumwa 22:16 hagaragaza uku kuri?
   **Iki cyanditswe kiravuga ngo uko utabaza izina ry'Imana, ibyaha byawe biruhagirwa. Birasa nkaho gutabaza izina ry'Imana bishobora gukorwa mu ijwi ryumvikana (Luka. 18:13) cyangwa mu gikorwa cyo kubatizwa nkuko bimeze mu cyanditswe.**

6. Umubatizo ni uburyo bwo gutabaza Imana kubw'umutimanama muzima. Ese 1 Petero ashimangira uku kuri?
   **Yego.**

7. Ni iki gisabwa ku mubatizo dukurikije Ibyakozwe n'Intumwa 2:38?
   **Kwihana.**

8. Ni iki bisabwa ku mubatizo dukurikije Mariko 16:16?
   **Ugomba kwizera.**

9. Ese umwana w'uruhinja yakwihana?
   **Hoya.**

10. Ese umwana w'uruhinja yakwizera?
    **Hoya.**

11. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 10:43-48. Ni iki gikurikiraho, nyuma yo kwizera Kristo, uwizera agomba gukora?
    **Umubatizo w'amazi.**

## ISOMO 9 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma 2 Abakorinto 5:17. Umuntu wese uri muri Kristo, aba ari iki?
   **Icyaremwe gishya.**

2. Soma 2 Abakorinto 5:17. Ni iki cyabaye ku bintu bya kera?
   **Byararangiye.**

3. Soma 2 Abakorinto 5:17. Ni ibihe bintu byahindutse bishya?
   **Ibintu byose.**

4. Soma Abefeso 2:1. Wari umeze ute mbere y'uko uvuka ubwa kabiri cyangwa uhindurwa muzima?
   **Nari mpfuye mu byaha.**

5. Soma Abefeso 2:2. Nk'utizera ni gute witwaraga cyangwa wabagaho?
   **Nakurikizaga imigenzo y'isi, naciraga bugufi Satani (Umutware w'imbaraga zo mukirere), kandi nagenderanga mu mwuka w'ubwigomeke.**

6. Soma Abefeso 2:3-5. Imana ikize mu ki?
   **Mu mbabazi.**

7. Soma Abefeso 2:4. Ni kuki Imana ari inyembabazi?
   **Ni ukubera urukundo rwayo rwinshi kuri twe.**

8. Soma Abefeso 2:5. Ni iki Imana Yadukoreye igihe twari dupfuye mu bicumuro byacu?
   **Yaduhinduranye bazima na Kristo.**

9. Soma Abefeso 2:5. Ni gute Imana yadukijije?
   **Ku bw'ubuntu bwayo.**

10. Soma 1 Abakorinto 6:9-10. Ese wakwisanisha na kimwe muri ibi bisobanuro by'uru rutonde?
    **Yego.**

11. Soma 1 Abakorinto 6:11. Ese ijambo "bari" ni impitagihe? Indagihe, cyangwa inzagihe?
    **Impitagihe.**

12. Soma 1 Abakorinto 6:11. Igihe "wavukaga ubwa kabiri" ni ibihe bintu 3 byakubayeho?

**Waruhagiwe, wahinduwe umukiranutsi, uratsindishirizwa imbere y'Imana.**

13. Soma 1 Abakorinto 6:11. Ese iyi ni impitagihe, indagihe, inzagihe?
**Indagihe.**

14. Soma 1 Abakorinto 6:17. "Uwifatanya n'Umwami Yesu aba abaye …? na we."
**Umwuka umwe.**

## ISOMO 10 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma 1 Abakorinto 6:17. Uburyo dushobora kumenya impinduka yabayeho mu mwuka wacu ni ku bw'ijambo ry'Imana. Ni iki 1 Abakorinto 6:17 hatubwira ko kiba cyatubayeho?
**Umwuka wacu uba wunzwe n'uw'Imana.**

2. Soma Abefeso 3:17. Ni he Kristo ubu atuye?
**Mu mitima yacu.**

3. Soma Abefeso 3:17. Ni gute ibi bibaho?
**Mu kwizera.**

4. Soma 1 Yohana 5:12. Ni nde tugomba kugira kugira ngo tubone agakiza?
**Umwana (Yesu Kristo).**

5. Soma Abakolosayi 1:26-27. Ni ubuhe bwiru bwahishwe uhereye kera kose, ibihe n'ibihe, ubu bukaba bwaraduhishuriwe?
**Kristo muri twe, ibyiringiro by'ubwiza.**

6. Soma Abefeso 4:23-24. Ni iki cyaremwe mu gukiranuka no kwera nyakuri?
   **Umuntu wacu mushya (umwuka wacu wavutse ubwakabiri).**

7. Soma 2 Abakorinto 5:21. Ni ugukiranuka kwa nde dufite?
   **Gukiranuka kw'Imana muri Kristo.**

8. Soma Abefeso 1:4. Uwizera ahagaze ate imbere y'Imana?
   **Arera nta rubanza.**

9. Soma Abefeso 1:6. Twemewe dute?
   **Mu Mukiza wayo (Yesu Kristo).**

## ISOMO 11 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Abaroma 4:5. Gutsindishirizwa kw'Imana (guhindura ukiranuka) ni ukw'abantu bameze bate …?
   **Bakiranirwa.**

2. Soma Abaroma 4:2-3. Hari ikintu Imana yabaze kuri Aburahamu (igihe yizeraga) icyo atari afite mbere. Icyo ni iki?
   **Gukiranuka cyangwa kwemerwa imbere y'Imana.**

3. Soma Abaroma 4:22-24. Iyo twizeye nkuko Aburahamu yabikoze, Ni iki Imana izatubaraho?
   **Gukiranuka cyangwa kwemerwa imbere y'Imana.**

4. Soma Abaroma 4:6. Imana ibaraho umuntu gukiranuka ...?
   **B. Nta mirimo yabo.**

5. Soma Abaheburayo 10:14. Ni gihe kingana iki abizera batsindishirizwa imbere y'Imana?
   **Iteka ryose.**

6. Soma Abaroma 5:17. Gukiranuka bibonwa ...?
   **B. Nk'impano.**

7. Ijambo "impano" rivuga iki?
   **Ikintu uhabwa ku busa, nta kiguzi ku muntu uyakira.**

8. Kwizera Yesu kugira ngo abe Umucunguzi wawe, ugomba kumwizera akakujyana ...?
   **B. Mu ijuru.**

## ISOMO 12 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Matayo 13:19. Niba tudateye ijambo ry'Imana mu mitima yacu Ni iki kizaba?
   **Umubi azarijyana kugira ngo ritera imbuto mu buzima bwacu.**

2. Soma Yosuwa 1:8. Ni ryari dukwiye gutekereza ku ijambo ry'Imana?
   **Amanywa n'ijoro.**

3. Soma Yohana 6:63. Dukurikije Yohana 6:63, Ijambo ry'Imana Ni ...?
   **Umwuka n'ubugingo.**

4. Soma Matayo 4:4. Umuntu ntagomba gutungwa n'ibiryo by'umubiri gusa, ahubwo Na ...?
   **Buri jambo rituruka mukanwa k'Imana.**

5. Soma Abefeso 6:17. Ijambo ry'Imana rimeze nk'iyihe ntwaro?
   **Inkota.**

6. Ese inkota yagira icyo yangizwa ku mwanzi wayo?
   **Yego.**

7. Soma Abaroma 8:6. Igihe duhaye umwanya muzima ijambo ry'Imana mu buzima bwacu, tuzagira ...?
   **Ubugingo n'amahoro.**

8. Soma 2 Abakorinto 3:18. Icyo dushyizeho ibitekerezo byacu nicyo kitwuzura. Ni iki dukwiriye gushyiraho ibitekerezo byacu?
   **Imana n'icyubahiro cyayo.**

## ISOMO 13 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Yakobo 1:13. Imana niyo ituma abantu boshywa n'ibibi??
   **Hoya.**

2. Soma Yakobo 1:17. Impano nziza zituruka he?
   **Kuri Se w'imicyo.**

3. Soma Yohana 10:10. Umujura ni nde?
   **Ni Satani.**

4. Soma Yohana 10:10. Intego ye ni iyihe?
   **Kwiba, kwica no kurimbura.**

5. Soma Yohana 10:10. Yesu yazanywe n'iki?
   **Kuduha ubugingo bwinshi.**

6. Soma Yakobo 4:7. Ni iki kiva mu kugandukira Imana no kwirukana Satani?
   **Azaguhunga.**

7. Soma Abaroma 8:28. Ese Abaroma 8:28 havuga ko ibintu byose bituruka ku Mana?
   **Hoya.**

8. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 10:38. Ese indwara ziva ku mana?
   **Hoya.**

9. Soma 1 Yohana 3:8. Ni iyihe ntego yatumye Umwana w'Imana yerekanwa?
   **Gukuraho imirimo ya Satani.**

## ISOMO 14 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Mariko 16:16. Usome Ibyakozwe n'Intumwa 8:5, 12. Abantu bavugwa mu Byakozwe n'Intumwa 8:12 bahindutse abakristo?
   **Yego.**

2. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:14-16. Ese aba bantu bigeze bakira umubatizo w'Umwuka Wera?
   **Hoya.**

3. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 19:1-5 Ese aba bantu ni abizera?
   **Yego.**

4. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 19:6-7. Ese bigeze bakira umubatizo w'Umwuka Wera?
   **Hoya. IKITONDERWA: Iki kimenyetso gitandukanye no kwakira agakiza.**

5. Soma Luka 11:13. Ni iki Luka 11:13 havuga ko dukwiriye gukora iki kugira ngo twakire Umwuka Wera?
   **Gusaba.**

6. Soma 1 Abakorinto 14:2. Iyo umuntu avuga mu ndimi nshya, ni iki aba arimo gukora?
   **Aba avugana n'Imana kandi avuga amayobera.**

7. Soma 1 Abakorinto 14:14. Iyo umuntu avuga mu ndimi nshya, Ni iki aba arimo gukora?
   **Umwuka we uba usenga Imana.**

8. Soma 1 Abakorinto 14:16-17. Iyo umuntu avuga mu ndimi nshya, aba arimo gukora iki?
   **Ashima Imana ayishimisha umwuka we.**

9. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:4. Iyo hagize uvuga mu ndimi nshya, ni Umwuka Wera uba uvuga cyangwa ni umuntu uba uvuga?
   **Ni umuntu uba uvuga.**

10. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:4. Ni nde uha umuntu amagambo yo kuvuga?
    **Ni Umwuka Wera.**

## ISOMO 15 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Sobanura amwe mu magambo Bibiliya ikoresha ku gakiza.
   - **Kuvuka ubwa kabiri (Yohana 3:3).**
   - **Guhinduka (Ibyakozwe n'Intumwa 3:19).**
   - **Kwizera no kubatizwa (Mariko 16:16).**
   - **Kuba warababariwe (Abakolosayi 2:13).**
   - **Kuba warakiriye umwuka wa Kristo (Matayo 25:46).**

2. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 11:15. Ni gute Ibyakozwe n'Intumwa 11:15 hasobanura igikorwa cyo kubatizwa n'Umwuka Wera?
   **Iyo Umwuka Wera aje ku muntu.**

3. Abigishwa ba Yesu bakiriye Umwuka Wera (Yohana 20:20), ariko hashize iminsi mike babatizwa n'Umwuka Wera

(Ibyakozwe n'Intumwa 2:1-4).
**Muri Yohana 20:22 abigishwa bakiriye Umwuka Wera. Mu Byakozwe n'Intumwa 2:1-4 noneho buzura Umwuka Wera (Ariko kwibizwa kw'imbere n'inyuma) Reba Ibyakozwe n'Intumwa 1:8.**

4. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 1:8. Intego yo kubatizwa n'Umwuka Wera Ni iyihe?
**Kugira ngo uhabwe imbaraga zo gukora umurimo (cyangwa guhamya).**

5. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:38-39 na 1 Abakorinto 1:7. Ese umubatizo w'Umwuka Wera ni uwacu ab'iki gihe?
**Yego. Impano y'Umwuka Wera izahagarara igihe cyo kuza ubwa kabiri cya Kristo, ariko n'ukurindira icyo gihe.**

6. Soma Luka 11:13. Niba utarakira umubatizo w'Umwuka Wera, Ni iki ugomba gukora?
**Ku wusaba.**

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:4. Uzasaba, wakire, uvuge unaramye Imana mu rurimi rwo gusenga Imana iguha?
**Yego. Uzavuga ariko Umwuka Wera azaguha ururimi rwo kuvuga.**

## ISOMO 16 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Yuda 1:20. Ni akahe kamaro gakomeye ko gusengera mu mwuka?
**Uriyubaka.**

2. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:4. Ni abantu bangahe buzuye Umwuka Wera?

**Bose.**

3. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:4. Ni iki bakoze bitewe no kuzura Umwuka Wera?
   **Bavuze mu ndimi.**

4. Soma 1 Abakorinto 14:14. Ni ikihe gice kikugize gisenga iyo usenze mu rurimi rutazwi?
   **Umwuka wawe uba usenga.**

5. Soma 1 Abakorinto 14:2. Iyo umuntu avuze mu rurimi rutazwi, aba avugana nande?
   **Imana.**

6. Soma 1 Abakorinto 14:2. Iyo umuntu asenze mu rurimi rutazwi, ese abantu bashobora kumva ibivugwa?
   **Hoya.**

7. Soma 1 Abakorinto 14:2. Iyo usenze mu rurimi rutazwi umwuka wawe uba uvuga iki?
   - **Amayobera.**
   - **Amabanga (Ubishyize mu magambo y'iki kinyejana).**
   - **Amagambo y'ubusabane ari hagati yawe n'Imana (Ubutumwa).**

8. Soma 1 Abakorinto 14:4. Iyo usenga mu ndimi uba ukora iki?
   **Kwiyubaka.**

9. Soma 1 Abakorinto 14:16. Iyo usenga mu ndimi uba uri gukora iki?
   **Ushimira Imana unayihimbaza.**

# AKIRA YESU NK'UMUKIZA WAWE

Guhitamo kwakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza wawe nicyo cyemezo cya ngombwa uzigera ukora!

**Ijambo ry'Imana ridusezeranya, ko** *niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa.* [10] *Kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ari ko yatuza agakizwa …* [13] *Kuko umuntu wese uzambaza izina ry'Umwami azakizwa* **(Abaroma 10:9-10, 13).**

Ku bw'ubuntu bwayo, Imana yakoze buri kintu cyose ngo itange agakiza. Uruhare rwawe ni ukwizera no kwakira.

Senga cyane uti, "Yesu ndatura ko uri Umwami n'Umucunguzi wanjye. Ndizera mu mutima wanjye ko Imana yakuzuye mu bapfuye. Ku bwo kwizera Ijambo Ryawe, nakiriye agakiza ubu. Urakoze kubwo kunkiza!"

Mu gihe uhaye ubuzima bwawe Yesu Kristo, ukuri kw'Ijambo Rye ako kanya kuraza kukinjira mu mwuka wawe. Ubu rero kuko uvutse ubwa kabiri, ubaye mushya!

# AKIRA UMWUKA WERA

Nk'umwana wayo, So wo mu ijuru ugukunda arashaka kuguha imbaraga zidasanzwe ukeneye kugira ngo ube muri ubu buzima bushya.

**Luka 11:10,13** *Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n'ukomanga agakingurirwa …* [13] *None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamusabye?*

Icyo ugomba gukora cyose ni ugusaba, ukizera, ukakira! Senga gutya, "Data Ndemera ko nkeneye imbaraga zawe kugira ngo mbashe kubaho muri ubu buzima bushya. Ndakwinginze nyuzuza Umwuka wawe Wera. Kubwo kwizera ndamwakiriye aka kanya! Urakoze kumbatiza. Mwuka Wera, uhawe ikaze mu buzima bwanjye."

Byiza cyane! Ubu wuzuye imbaraga zidasanzwe z'Imana. Zimwe mu nyuguti z'ururimi utazi zizatangira kuva mu mutima wawe ziza mu kanwa kawe (1 Abakorinto 14:14). Uko uzivuga n'ijwi ryumvikana mu kwizera, uba urekura imbaraga z'Imana guturuka imbere muri wowe wiyubaka mu mwuka (umurongo 4). Ibi wabikorera aho waba uri hose n'igihe ubishakiye.

Kuba hari ikintu wumvise cyangwa ntacyo igihe wasabaga ngo wakire Umwami, n'Umwuka We, si byo byangombwa. Niba ubyizera mu mutima wawe ko wakiriye, ijambo ry'Imana risezeranya ko wakiriye. Imana iteka yubahisha ijambo ryayo, byizere!

**Mariko 11:24** *Ni cyo gitumye mbabwira nti Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona.*

# GAHUNDA YO GUSOMA IBYANDITSWE

| | | |
|---|---|---|
| 1. | Itangiriro 1-3; Matayo 1 | ☐ |
| 2. | Itangiriro 4-6; Matayo 2 | ☐ |
| 3. | Itangiriro 7-9; Matayo 3 | ☐ |
| 4. | Itangiriro 10-12; Matayo 4 | ☐ |
| 5. | Itangiriro 13-15 | ☐ |
| 6. | Itangiriro 16-17; Matayo 5 | ☐ |
| 7. | Itangiriro 18-19; Matayo 6 | ☐ |
| 8. | Itangiriro 20-22 | ☐ |
| 9. | Itangiriro 23-24; Matayo 7 | ☐ |
| 10. | Itangiriro 25-26 | ☐ |
| 11. | Itangiriro 27-28; Matayo 8 | ☐ |
| 12. | Itangiriro 29-30; Matayo 9 | ☐ |
| 13. | Itangiriro 31-32 | ☐ |
| 14. | Itangiriro 33-35; Matayo 10 | ☐ |
| 15. | Itangiriro 36-38 | ☐ |
| 16. | Itangiriro 39-40; Matayo 11 | ☐ |
| 17. | Itangiriro 41-42; Matayo 12 | ☐ |
| 18. | Itangiriro 43-45 | ☐ |
| 19. | Itangiriro 46-48 | ☐ |
| 20. | Itangiriro 49-50; Matayo 13 | ☐ |
| 21. | Kuva 1-3; Matayo 14 | ☐ |
| 22. | Kuva 4-6 | ☐ |
| 23. | Kuva 7-8; Matayo 15 | ☐ |
| 24. | Kuva 9-11 | ☐ |
| 25. | Kuva 12-13; Matayo 16 | ☐ |
| 26. | Kuva 14-15; Matayo 17 | ☐ |
| 27. | Kuva 16-18 | ☐ |
| 28. | Kuva 19-20; Matayo 18 | ☐ |

| | | |
|---|---|---|
| 29. | Kuva 21-22; Matayo 19 | ☐ |
| 30. | Kuva 23-24; Matayo 20 | ☐ |
| 31. | Kuva 25-26 | ☐ |
| 32. | Kuva 27-28; Matayo 21 | ☐ |
| 33. | Kuva 29-30 | ☐ |
| 34. | Kuva 31-33 | ☐ |
| 35. | Kuva 34-35; Matayo 22 | ☐ |
| 36. | Kuva 36-38 | ☐ |
| 37. | Kuva 39-40; Matayo 23 | ☐ |
| 38. | Abalewi 1-3 | ☐ |
| 39. | Abalewi 4-5; Matayo 24 | ☐ |
| 40. | Abalewi 6-7; Matayo 25 | ☐ |
| 41. | Abalewi 8-10 | ☐ |
| 42. | Abalewi 11-12 | ☐ |
| 43. | Abalewi 13; Matayo 26 | ☐ |
| 44. | Abalewi 14 | ☐ |
| 45. | Abalewi 15-16 | ☐ |
| 46. | Abalewi 17-18; Matayo 27 | ☐ |
| 47. | Abalewi 19-20 | ☐ |
| 48. | Abalewi 21-22; Matayo 28 | ☐ |
| 49. | Abalewi 23-24 | ☐ |
| 50. | Abalewi 25; Mariko 1 | ☐ |
| 51. | Abalewi 26-27; Mariko 2 | ☐ |
| 52. | Kubara 1-2; Mariko 3 | ☐ |
| 53. | Kubara 3-4 | ☐ |
| 54. | Kubara 5-6; Mariko 4 | ☐ |
| 55. | Kubara 7-8 | ☐ |
| 56. | Kubara 9-11 | ☐ |
| 57. | Kubara 12-14; Mariko 5 | ☐ |
| 58. | Kubara 15-16; Mariko 6 | ☐ |
| 59. | Kubara 17-19 | ☐ |
| 60. | Kubara 20-22 | ☐ |

61. Kubara 23-25; Mariko 7 ☐
62. Kubara 26-28; Mariko 8 ☐
63. Kubara 29-31; Mariko 9 ☐
64. Kubara 32-34 ☐
65. Kubara 35-36; Mariko 10 ☐
66. Gutegeka Kwa Kabiri 1-3 ☐
67. Gutegeka Kwa Kabiri 4-6; Mariko 11 ☐
68. Gutegeka Kwa Kabiri 7-9 ☐
69. Gutegeka Kwa Kabiri 10-12; Mariko 12 ☐
70. Gutegeka Kwa Kabiri 13-15 ☐
71. Gutegeka Kwa Kabiri 16-18; Mariko 13 ☐
72. Gutegeka Kwa Kabiri 19-21 ☐
73. Gutegeka Kwa Kabiri 22-24 ☐
74. Gutegeka Kwa Kabiri 25-27; Mariko 14 ☐
75. Gutegeka Kwa Kabiri 28-29 ☐
76. Gutegeka Kwa Kabiri 30-31; Mariko 15 ☐
77. Gutegeka Kwa Kabiri 32-34 ☐
78. Yosuwa 1-3; Mariko 16 ☐
79. Yosuwa 4-7 ☐
80. Yosuwa 8-10 ☐
81. Yosuwa 11-13 ☐
82. Yosuwa 14-15; Luka 1 ☐
83. Yosuwa 16-18; Luka 2 ☐
84. Yosuwa 19-21 ☐
85. Yosuwa 22-24; Luka 3 ☐
86. Abacamanza 1-3; Luka 4 ☐
87. Abacamanza 4-6 ☐
88. Abacamanza 7-8; Luka 5 ☐
89. Abacamanza 9-10 ☐
90. Abacamanza 11-12; Luka 6 ☐
91. Abacamanza 13-15 ☐
92. Abacamanza 16-18; Luka 7 ☐

| | | |
|---|---|---|
| 93. | Abacamanza 19-21 | ☐ |
| 94. | Rusi | ☐ |
| 95. | 1 Samweli 1-3; Luka 8 | ☐ |
| 96. | 1 Samweli 4-7 | ☐ |
| 97. | 1 Samweli 8-10 | ☐ |
| 98. | 1 Samweli 11-12; Luka 9 | ☐ |
| 99. | 1 Samweli 13-14 | ☐ |
| 100. | 1 Samweli 15-16; Luka 10 | ☐ |
| 101. | 1 Samweli 17-18; Luka 11 | ☐ |
| 102. | 1 Samweli 19-21 | ☐ |
| 103. | 1 Samweli 22-24 | ☐ |
| 104. | 1 Samweli 25-26; Luka 12 | ☐ |
| 105. | 1 Samweli 27-29 | ☐ |
| 106. | 1 Samweli 30-31; Luka 13 | ☐ |
| 107. | 2 Samweli 1-2; Luka 14 | ☐ |
| 108. | 2 Samweli 3-5 | ☐ |
| 109. | 2 Samweli 6-8 | ☐ |
| 110. | 2 Samweli 9-11; Luka 15 | ☐ |
| 111. | 2 Samweli 12-13; Luka 16 | ☐ |
| 112. | 2 Samweli 14-15; Luka 17 | ☐ |
| 113. | 2 Samweli 16-18 | ☐ |
| 114. | 2 Samweli 19-20; Luka 18 | ☐ |
| 115. | 2 Samweli 21-22 | ☐ |
| 116. | 2 Samweli 23-24; Luka 19 | ☐ |
| 117. | 1 Abami 1-2 | ☐ |
| 118. | 1 Abami 3-5; Luka 20 | ☐ |
| 119. | 1 Abami 6-7 | ☐ |
| 120. | 1 Abami 8-9 | ☐ |
| 121. | 1 Abami 10-11; Luka 21 | ☐ |
| 122. | 1 Abami 12-13 | ☐ |
| 123. | 1 Abami 14-15; Luka 22 | ☐ |
| 124. | 1 Abami 16-18 | ☐ |

125. 1 Abami 19-20; Luka 23 ☐
126. 1 Abami 21-22 ☐
127. 2 Abami 1-3 ☐
128. 2 Abami 4-6; Luka 24 ☐
129. 2 Abami 7-9 ☐
130. 2 Abami 10-12; Yohana 1 ☐
131. 2 Abami 13-14; Yohana 2 ☐
132. 2 Abami 15-16; Yohana 3 ☐
133. 2 Abami 17-18 ☐
134. 2 Abami 19-21 ☐
135. 2 Abami 22-23; Yohana 4 ☐
136. 2 Abami 24-25; Yohana 5 ☐
137. 1 Ibyo ku Ngoma 1-3 ☐
138. 1 Ibyo ku Ngoma 4-7 ☐
139. 1 Ibyo ku Ngoma 8-10 ☐
140. 1 Ibyo ku Ngoma 11-12; Yohana 6 ☐
141. 1 Ibyo ku Ngoma 13-15; Yohana 7 ☐
142. 1 Ibyo ku Ngoma 16-18 ☐
143. 1 Ibyo ku Ngoma 19-21; Yohana 8 ☐
144. 1 Ibyo ku Ngoma 22-24 ☐
145. 1 Ibyo ku Ngoma 25-27 ☐
146. 1 Ibyo ku Ngoma 28-29; Yohana 9 ☐
147. 2 Ibyo ku Ngoma 1-3; Yohana 10 ☐
148. 2 Ibyo ku Ngoma 4-6 ☐
149. 2 Ibyo ku Ngoma 7-9 ☐
150. 2 Ibyo ku Ngoma 10-12; Yohana 11 ☐
151. 2 Ibyo ku Ngoma 13-14 ☐
152. 2 Ibyo ku Ngoma 15-16; Yohana 12 ☐
153. 2 Ibyo ku Ngoma 17-18; Yohana 13 ☐
154. 2 Ibyo ku Ngoma 19-20 ☐
155. 2 Ibyo ku Ngoma 21-22; Yohana 14 ☐
156. 2 Ibyo ku Ngoma 23-24; Yohana 15 ☐

157. 2 Ibyo ku Ngoma 25-27; Yohana 16 ☐
158. 2 Ibyo ku Ngoma 28-29; Yohana 17 ☐
159. 2 Ibyo ku Ngoma 30-31; Yohana 18 ☐
160. 2 Ibyo ku Ngoma 32-33 ☐
161. 2 Ibyo ku Ngoma 34-36; Yohana 19 ☐
162. Ezira 1-2 ☐
163. Ezira 3-5; Yohana 20 ☐
164. Ezira 6-8; Yohana 21 ☐
165. Ezira 9-10; Ibyakozwe n'Intumwa 1 ☐
166. Nehemiya 1-3 ☐
167. Nehemiya 4-6; Ibyakozwe n'Intumwa 2 ☐
168. Nehemiya 7-9; Ibyakozwe n'Intumwa 3 ☐
169. Nehemiya 10-11; Ibyakozwe n'Intumwa 4 ☐
170. Nehemiya 12-13 ☐
171. Esiteri 1-2; Ibyakozwe n'Intumwa 5 ☐
172. Esiteri 3-5 ☐
173. Esiteri 6-8; Ibyakozwe n'Intumwa 6 ☐
174. Esiteri 9-10; Ibyakozwe n'Intumwa 7 ☐
175. Yobu 1-2 ☐
176. Yobu 3-4 ☐
177. Yobu 5-7; Ibyakozwe n'Intumwa 8 ☐
178. Yobu 8-10 ☐
179. Yobu 11-13; Ibyakozwe n'Intumwa 9 ☐
180. Yobu 14-16 ☐
181. Yobu 17-19 ☐
182. Yobu 20-21; Ibyakozwe n'Intumwa 10 ☐
183. Yobu 22-24; Ibyakozwe n'Intumwa 11 ☐
184. Yobu 25-27; Ibyakozwe n'Intumwa 12 ☐
185. Yobu 28-29; Ibyakozwe n'Intumwa 13 ☐
186. Yobu 30-31 ☐
187. Yobu 32-33; Ibyakozwe n'Intumwa 14 ☐
188. Yobu 34-35; Ibyakozwe n'Intumwa 15 ☐

189. Yobu 36-37 ☐
190. Yobu 38-40 ☐
191. Yobu 41-42; Ibyakozwe n'Intumwa 16 ☐
192. Zaburi 1-3; Ibyakozwe n'Intumwa 17 ☐
193. Zaburi 4-6 ☐
194. Zaburi 7-9; Ibyakozwe n'Intumwa 18 ☐
195. Zaburi 10-12 ☐
196. Zaburi 13-15; Ibyakozwe n'Intumwa 19 ☐
197. Zaburi 16-17; Ibyakozwe n'Intumwa 20 ☐
198. Zaburi 18-19 ☐
199. Zaburi 20-22 ☐
200. Zaburi 23-25; Ibyakozwe n'Intumwa 21 ☐
201. Zaburi 26-28; Ibyakozwe n'Intumwa 22 ☐
202. Zaburi 29-30; Ibyakozwe n'Intumwa 23 ☐
203. Zaburi 31-32 ☐
204. Zaburi 33-34; Ibyakozwe n'Intumwa 24 ☐
205. Zaburi 35-36; Ibyakozwe n'Intumwa 25 ☐
206. Zaburi 37-39; Ibyakozwe n'Intumwa 26 ☐
207. Zaburi 40-42; Ibyakozwe n'Intumwa 27 ☐
208. Zaburi 43-45 ☐
209. Zaburi 46-48; Ibyakozwe n'Intumwa 28 ☐
210. Zaburi 49-50; Abaroma 1 ☐
211. Zaburi 51-53; Abaroma 2 ☐
212. Zaburi 54-56; Abaroma 3 ☐
213. Zaburi 57-59; Abaroma 4 ☐
214. Zaburi 60-62; Abaroma 5 ☐
215. Zaburi 63-65; Abaroma 6 ☐
216. Zaburi 66-67; Abaroma 7 ☐
217. Zaburi 68-69 ☐
218. Zaburi 70-71; Abaroma 8 ☐
219. Zaburi 72-73; Abaroma 9 ☐
220. Zaburi 74-76 ☐

221. Zaburi 77-78; Abaroma 10 ☐
222. Zaburi 79-80; Abaroma 11 ☐
223. Zaburi 81-83 ☐
224. Zaburi 84-86; Abaroma 12 ☐
225. Zaburi 87-88; Abaroma 13 ☐
226. Zaburi 89-90; Abaroma 14 ☐
227. Zaburi 91-93; Abaroma 15 ☐
228. Zaburi 94-96 ☐
229. Zaburi 97-99; Abaroma 16 ☐
230. Zaburi 100-102; 1 Abakorinto 1 ☐
231. Zaburi 103-104; 1 Abakorinto 2 ☐
232. Zaburi 105-106; 1 Abakorinto 3 ☐
233. Zaburi 107-109; 1 Abakorinto 4 ☐
234. Zaburi 110-112; 1 Abakorinto 5 ☐
235. Zaburi 113-115; 1 Abakorinto 6 ☐
236. Zaburi 116-118; 1 Abakorinto 7 ☐
237. Zaburi 119 ☐
238. Zaburi 120; 1 Abakorinto 8 ☐
239. Zaburi 121-122; 1 Abakorinto 9 ☐
240. Zaburi 123-125; 1 Abakorinto 10 ☐
241. Zaburi 126-128 ☐
242. Zaburi 129-131; 1 Abakorinto 11 ☐
243. Zaburi 132-134 ☐
244. Zaburi 135-136; 1 Abakorinto 12 ☐
245. Zaburi 137-139; 1 Abakorinto 13 ☐
246. Zaburi 140-142 ☐
247. Zaburi 143-145; 1 Abakorinto 14 ☐
248. Zaburi 146-147; 1 Abakorinto 15 ☐
249. Zaburi 148-150 ☐
250. Imigani 1-2; 1 Abakorinto 16 ☐
251. Imigani 3-5; 2 Abakorinto 1 ☐
252. Imigani 6-7; 2 Abakorinto 2 ☐

253. Imigani 8-9; 2 Abakorinto 3 ☐
254. Imigani 10-12; 2 Abakorinto 4 ☐
255. Imigani 13-15; 2 Abakorinto 5 ☐
256. Imigani 16-18; 2 Abakorinto 6 ☐
257. Imigani 19-21; 2 Abakorinto 7 ☐
258. Imigani 22-24; 2 Abakorinto 8 ☐
259. Imigani 25-26; 2 Abakorinto 9 ☐
260. Imigani 27-29; 2 Abakorinto 10 ☐
261. Imigani 30-31; 2 Abakorinto 11 ☐
262. Umubwiriza 1-3 ☐
263. Umubwiriza 4-6; 2 Abakorinto 12 ☐
264. Umubwiriza 7-9; 2 Abakorinto 13 ☐
265. Umubwiriza 10-12; Abagalatiya 1 ☐
266. Indirimbo ya Salomo 1-3; Abagalatiya 2 ☐
267. Indirimbo ya Salomo 4-5; Abagalatiya 3 ☐
268. Indirimbo ya Salomo 6-8; Abagalatiya 4 ☐
269. Yesaya 1-2; Abagalatiya 5 ☐
270. Yesaya 3-4; Abagalatiya 6 ☐
271. Yesaya 5-6; Abefeso 1 ☐
272. Yesaya 7-8; Abefeso 2 ☐
273. Yesaya 9-10; Abefeso 3 ☐
274. Yesaya 11-13; Abefeso 4 ☐
275. Yesaya 14-16 ☐
276. Yesaya 17-19; Abefeso 5 ☐
277. Yesaya 20-22; Abefeso 6 ☐
278. Yesaya 23-25; Abafilipi 1 ☐
279. Yesaya 26-27; Abafilipi 2 ☐
280. Yesaya 28-29; Abafilipi 3 ☐
281. Yesaya 30-31; Abafilipi 4 ☐
282. Yesaya 32-33; Abakolosayi 1 ☐
283. Yesaya 34-36; Abakolosayi 2 ☐
284. Yesaya 37-38; Abakolosayi 3 ☐

285. Yesaya 39-40; Abakolosayi 4 ☐
286. Yesaya 41-42; 1 Abatesalonike 1 ☐
287. Yesaya 43-44; 1 Abatesalonike 2 ☐
288. Yesaya 45-46; 1 Abatesalonike 3 ☐
289. Yesaya 47-49; 1 Abatesalonike 4 ☐
290. Yesaya 50-52; 1 Abatesalonike 5 ☐
291. Yesaya 53-55; 2 Abatesalonike 1 ☐
292. Yesaya 56-58; 2 Abatesalonike 2 ☐
293. Yesaya 59-61; 2 Abatesalonike 3 ☐
294. Yesaya 62-64; 1 Timoteyo 1 ☐
295. Yesaya 65-66; 1 Timoteyo 2 ☐
296. Yeremiya 1-2; 1 Timoteyo 3 ☐
297. Yeremiya 3-5; 1 Timoteyo 4 ☐
298. Yeremiya 6-8; 1 Timoteyo 5 ☐
299. Yeremiya 9-11; 1 Timoteyo 6 ☐
300. Yeremiya 12-14; 2 Timoteyo 1 ☐
301. Yeremiya 15-17; 2 Timoteyo 2 ☐
302. Yeremiya 18-19; 2 Timoteyo 3 ☐
303. Yeremiya 20-21; 2 Timoteyo 4 ☐
304. Yeremiya 22-23; Tito 1 ☐
305. Yeremiya 24-26; Tito 2 ☐
306. Yeremiya 27-29; Tito 3 ☐
307. Yeremiya 30-31; Filemoni 1 ☐
308. Yeremiya 32-33; Abaheburayo 1 ☐
309. Yeremiya 34-36; Abaheburayo 2 ☐
310. Yeremiya 37-39; Abaheburayo 3 ☐
311. Yeremiya 40-42; Abaheburayo 4 ☐
312. Yeremiya 43-45; Abaheburayo 5 ☐
313. Yeremiya 46-47; Abaheburayo 6 ☐
314. Yeremiya 48-49; Abaheburayo 7 ☐
315. Yeremiya 50; Abaheburayo 8 ☐
316. Yeremiya 51-52; Abaheburayo 9 ☐

317. Amaganya 1-2; Abaheburayo 10 ☐
318. Amaganya 3-5 ☐
319. Ezekiyeli 1-2 ☐
320. Ezekiyeli 3-4; Abaheburayo 11 ☐
321. Ezekiyeli 5-7; Abaheburayo 12 ☐
322. Ezekiyeli 8-10; Abaheburayo 13 ☐
323. Ezekiyeli 11-13; Yakobo 1 ☐
324. Ezekiyeli 14-15; Yakobo 2 ☐
325. Ezekiyeli 16-17; Yakobo 3 ☐
326. Ezekiyeli 18-19; Yakobo 4 ☐
327. Ezekiyeli 20-21; Yakobo 5 ☐
328. Ezekiyeli 22-23; 1 Petero 1 ☐
329. Ezekiyeli 24-26; 1 Petero 2 ☐
330. Ezekiyeli 27-29; 1 Petero 3 ☐
331. Ezekiyeli 30-32; 1 Petero 4 ☐
332. Ezekiyeli 33-34; 1 Petero 5 ☐
333. Ezekiyeli 35-36; 2 Petero 1 ☐
334. Ezekiyeli 37-39; 2 Petero 2 ☐
335. Ezekiyeli 40-41; 2 Petero 3 ☐
336. Ezekiyeli 42-44; 1 Yohana 1 ☐
337. Ezekiyeli 45-46; 1 Yohana 2 ☐
338. Ezekiyeli 47-48; 1 Yohana 3 ☐
339. Daniyeli 1-2; 1 Yohana 4 ☐
340. Daniyeli 3-4; 1 Yohana 5 ☐
341. Daniyeli 5-7; 2 Yohana 1 ☐
342. Daniyeli 8-10; 3 Yohana 1 ☐
343. Daniyeli 11-12; Yuda 1 ☐
344. Hoseya 1-4; Ibyahishuwe 1 ☐
345. Hoseya 5-8; Ibyahishuwe 2 ☐
346. Hoseya 9-11; Ibyahishuwe 3 ☐
347. Hoseya 12-14; Ibyahishuwe 4 ☐
348. Yoweli; Ibyahishuwe 5 ☐

| | | |
|---|---|---|
| 349. | Amosi 1-3; Ibyahishuwe 6 | ☐ |
| 350. | Amosi 4-6; Ibyahishuwe 7 | ☐ |
| 351. | Amosi 7-9; Ibyahishuwe 8 | ☐ |
| 352. | Obadiya; Ibyahishuwe 9 | ☐ |
| 353. | Yona; Ibyahishuwe 10 | ☐ |
| 354. | Mika 1-3; Ibyahishuwe 11 | ☐ |
| 355. | Mika 4-5; Ibyahishuwe 12 | ☐ |
| 356. | Mika 6-7; Ibyahishuwe 13 | ☐ |
| 357. | Nahumu; Ibyahishuwe 14 | ☐ |
| 358. | Habakuki; Ibyahishuwe 15 | ☐ |
| 359. | Zefaniya; Ibyahishuwe 16 | ☐ |
| 360. | Hagayi; Ibyahishuwe 17 | ☐ |
| 361. | Zekariya 1-4; Ibyahishuwe 18 | ☐ |
| 362. | Zekariya 5-8; Ibyahishuwe 19 | ☐ |
| 363. | Zekariya 9-12; Ibyahishuwe 20 | ☐ |
| 364. | Zekariya 13-14; Ibyahishuwe 21 | ☐ |
| 365. | Malaki 1-4; Ibyahishuwe 22 | ☐ |

# IBYEREKEYE ABANDITSI

## ANDREW WOMMACK

Uhereye igihe umurimo Andrew Wommack Ministries Inc. watangiriye mu 1978, Andrew yakomeje kugaragaza ukuri guherereye mu ijambo ry'Imana mu buryo bworoheje ariko busobanutse, binyuze mu iyerekwa ry'ubumenyi no gusigwa yahawe n'Umwami. Aho ajya hose, gushimangira kwe guhebuje ku ijambo ry'Imana bibohora abantu ku byaha no ku gukiranuka abantu bishyiriyeho, akenshi ibimenyetso n'ibitangaza bigakurikira. Andrew yari umushumba w'amatorero atatu, kandi aracyakomeza gusohoza umuhamagaro w'Imana ku buzima bwe yigisha umubiri wa Kristo inkuru nziza y'umubano dufite muri Yesu Kristo.

## DON KROW

Don yifatanije na Andrew mu murimo w'Imana mu 1975. Akaba yarakorega muri New Mexico, Texas, na Oklahoma mbere yuko aza mu itsinda rikora uyu murimo umunsi ku w'undi mu 1988 nk'umukozi wungirije muri uyu murimo wa Andrew Wommack Ministries Inc. Mu 1994, yabaye umwarimu mu ishuri rya Bibiliya ryitwa Charis. Mu itangiriro z'imyaka ya 1990 Don yashinze umuryango witwa the collection for saints benevolence ministries, ari nawo waje guhuzwa n'umurimo w'ivugabutumwa ryo guhindura abantu abigishwa ritanga ibikoresho byo guhindura abantu abigishwa ndetse no gukora ibikorwa by'ubugwaneza cyane cyane ku bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere.

# IVUGABUTUMWA RY'ABIGISHWA

# ICYICIRO CYA 2

**Byanditswe na**

**Andrew Wommack hamwe na Don Krow**

**Andrew Wommack Ministries**
**Woodland Park, Colorado**

Andrew Wommack Ministries, Inc.
PO Box 3333
Colorado Springs 80934-3333
www.awmi.net

Keretse hari ukundi bigaragaye, Ibyanditswe byose byavanywe muri Bibiliya Yera.

**Ivugabutumwa ry' abigishwa**

**Icyiciro cya 2**

**©2018 Na Andrew Wommack Ministries, Inc.**

**ISBN 978-1-948876-08-7**

Uburenganzira bw'abanditse iki gitabo bugengwa n'itegeko mpuzamahanga ry'inyandiko.Biremewe gukoresha iki gitabo cyangwa kugifotoza, mu gihe hagamijwe kwigisha kandi kigakwirakwizwa nta kiguzi.

# IBIRIMO

**IRIBURIRO KU CYICIRO CYA 2 .....v**

**1. KWIHUGIRAHO.....7**

**2. UKO UTEKEREZA KU IJAMBO RY'IMANA .....13**

**3. GUHINDUKA MU BITEKEREZO.....17**

**4. UMUMARO W'ITORERO RYA KRISTO .....23**

**5. KUBOHOKA .....32**

**6. UBUTWARE BW'UWIZERA .....38**

**7. GUKIRA INDWARA BIRI MU MPONGANO .....46**

**8. IMBOGAMIZI KU GUKIRA INDWARA .....53**

**9. KUBABARIRA ABANDI .....62**

**10. ISHYINGIRWA (IGICE 1) .....70**

**11. ISHYINGIRWA (IGICE 2) .....77**

**12. KAMERE Y' URUKUNDO RW' IMANA (IGICE 1) .....85**

**13. KAMERE Y'URUKUNDO RW'IMANA (IGICE 2).....93**

**14. AMAFARANGA (IGICE 1).....101**

**15. AMAFARANGA (IGICE 2).....107**

**16. WAKORA IKI USENZE NTUSUBIZWE? .....111**

**IBISUBIZO BY'IBANZE.....118**

**AKIRA YESU NK'UMUKIZA WAWE.....140**

**AKIRA UMWUKA WERA .....141**

**GAHUNDA YO GUSOMA IBYANDITSWE.....142**

**IBYEREKEYE ABANDITSI.....154**

# IRIBURIRO KU CYICIRO CYA 2

Uhawe ikaze mu cyiciro cya 2 kigize ibyiciro 3 by'igitabo ngenderwaho cy'ivugabutumwa ry'abigishwa n'imyitozo bijyanye. Iyi gahunda ihebuje ikozwe ku bufatanye bw'inyigisho za Andrew Wommack na Don Krow, ikaba yarakozwe mu rwego rwo kuba igikoresho cy'ibanze mu guhindura abantu abigishwa. Iyi gahunda kandi yakoreshwa buri hantu aho ariho hose no kuri buri muntu. Uhereye ku bantu, ku matsinda mato, amatorero, amashuri, n'ibiterane, iyi gahunda izahindura abasomyi bayo.

Ibikubiye muri iyi gahunda y'amasomo 48 bigabanyijemo ibyiciro bitatu byihariye, bitanga isomo ryanditse, ibyanditswe bijyanye naryo, ibibazo hamwe n'ibisubizo. Imana yatubwiye guhindura abantu abigishwa, atari abihana gusa, (Matayo 28:19) kandi iyi gahunda izahindura umuntu wari ukijijwe imugire umwigishwa, imuvane ku rwego rwo kuba umwigishwa, ahinduke uhindura abandi kuba abigishwa.

Iki cyiciro cya kabiri cy'amasomo 16, kirakwereka byimbitse ukuri kw'ibanze kwa bibiliya kigufashe kugira ubusobanuro buboneye ku rukundo rw'Imana, n'ubuntu kuri wowe kandi ntacyo igusabye. Byongeyeho, harimo inyandiko ebyiri zitanga imiyoboro ibiri ya ngombwa, imwe ivuga 'Uburyo wakira Yesu nk'Umukiza wawe' iya kabiri ikavuga 'Uburyo wakira Umwuka Wera'. Ikindi, ni uko twashyizemo gahunda yo gusoma bibiliya mu mezi 12 kugira ngo ubashe gusoma ijambo ry'Imana ryose.

Iki gikoresho kiri gukoreshwa ku isi yose mu guhindura abantu n'amoko atandukanye kandi kiraboneka mu ndimi nyinshi, nta kiguzi ukaba wagikura ku rubuga rwa internet **awmi.net/demo/downloads**, kiri muri PDF ndetse no muri app za Android n'iza Apple. Imana iguhe umugisha mwinshi ubwo utangiye uru rugendo rwo kuvumbura.

## ISOMO 1

# KWIHUGIRAHO

### Na Andrew Wommack

Kwihugiraho niyo nkomoko y'ibyo tunyuramo byinshi. Hari umurongo wo mu Migani 13 ukwiriye kureba, kuko ntabwo wakwemera ibyo uvuga utawisomeye muri Bibiliya yawe. Umurongo wa 10 uravuga ngo *Ubwibone butera intonganya gusa, Ariko ubwenge bufitwe n'abagirwa inama.* Abantu benshi mbere bagiraga ikibazo kuri uyu murongo bakavuga ngo "Buretse gato. Ubwibone ntabwo cyaba ari cyo kintu cyonyine gitera intonganya cyangwa amahane. Imigani 17:14 haravuga ngo mu ntonganya niho haturuka amahane, rero intonganya ziterwa n'ibirenze ubwibone. Ahubwo ni icyo runaka na runaka bankoreye." Abandi bazavuga ngo, "Ntabwo ubizi, uku niko nteye." Oya, ibyanditswe biravuga ngo, Ubwibone *bwonyine* butera intonganya. Si impamvu imwe mu zindi z'ingenzi, ahubwo niyo yonyine. Abantu bamwe na none bagira ikibazo bakavuga ngo "Ngira ibibazo byinshi, ariko ubwibone si kimwe muri byo. Niba hari n'ikibazo wenda naba mfite cyaba ari ukwisuzugura, nta muntu wanshinja ubwibone."

Tugomba gusobanura icyo ubwibone bivuga. Ntabwo ari ugutekereza ko hari uwo uruta, ahubwo mu magambo yoroheje, ni ukwibona nkaho ari wowe pfundo rya buri kintu. Kwihugiraho mu by'ukuri niwo muzi w'ubwibone bwose. Mu Kubara 12:2 Miliyamu na Aroni, mushiki na murumuna ba Mose, baramurwanije, baramunenga kubera ko yari yarashatse umunyamahangakazi, baravuga bati, *Ni ukuri Uwiteka avugira mu kanwa ka Mose musa? Twe ntatuvugiramo?* Ibyanditswe biri mu dukubo ku murongo wa 3 biravuga ngo uwo mugabo Mose

yari umugwaneza urusha abantu bo mu isi bose. Aho kubabazwa nibyo bamuvuze, yahise abasengera aranabingingira.

Haravuga ngo Mose yari umugwaneza urusha abantu bo mu isi bose, hagarara ubitekerezeho. Ntabwo tuzi uko abantu banganaga ku isi, ariko mu by'ukuri hariho miliyoni nyinshi kandi Mose yari umwe muri zo ari nawe mugwaneza muri zo. Igituma ibi bitangaje cyane ni uko ari nawe wabyanditse. Abantu benshi batekereza ko niba uciye bugufi by'ukuri cyangwa uri umugwaneza, udakwiriye no kubimenya. Iyo ni imyumvire itariyo y'icyo ubwibone ari bwo. Ubwibone si ugutekereza ko uruta abandi - ni ukwihugiraho. Bisa nko kugira inkoni iriho ubwirasi uruhande rumwe no kutigirira icyizere ku rundi ruhande. Ubwo ni uburyo butandukaye bugaragaza ikintu kimwe, ariko byose biri ku nkoni imwe. Ni ukwihugiraho. Waba utekereza ko uri mwiza kuruta abandi cyangwa ko uri mubi kurusha abandi, wihugiyeho. Buri kintu cyose cyanyuzwa muri ako kayunguruzo ko kwihugiraho. Umunyabwoba, umunyesoni aba yibona kandi yihugiraho, yitekerezaho gusa.

Ingingo mvuga ni uko kwihugiraho ari wo muzi w'ubwibone bwose, kandi ibyo ubihuje no mu Migani 13:10, *Ubwibone butera intonganya,* icyo bivuga ni uko kwihugiraho kwacu aribyo bituma turakara, ntago ari ibyo abantu badukorera. Ni ukwihugiraho kwacu gutuma duhindurwa n'ibyo abantu badukorera. Ntabwo uzigera ubuza abantu kugufata nabi, ntibizigera bibaho. Kwizera ntikugamije kugenzura abantu ahubwo kugufasha wowe mu guhangana nawe ubwawe ndetse no guhangana n'ibintu bikurimo. Rero ibyo abantu bagukorera sicyo kibazo.

Ubwo Yesu yabambwagwa ku musaraba, yashoboye gusubiza abantu bamubambaga aravuga ati, "Data, bababarire, kuko ntibazi icyo bakora." Ntiyabujije abo bantu kumubamba ahubwo yaririnze

ubwe. Kwihugiraho nibyo bituma turakara. Yesu ntabwo yaje mu isi ku bwe, ahubwo ni uko yakunze isi cyane byatumye aza ku bwacu. Yatekereje kuri nyina ubwo yari abambye ku musaraba hanyuma abwira umwe mu bigishwa be kwita kuri nyina. Impamvu yatumye Yesu abasha kubabarira no gukorera mu rukundo hagati y'ububabare bwinshi, akarengane, na buri kintu cyose cyari cyamubayeho ni uko atari yihugiyeho.

Kwikunda kwawe niko gutuma urakara, mu gihe ibyanditswe bivuga ko ugomba gupfa kuri kamere. Ubu mbaye mfite umurambo imbere yanjye, nkawutuka, nkawunosha, nkawucira, cyangwa nkawirengagiza, ubaye ari umurambo nyakuri, ntiwabasha kunsubiza. Impamvu usubiza ibintu bikuzengurutse mu buryo ubisubizamo si ukubera impamvu zo hanze ahubwo ni ku bw'impamvu z'ibiri imbere muri wowe. Ntabwo uzigera ukomera mu kwizera ku buryo ubasha gukuraho imitego yose n'ibintu byose bikugirira nabi, ariko ushobora kubanza guhangana nawe ubwawe. Ushobora kugera ku rwego rugira Yesu umwami n'umukiza w'ubugingo bwawe ukamukunda, ugakunda ubwami bwe, n'abandi bantu kuruta uko wikunda. Nukora ibyo ukanahangana na kamere yawe nibwo intonganya n'amahane bizarangira mu buzima bwawe.

Rumwe mu rufunguzo rukomeye rwo gukora ibi bintu byose Imana yakoze mu buzima bwawe ni ukumenya ko Itaguhaye ubwami bwayo ku bw'inyungu zawe bwite. Ntabwo yakoze ibi bintu byose kugira ngo buri cyifuzo cyawe cyose gikemuke. Ukwiye kwiga ko mu kwiyanga no mu gutakaza ubugingo bwawe ariho utangira kubona icyo ubuzima buvuze. Ni mu gukunda abandi n'Imana kuruta uko wikunda bizatuma ukuraho umujinya no kubabara, ibyo bintu byose biba imbere muri wowe.

Ndasenga ngo uyu munsi Imana ifate ibi bintu bicye mvuze ibikoreshe mu gufungura umutima wawe kugira ngo umenye

ko ari ukwihugiraho kwawe kuguteza agahinda. Aho kugira ngo ushyire impamvu zabyo ahandi, ukwiriye kwemera inshingano, icishe bugufi imbere y'Imana, uyisabe kuza imbere muri wowe hanyuma Ibe nini mu buzima bwawe. Iyo niyo nzira izatuma ugendera mu butsinzi.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Mariko 9:33-34. Ni iki abigishwa bajyagaho impaka igihe bari mu nzira igana i Kaperinawumu? _____
_____

**Mariko 9:33-34** *Bagera I kaperinawumu, yinjiye mu nzu arababaza ati icyo mwahoze mugira impaka tukiri mu nzira ni iki? [34] Baramwihorera, kuko mu nzira bahoze bajya impaka z'umukuru wabo uwo ari we. [35] Aricara ahamagara abo cumi na babiri arababwira ati Umuntu ushaka kuba uw'imbere nabe inyuma ya bose, ndetse abe n'umugaragu wa bose.*

2. Ese ibi bigaragaza kwikunda kuba muri twe? _____
_____

3. Soma Mariko 9:35. Dukurikije iki cyanditswe, niba hagize ushaka kuba mukuru mu bandi agomba kubanza kuba iki?
_____
_____

**Mariko 9:35** *Aricara ahamagara abo cumi na babiri arababwira ati umuntu ushaka kuba uw'imbere nabe inyuma ya bose, ndetse abe n'umugaragu wa bose.*

4. Sobanura mu magambo arambuye inyigisho ya Yesu muri Luka 22:24-27. _____
_____
_____
_____
_____

**Luka 22:24-27** *Maze habyuka impaka muri bo, ngo ni nde muri*

*bo ukwiriye gutekerezwa ko ari we mukuru.* [25] *Arababwira ati abami b'amahanga barayategeka n'abafite ubutware bwo kuyatwara bitwa ba ruhekerababyeyi.* [26] *Ariko mwebweho ntimukabe mutyo, ahubwo ukomeye muri mwe abe nk'uworoheje, n'utwara abe nk'uhereza.* [27] *Umukuru ni uwuhe? Ni uherezwa cyangwa ni uhereza? Si uherezwa? Ariko jyewe ndi hagati yanyu meze nk'uhereza.*

5. Soma Imigani 13:10. Ni ikihe kintu kimwe gusa giteza intonganya? _____

   **Imigani 13:10** *Ubwibone butera intonganya gusa, Ariko ubwenge bufitwe n'abagirwa inama nziza*

6. Soma Abagalatiya 2:20. Ni gute dukwiriye kubaho mu buzima bwacu? _____
   _____
   _____

   **Abagalatiya 2:20** *Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira.*

7. Soma Matayo 7:12. Umuti wo kwihugiraho ni uwuhe? _____
   _____
   _____

   **Matayo 7:12** *Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose mube ari ko mubagirira namwe, kuko ayo ari yo mategeko n'ibyahanuwe.*

## ISOMO 2

# UKO UTEKEREZA KU IJAMBO RY'IMANA

### Na Don Krow

Ijambo gutekereza rivuga "gutinda mu bitekerezo byawe, kwibwira, kugambira mu bitekerezo, kugambira cyangwa kuboneza ibitekerezo ku kintu kimwe" Mu Kigiriki bivuga "Kuzengurutsa ikintu mu bitekerezo" kandi bigasobanurwa nko **kwibwira**.

Impamvu ebyiri duhabwa na Bibiliya zo gutekereza ni "Ukwibwira ku bumenyi nyabwo, kandi binavugwa ko ari uguhindura ibitekerezo no kuvugana n'Imana aribyo biba inyuma y'ijambo ryayo" binyuze mu gusenga, gushima, no gutekereza ku ijambo ryayo, ni ukuvuga gutinda mu bitekerezo, kwibwira, no gutekereza ku Mana.

**Gutekereza ku ijambo ry'Imana bishobora gukorwa mu buryo bwo kwiga ku ngingo runaka**. Guhitamo inyigisho ukayitekerezaho. Urugero: Umubatizo. Ugasobanura iryo jambo kuva mu Kigiriki, Mu Giheburayo, cyangwa ugakoresha inkoranyamagambo ifite ubusobanuro buzima. Ugashaka umwimerere wiryo jambo aho ryaturutse. Ukita ku bivugwa muri iyo mirongo ukanabitekerezaho bituma ubasha no kwiga izindi nyigisho zifitanye isano n'iyo ngiyo uba urimo kwigaho, urugero nko, kubabarirwa ibyaha (Ibyakozwe 2:38), kwihana (Ibyakozwe n'Intumwa 2:38), Kwizera (Mariko 16:16), Umutima nama (1 Petero 3:21), guhamagara Imana (Ibyakozwe n'Intumwa 22:16), n'ibindi.

Ukwiriye kwibaza ku bibazo ushobora kuba ufite cyangwa ku byo ibyanditswe bishobora kuba birimo kubaza, urugero: Hari

ibisabwa mbere yo kubatizwa? Ese intego y'umubatizo ni iyihe? Ni ryari umubatizo watangiye gukorwa? Ni mu gihe kingana iki?

**Gutekereza ku ijambo ry'Imana bishobora gukorwa mu buryo bushingiye ku gusobanura ibitekerezo birimo**, bisobanuye gusobanura umurongo ku wundi w'igitabo cyo muri Bibiliya. Ariko urufunguzo rwagufasha ni ukwibwira no gutekereza ku byo usomye mu gitabo kugeza aho usobanukiwe ibiri kuvugirwamo (Imirongo n'ibice).

**Gutekereza ku ijambo ry'Imana bishobora gukorwa mu buryo bwo kwiga ku magambo**. Ni iki amagambo amwe avuze? Ese kwizera bivuze iki? Ese ijambo Databuja rivuze iki? Ese ijambo Yesu rivuze iki? Ese ijambo Kristo rivuze iki? Ese ijambo gutsindishirizwa rivuze iki? N'andi.

**Wanatekereza ukurikije ibika biri muri Bibiliya. Igika ni agace k'igitekerezo mu nyandiko, akenshi kaba kagizwe n'interuro nyinshi**. Igihe uwanditse ahinduye igitekerezo ari kwandika, kenshi, atangira igika gishya.

Iyo utekereza ku byanditswe, reba no kubimenyetso bigize imyandikire, urugero, utubazo. Ni kuki iki kibazo kirimo kubazwa? Ese gihuriye he n'ibirimo kuvugwa? N'ibindi.

Uburyo bwa Bibiliya bwo gutekereza si ukureba ku magambo, ahubwo kureba Imana iri inyuma y'Ijambo.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Ese Ijambo "gutekereza" rivuga iki? _____
   _____
   _____

2. Ni izihe mpamvu ebyiri Bibiliya itanga zo gutekereza ku ijambo ry'Imana? _____
   _____
   _____

3. Kwiga ijambo bishingiye ku ngingo runaka ni iki? _____
   _____
   _____

4. Kwiga ijambo bishingiye ku bitekerezo birimo ni iki? _____
   _____
   _____

5. Soma Luka 6:46. Ese utekereza ko ijambo "Databuja" rivuga iki? _____
   _____
   _____

   **Luka 6:46** *Mumpamagarira iki muti 'Databuja, Databuja', nyamara ntimukore ibyo mvuga?*

6. Soma Matayo 1:21. Ese utekereza ko ijambo "Yesu" rivuga iki?
   _____
   _____

   **Matayo 1:21** *Azabyara umuhungu uzamwite YESU, kuko ari we uzakiza abantu be ibyaha byabo.*

7. Soma Luka 23:1-2. Ese utekereza ko ijambo “Kristo” rivuga iki?

   _____

   _____

   **Luka 23:1-2** *Bose barahaguruka bamujyana kwa Pilato.* [2] *Batangira kumurega bati Uyu twamubonye agandisha ubwoko bwacu, ababuza guha Kayisari umusoro, avuga kandi ko ari Kristo Umwami.*

8. Igika ni iki? _____

   _____

   _____

9. Uburyo bwa Bibiliya bwo gutekereza si ukureba amagambo, ahubwo ni …? _____

   _____

   _____

## ISOMO 3

# GUHINDUKA MU BITEKEREZO

### Na Don Krow

Uyu munsi turashaka kuvuga ku guhinduka mu bitekerezo. Ndashaka gusoma ibice bibiri. Icya mbere kiri mu Bafilipi 4:8. haravuga ngo, *Ibisigaye bene Data, iby'ukuri byose, ibyo kubahwa byose, ibyo gukiranuka byose, ibiboneye byose, iby'igikundiro byose n'ibishimwa byose nihaba hariho ingeso nziza kandi hakabaho ishimwe abe ari byo mwibwira*. Intumwa Pawulo birumvikana ko irimo kutubwira ko hariho ibintu tugomba gutekerezaho. Mu yandi magambo, tugomba guhitamo ibyo dutekereza. Ndabizi neza ko twese tujya tugira ibitekerezo bihabanye n'ijambo ry'Imana, nkuko bivuga mu Baroma, ibice 7, umurongo 22 na 23. Itegeko ry'icyaha rirwanira muri twe rirwanya ibitekerezo byacu. Ariko Bibiliya mu gitabo cya Bafilipi itubwira ko tudakwiriye kwicara ngo tureke ibitekerezo byacu bimere uko byishakiye, ko tugomba guhitamo ibyo dutekereza. Na none Bibiliya itubwira ngo kuko uko atekereza ku mutima ari ko ari (Imigani 23:7). Rero ibyo dutekereza ni iby'ingenzi.

Mu Baroma 12:1 na 2, Bibiliya iravuga, ngo *Nuko bene Data, ndabinginga ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye. [2] Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.* Bibiliya iravuga ngo twahinduka binyuze mu guhindura imitekerereze yacu. Wari uzi ko igihe icyogajuru kitiriwe Apollo

cyajyaga ku kwezi, byasabaga ko buri minota icumi bakosora icyerekezo cy'icyo cyogajuru? Bagiye ku kwezi icyo cyogajuru kibaganisha hirya no hino. Kandi bamaze no kugera yo, bari bafite ahantu icyo cyogajuru cyagombaga kugwa hangana na Kilometero 750, kandi bahageze bibagoye. Ariko urugendo rwose rwageze ku ntego. Dukwiriye gufata igihe tukiyemeza kugirana igihango n'Umwami Yesu Kristo duhindutse ibitambo bizima. Ikibazo cy'igitambo kizima ni uko akenshi kiba gishaka kuva ku gicaniro, rero bidusaba gufata umwanya wo guhindura ibitagenda neza mu bitekerezo byacu. Dukwiriye kugira umutima uvuga ngo, "Mana, ndagushaka kandi ndashaka inzira zawe."

Ntabwo dukwiriye kugirana igihango gusa, ahubwo kimwe mu bice bigize ubuzima bw'ubutsinzi bwa gikristo ni ugutera intambwe yo guhinduka duhinduwe no kugira imitima mishya. Ntabwo twatekereza nk'isi, niba tudashaka kubona ibisubizo by'isi. Nkuko twasomye Abafilipi 4:8, twahitamo ibyo tugomba gutekereza. *Iby'igikundiro byose, ibikwiriye, ibishimwa, tekereza kuri byo*. Ibyo bakoraga mu isezerano rya cyera ni ugufata ijambo ry'Imana bakarimanika ku nkomanizo z'imiryango yabo no ku myambaro yabo. Ryahoraga iteka imbere yabo. Imana yari yarabategetse ko bagomba kuvuga ijambo ry'Imana amanywa n'ijoro kugira ngo bubahirize icyo rivuga. Kandi bagombaga no kubwira abana babo iby'iryo jambo. Ibyo dutekereza ni iby'ingenzi. Bidufitiye umumaro kurindira ijambo ry'Imana mu maso hacu igihe cyose kugira ngo tubashe kugira ubuzima bw'intsinzi. Ibihabanye no gutekereza ku bintu by'igikundiro, n'ibikwiriye, n'ibyo gushimwa, ni ukudatekereza ku bintu by'Imana n'iby'Umwuka Wera. Abaroma 8:6 haravuga ngo *Umutima wa kamere utera urupfu, ariko umutima w'Umwuka uzana ubugingo n'amahoro*. Ni amahoro n'ubugingo gutekereza ku bintu by'Umwuka w'Imana. Ariko iyo dutangiye gutekereza ku gusambana, ibintu by'isi, amafaranga, n'ibindi, uzi ikizaba mu buzima bwacu? Nkuko atekereza mu mutima we ni ko

ari. Tuzatangira gukora ibyo bintu tuba twatekereje. Tuzatangira gushyira ku mugaragaro ibyo bintu mu buzima bwacu, kandi bizangiza ubuzima bwacu. Urabona, intambara nyayo y'umwuka y'abizera ntabwo mu by'ukuri ari ukwirukana no gucyaha Satani igihe cyose, n'ubwo hari ibihe dukwiriye kubikora. Ariko intambara y'umwuka ni uguhindura ibyo dutekereza n'ibyo tumaraho umwanya."

Urebye, Bibiliya iravuga muri Yesaya 26:3 ko Imana izarinda uyishikamijeho umutima. Hari ibihe mu munsi aho twese dukwiriye gusuzuma ibyo turimo, nkuko bivugwa mu Baroma 12. Dukwiriye kuvuga ngo, "Mana ibyo ni ibitekerezo bibi. Nkwiriye guhindukira nkahindura ibitekerezo byanjye nkatangira gutekereza ku bintu by'igikundiro, bikwiriye kandi bishimwa."

Rero niba ufite igihome, niba uri mu bubata, niba wisanga utekereza ibintu utakagombye gutekereza ukwiriye kwigarura vuba na vuba. Yakobo 4:7-8 haravuga ngo *Nuko rero mugandukire Imana ariko murwanye Satani, na we azabahunga. [8] Mwegere Imana na yo izabegera…* Hari ibihe mu buzima bwanjye naretse ibintu bikinjira bituma umubabaro uhaguruka. Muri ibyo bihe, biba bigoye gufata Bibiliya ugatoranyamo igice hanyuma ukavuga ngo "Mana, iki nicyo umvugaho. Uyu niwe uvuga ko ndiwe. Ni wowe mbaraga zanjye." Wari uziko ubutsinzi bwawe bworoshye gutyo? Ugomba kuvuga ngo, "ngiye kwirukana icyo umwanzi ashaka kunkorera aka kanya. Ngiye kwicara hasi mbumbure Bibiliya, kandi ntabwo ngiye gusoma amagambo amwe gusa muri iki gice, ahubwo ngiye guhura n'Imana iri inyuma y'aya magambo. Ngiye kureka ibitekerezo byanjye biyigumeho. Kandi Mana, ibi ni byo umvugaho. Uvuga ko nababariwe. Uvuga ko nejejwe. Uvuga ko nta cyantandukanya n'urukundo rwawe." Igihe wicaye urimo gutekereza ibintu byiza byose Imana yagukoreye, mu gihe gito, uzahita wibagirwa ibindi bintu.

Reka ntange urugero. Numvise umuntu umunsi umwe avuga ngo "Ubu ndabasabye ngo ntimutekereze inzovu zisa n'iroza kumara iminota Icumi." Uzi icyabaye? Iminota Icumi yakurikiyeho icyo twakoze ni ugutekereza ku nzovu zisa n'iroza. Hanyuma arabaza, "Ese ishusho y'ubwigenge ya Amerika ifite irihe bara?" umwe aravuga ngo ni icyatsi. Hanyuma arabaza ese iyo shusho izamuye ukuhe kuboko? Undi aravuga ngo izamuye ukuboko kw'iburyo. Hanyuma arabaza, "Ese iyo shusho yubatse ifite iki mu ntoki? Undi muntu aravuga ngo ni isitimu. Hayuma uwo muntu aravuga ngo, "Ni iki cyabaye mu bitekerezo byawe kijyanye na za nzovu z'iroza?" arasubiza ati, inzovu zari zagiye. Nuko rero, si ikibazo cyo kuvuga ngo "ubu, ntutekereze kuri ibyo bitekerezo," kuko uri bubitekereze. Ibyanditswe birimo biratubwira ko dukwiriye gusimbuza ibyo bitekerezo ibitekerezo by'Imana, kandi ni igihe tubonye ibyo bintu biza biturwanya tukaba tunatekereza ikintu tutakabaye tunatekereza, dukwiriye guhita twiyibutsa uwo turi we mu Mana. Dukwiriye guhita duhindukirira Imana, tugasabana nayo, atari ku bw'amagambo yanditse gusa, ahubwo ari ku bw'Imana iri inyuma yayo magambo. Kandi nkuko Bibiliya ibivuga mu Baroma 8:6, uko tubikora, tuzabona guhinduka, ubugingo n'amahoro igihe ibitekerezo byacu bigumye ku Mana no ku bintu by'Umwuka. Tekereza kuri ibyo bintu, mwenedata, kandi uyu munsi ugendere mu burenganzira n'umudenzezo Kristo yakwishyuriye.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Abaroma 12:1. Ni iki tugomba gukorera imibiri yacu?
   _____
   _____

   **Abaroma 12:1** *Nuko bene Data, ndabinginga ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye.*

2. Soma Abaroma 12:2. Iki cyanditswe kirimo kutubwira ko tugomba kuba dutandukanye na… ? _____
   _____

   **Abaroma 12:2** *Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.*

3. Soma Ibyakozwe 17:11. Ibitekerezo byacu tugomba kubijyanisha na? _____
   _____

   **Ibyakozwe 17:11** *Ariko abo bo bari beza kuruta ab'itesaronike, kuko bakiranye ijambo ry'Imana umutima ukunze, bashaka mu byanditswe iminsi yose kugira ngo bamenye yuko ibyo bababwiye ari iby'ukuri koko.*

4. Soma Abaroma 8:5-6. Kuyoborwa n'Umwuka ni … ? _____
   _____

   **Abaroma 8:5-6** *Abakurikiza ibya kamere y'umubiri bita ku by'umubiri, naho abakurikiza iby'Umwuka bakita ku*

*by'Umwuka.* [6] *Umutima wa kamere utera urupfu, ariko umutima w'Umwuka uzana ubugingo n'amahoro.*

5. Soma Abaroma 12:1-2. Ni ibihe bintu bibiri tugomba gukora, dukurikije iyi mirongo? _____
_____
_____

**Abaroma 12:1-2** *Nuko bene Data, ndabinginga ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye.* [2] *Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.*

6. Soma Yesaya 26:3. Ni gute tuguma mu mahoro masa? _____
_____
_____

7. Soma Yesaya 26:3. Ni ubuhe buryo twakoresha tukagumisha ibitekerezo byacu ku Mana? _____
_____
_____

**Yesaya 26:3** *Ugushikamijeho umutima uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringiye.*

## ISOMO 4

# UMUMARO W'ITORERO RYA KRISTO

### Na Don Krow

Uyu munsi turavuga ku mumaro w'itorero rya Kristo. Ndashaka gusoma icyanditswe cyiri mu Baheburayo 10:25. Haravuga ngo: *Twe kwirengagiza guteranira hamwe nk'uko bamwe bajya bagira, ahubwo duhugurane kandi uko mubonye urya munsi wegera, mube ari ko murushaho kungenza mutyo.* Turimo kureba ku mumaro w'itorero rya Kristo, ikibazo cyanjye ni iki, "itorero ni iki?"

Natangiye ivugabutumwa ryo guhindura abigishwa mu itorero rimwe ino muri Colorado Springs. Twahuguye abantu mu itorero uko bagomba gukoramo iyo gahunda, kandi tunabikoresha hanze. Mu byumweru bitandatu twamaze dukorera muri iryo torero, twari tumaze gushinga amatsinda makumyabiri yiga Bibiliya hanze y'iryo torero. Hashize amezi menshi, dukorana n'abo bantu mu nyigisho za Bibiliya. Umushumba mu by'ukuri yanteye urujijo umunsi umwe ubwo yavugaga ngo, "Urazi, Bibiliya iravuga ngo Imana yabongeraga abakizwa abo bakwiriye gukizwa. Kuki tutabona aba bantu bitabira inyigisho za Bibiliya baza mu itorero ryacu?"

Ubwo twajyaga hanze, abantu bahindurwaga abigishwa bakanasengerwa. Ariko icyo umushumba mu by'ukuri yavugaga cyari, "Kuki bataza ku cyumweru tugahurira hamwe muri iyi nyubako?" Ubusobanuro bwanjye ku itorero bwari bukiri bucye. Icyo umushumba yavuze cyanteye ikibazo, kandi nta nicyo gukora

nari mfite. Naratekereje nti, "ese gahunda yo guhindura abantu kuba abigishwa n'abavugabutumwa irimo gukora? Ese turi kugera ku buzima bw'abantu by'ukuri?" Nari nzi ko turi kugera ku bantu benshi, ariko icyanteraga urujijo ni ikibazo ngo "kuki bataza mu materaniro yo ku cyumweru".

Nahisemo kwiga ku ijambo "itorero." Ibiri muri iri somo nibyo nabonye. Mu Baroma 16:3, 1 Abakorinto 16:19, Abakolosayi 4:15, Filemoni 2, Ibyakozwe 5:42, n'Ibyakozwe n'Intumwa 20:20, Bibiliya mbere ivuga ku itorero rya mbere ry'isezerano rishya ko bateraniraga mu rugo rw'umuntu. Ndabizi ko hariho uburyo amatorero atandukanye. Hariho amatorero yo mu ngo, amatorero afite abayoboke bake n'afite abayoboke benshi, n'afite benshi cyane. Ikintu kimwe cyatwaye ibitekerezo byange mu byanditswe ni uko itorero ryo mu isezerano rishya ryasaga nkaho ryahuriraga mu rugo rw'umuntu.

Inkoranyamagambo ya Bibiliya yitwa Expository Dictionary y'amagambo ya Bibiliya yanditswe na Lawrence O. Richard (p.164) iravuga ngo, "Buri wese ashobora gushinjwa ko atazi ubusobanuro bw'ijambo "itorero" ; dukoresha iri jambo mu buryo bwinshi. Rivuga inyubako runaka (urugero. itorero ryo ku muhanda wa 4), idini cyangwa abafite imyizerere runaka (Itorero ry'abahinduwe ryo muri Amerika) [cyangwa itorero rya Babatisita], n'amateraniro yo ku cyumweru (urugero., wagiye kw'itorero uyu munsi). Muri ayo magambo yose nta na rimwe risobanurwa gutyo na Bibiliya". Ibyo byatumye ntekereza nti, "ese mu by'ukuri bivuga iki? Ese ijambo "itorero" rivuga iki?" Hari amagambo yabyanditsemo. "Kuva abantu benshi batekereza ko itorero ari inyubako ikorerwamo gahunda z'idini aho kuba ihuriro rihujwe no gusenga, icyitwa itorero cyaba kirimo kuyobya." Ijambo ry'ikigiriki rivuga "itorero" ni **ecclesia** rivuga ihuriro ry'abantu rihujwe n'umugambi wo gusenga cyangwa bahujwe no kubana n'Imana. Ibindi biravuga,

"**Ecclesia** mu isezerano rishya ishobora no kugirwa n'umubare uwo ariwo wose w'abizera. Rishobora gukoreshwa ku itsinda ry'abantu bacye bahurira mu mazu (Abaroma 16:5). Rikubiramo abizera bose batuye mu murwa munini (Ibyakozwe 11:22), cyangwa akarere kanini, nka Aziya cyangwa Galatiya." bigakomeza bivuga, ngo "Amateraniro nyayo y'Itorero yaberaga mu rugo. Buri uko iteraniro nk'iryo ryahuraga 'buri wese [yagiraga] igihimbano cy'umwuka, ijambo ryo guhugura abandi, ihishurirwa, kuvuga mu ndimi cyangwa kuzisobanura' (1 Abakorinto 14:26). Umuntu yasangizaga abandi hanyuma abandi 'bakagenzura ibyo yavuze' (1 Abakorinto 14:29) … Gusangiza abandi gutyo byagumye kuba ingenzi mu gihe cyo kubaho kw'itorero nk'umuryango w'abizera … Buri muntu yabaga yitezwe ko agira icyo avuga no gukorera abandi akoresheje impano ze z'Umwuka."

Mu Baheburayo 10:25 haravuga ngo, *Twe kwirengagiza guteranira hamwe.* Itorero ni ihuriro ry'abantu bahujwe n'umugambi wo gusabana na Yesu, bashima Imana, kwakira icyerekezo kivuye ku Mana, no gukomereza muri icyo cyerekezo. Intego ya mbere y'itorero ryo mu isezerano rishya yari kubakana. Barahuraga ku bw'umugambi wo kubakana mu kwizera.

Itorero rya mbere ryari iry'ivugabutumwa. Abantu bari batatanye ahantu hose, basangiza kwizera kwabo muri Yesu Kristo, kandi uko babikoraga, Imana yongeraga abakizwa mu itorero - ntiyongeraga mu nyubako- ahubwo yongeraga ku bantu b'Imana uko bihanaga bakanizera. Hanyuma bagahurira hamwe kugira ngo basubizanyemo imbaraga, kugira ngo banakoreshe impano zabo z'Umwuka, bafashanya, bakagira n' mwanya wo gusabana basangira ifunguro. Iyo babaga bari hamwe bakoreshaga impano zabo z'Umwuka mu kubakana. Hanyuma basohokaga hanze bakabwiriza ubutumwa, ibyo bakoraga bikagenda bisubirwamo. Bizeraga umwami Yesu Kristo, kandi banahuriraga hamwe.

Byarashobokaga kuba bari abantu benshi, cyangwa bakaba bari abantu bake bahuriraga mu mazu. Umubare ntacyo wari uvuze, bapfa kuba barahuraga mu izina ry'Umwami ku bw'umugambi wo gukoresha impano zabo, gusubizanyamo imbaraga, no gusabana, intego ya byose ari ukubakana.

Namenye ko ibyo twakoraga muri gahunda y'ivugabutumwa ryo guhindura abantu abigishwa mu rusengero navuze mbere, duhurira mu matsinda makumyabiri yiga Bibiliya atandukanye mu murwa wose ari uko twahuraga turi amatorero makumyabiri atandukanye. Ntabwo byari amatorero nkuko tuyazi uyu munsi, ahubwo twahuraga nk'itorero, inshuro makumyabiri mu cyumweru, kuko twahuraga mu izina ry'Umwami Yesu, dusubizanyamo imbaraga, dusabana n'Umwami Yesu, no kugira ngo twigishwe n'ijambo ry'Imana, no gukoresha impano zacu z'Umwuka.

Ntacyo bivuze itorero waba ujyamo- ntacyo bivuze waba uri mu itorero rishingiye ku idini cyangwa ritarishingiyeho, mwaba muhurira mu itorero rinini cyangwa itorero rito rihurira mu rugo- Ibyanditswe birimo kutubwira uko mubonye urya Munsi wegera, kandi uko icyaha kirushaho kwiyongera Ubuntu bw'Imana niko burushaho kwiyongera. Ubuntu buziyongerera muri aya mahuriro y'ubwoko bw'Imana. Mu itorero aho buri wese afite umurimo wa Yesu Kristo akora, mushobora gufashanya, mugakomezanya, mukanacyahana, ariko munakoresha impano zanyu z'Umwuka

Twese twabibonamo inyungu duhuye n'itsinda ry'abizera muri ubu buryo. Nubwo baba ari babiri cyangwa batatu bahurira hamwe mu izina rya Yesu Kristo, dukwiriye kujya duhura kenshi. Ni byiza guhurira hamwe kugira ngo dukoreshe impano zacu z'Umwuka, ducyahana, dukomezanya, dusabana na Yesu hamwe, no gusengerana. Hari byinshi twavuga ku itorero. Twavuga no ku

bakuru, abepisikopi, abashumba, n'imitegekere y'itorero, ariko iyo siyo ntego y'inyigisho yacu y'uyu munsi. Intego y'inyigisho yacu ni ukumenya intego y'itorero no kumenya ko tudakwiye kwivangura nk'umuntu utuye ku kirwa cya wenyine. Ntabwo twabaho muri ubwo buryo, iyo twakiriye agakiza, Imana idushyira mu mubiri wa Kristo. Umubiri w'abizera bahuriyeho ku isi. Turakenerana, bityo dukwiriye guhurira hamwe nk'itorero ry'Imana kugira ngo dusubizanyemo imbaraga no gufashanya dukoresheje impano z'Umwuka Imana yaduhaye. Uyu munsi ndagukangurira guterana n'ubwoko bw'Imana.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Abaheburayo 10:25. Ni iki tutagomba kureka? _____
   _____
   _____

   **Abaheburayo 10:25** *Twe kwirengagiza guteranira hamwe nk'uko bamwe bajya bagira, ahubwo duhugurane kandi uko mubonye urya munsi wegera, mube ari ko murushaho kugenza mutyo.*

2. Soma Ibyakozwe 5:42. Buri munsi mu rusengero no muri buri rugo, Yesu ya …? no …? _____
   _____

   **Ibyakozwe 5:42** *Nuko ntizasiba kwigisha no kuvuga ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo iminsi yose mu rusengero n'iwabo.*

3. Soma Ibyakozwe 2:42. Ni ibihe bintu bine itorero rya mbere ryakomeje gukora? _____
   _____
   _____
   _____

   **Ibyakozwe 2:42** *Bahoraga bashishikariye ibyo intumwa zigishaga, bagasangira ibyabo, no kumanyagura umutsima no gusenga.*

4. Soma Ibyakozwe 2:44-45. Itorero rya mbere ryakomeje gutanga amafaranga yo kubaka imbuga yo guhagarikamo amamodoka. Nibyo cyangwa Sibyo?

   **Ibyakozwe 2:44-45** *Abizeye bose babaga hamwe bagasangira ibyabo byose; [45] Ubutunzi bwabo n'ibintu byabo barabiguraga, bakabigabanya bose nk'uko umuntu akennye.*

5. Soma 1 Abakorinto 12:28. Andika impano z'Umwuka umunani zitandukanye Imana yahaye itorero ryayo. _____

_____

_____

_____

**1 Abakorinto 12:28** *Imana yashyize bamwe mu Itorero: Ubwa mbere intumwa, ubwa kabiri abahanuzi, ubwa gatatu abigisha, maze ishyiraho abakora ibitangaza n'abahawe impano zo gufasha abandi n'abahawe gutwara n'abahawe kuvuga indimi nyinshi.*

6. Soma Ibyakozwe 14:26. Ubwo ubwoko bw'Imana bwahuriraga hamwe nk'itorero, habagaho umudendezo wo kugaragaza impano zabo. Andika ibintu bitanu byabagaho iyo bahuraga.

_____

_____

_____

_____

**1 Abakorinto 14:26** *Nuko bene Data, iyo muteranye bimera bite? Umuntu wese afite indirimbo cyangwa amagambo yo kwigisha, cyangwa amagambo ahishuriwe, cyangwa ururimi rutamenyekana, cyangwa amagambo yo kurusobanura. Nuko rero byose bikorerwe kugira ngo abantu bunguke.*

7. Soma Ibyakozwe 6:1. Itorero rya mbere ryasangiraga ibiryo buri munsi na…? _____

_____

**Ibyakozwe 6:1** *Nuko muri icyo gihe abigishwa bakigwira, Abayuda ba kigiriki batangira kwitotombera Abaheburayo, kuko abapfakazi babo bacikanwaga ku igerero ry'iminsi yose.*

8. Soma Yakobo 1:27. Idini Imana yitaho ni dini …? _____
_____
_____

**Yakobo 1:27** *Idini ritunganye kandi ritanduye imbere y'Imana Data wa twese ni iri: ni ugusura impfubyi n'abapfakazi mu mibabaro yabo, no kwirinda kutanduzwa n'iby'isi.*

9. Soma 1 Timoteyo 5:9-11. Abapfakazi bafashwaga n'itorero rya mbere ry'isezerano rishya basabwaga kuba bujuje iki? _____
_____
_____
_____

**1 Timoteyo 5:9-11** *Ntihakagire umupfakazi wandikwa, keretse amaze imyaka mirongo itandatu avutse akaba yarashyingiwe umugabo umwe gusa, [10] agashimirwa imirimo myiza: niba yareraga abana, yaracumbikiraga abashyitsi, yarozaga ibirenge by'abera yarafashaga ababaye, agashishikarira gukurikiza imirimo myiza yose. [11] Ariko abapfakazi bato ntukemere ko bandikwa, kuko iyo bamaze kwidamararira baharika Kristo bakifuza gucyurwa.*

10. Soma 1 Abakorinto 9:14. Usibye gufasha abapfakazi, imfubyi, n'abakene ryanashyigikiraga …? _____
_____

**1 Abakorinto 9:14** *N'Umwami wacu ni ko yategetse, ko abavuga ubutumwa bwiza batungwa n'ubutumwa.*

11. Soma Matayo 25:35-40. Kuki abantu batekereza ko gutanga ituro rishyirwa mu cyibo aribwo buryo bwonyine bwo guha Imana? _____
_____

**Matayo 25:35-40** *Kuko nari nshonje mukamfungurira, nari mfite inyota mumpa icyo nywa, nari umushyitsi murancumbikira, [36] nari nambaye ubusa muranyambika, nari ndwaye muransura, nari mu nzu y'imbohe muza kundeba. [37] abakiranutsi bazamubaza bati Mwami,twakubonye ryari ushonje turagufungurira, cyangwa ufite inyota tuguha icyo unywa? [38] Kandi twakubonye ryari uri umushyitsi turagucumbikira cyangwa wambaye ubusa turakwambika? [39] Kandi twakubonye ryari urwaye cyangwa uri mu nzu y'imbohe tuza kugusura? [40] Umwami azabasubiza ati Ndababwira ukuri yuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ari jye mwabikoreye.*

12. Soma Ibyakozwe 4:32-35 n'Imigani 3:9-10. Abashumba n'abakuru b'itorero rya mbere bamazaga iki amafaranga? _____

_____

_____

**Ibyakozwe 4:32-35** *Abizeye bose bahuzaga umutima n'Imana, kandi nta n'umwe wagiraga ubwiko ku kintu, ahubwo byose barabisangiraga. [33] Kandi intumwa zagiraga imbaraga nyinshi zo guhamya kuzuka k'Umwami Yesu, nuko rero Ubuntu bw'Imana bwinshi bukaba kuri bose. [34] Nta mukene wababagamo, kuko abari bafite amasambu bose cyangwa amazu babiguraga, bakazana ibiguzi by'ibyo baguze, [35] bakabishyira intumwa, na zo zikabigabanya abantu, umuntu wese agahabwa icyo akennye.*

**Imigani 3:9-10** *Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe, N'umuganura w'ibyo wunguka byose. [10] Ni bwo ibigega byawe bizuzuzwa, Kandi imivure yawe izasendera imitobe.*

## ISOMO 5

# KUBOHOKA

### Na Don Krow

Uyu munsi tugiye kuvuga ku badayimoni. Yesu yamaze igihe ku isi yirukana abadayimoni, akiza abarwayi, azura abapfuye, akora n'ibindi bitangaza. Nka kimwe cya kane cy'umurimo we yakimaze yirukana imyuka mibi mu bantu. Bibiliya iratubwira mu Byakozwe n'Intumwa 10:38 ngo, *Ni irya Yesu w'i Nazareti, uko Imana yamusutseho Umwuka Wera n'imbaraga, akagenda agirira abantu neza, agakiza abo Satani atwaza igitugu, kuko Imana yari iri kumwe na we.* Na none muri, 1 Yohana 3:8 haravuga, ngo *Ibyo Umwana w'Imana yerekaniwe ni ibi: ni ukugira ngo amareho imirimo ya Satani.* Cyera nari nzi ko ibintu by'abazimu- abadayimoni, imyuka mibi, amashitani, uko washaka kuyita kose- ko biboneka mu Buhinde cyangwa mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere aho abantu badasenga Imana nzima ahubwo basenga Ibigirwamana. Nari naribeshye.

Ndashaka kubabwira ibyo naciyemo mu myaka micye ishize mu rusengero i Dallas Texas. Abantu bose bari barimo kuririmba hanyuma muri ako kanya haboneka umukobwa wahise yikubita hasi. Byasaga nkaho yari afite igicuri. Aho hari umuganga witwa Dr. Rice. Abantu bamwe mu itorero bari batuye hafi baravuga ngo bamujyane iwe kugira ngo uwo muganga amusuzume. Hanyuma tumugejeje mu rugo rwabo, uyu mukobwa asa nk'injangwe yo mu gasozi! Amaso ye arahinduka, hanyuma ijwi rya kigabo rinini riva muri uyu mukobwa muto w'umwangavu, wapimaga ibiro biri hasi ya 50. Ako kanya, icyo kintu cyari kimurimo gitangira gusubizanya nanjye, kivuga ibintu ngo, "UGIYE IKUZIMU!" ndavuga, "OYA, ntabwo njyayo." Nagize ubwoba kuko sinari narigeze kubona ibintu

bisa nk'ibyo mbere. Icyo kintu cyari kimurimo kirongera kiravuga ngo "NIBYO, URAJYA IKUZIMU", ndongera ndavuga nti "Oya, ntabwo njyayo" Cyasaga nkaho gifite imbaraga n'ubutware kuri njye, kandi ntacyo gukora nari mfite cyangwa kurwanya ikintu cyari muri uyu mukobwa.

Imwe mu nshuti zanye yagize ubwoba bwinshi ahita ansiga ako kanya, nsigara aho. Ndatekereza nti "nkore iki koko?" Umukobwa yari afite imbaraga zidasanzwe, atangira kuvuga ururimi rusa nk'ikidage atigeze yiga-ibintu bisa nko kwigaragaza kw'abadayimoni bimugaragaraho. Yari afite abadayimoni-, nubwo ntari nzi icyo gukora, nahoraga nizera ko Bibiliya ifite imbaraga. Byari bimeze nka film ziteye ubwoba twarebaga turi abana. Aho igini ryasangaga umuntu, hanyuma ako kanya, umuntu agakurayo umusaraba hanyuma igini rikagenda "RINYWIGIRA!" Uko niko natekereje Bibiliya. Nari mbizi ko ifite imbaraga, ariko sinari nzi uko navana izo mbaraga muri Bibiliya. Ubuntu bw'Imana bwaramfashije, kuko ntabwo nari nakanyuze mu bintu bisa nk'ibyo. Nafunguye Bibiliya yanjye mu Isezerano rishya mfungura mu gitabo cy'abafilipi. Ntangira gusoma mu gice cya 2 umurongo 8-11 *Agira ishusho y'umuntu yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba [9] Nicyo cyatumye Imana imushyira hejuru cyane ikamuha izina risumba ayandi mazina yose. [10] Kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay'ibyo mu ijuru, cyangwa ay'ibyo mu isi, [11] kandi indimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwiteka, ngo Imana Data wa twese ihimbazwe.*

Idayimoni ryaravuze ngo, "Wivuga ibyo! Ntabwo nakwihanganira ayo magambo! Wivuga ibyo!" Ntangazwa n'ukuntu idayimoni rihise risubiza, ndongera ndavuga, "Ku bw'izina rya Yesu, buri vi, rigomba gupfukama - ibyo mu ijuru, ibyo mu isi, nibyo munsi y'isi." "Wivuga ibyo sinakwihanganira ayo magambo!" araboroga. Ndatekereza, "Iyi Satani yasariye muri uyu mukobwa, kandi ibyo nakoraga byari

ugusoma ijambo ry'Imana gusa!" Ndongera ndarisoma, "Agira ishusho y'umuntu yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba. Nicyo cyatumye Imana imushyira hejuru cyane ikamuha izina risumba ayandi mazina yose. Kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu." Yongera gusubiza nka mbere; "Ntiwongere kuvuga ayo magambo! ntabwo nayihanganira!" Hanyuma abadayimoni bafata wa mukobwa amatwi, aravuga ngo, "Ntiwongere kuvuga ayo magambo! Ntabwo nayihanganira, ntiwibeshye ngo wongere!" Satani ajugunya wa mukobwa imbere yanjye, atangira gupfukamira izina rya Yesu. Ndongera ndavuga ngo, "Kubw'izina rya Yesu buri vi rizapfukama, byaba ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibyo munda y'isi."

Bigitangira Satani yasaga nkaho afite ubutware n'imbaraga kuri njye. Ntekereza ko agiye kunkubita, anjugunye hasi, - ntabwo nari mbizi! Icyo nari nzi ni uko Bibiliya ifite imbaraga, ndayifungura ntangira gusoma. Bibiliya iravuga mu Befeso 6:17 … *mwakire n'inkota y'Umwuka ari yo jambo ry'Imana.* Urabona, hariho intwaro yo gukoresha imeze nk'inkota yacyeba igakomeretsa umwanzi. N'inkota y'umwuka ariyo jambo ry'Imana. Uribuka igihe Yesu yageragezwaga Satani yaramusanze amwereka ubwami bwose bwo mu isi n'ubwiza bwabwo aramubwira ati "Biriya byose ndabiguha nupfukama ukandamya." Yesu aramubwira ati *Genda Satani, kuko handitswe ngo Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari yo ukorera yonyine* (Matayo 4:19) maze Satani aramugerageza, arongera aramugerageza, Yesu aravuga ngo Handitswe ngo …, Satani haranditswe ngo… noneho akavuga ijambo ry'Imana. Yakoresheje inkota y'Umwuka, kandi Bibiliya iravuga ngo Umwanzi aherako aramureka.

Intwaro dufite yo kunesha Umwanzi ni inkota y'Umwuka ariryo jambo ry'Imana. Uzi icyo nize? Buri gihe uko nshatse kwiga ijambo ry'Imana ntekereza uko nshonje ko binsaba kujya gushaka icyo kurya, cyangwa nkatekereza ibintu ntigeze nkora uwo munsi.

Nzi neza abari muri izi nyigisho zo kuba abigishwa bashobora kugira impamvu nyinshi bireguza zatumye bataza. Hanyuma nza kumenya impamvu. Hari ikintu muri Bibiliya Imana ishaka ko tumenya kandi Satani adashaka ko tumenya. Rero buri gihe ugiye kwiga ijambo ry'Imana, cyangwa ukajya mu ishuri ry'abigishwa, haba hari ikintu mu ijambo Satani adashaka ko umenya, - ntabwo aba ashaka ko umenya Imana iri inyuma y'ayo magambo.

Hari ubwami bw'umwijima hakaba n'ubwami bw'Umwana ukundwa w'Imana. Mu Bakolosayi 1:13, Pawulo aravuga ngo, *Ni we wadukijije ubutware bw'umwijima, akadukuramo akatujyana mu bwami bw'Umwana we akunda.* Uri mu bwami bwa nde? Ubwami ni ahantu umuntu ategekera akanahayobora. Yesu Kristo ni Umwami. Hari ubwo wari wamuha ubugingo bwawe? Yesu yaravuze muri Luka 6:46, *Mumpamagarira iki muti Databuja Databuja nyamara ntimukore ibyo mvuga?* Arashaka kuba usumbabyose mu buzima bwawe, kuba uwa mbere. Hari ubwami bw'Umwijima bushaka kumubuza kuba uwa mbere, uwo mwanya wo kuyobora mu buzima bwawe. Impamvu ni uko Satani ashaka kuzamuka muri uwo mwanya w'ibanze. Hindukirira Yesu uyu munsi n'umutima wawe wose umenye ko hari Umwanzi. Izina rye ni Satani kandi afite imbaraga z'abadayimoni, ariko Bibiliya itubwira ko tumufiteho ubutware.

Yesu yaravuze muri Matayo 10:8, *Mukize abarwayi, muzure abapfuye, mukize ababembe, mwirukane abadayimoni. Mwaherewe ubusa, namwe mujye mutangira ubundi.* Bwiriza ubutumwa bw'Ubwami, nugenda umenye ko ufite ubutware ku Mwanzi. Ntiwemere ko Umwanzi akubwira igitandukanye n'icyo Imana ifitiye ubuzima bwawe ukundi. Hindura Yesu Umwami kandi abe n'uwa mbere mu buzima bwawe. Ntabwo uzabyicuza.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Abefeso 6:12. Ni gute uyu murongo usobanura amakimbirane y'umwuka dufitanye n'abadayimoni b'ahantu ho mu kirere? _____
   _____
   _____

   **Abefeso 6:12** *Kuko tudakirana n'abafite amaraso n'umubiri ahubwo dukirana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru.*

2. Soma Mariko 16:17. Ni iki uyu murongo utwigisha ku butware bw'uwizera? _____
   _____
   _____

   **Mariko 16:17** *Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi: bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye, bazavuga indimi nshya.*

3. Soma Yakobo 4:7. Ni iki umuntu ushaka kubohoka abadayimoni agomba gukora? _____
   _____
   _____

   **Yakobo 4:7** *Nuko rero mugandukire Imana ariko murwanye Satani, na we azabahunga.*

4. Soma Yakobo 1:14. Ni gute Satani adushuka ahinduye ikintu kibi icyo kwifuzwa? _____
   _____
   _____

**Yakobo 1:14** *Ahubwo umuntu wese yoshywa iyo akuruwe n'ibyo ararikiye bimushukashuka.*

5. Soma Abaroma 6:13. Iyo umuntu yujuje ubugingo bwe ibintu bya Kristo, abadayimoni bazabangamirwa bo ubwabo bagende. Ni iki uyu murongo utubwira gukora? _____
_____
_____

**Abaroma 6:13** *Kandi ntimuhe ibyaha ingingo zanyu kuba intwaro zo gukiranirwa, ahubwo mwitange mwihe Imana nk'abazuke, n'ingingo zanyu muzihe Imana kuba intwaro zo gukiranuka.*

6. Soma Abaroma 13:14. Abadayimoni babeshwaho n'imirimo ya kamere, rero bashonjeshe ukoresheje uburyo bw'Imana bw'urukundo no kwera. Ntabwo tugomba …? Imibiri. _____
_____

**Abaroma 13:14** *Ahubwo mwambare Umwami Yesu Kristo, kandi ntimuhe urwaho imibiri yanyu ngo ibone uko ikora ibyo yifuza.*

7. Soma Luka 10:17-19. Ntabwo Yesu yigeze atubwira ngo tumusabe kugira ngo atwirukanire abadayimoni. Yaduhaye ubutware. Uyu murongo uratubwira ko dufite ubutware n'imbaraga ku …? _____
_____

**Luka 10:17-19** *Nuko abo mirongo irindwi bagaruka bishima bati "Databuja, abadayimoni na bo baratwumvira mu izina ryawe. [18] Arababwira ati Nabonye Satani avuye mu ijuru, agwa asa n'umurabyo. [19] Dore mbahaye ubutware bwo kujya mukandagira inzoka na sikorupiyo, n'imbaraga z'Umwanzi zose, kandi nta kintu kizagira icyo kibatwara rwose.*

## ISOMO 6

# UBUTWARE BW'UWIZERA

### Na Andrew Wommack

Muri iki gice cy'uyu munsi ndashaka kuvuga ku butware Imana yaduhaye twe nk'abizera. Kugira ngo tubashe gukemura iki kibazo tugiye kuba tuvuga ku butware atari ubwo dufite gusa ahubwo n'ubutware bwa Satani. Abakristo bigishijwe ko turwana n'ikiremwa gifite imbaraga ziruta izacu, kandi ko twihanganira kubana na cyo. Ibyo sibyo ibyanditswe byigisha na gato. Mu Befeso 6:12 *haravuga ngo, Kuko tudakirana n'abafite amaraso n'umubiri, ahubwo dukirana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru.* Rero Satani ariho koko; afite inzego z'imbaraga n'abatware turwana nabo ariko ku murongo ubanziriza uwo, uravuga ngo tugomba kurwanya uburiganya bwa Satani. Imbaraga Satani afite akoresha mu kuturwanya ni ikinyoma. Nta mbaraga afite zo kutunesha.

Mu Itangiriro 3 tubona ko igihe igishuko cya mbere cyaje kuri Adamu na Eva, Satani ntabwo yazanye n'ingabo zirenze. Urugero, aho gutura mu mvubu cyangwa mu nzovu, cyangwa ngo ashyire ikirenge cye ku mutwe wa Adamu, ngo amutere ubwoba amubwire ngo "nkorera cyangwa urambona", yahisemo kujya mu nzoka, inyamaswa y'uburiganya muzo Imana yaremye zose. Ijambo "uburiganya" rivuga, gushuka, kujijisha," Impamvu Satani yaje mu nzoka ni uko atari afite imbaraga zo gutuma Adamu na Eva bagira icyo bakora. Icyo yari ashoboye ni ukubeshya. Yaje arwanya imiterere na kamere y'Imana atangira kuyinenga, avuga ngo, "ntabwo mu by'ukuri Imana ibakunda- hari ibintu iri gutuma mutageraho." Yakoresheje ikinyoma mu kugerageza

Adamu na Eva kugira ngo bacumure ku Mana. Nibo bari bafite ubutware bwose, kandi impamvu Satani yabashutse ni uko atari afite imbaraga zo kurwanya Imana.

Hari byinshi ntafite umwanya wo kuvugaho, ariko imwe mu ngingo nshaka kumvikanisha ni ku bijyanye n'ubutware bw'uwizera, ugomba kumenya ko Satani nta mbaraga afite nta n'ubutware agufiteho. Ni umwanzi waneshejwe. Imbaraga ze akurwanisha ni ikinyoma akoresha. Igihe Satani ari kwangiza ubuzima bwawe, wavuga ko " ari Satani urimo kukurasa iyo myambi," ariko ni wowe umuha intwaro. Ni wowe ugomba gusubiza ibinyoma n'ibishuko bye. Igihe utagandukiye Satani ntabwo yabona inzira acamo cyangwa imbaraga zo kukurwanya. Mu 2 Abakorinto 10:3-5 haravuga ngo, *Nubwo tugenda dufite umubiri w'umuntu ntiturwana mu buryo bw'abantu, [4] kuko intwaro z'intambara yacu atari iz'abantu, ahubwo imbere y'Imana zigira imbaraga zo gusenya ibihome no kubikubita hasi. [5] Dukubita hasi impaka n'ikintu cyose kishyiriye hejuru kurwanya kumenya Imana, dufata mpiri ibitekerezwa mu mitima byose ngo tubigomororere Kristo.* Ibi byanditswe biravuga ku ntwaro y'intambara yawe, kandi buri ntwaro ivugwa iba ivuga ku bitekerezo byawe, kurwana n'ibitekererezo. Satani nta mbaraga afite zagira icyo zigutwara keretse akoresheje ikinyoma.

Nihuse ndashaka kugira ibyo mvuga muri macye. Mbere na mbere Imana, nibyo Imana yari ifite ubutware bwose. Imbaraga zose n'ubutware bituruka ku Mana niwe wenyine ufite imbaraga muri we bwite. Buri kintu cyose gihabwa uburenganzira nayo. Igihe yaremaga ijuru n'isi, yari ifite imbaraga n'ubutware. Hanyuma mu Itangiriro 1:26, ubwo Imana yaremaga Adamu na Eva, yaravuze ngo, *Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe, batware amafi yo mu Nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'amatungo n'isi yose.* Ibyo ibihuje na Zaburi 115:16, ivuga ngo *Ijuru ni iry'Uwiteka,*

*ariko isi yayihaye abantu.* Imana niyo yari nyir' umutungo ibiheshejwe n'uburenganzira bw'uko ariyo muremyi, ariko yahaye gutegeka, cyangwa ubutware ku isi abantu. Satani ntiyigeze agira uburenganzira n'imbaraga zo kuyobora isi. Yabubonye abeshye umuntu ngo acumure. Imana yahaye imbaraga abantu rero igihe umuntu acumuye, yatanze ubutware yahawe n'Imana n'imbaraga abiha Satani. Satani ntabwo yigeze ahabwa imbaraga n'Imana kugira ngo atoteze umuntu cyangwa ngo ayobore iyi si.

Ibyanditswe bivuga ko Satani ariwe imana y'iyi si, ariko ntabwo ari ukubera ko Imana yamugize imana y'iyi si. Imana ntabwo yigeze ishyira hejuru Satani ngo imusumbishe umuntu. Yahaye umuntu gutegeka n'ubutware kuri y'isi. Impamvu yonyine Satani ashobora gutoteza, cyangwa kurenganya umuntu, cyangwa guteza ibibazo ateza ni uko abantu batanga ubutware bwabo bahawe n'Imana. Ibi byateye ikibazo gikomeye Imana, kuko yo ni Umwuka, kandi yahaye ubutware abantu bafite umubiri. Ni abantu gusa bafite umubiri bahawe imbaraga n'ubutware byo gukoresha mu kuyobora isi. Satani rero byamusabye kuza ngo akoreshe umuntu kugira ngo abone ubutware bwacu. Niyo mpamvu akunda gukorera mu mubiri. Mu byanditswe, abadayimoni bagomba kwinjira mu mubiri, kuko Satani ntacyo yakora keretse afite umubiri w'umuntu wo gukoreramo. Kuko Imana yo yari Umwuka kandi ikaba yari yarahaye ubutware umuntu ufite umubiri. Mu bundi buryo yari yarahambiriye amaboko yayo. Si uko Imana itari ifite imbaraga n'ubutware ahubwo ni ku bw'ubudahemuka bwayo. Yahaye ubutware umuntu ufite umubiri kandi kugira ngo ibe inyakuri ku ijambo ryayo, ntabwo yari bwivuguruze, ivuga iti, "uku siko nabyifuje, igihe kirabarangiranye, nimuhagarare, tugiye gusubiramo," Oya, Imana yariboshye ikoresheje ijambo ryayo. Mu mateka Imana yahoraga ishakisha umuntu yakoreramo, ariko ikibazo cyabaye ni uko abantu bose bari baranduye kandi barihaye Satani. Ubwo se ni iki yari bukore?

Icyo Imana hanyuma yakoze ni ukuza ku isi igahinduka umuntu. Ibi biratangaje iyo ubyumva, rero Satani yari mu kangaratete gakomeye, yari amaze igihe akoresha imbaraga z'umuntu, kandi Imana ikaba itari buhite itabara byihuse kugira ngo ikemure ibi bibazo byose, kubera ko umuntu ku bushake bwe, byemewe n'amategeko yatanze ubutware n'imbaraga yahawe n'Imana abiha Satani.

Satani yari afite amakosa mu byo yakoze, ariko umuntu yamuhaye ubutware n'imbaraga byari ibye. Ariko, Imana iraza, itakiri Umwuka ahubwo iri mu ishusho y'umuntu yambaye umubiri. Ibi byatumye Satani ajya mu buzima bubi, kuko Imana itari ifite ubutware mu ijuru gusa, kuko guhinduka umuntu byayihaye ubutware mu isi. Yesu yaravuze muri Yohana 5:26-27 ngo, *Kuko nk'uko Data afite ubugingo muri we, ni ko yabuhaye Umwana ngo abugire na we. [27] Kandi yamuhaye ubutware bwo guca amateka, kuko ari Umwana w'umuntu.*

Yesu yaraje akoresha ubutware yahawe n'Imana. Satani yaramugerageje, Yesu ntiyamwumvira. Satani yatsinzwe buri ntambara yashoraga kuri we. Hanyuma Yesu atwara ibyaha byacu, arabipfira, ajya ikuzimu, arazuka, hanyuma aravuga muri Matayo 28:18 ngo *Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi.* Yagaruje ubutware Imana yari yarahaye umuntu, aribwo umuntu yakoresheje nabi, kandi nk'Imana yambaye umubiri, Yesu yari afite ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Ku murongo ukurikiraho yaravuze ngo nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa," ni nkaho yavugaga ngo" Ubu mfite ubutware mu ijuru no mu isi, kandi ndabubasangiza. Gusa na none hari itandukaniro kuri ubwo butware Imana yadusubije nk'abizera. Ni ubutware duhuriyeho twe n'Umwami Yesu Kristo. Ntabwo tubuhabwa twenyine nk'ubwa Adamu na Eva. Bo bashoboraga gutanga ubwo butware, bakemerera Satani kubatoteza, hanyuma

bakabaho nta byiringiro, ariko uyu munsi ubutware bwacu tubusangiye n'Umwami Yesu Kristo. Ni nko kugira konti muri banki musangiye isaba imikono ya babiri kuri sheki kugira ngo ubikuze amafaranga. Ubutware bwacu tubusangiye n'Umwami Yesu, kandi ubutware bwe abusangiye n'itorero.

Nubwo dushobora kunanirwa, Imana ntabwo yakongera guha ubu butware Satani. Satani nta mbaraga afite. Nta bushobozi afite bwo kugira icyo akora mu buzima bwawe keretse ibyo akubeshya, nibyo wemera ku bushake. Ushobora kumuha ubutware mu buzima bwawe, kandi ushobora kubabazwa n'ingaruka, ariko ntibivuze ko ubutware Imana yahaye umuntu buzongera gusubizwa Satani nka mbere. Ubu tubusangiye n'Umwami Yesu, kandi ahora ari umwizerwa nubwo byangenda gute. Ukwiye kumenya ko ubu ari wowe ufite imbaraga n'ubutware. Satani akurwanisha akoresheje ibitekerezo, kandi intwaro yawe ni ugufata ibitekerezo mpiri. Ushobora noneho kubona ko ari bibi ko Satani agutoteza mu mubiri hanyuma ukarwanira icyo ibyanditswe bivuga ku gukira. Yohana 8:32 haravuga ngo, *Namwe muzamenya ukuri kandi ukuri ni ko kuzababatura*. Ni wowe ufite ubutware n'imbaraga. Imana yarabiguhaye, kandi ikintu kimwe kikubuza kuzikoresha ni uko utari wafata mpiri ibitekerezo byawe. Ntabwo wari wakoresha izi ntwaro z'Umwuka ngo uhindure ibitekerezo byawe no kumenya icyo ufite. Bisubizamo imbaraga kumenya ko ariwowe ufite ubutware n'imbaraga.

Ndasaba ngo ubyakire, ubitekerezeho, kandi Imana iguhe ihishurirwa ko ari wowe Satani ahindira umushyitsi. Ntabwo ukwiriye guhindira umushyitsi Satani kuko ni wowe Imana yahaye ubutware n'imbaraga. Nurwanya Satani azaguhunga (Yakobo 4:7)

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Itangiriro 3:1. Satani ariho ariko imbaraga ze ziba mu kudushuka. Ni iki inzoka (Satani) yashatse ko Eva ashidikanyaho? _____
_____
_____

2. Soma Itangiriro 3:1. Utekereza ko Satani yakoresheje ikinyoma kubera iki? _____
_____
_____

**Itangiriro 3:1** *Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyamba zose, Uwiteka Imana yaremye. Ibaza uwo mugore iti Ni ukuri koko Imana yaravuze iti Ntimuzarye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi?*

3. Soma Itangiriro 1:26, 28. Ninde wahaye umuntu ubutware bwe?
_____

**Itangiriro 1:26** *Imana iravuga iti Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe, batware amafi yo mu Nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'amatungo n'isi yose n'igikururuka hasi cyose.*

4. Soma Zaburi 8:4-8. Imana yaremye umuntu ite? _____
_____
_____

**Zaburi 8:4-8** *Iyo nitegereje ijuru, umurimo w'intoke zawe, [5] N'ukwezi n'inyenyeri, ibyo waremye, Umuntu ni iki ko umwibuka, cyangwa umwana w'umuntu ko umugenderera? [6] Wenze kumugira nk'Imana aburaho gato, Umwambika*

*ubwiza n'icyubahiro nk'ikamba. [7] Wamuhaye gutegeka ibyo waremesheje intoki zawe, wamweguriye ibintu byose ubishyira munsi y'ibirenge bye. [8] Wamuhaye gutwara intama zose n'inka, n'nyamaswa zo mu Nyanja byose.*

5. Soma 2 Abakorinto 4:4. Ni iki cyabayeho cyerekanwa muri iki cyanditswe? _____
_____

**2 Abakorinto 4:4** *Ari bo batizera, abo imana y'iki gihe yahumiye imitima, kugira ngo umucyo w'ubutumwa bw'ubwiza bwa Kristo ari we shusho y'Imana utabatambikira.*

6. Soma Matayo 4:8-9. Ese iyi mirongo irashimangira iyi ngingo?
_____

**Matayo 4:8-9** *Umwanzi arongera amujyana mu mpinga y'umusozi muremure cyane, amwereka ubwami bwose bwo mu isi n'ubwiza bwabwo, [9] aramubwira ati Biriya byose ndabiguha nupfukama ukandamya.*

7. Soma Matayo 28:18. Nyuma y'urupfu rwa Yesu no kuzuka kwe, ubu ni nde ufite ubutware mu ijuru no mu isi? _____
_____

**Matayo 28:18** *Nuko Yesu arabegera avugana na bo ati Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi.*

8. Soma Matayo 28:18-19. Ni nde wahawe ubutware, dukurikije uyu murongo? _____
_____

**Matayo 28:19** *Nuko mugende muhindure abantu bo mu*

*mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera.*

9. Soma Abefeso 1:19. Gukomera guhambaye kw'imbaraga z'Imana ni ibya bande? _____
_____

**Abefeso 1:19** *Mumenye n'ubwinshi bw'imbaraga zayo butagira akagero, izo iha twebwe abizeye nk'uko imbaraga z'ububasha bwayo bukomeye ziri.*

## ISOMO 7

# GUKIRA INDWARA BIRI MU MPONGANO

### Na Andrew Wommack

Igice cy'uyu munsi kiravuga ku gukira indwara n'uburyo ari kimwe mu bigize ibyo Yesu yarangije kutwishyurira. Muri Mariko 2 na Luka 5 Yesu yari arimo kwigisha mu nzu yari yuzuye abantu noneho umuntu wamugaye anyuzwa hejuru y'iyo nzu n'inshuti aho Yesu yari yicaye, noneho Yesu mu buryo bw'igitangaza aramukiza. Muri Matayo 8:14-16, Yesu ubwo yari arimo gukiza abantu Bibiliya haravuga ngo *Yesu ajya mu nzu ya Petero, abona nyirabukwe aryamye arwaye ubuganga, [15] amukoraho ku kuboko ubuganga bumuvamo, arabyuka aramugaburira. [16] Nimugoroba bamuzanira abantu benshi batewe n'abadayimoni, yirukanisha abadayimoni itegeko gusa, akiza abari barwaye bose.* Hanyuma umurongo wa 17 utanga impamvu yatumye ibyo bibaho: *kugira ngo ibyavuzwe n'umuhanuzi Yesaya bisohore ngo Ubwe ni we watwaraga ubumuga bwacu, akikorera n'indwara zacu.* Muri iki gihe Yesu yari ari gukiza abantu benshi, kandi bishingiye ku murongo uri muri Yesaya 53:3-5, *Yarasuzugurwaga akangwa n'abantu,* [Ubu ni ubuhanuzi buvuga kuri Yesu Kristo] *yari umunyamibabaro wamenyereye intimba, yasuzugurwaga nk'umuntu abandi bima amaso natwe ntitumwubahe. [4] Ni ukuri intimba zacu ni zo yishyizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye, ariko twebweho twamutekereje nk'uwakubiswe n'Imana agacumitwa na yo, agahetamishwa n'imibabaro. [5] Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.* (Udukubo ni utwange).

Ibi ni ibice by'ibyanditswe bikomeye. Abantu bamwe barabifata bakavuga ngo, "Buretseho gato; Ibi bisobanura mu buryo bw'Umwuka." Itorero narerewemo ntabwo ryizeraga mu gukira k'umubiri. Bafataga icyanditswe nk'iki bakagihindura icy'umwuka, - bakagikoresha bakavuga ngo twababajwe mu marangamutima, kandi iyo tweguriye ubuzima bwacu Imana, Iradukiza. Ariko duhuje iki gice n'icyanditswe twatangiriyeho, bikuraho uburyo butari bwo ibyo byanditswe bikoreshwamo. Nibyo Yesu azakiza amarangamutima yawe no mu bundi buryo, ariko ibi byanditswe biravuga ku gukira gusanzwe k'umubiri. Ibyo wabyibonera kuko muri Matayo 8:17, haravuga ngo, kugira ngo ibyavuzwe n'umuhanuzi Yesaya bisohore kandi mu magambo ya Yesaya dusomamo aya magambo *Kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.* Haravuga ngo, ibi byari gusohoza ko We Ubwe yatwaye ubumuga bwacu akikorera n'indwara zacu. Ibi bivuga gukira kw'indwara z'umubiri, ibikomere n' uburibwe. Yesu yakijije abantu indwara kugira ngo asohoze ibyanditswe ngo kandi imibyimba Ye ni yo adukirisha.

Bibiliya ikomeza ivuga muri 1 Petero 2:24, *Ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti, kugira ngo dupfe ku byaha duhereko tubeho ku gukiranuka - Imibyimba ye ni yo yabakijije.* Iyi ni impitagihe. Yesu yaraje kandi kimwe mu byamuzanye gukora byari gukiza umubiri wawe. Ntabwo ndimo gutesha gaciro ku kuri kuvuga ko yaje no kubabarira ibyaha byawe. Ibyo ni iby'ingenzi, kandi kubabarira ibyaha ni nkaho ariwo muryango w'ibindi byose, ariko, ntabwo icyamuzanye ari ukubabarira ibyaha gusa. Yazanywe no gukiza umubiri wawe. Mu Kigiriki, ijambo rikoreshwa rivuga agakiza mu Isezerano rishya ryitwa **sozo**, ijambo rikoreshwa mu gusobanura ibintu byinshi bitandukanye. Ariko iyo urirebye, rinavuga "gukira." Yakobo 5:14 aravuga: *Muri mwe hariho urwaye? Natumire abakuru b'Ibitorero, bamusabire bamusize amavuta mu izina y'Umwami.* [15] *Kandi*

*isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi Umwami amuhagurutse, kandi naba yarakoze ibyaha azaba abibabariwe.* Ijambo "gukiza" niryo ry'Ikigiriki rivuga **sozo**, kandi rivuga umurwayi gukira mu mubiri. Iri jambo niryo ryasobanuwemo kubabarirwa ibyaha inshuro nyinshi mu Isezerano rishya niryo kandi risobanura gukira k'umubiri.

Igihe Yesu yoherezaga abigishwa be muri Matayo 10, itegeko yabahaye ryari iryo gukiza abarwayi, gukiza ababembe, kuzura abapfuye, kwirukana abadayimoni, no kubwiriza ubutumwa. Akibabwira kubwiriza ubutumwa ni nabwo yahise ababwira no gukiza indwara, gukiza ababembe, no kwirukana abadayimoni. Gukira ni kimwe mu byo Yesu yaje gukora mu buzima bwawe nko kubabarira ibyaha.

Kimwe nkuko utatekereza ko Imana yashaka ku kwigisha gukora icyaha kugira ngo ikwigishe ko hari icyo wakwigira mu cyaha cyawe, nta nubwo yakwifuza ko uba mu burwayi. Imana si yo izana uburwayi mu buzima bwawe. Inshuro nyinshi abantu bavuga ibintu bisa nk'ibi, "Nibyo, uburwayi ni umugisha uva ku Mana kuko bungarura ku Mana." Nibyo, mu bihe bibi abantu bagarukira Imana, ariko ntabwo yohereza indwara ngo ikwigishe. Ntabwo ibyo yabikora nkuko itakwitirira icyaha utakoze. Hari icyo wiga igihe uhisemo kujya kwibera mu byaha? Igihe ubaye mu buzima bw'ubusambanyi, cyangwa ubuzima bw'ubutinganyi ukandura indwara, ese bikwigisha ko ubwo buzima bwari bubi? Nibyo hari icyo wakwiga, ariko Imana siyo yatumye uba muri ubwo buzima. Nta cyaha yigeze ishyira mu buzima bwawe, nubwo hari icyo wiga igihe ucumuye. Ushobora guhonda umutwe wawe ku gikuta ukiga ko ataribyo wagombaga gukora, kandi ushobora no kugira icyo wiga hatabayeho guhonda umutwe ku gikuta. Ntabwo ukwiriye kwigira mu bihe bibi. Ntabwo Imana ishyira indwara mu buzima bwawe kugira ngo igucishe bugufi hanyuma ngo igire icyo

ikwigisha. Yesu yarapfuye ngo ubabarirwe ibyaha byawe kandi ngo agukize n'indwara zawe. Yatwaye ibyaha byawe mu mubiri we, kandi imibyimba ye ni yo yadukirishije.

Imbaraga z'Imana zidasanzwe zikiza zirahari kuri twese kandi ni kimwe mu bigize impongano Yesu yapfiriye kugira ngo tubone. Niba utarabona gukira kwawe, Imana nta mujinya igufitiye. Ntabwo bigusaba gukira indwara ngo ubone gukunda Imana. Ushobora gukundisha Imana umutima wawe wose, ntiwizere gukira kandi ukazajya mu ijuru. Mu by'ukuri, ushobora no kugerayo vuba kuko utazi kugendera mu buzima buzira indwara. Ariko rwose - nawe warabihawe. Yesu yarapfuye kugira ngo abitange. Imana irashaka ko umererwa neza.

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Matayo 8:16-17. Yesu yakijije abantu bangahe? _____
   _____

   **Matayo 8:16-17** *Nimugoroba bamuzanira abantu benshi batewe n'abadayimoni, yirukanisha abadayimoni, itegeko gusa, akiza abari barwaye bose, [17] Kugira ngo ibyavuzwe n'umuhanuzi Yesaya bisohore ngo Ubwe ni we watwaraga ubumuga bwacu, akikorera n'indwara zacu.*

2. Soma Yesaya 53:3-5. Iyi mirongo irimo kuvuga gukira mu buhe buryo? _____
   _____
   _____

   **Yesaya 53:3-5** *Yarasuzugurwaga akangwa n'abantu, yari umunyamibabaro wamenyereye intimba, yasuzugurwaga nk'umuntu abandi bima amaso natwe ntitumwubahe. [4] Ni ukuri intimba zacu ni zo yishyizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye, ariko twebweho twamutekereje nk'uwakubiswe n'Imana agacumitwa nayo, agahetamishwa n'imibabaro. [5] Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.*

3. Soma Matayo 8:17. Ni iki cyabaye ku bumuga n'uburwayi bwacu? _____
   _____

   **Matayo 8:17** *Kugira ngo ibyavuzwe n'umuhanuzi Yesaya bisohore ngo ubwe ni we watwaraga ubumuga bwacu, akikorera n'indwara zacu.*

4. Soma 1 Petero 2:24. Ni ibihe bintu bibiri iyi mirongo ivuga ko Yesu yadukoreye? _____
_____

**1 Petero 2:24** *Ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti, kugira ngo dupfe ku byaha duhereko tubeho ku gukiranuka.*

5. Soma Yakobo 5:14-15. Ijambo "gukira" ku murongo wa 15 niryo jambo ry'ikigiriki **sozo** ryasobanuwe ko rivuga "gutabara, kurinda, gukiza, kuba muzima." Ni naryo jambo Bibiliya yita "agakiza." Tugendeye kuri iyi mirongo n'ubusobanuro bw'ikigiriki bw'agakiza, ni iki kiri mu gakiza? _____
_____
_____

**Yakobo 5:14-15** *Muri mwe hariho urwaye? Natumire abakuru b'Itorero, bamusabire bamusize amavuta mu izina ry'Umwami,* [15] *Kandi isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi Umwami amuhagurutse, kandi naba yarakoze ibyaha azaba abibabariwe.*

6. Soma Matayo 10:7. Igihe Yesu yoherezaga abigishwa be, ni iki yababwiye kuvuga? _____
_____

**Matayo 10:7** *Nimugende mwigisha muti Ubwami bwo mu ijuru buri hafi.*

7. Soma Matayo 10:8. Ni iki Yesu yababwiye gukora? _____
_____
_____
_____
_____

**Matayo 10:8** *Mukize abarwayi, muzure abapfuye, mukize ababembe, mwirukane abadayimoni. Mwaherewe ubusa, namwe mujye mutangira ubundi.*

8. Soma Mariko 16:15. Ni iki Yesu yabwiye abigishwa be gukora?

9. Soma Mariko 16:16. Abumvira icyo ubutumwa bwiza bubabwira bazakora iki? _____
_____

10. Soma Mariko 16:17. Ni ibihe bimenyetso bizakurikira abizera?
_____
_____
_____

11. Soma Mariko 16:18. Ni ibihe bimenyetso bindi bizagumana n'abizera? _____
_____
_____

**Mariko 16:15-18** *Arababwira ati Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza [16] Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka. [17] Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi: bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye, bazavuga indimi nshya, [18] bazafata inzoka, kandi nibanywa ikintu cyica nta cyo kizabatwara na hato, bazarambika ibiganza ku barwayi bakire.*

## ISOMO 8

# IMBOGAMIZI KU GUKIRA INDWARA

### Na Andrew Wommack

Mu isomo ryacu ryabanje, navuze ko gukira indwara ari ubushake bw'Imana, ko kandi uko gukira ari kimwe mu bigize impongano. Byinshi bishobora kuvugwa, kuko nubwo waba ubyizera ukaba wanabibonye mu byanditswe, bikomeza kuzana ibibazo byinshi nko kubaza ngo, "niba ari ubushake bw'Imana bwo kudukiza, kuki atari buri wese ukira?" Hari impamvu nyinshi kandi ubu ndasa nk'ubinyura hejuru. Hari amakuru menshi ntashobora kuvugira aha, ariko niba gukiza indwara ari ubushake bw'Imana, ndashaka kuvuga zimwe mu mpamvu zituma abantu badakira. Impamvu imwe ni ubujiji. Ntabwo wakorera mu kintu utazi cyangwa utumva, kandi mu buzima bwanjye ibyo ni ukuri.

Nari narigishijwe ko ubushake bw'Imana buhita bwikora, ko kandi nta butware, cyangwa imbaraga mbifiteho. Rero binyuze mu bujiji bwanjye, ibintu byinshi byabayeho. Data yarapfuye ubwo nari mfite imyaka cumi n'ibiri kandi abantu babiri cyangwa batatu bapfiriye mu maso igihe nari mfite imyaka makumyabiri n'umwe. Narabasengeraga ngo bose bakire, ariko sinigeze mbona gukira kuboneka, si uko bitari ubushake bw'Imana, ahubwo ni ukubera ubujiji bwari kuri njye. Ubujiji niyo mpamvu ibintu bibaho, ariko ntibwaba urwitwazo. Ni nk'amahame y'imbaraga zisubiza ibintu ku butaka: Umuntu ashobora kuvuga ngo "Ntabwo narinzi ko nsimbutse igorofa ry'amazu icumi ko napfa." Ntabwo ugomba kwemera ko izo mbaraga zisubiza ibintu ku butaka ko zikomeye ari

uko ubonye ingaruka. Abantu ntibazi amwe mu mahame y'Imana. Ntabwo bazi uko imwe mu mikorere yo gukiza kwayo ikora, rero ubujiji burimo kwica abantu benshi.

Ikindi kintu cyatubuza kwakira gukira ni ibyaha. Mu by'ukuri bibabaza abantu iyo uvuze gutyo, kuko basobanura ibyo urimo kuvuga nkaho uburwayi bwose buterwa n'ibyaha, kandi atari ko bimeze. Ibyo sibyo mvuga. Muri Yohana hariho ikibazo cyabaye aho Yesu ubwo yararimo gusohoka mu rusengero, noneho abigishwa be babona umuntu wavutse ari impumyi. Abigishwa be baravuga ku murongo wa 2 ngo *Mwigisha, ni nde wakoze icyaha, ni uyu cyangwa ni ababyeyi be ko yavutse ari impumyi?* Mu yandi magambo, bageragezaga gusanisha uburwayi bwe n'icyaha, babaza niba ari ibyaha bye cyangwa ko ari iby'ababyeyi be byateye ubwo burwayi kumuzaho. Igisubizo cya Yesu cyari uko nta numwe muri bo wacumuye. Ibyo ntibivuga ko baba ababyeyi cyangwa umuhungu batigeze gucumura ahubwo ntibyari ibyaha byabo byateje ubuhumyi bwe. Kuvuga ko indwara zose ko zifite aho zihuriye n'ibyaha sibyo, kandi sinabyo kuvuga ko ibyaha atari kimwe mu biteza indwara.

Muri Yohana 5 habayeho igihe ubwo Yesu yarari ku kidendezi cy'i Betesayida, akiza umuntu mu buryo bw'ibitangaza. Aho hantu hari abantu benshi, kandi ni umuntu umwe wahakiriye. Nyuma icyo gice kerekana ko uwo muntu atamenye uwamukijije ubwo abayuda bamubazaga ku murongo wa 12, *Baramubaza bati Uwo muntu ni nde wakubwiye ngo wikorere ugende?* ku mirongo 13-14 hakomeza, *Ariko uwakijijwe ntiyamenya uwo ari we, kuko Yesu yari yigendeye kandi hari abantu benshi. [14] Hanyuma y'ibyo Yesu amubona mu rusengero aramubwira ati Dore ubaye muzima, ntukongere gukora icyaha utazabona ishyano riruta iryambere.* Yesu aha aravuze ngo icyaha cyateza ishyano riruta ubumuga bwe bwa mbere kumuzaho. Arashyira ingaruka zo kurwara ku

cyaha. Yanavuze muri Yohana 9 ko nta cyaha cy'umuntu n'umwe cyatumye avuka ari impumyi.

Hariho ibintu byizana, ariko hariho igihe indwara, n'ubumuga, cyangwa ibibazo bishobora kuzanwa n'ibyaha. No mu bihe nk'ibyo, ntabwo bivuze ko Imana ariyo iba ibidukorera. Urugero, umuntu uba mu buzima bw'ubutinganyi kandi ari ukuvangirwa. Umubiri w'abantu ntabwo waremewe kubaho gutyo. Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zizanwa n'ubwo buzima. Imana si yo yazanye izo ndwara, zirizana bitewe no kugoma kuko ntabwo twaremewe kubaho muri ubwo buryo. Urugero ubu uramutse ugize aho ujya ukarya ibiryo bibi, umubiri wawe ntabwo uzagubwa neza, kandi si Imana iba ibiguteye. Hariho amahame abigenga, ni ibintu karemano bitera kwiyumva gutyo. Ni byo rero icyaha gishobora kuba zimwe mu mpamvu zituma abantu badakira.

Niba hari icyaha uzi kiri mu buzima bwawe kandi ukaba wizera Imana kugukiza, ukwiriye kureka icyo cyaha, kuko binyuze muri icyo cyaha uba uha Satani urwaho rukubuza kwakira icyo Imana irimo gukora mu buzima bwawe. Abaroma 6:16 haravuga ngo, *Ntimuzi yuko uwo mwihaye kuba imbata zo kumwumvira, muri imbata z'ibyaha bizana urupfu, cyangwa izo kumvira Imana kuzana gukiranuka?* Ibyo ntibivuga ko Satani ahinduka umutware ku buryo utakaza agakiza kawe hanyuma ukajya muri gehinomu, ahubwo bivuga ko waba uri umukristo cyangwa utari we- niba wibera mu byaha- uba uha Satani uburyo bwo gukora mu buzima bwawe. Yohana 10:10 haravuga ngo Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba, kwica no kurimbura, ariko Yesu yazanywe no kugira ngo aguhe ubuzima. Rero Yesu uri mu buzima bwawe agerageza kuzana ubugingo bwe muri wowe, ariko hari na Satani ugerageza kugutera kurwara. Niba binyuze mu byaha uba wiyeguriye Satani, uba umutiza imbaraga kandi umuha n'amahirwe mu buzima

bwawe. Washobora gusaba Imana gukira niba ubishaka, ariko ibikorwa byawe byemerera Satani kwinjira akazana indwara. Rero niba uba mu byaha ukwiriye kubireka.

Ndashaka no kongeraho ko ushobora kwikanyiza ukavuga ngo, "iteka ryose mpora ndi hasi yibyo ngomba kuba byo" ukagera n'ahantu nubwo wizera ko Imana ikiza, ukizera ko itabikora kuko utabikwiriye. Ibyo nabyo ni bibi. Nta n'umwe muri twe uzigera abona gukira kuvuye ku Mana kuko abikwiriye. Imana ntirabona ukwiriye gukorera ibyo itanga, rero ntabwo ukwiriye gushyira mu bitekerezo byawe ko Imana ikora mu buzima bwawe ishingiye ku mirimo yawe, gukiranuka kwawe. Bikwiriye kuba bishingiye ku byo Yesu yagukoreye n'uko umwizera. Kimwe n'uko, utashobora kwirengagiza ibikorwa byawe hanyuma ukiha Satani ngo wibwire ko atazigera akubera imbogamizi. Uzabona gukira bikora neza kandi byoroshye, mu buzima bwawe niba wihannye ukareka gukora buri kintu giha Satani inzira mu buzima bwawe.

Iyindi mpamvu irebana no gukira abantu bamwe badatekerezaho cyane ni ugupinga, no kutizera abandi bantu bishobora kukugiraho ingaruka. Rimwe mu rugero rwiza rw'ibi ruri muri Mariko 6 aho Yesu yari mu mudugudu w'aho avuka kandi abantu ntibamwubaha kuko bamwibukaga nk'umuhungu muto. Bari bazi se na nyina, barumuna be na bashiki be, kandi ntibamwubahaga nkuko abandi babikoraga. Baramurwanije baranamunegura. Mariko 6:4-6 haravuga ngo *Umuhanuzi ntabura icyubahiro keretse mu gihugu cy'iwabo, no mu muryango wabo no mu nzu yabo. [5] Nuko ntiyashobora kugira igitangaza ahakorera na kimwe, keretse abarwayi bake yarambitseho ibiganza arabakiza, [6] atangazwa n'uko batizeye.* Ibi ntabwo bivuze ko Yesu atari kugira umurimo ukomeye ahakora, ahubwo ntiyashoboraga kuwukora. Turabona Yesu Umwana w'Imana, waje ku isi nk'umuntu utari ufite

icyo abura mu kwizera kwe. Kandi birumvikana ko nta n'icyaha yari afite cyari guha urwaho satani mu buzima bwe. Ariko yaje kunanizwa gukora ibyo yari ashoboye gukorera abandi bitewe no kutizera kwabo. Huriza hamwe iki cyanditswe na Matayo 13:58, aho kivuga ngo, *Aho Yesu ntiyakorerayo ibitangaza byinshi abitewe n'uko batizeye*. Rero turabona Yesu utari ufite ikimunanira muri we adafite n'icyaha mu buzima bwe ku buryo byaha inzira Satani, yabujijwe gukora ibyo yari ashoboye gukora bitewe n'abantu bari bamuzengurutse.

Ibi ni iby'ingenzi gusobanukirwa ko ubushake bw'Imana ari ugukiza buri wese iteka ryose. Ibyo niba ubyizera, ushobora gukora ikosa ryo kujya mu bitaro ukagerageza kubimaramo buri muntu urwaye wese kuko wizera ko ari ubushake bw'Imana ko bakira. Ni ubushake bw'Imana ko bakira, ariko ntabwo izarwanya ubushake bwabo. Imana izarengera uburenganzira bwabo bwo kurwara, uburenganzira bwabo bwo kudakira. Nta muntu wabahatira gukira - kandi ntabwo bakirira ku kwizera kw'abandi. Kwizera kw'abandi kwagira icyo kumara igihe bo badafite imbaraga zo kwizera, ariko nta wabibakorera. Ushobora gusunika imodoka igihe irimo vitensi iyemerera kugenda ariko ntabwo wasunika imodoka iri muri vitensi yo guhagarara cyangwa yo gusubira inyuma. Niba umuntu arwanya gukira, ntabwo wabinesha. Kubw'ibyo, ntabwo wamara abarwayi mu bitaro cyangwa ngo ujye mu rusengero ngo ubone buri wese akize hatabaye ubufatanye.

Hari byinshi byavugwa kuri iyi ngingo. Igihe Yesu yakizaga abantu, akanazura abapfuye, yajyaga ku muntu akamubwira ngo "Wirira". Yabwiraga umubyeyi ati wirira hanyuma akazura umuhungu we. Kwizera k'umuntu hari aho kugomba gukoreshwa. Hari ibyifuzo bisaba ko tugira uruhare mu kwizera kwacu, kandi hari ibindi bintu byinshi biba mu gukira. Mvuze bike uyu munsi, nizera ko bizagufasha, ariko kimwe mu bintu by'ingenzi ukwiriye

gusigarana ni uko Imana ari iyo kwizerwa. Ni ubushake bwayo bw'uko ukira, ariko ukwiriye kwiga uko ugomba gukorana nayo. Ntabwo yabigukorera wiyicariye; igomba kubikora ikunyuzemo. Bizaturuka imbere muri wowe.

Ndasaba ngo ibi bintu bizagufashe gutangira kwitanga, ukemerera imbaraga z'Imana kugukoreramo, no kugenda ufite amagara mazima arenze asanzwe.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Matayo 8:17. Ni iki Yesu yakoze ngo tubone gukira indwara? _____
_____

**Matayo 8:17** *Kugira ngo ibyavuzwe n'umuhanuzi Yesaya bisohore ngo ubwe ni we watwaraga ubumuga bwacu, akikorera n'indwara zacu.*

2. Soma Hoseya 4:6. Abantu bamwe ntibakira kubera:

A. Ubujiji (kubura ubwenge).
B. Batajya gusenga.
C. Batari beza bihagije.

**Hoseya 4:6** *Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge. Ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka we kumbera umutambyi. Ubwo wibagiwe amategeko y'Imana yawe, nanjye nzibagirwa abana bawe.*

3. Soma Yohana 9:1-3. Ni iki abigishwa batekereje ko aricyo gitera ubuhumyi bw'uyu muntu? Ibitekerezo byabo byari byo? ___
_____
_____

**Yohana 9:1-3** *Akigenda abona umuntu wavutse ari impumyi. [2] Abigishwa baramubaza bati, Mwigisha, ni ababyeyi be ko yavutse ari impumyi? [3] Yesu arabasubiza ati Uyu nta cyaha yakoze cyangwa ababyeyi be, ahubwo ni ukugira ngo imirimo y'Imana yerekanirwe muri we.*

4. Soma Yohana 5:14. Ibyaha bikingurira inzira indwara, ariko

si buri gihe. Usibye indwara, ni iki kindi icyaha cyazana mu muntu? _____

_____

**Yohana 5:14** *Hanyuma y'ibyo Yesu amubona mu rusengero aramubwira ati Dore ubaye muzima, ntukongere gukora icyaha utazabona ishyano riruta irya mbere.*

5. Soma Abaroma 5:12-14. Niba icyaha atariyo mpamvu itera uburwayi buri gihe, ni iyihe mpamvu yindi ishobora kuba ibutera? _____

_____

**Abaroma 5:12-14** *Kuko bimeze bityo, nk'uko ibyaha byazanywe mu isi n'umuntu umwe, urupfu rukazanwa n'ibyaha, ni ko urupfu rugera ku bantu bose kuko bose bakoze ibyaha. [13] Amategeko ataratangwa icyaha cyahoze mu isi, ariko ntawe kibarwaho amategeko adahari. [14] Icyakora uhereye kuri Adamu ukageza kuri Mose, urupfu rwatwaraga ndetse n'abakoze ibyaha bihwanye n'igicumuro cya Adamu, wasuraga uwajyaga kuzaza.*

6. Soma Ibyakozwe 10:38. Ukurikije Ibyakozwe n'Intumwa 10:38. Indwara zishobora guterwa n'iki? _____

_____

**Ibyakozwe 10:38** *Ni irya Yesu w'inazareti, uko Imana yamusutseho Umwuka Wera n'imbaraga, akagenda agirira abantu neza, agakiza abo Satani atwaza igitugu, kuko Imana yari iri kumwe na we.*

7. Soma Matayo 13:58. Gukira bishobora kubuzwa n' iki? _____

_____

_____

**Matayo 13:58** *Aho Yesu ntiyakorerayo ibitangaza byinshi abitewe n'uko batamwizeye.*

8. Soma Yakobo 5:15. Ni iki kizakiza umurwayi? _____
_____
_____

**Yakobo 5:15** *Kandi isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi Umwami amuhagurutse, kandi naba yakoze ibyaha azaba abibabariwe.*

## ISOMO 9

# KUBABARIRA ABANDI

### Na Don Krow

Uyu munsi tugiye kureba ku isomo ryo kubabarira muri Matayo 18:21-22: *Nuko Petero aramwegera* [Yesu] *aramubaza ati Databuja, mwene data nangirira nabi nzamubabarira kangahe? Ngeze karindwi? Yesu aramusubiza ati Sinkubwiye yuko ugeza karindwi ahubwo yuko ugeza mirongo irindwi karindwi* (udukubo ni utwanjye). Ndatekereza ko Petero yibwiraga ko abaye umugwaneza mu kubaza inshuro agomba kubabarira uwamucumuyeho, "inshuro zirindwi ku munsi, niko ubitekereza?" Yesu ariko avuga, "Petero nkubwiye inshuro mirongo irindwi karindwi." Izo ni inshuro 490, ariko ntabwo bivuze ko nyuma y'inshuro 490 utagomba kubabarira. Ibyo Yesu yavugaga ni umubare udashoboka w'ibicumuro byakorerwa umuntu ku munsi. Yavugaga ko kubabarira bigomba guhoraho, bigakomeza. Kubabarira bigomba kuba bigize imyumvire y' abakristo. Yesu yaravuze muri Luka 23:34 ngo, *Data, ubabarire kuko batazi icyo bakora.* Kandi na Sitefano wahowe Imana, mu Byakozwe n'Intumwa 7:60 yaravuze ngo *Mwami, ntubabareho iki cyaha.* Ntabwo abantu bose ari uko bakeneye kubabarirwa, ariko imiterere y'umukristo mu mutima we yagombye kuba iyo gutanga imbabazi.

Yesu avuga umugani uvuga ku kubabarira ubwo akomeza ku murongo 23 wo muri Matayo 18, *Ni cyo gituma ubwami bwo mu ijuru bwagereranywa n'umwami washatse kubarana n'abagaragu be umubare w'ibyo yababikije. [24] Abanje kubara, bamuzanira umwe muri bo yishyuza italanto inzovu. Izo ni nka* [miliyoni 10 z'amadorali] *[25] Ariko kuko yari adafite ibyo kwishyura, shebuja ategeka kumugura n'umugore we n'abana be n'ibyo afite byose, ngo*

*umwenda ushire.* [26] *Umugaragu aramupfukamira aramwinginga ati 'Mwami, nyihanganira nzakwishyura byose* (udukubo ni utwanjye). Dore uko ikibazo giteye: Hariho umugaragu ufitiye shebuja umwenda wa miliyoni icumi z'amadorali. Nta buryo bwo kuzishyura afite, arabizi ko atazishyura kandi na shebuja arabizi ko atazishyura. Muri icyo gihe nta kwihakana ko nta mafaranga wabaga ufite, - baragufataga bakakugurisha, umugore wawe, n'abana bawe, na buri kintu wabaga ufite, ugahinduka umuretwa. Wajyanwaga muri gereza kugeza aho wishyuriye, kandi utakwishyura wagumaga muri gereza iminsi yose yo kubaho kwawe. Uyu mugaragu yakoze ikintu kimwe yari azi gukora: Yapfukamye ku mavi aratakamba asaba imbabazi, "databuja, ndakwinginze ngirira impuhwe! Ndagusabye mbabarira. Nzakwishyura buri kintu. Wowe ihangane!" Reba icyabaye ku murongo 27. Shebuja yamugiriye impuhwe amuharira umwenda we.

Twari dufite umwenda tutari bubashe kwishyura. Bibiliya iravuga ngo ibihembo by'ibyaha byari urupfu (Abaroma. 6:23),- dutandukanijwe n'Imana ubuziraherezo- amafeza n'amazahabu byose byo mu isi ntabwo byari bubashe kuducungura. Imana mu mbabazi zayo n'ubuntu bwayo yohereza Umwana wayo Yesu Kristo ku isi kugira ngo yishyure umwenda tutari bwishyure. Imana yaraturebye mu mpuhwe n'imbabazi iravuga ngo "mbahariye uwo mwenda."

Uyu muntu wari umaze kubabarirwa miliyoni icumi z'amadorali hari mugenzi we wari umubereyemo umwenda w'amadorali makumyabiri. Aramusanga aramubwira ngo "maze kubabarirwa miliyoni icumi z'amadorali, none se amadorali makumyabiri avuze iki kuri njye? Ndashaka ko ugira umudendezo nkuwo mfite! Ntacyo bitwaye yihorere, kuko nanjye nababariwe miliyoni icumi z'amadorali! Icyo nicyo yari gukora ariko ntibyabaye. Reka dusome ibyabayeho ku murongo wa 28-31. *Ariko*

*uwo mugaragu arasohoka, asanga umugaragu mugenzi we yagurije idenariyo ijana, aramufata aramuniga aramubwira ati Nyishyura umwenda wanjye. [29] Umugaragu mugenzi we yikubita hasi, aramwinginga ati 'Nyihanganira nzakwishyura [30] Ntiyakunda maze aragenda amushyira mu nzu y'imbohe, kugeza aho azamarira kwishyura umwenda. [31] Abagaragu bagenzi be babonye ibibaye barababara cyane, baragenda babibwira shebuja uko bibaye byose.* Yashyize uwo mugaragu mugenzi we mu nzu yimbohe amuziza amadorali makumyabiri mu gihe we yari amaze kubabarirwa milioni icumi z'amadorali! Uribaza ibyo bintu?

Umurongo wa 32-34 haravuga ngo, *Maze shebuja aramuhamagara aramubwira ati wa mugaragu mubi we, naguhariye wa mwenda wose kuko wanyinginze, [33] nawe ntiwari ukwiriye kubabarira mugenzi wawe nk'uko nakubabariye? [34] Shebuja ararakara, amuha abasirikare kugeza aho azamarira kwishyura umwenda wese.* Uyu mugabo yajugunywe muri gereza kubera uko yitwaye kuri mugenzi we, bituma abura imbabazi yari yagiriwe. Yesu yaravuze ku murongo wa 35, *Na Data wo mu ijuru ni ko azabagira, nimutababarira umuntu wese mwene so mubikuye mu mutima.* Urumva atari iby'ubupfapfa, kuba twarababariwe ibyaha byacu byose, - ibyo twari twarahanishijwe urupfu no gutandukanywa n'Imana ubuziraherezo - tukanga kubabarira? Twinginga Imana tuvuga ngo "mbabarira, ungirire n'imbabazi Yesu Kristo," ukababarirwa noneho wagaruka ukanga kubabarira ikintu gito twe dutekereza ko ari kinini - tumaze kubabarirwa ibintu byose twakoze. Imana iravuga ngo ubwo ni ubugome.

Cyera nayoboye itorero, kandi muri iryo torero harimo umukobwa washoboraga kubona ibintu by'igihe kiri imbere. Umunsi umwe aransanga arambaza ati 'Ese ni Umwuka Wera umbwira ibintu byo mu gihe kiri imbere n'ibizaba? Menya igihe abantu bazapfira nkanamenya n'igihe umuntu ari bukoreremo

impanuka, n'ibindi bisa nk'ibyo." Ndamusubiza ngo, ntabwo uri bwishimire igisubiza cyanjye, ariko sintekereza ko uwo ari Umwuka Wera. Ndacyeka ko ari umwuka w'ubupfumu, wa mwuka wakurikiranye Intumwa Pawulo mu Byakozwe n'Intumwa 16. Hanyuma arawirukana arawutegeka ngo usohoke muri uwo mukobwa hanyuma acika intege zo kuvuga ibyo imyuka mibi yamwerekaga "Nkomeza mubwira ko iyo itari Imana, ndakomeza ndamubwira nti genda ubaze Yesu, uti Mwami, ni iki kimbwira ibintu kikampa n'amakuru, na mbere ntarakizwa? Ese ni Umwuka wawe wera, cyangwa n'ikindi kintu?" Yaragarutse umunsi umwe arambwira ngo "Navuganye n'Imana kandi ndatekereza ko bimeze neza" ndamubwira ngo, "ibyo Imana ivuga byose ni bizima - ntabwo ari njye mwungeri mukuru."

Ibi byari 1986, kandi uzi icyabayeho mu 1986? Twagize icyogajuru kitwa Challenger, noneho abantu umunani bakijyamo. Umwe muri bo yari umugore w'umwarimu. Uyu mukobwa ubwo yarimo kureba televiziyo, abona umugore uvuga ngo, "Ejo nzajya muri cya cyogajuru Challenger," Umukobwa abyumvise ahita yumva umwuka umubwira ngo "ejo azapfa, ejo azapfa." Umunsi wakurikiyeho icyogajuru Challenger ubwo gifata urugendo kiragenda gihita gishya isi yose ibibona, abantu bose barashira. Wa mukobwa aragaruka arambwira ngo, "umuvandimwe Don, ndacyeka ko ikintu kivugana nanjye kikampa amakuru gishobora kuba atari Umwuka Wera. Wansengera?" Uwo mugoroba amateraniro arangiye, buri muntu wese amaze kugenda, namufashe ukuboko, ndavuga nti, "wa mwuka mubi we w'ubupfumu, musohokemo!" Nta cyabaye. Abigishwa ba Yesu igihe kimwe bagerageje kwirukana imyuka mibi mu muhungu ntibabishobora. Yesu arababwira ngo mumunzanire hano. Ndavuga ngo, "Mwami, ndatekereza ko nzi ikibazo, ariko nkuzaniye uyu mukobwa. Twereke ikibazo gihari." Umufasha wanjye twarimo dusengana hanyuma Imana imuha ijambo ry'ubwenge. Aravuga

ngo, "ikibazo gifitanye isano na nyina." Mbwira wa mukobwa ngo wababarira mama wawe? Nkimara kuva ibyo, ijwi risakuriza muri we, rivuga ngo "OYA yarantaye!" Ndavuga "ndakuboshye wowe mwuka mubi" ndongera ndamubaza niba yababarira nyina. Hanyuma aramubabarira ku bw'ubuntu bw'Imana. Yamubabariye ari uko ahisemo kubabarira, hanyuma yakira kubohoka kwe n'umudendezo.

Nkuko Yesu yabivuze mu mugani muri Matayo 18, ndimo ndavuga ko nitutababarira nyuma yuko twababariwe ideni rikomeye na Data wo mu ijuru, tuzaba mu maboko yo gukandamizwa. Ibidukandamiza ni ibiki? Bishobora kuba ari ibintu bitandukanye, ibihome by'abadayimoni, gutotezwa, indwara, ubumuga, n'ibindi byinshi. Umuzi wabyo ni ukutababarira. Kutababarira mu gihe twababariwe biha Satani urwaho mu buzima bwacu. Bibiliya iravuga ngo tugomba guhitamo kubabarira. Mu isengesho ry'Umwami (Matayo 6:9-11), Yesu yaravuze ngo mujye mubabarira nkuko namwe mwababariwe.

Mariko 11:25-26, haravuga ngo niba mugize icyo mupfa na mugenzi wawe, ugomba kumubabarira. Ibyo bishatse kuvuga iki? Kutababarira kugomba kuguma mu mitima yacu kugeza ryari? Keretse iyo kudusunikiye ku Mana tugasenga. Igihe dufite kutababarira na guke gushoboka ku bandi, tugomba kubabohora tukavuga ngo "Mana, Ndamubabariye uyu munsi. Mbihisemo kuko wambabariye umwenda munini."

Mana, ndasengera buri muntu wese usoma iri somo ufite kutababarira mu buzima bwe, ko ahitamo kubohora uwo muntu, amubabarire yaba akiriho cyangwa yarapfuye. Ndasaba ko ababarira kandi areke icyo gikomere gikire ku bw'imbaraga zawe n'ubuntu uyu munsi, Mana ndagushima mu izina rya Yesu Amen.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Matayo 18:21. Ni inshuro zingahe Petero yatanze zo kubabarira? _____

2. Soma Matayo 18:22. Ni inshuro zingahe Yesu yavuze ko tugomba kubabarira? _____
   _____

3. Soma Matayo 18:23-24. Ni amafaranga angahe uyu muja yari afitiye mugenzi we? _____
   _____

4. Soma Matayo 18:25. Kuva uyu mugaragu atari buvuge ko nta mafaranga afite, ni iki cyari bubeho? _____
   _____
   _____

5. Soma Matayo 18:26. Ubusabe bw'umugaragu bwari ubuhe? __
   _____
   _____

**Matayo 18:21-26** *Nuko Petero aramwegera aramubaza ati Databuja, mwene data nangirira nabi nzamubabarira kangahe? Ngeze karindwi?* [22] *Yesu aramusubiza ati Sinkubwiye yuko ugeza karindwi, ahubwo yuko ugeza mirongo irindwi karindwi.* [23] *Ni cyo gituma ubwami bwo mu ijuru bwagereranywa n'umwami washatse kubarana n'abagaragu be umubare w'ibyo yababikije.* [24] *Abanje kubara, bamuzanira umwe muri bo yishyuza italanto inzovu.* [25] *Ariko kuko yari adafite ibyo kwishyura, shebuja ategeka kumugura n'umugore we n'abana be n'ibyo afite byose, ngo umwenda ushire.* [26] *Umugaragu aramupfukamira aramwinginga ati Mwami, nyihanganira nzakwishyura byose.*

6. Soma Matayo 18:27. Umukoresha yagaragaje uwuhe mutima ku mugaragu we? Ni Uwuhe mutima Imana yatweretse bijyanye n'umwenda wacu (icyaha)? _____
_____
_____

7. Soma Matayo 18:27. Umugaragu wari warababariwe yari aberewemo umwenda w'amafaranga angahe na mugenzi we?
_____
_____

8. Soma Matayo 18:28. Ese uyu mugaragu yagaragaje iyihe myitwarire kuri mugenzi we? _____
_____
_____

9. Soma Matayo 18:29-30. Ni iki uyu mugaragu yakoreye mugenzi we? _____
_____

10. Soma Matayo 18:31-33. Shebuja wa wa mugaragu yamwise ate? _____
_____

11. Soma Matayo 18:33. Ni iki shebuja w'umugaragu wanze kubabarira mugenzi we yamubwiye yagombye kuba yarakoze?
_____
_____

12. Soma Matayo 18:34. Igihe shebuja w'umugaragu wanze kubabarira yasanze ibyari byabaye byahinduye amarangamutima ye gute? _____
_____

13. Soma Matayo 18:34. Ese uyu mugaragu wanze kubabarira ku bw'ibyo yakoze hari ubwo yirengagije ko nawe yababariwe? __

_____

_____

14. Soma Matayo 18:35. Ese uyu mugani ushaka kuvuga iki? _____

_____

_____

_____

**Matayo 18:27-35** *Shebuja aramubabarira aramureka, amuharira umwenda. [28] Ariko uwo mugaragu arasohoka, asanga umugaragu mugenzi we yagurije idenariyo ijana, aramufata aramuniga, aramubwira ati Nyishyura umwenda wanjye. [29] Umugaragu mugenzi we yikubita hasi, aramwinginga ati 'Nyihanganira nzakwishyura. [30] Ntiyakunda maze aragenda amushyira mu nzu y'imbohe, kugeza aho azamarira kwishyura umwenda [31] Abagaragu bagenzi be babonye ibibaye barababara cyane, baragenda babibwira shebuja uko bibaye byose. [32] Maze shebuja aramuhamagara aramubwira ati 'Wa mugaragu mubi we, naguhariye wa mwenda wose kuko wanyinginze, [33] nawe ntiwari ukwiriye kubabarira mugenzi wawe nk'uko nakubabariye? [34] Shebuja ararakara, amuha abasirikare kugeza aho azamarira kwishyura umwenda wose. [35] Na Data wo mu ijuru ni ko azabagira, nimutababarira umuntu wese mwene so mubikuye mu mutima.*

## ISOMO 10

# ISHYINGIRWA (IGICE 1)

### Na Don Krow

Uyu munsi tugiye kuvuga ku gushyingirwa. Mbere na mbere, Ndashaka kukwereka imibare: 75% by'abagize imiryango bazakenera ubujyanama bwo kubaka urugo. Rimwe kuri kabiri by'ingo bizasoza bitanye. Kuri 50% by'ingo, hazabamo guca inyuma mu myaka itanu ya mbere. No mu bakristo, bavugako 30% by'abakozi b'Imana baba bafite undi muntu bafitanye umubano udakwiriye mu itorero. Kuri njye bisa nkaho tutari twumva amahame ya Bibiliya niba iyo mibare ijya kungana gutyo. Tugiye kureba ku ishyingiranwa turebe ibintu bimwe Imana ibivugaho - uko wabasha gukomeza ubusabane mu rugo rwawe.

Mbere na mbere ndashaka kuvuga iki: Urugo rwari igitekerezo cy'Imana; Yararuremye. Mu Itangiriro 2:18 haravuga ngo, *Kandi Uwiteka Imana iravuga iti si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiriye.* Kandi no mu Itangiriro 1:31 haravuga ngo, *Imana ireba ibyo yaremye byose, n'uko byari byiza cyane. Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa gatandatu.* Ugomba kwibuka ko iri ryari iremwa ridafite inenge. Imana yarazaga igasabana n'umuntu. Yari ifitanye ubusabane butangaje nawe. Buri gihe Imana yarazaga mu mafu ya nimunsi igasabana na Adamu. Inshuro nyinshi dushobora gutekereza ko niba turi mu busabane butunganye n'Imana nta kintu tuzakenera, ariko ibyo si byo. Imana yaravuze mu Itangiriro 1:31, ku birebana n'ibyo yari yaremye, *byari byiza cyane.* Ikintu cya mbere Imana yavuze "kitari cyiza" kibonwa mu Itangiriro 2:18, *Kandi Uwiteka Imana iravuga iti Si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiriye.* Rero urugo cyari igitekerezo cy'Imana kugirago isubize icyifuzo

umuntu yari afite, cyo kumuha umufasha umukwiriye mu guhangana n'ikibazo cy'irungu yashobora kugira mu buzima bwe. Niba dukurikije amabwiriza tugakora icyo Imana ishaka, urugo rwagenewe kuzana umunezero si ukuzana ibibazo.

Itangiriro 2:24, muri iki gice niho Bibiliya ivuga cyane bwa mbere ku rugo. Haravuga ngo *Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe.* Urugo ni ugusiga iyindi mibanire yose ugashyira intumbero yawe ku muntu umwe, kandi Imana ni gutyo yabiremye. Ni nk'imibanire y'ubutatu. Sinzi niba wumva ibyo mvuga, rero mu mibanire ya Adamu na Eva igihe Imana yabahuzaga, ntabwo Adamu yasabanaga n'Imana ku giti cye cyangwa Eva agasabana n'Imana ukwe. Byari Adamu na Eva mu bumwe, muri uko kuba umwe harimo intego yo gusabana n'Imana. Bibiliya iravuga muri 1 Petero 3:7, *Namwe bagabo ni uko; mubane n'*[abagore banyu], *mwerekane ubwenge … kugira ngo amasengesho yanyu ye kugira inkomyi (udukubo ni utwanjye).* Itangiriro 5:1-2, icyanditswe gihebuje, kiravuga ngo *Iki ni igitabo cy'urubyaro rwa Adamu. Ku munsi Imana yaremeyemo umuntu, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye, ibaha umugisha ibita Umuntu, ku munsi baremeweho.* Nkuko ubibona Adamu yise umugore we Eva, ariko Imana yahamagaye Adamu na Eva nk'ikinyabumwe, "Adamu". Rero mu mibanire y'urugo, nta bwo biba bikiri wowe n'Imana cyangwa Imana n'uwo mugore - biba ari njye n'umugore wanjye mu bumwe, abaragwa b'ubuntu bw'ubuzima bw'abahamagariwe gusohoza umugambi w' Imana, tukagendera mu kuba umwe kandi mu bumwe.

Itangiriro 2:24, aho tumaze gusoma, haravuga ngo, Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe. Ijambo "akabana" rivuga: Kuguma cyangwa komatana, kuba umwe, guhuza umugambi.

Niba ufite ikibazo mu mibanire y'urushako rwawe uyu munsi, reka nkubaze ibibazo bicye: Ibintu ukora, uburyo witwara ku mufasha wawe, ibintu umubwira, ese ni ibituma muhuza mukaba umwe? cyangwa ni ibiteza icyasha, cyangwa gutandukana? Itegeko ry'ibyanditswe k'urugo ni ukubana, komatana. Ese, ibintu ukora ni ibyubaka ubusabane bwanyu cyangwa ni ibirusenya? Ukwiriye kureba kuri ibi bintu.

Abantu batekereza ko urukundo ari uko wumva amarangamutima: "Nigeze kugukunda, ariko navuye mu rukundo, sinkigukunda." Ibaze uturuka mu muryango utari mwiza. Hanyuma ukajya imbere y'umukozi w'Imana cyangwa umucamanza kugira ngo abasezeranye; ukiyemeza guha ubuzima bwawe uwo muntu, ukaba wifuza ko biba bityo kugeza igihe urupfu arirwo rubatandukanyije. Ariko, kubera wa muryango uturukamo mubi, ukaba utarigeze ubona urukundo, utarigeze urubona mu muryango wawe, kandi ukaba utarigeze ubona ababyeyi bawe babana mu rukundo nyarwo. Umufasha wawe akaba aturuka mu muryango wakundwakazaga, ariko wowe ukaba utazi uko wabikora. Nubwo ushaka gukunda uyu muntu mwiyemeje kubana, kuko wowe ubwawe wangiritse, utarigeze ubona urukundo mbere, birashoboka ko nawe uzananirwa. Amahirwe ahari ni uko mu myaka micye uzajya mu bujyanama ukavuga ngo, "Nta bwo turimo kumvikana. Ntabwo nkimukunda." Nibyo, ariko ngufitiye amakuru meza uyu munsi: Niba ufite ibibazo mu rushako rwawe, hari ikintu cyabikosora.

Nugura firigo nshya ikagira ikibazo, uzareba ku gatabo kakwereka uko ikora cyangwa ushobora no kuyishyira umukozi wazo. Hari igitabo cyakora mu rugo rwawe, cyakemura ibibazo. Cyitwa ijambo ry'Imana, kandi Bibiliya itubwira ko muri Tito 2:4 urukundo ari ikintu cyakwigishwa, ikintu cyakwigwa. Niba uturuka mu muryango utazi gukunda cyangwa mubi ukaba

utazi gukunda umufasha wawe, - urugo rwawe rukaba rurimo rurasenyuka - hari amakuru meza. Muri 1 Yohana 5:3 haravuga ngo *Kuko gukunda Imana ari uku: ari ukwitondera amategeko yayo kandi amategeko yayo ntarushya.* Binyuze mu mategeko ya Yesu Kristo, utwereka uko dukunda, utwereka ubugwaneza no gutanga, n'uburyo ushakisha kugusha neza mugenzi wawe, Imana ishobora guhindura ubwo buzima.

Iri ryari itangiriro ku isomo ry'ishyingiranwa. Tugiye gukomeza irindi somo kuri byo ariko ndashaka kuvuga ngo, "Imana iguhe umugisha uyu munsi uko ukomeza iyi nyigisho." Turizera ko Imana ishaka kugushyiramo ubwenge n'ubuhanga bwinshi mu gihe uri kwiga iri somo.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Abefeso 5:31-32. Abefeso 5:31 isubiyemo ibyanditse mu Itangiriro 2:24. Urebye ku Befeso 5:32, Uratekereza ko Imana irimo kuvuga iki muri iki gice? _____
_____
_____
_____

**Abefeso 5:31-32** *Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe. [32] Ibyo ni ubwiru bukomeye cyane, ariko ibyo mvuga byerekeye kuri Kristo n'Itorero.*

2. Soma Yakobo 4:4-5. Iyi mirongo irimo kwigisha iki? _____
_____
_____

**Yakobo 4:4-5** *Yemwe basambanyi, namwe basambanyikazi, ntimuzi yuko ubucuti bw'iby'isi, butera kwangwa n'Imana? Nuko rero umuntu wese ushaka kuba incuti y'iby'isi, aba yihinduye umwanzi w'Imana. [5] Mbese mutekereza yuko ibyanditswe bivugira ubusa ngo Umwuka uba muri twe urararikira ukagira n'ishyari?*

3. Soma 1 Petero 3:7. Ni kuki ugomba kugendera mu bumwe n'urukundo imbere y'umugore wawe cyangwa umugabo wawe? _____
_____

**1 Petero 3:7** *Namwe bagabo ni uko; mubane n'abagore banyu, mwerekane ubwenge mu byo mubagirira kuko bameze nk'inzabya zidahwanije namwe gukomera, kandi mububahe nk'abaraganwa*

*namwe Ubuntu bw'ubugingo, kugira ngo amasengesho yanyu ye kugira inkomyi.*

4. Soma Yohana 15:5. Ese urugo rwawe rwahirwa rudafite Kristo nk'Umwami w'ubugingo bwawe? _____

_____

**Yohana 15:5** *Ni jye muzabibu, namwe muri amashami. Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi, kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite.*

5. Soma Tito 2:4. Urukundo si amaranga mutima. Dukurikije ibyanditswe, urukundo rushobora …? _____

_____

**Tito 2:4** *Kugira ngo batoze abagore bato gukunda abagabo babo n'abana babo.*

6. Soma 1 Yohana 5:3. Iyo tugendeye mu mategeko y'Imana, tuba tugendeye mu …? _____

_____

**1 Yohana 5:3** *Kuko gukunda Imana ari uku: ari uko twitondera amategeko yayo kandi uku ni ko kunesha kwanesheje iby'isi, ni ukwizera kwacu.*

7. Soma Matayo 7:12. Niba dufite ibibazo mu rugo rwacu, ni uko hari utagendera …? _____

_____

**Matayo 7:12** *Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose mube ari ko mubagirira namwe, kuko ayo ari yo mategeko n'ibyahanuwe.*

8. Soma 1 Abakorinto 13:4. Urukundo ni …?

A. Amarangamutima.
B. Ibyiyumviro byiza.
C. Ubugwaneza.

**1 Abakorinto 13:4** *Urukundo rurihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza.*

## ISOMO 11

# ISHYINGIRWA (IGICE 2)

### Na Don Krow

Uyu munsi tugiye kongera kureba ku isomo ry'ishyingirwa, kandi ikibazo twibaza ni iki: "gushyingirwa ni iki?" Wari wabitekerezaho? Dukurikije Bibiliya, gushyiraho urugo cyari igitekerezo cy'Imana. Ishyingirwa ni gufatanya, kuba umwe, no guhuza. Itangiriro 2:24 haravuga ngo, *Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata* [bazafatana, yomatane n'umugore we] *bombi bakaba umubiri umwe*. Wari uzi ko gushaka birenze kuba umwe? Urugero, 1 Abakorinto 6:16, haravuga ngo Ntimuzi yuko uwifatanya na maraya aba abaye umubiri umwe na we? Hanyuma, reba ibivugwa mu Itangiriro 2:24 ku rugo. Kuba naryamana na maraya ntabwo byahita bituma ntandukana n'umugore wanjye cyangwa bigatuma nitwa umugabo wa maraya ngo kuko nagiranye imibonano nawe. Rero gushyingirwa ni iki? Niba gushyingirwa ari ukuba umwe, niba ari ukubana, niba ari uguhinduka umubiri umwe, itandukaniro ni irihe hagati yabyo no kuryamana na maraya? Birumvikana ko niba waryamanye na maraya, wahinduka umubiri umwe nawe.

Bibiliya ivuga ko gushyingirwa ari ukuba umwe, kubana, guhuzwa, ariko birenze kuba ibyo. Ni uguhuzwa n'isezerano. Ijambo "isezerano" mu Giheburayo ni **berith**, kandi harimo ingingo yo komatana. Ni cyo gihango cyanyuma cy'umuntu, ni igihango aho mutandukanywa n'urupfu. Rero, niba nryamanye na maraya, niba nkoze icyaha kibi gisa gityo, nta gihango mba mfitanye nawe. Ikigize gushyingirwa ni ugusiga abandi bose mbere na mbere. Bibiliya iravuga ngo "Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata." Ezekiyeli aravuga

ngo *uba uwanjye* Ni ugusiga abandi bose ku bw'uwo - ukiyemeza uwo. Birumvikana ko iyo uciye inyuma uwo mwashakanye, ibyo byasenya ihame ryo gushyingirwa, kwa kuba umwe, no guhuza bizanwa n'isezerano, cyangwa igihango. Muri Ezekiyeli 16:8 habyita isezerano ry'ishyingirwa. Abefeso 5, twiga ko mu rugo, umugabo agomba gukunda umugore we, nkuko Kristo yakunze itorero, rero ni isezerano ry'urukundo. Impamvu ari isezerano ry'urukundo ni uko urukundo ariryo hame rigenderwaho mu gushyingiranwa. Hejuru ya byose, urukundo rugomba kuba ariryo hame riyoboye urugo.

Gushyingirwa ni isezerano ryo kuba umwe. Muri 1 Petero 3:7 haravuga ngo nintubaha ngo nishimire umugore wanjye nk'urwabya rworoshye no kumenya ko twese turi abaraganwa b'ubuntu bw'ubugingo, amasengesho yacu azagira inkomyi. Ibi bitekerezeho - ubuzima bwacu bw'umwuka bwagira inkomyi niba tutagendeye mu bumwe n'ubwisanzure Imana yaremeye ubusabane mu rugo. Imigani 2:16-17 havuga umugore w'inzaduka, wahukanye n'uwamurongoye mu bukumi bwe kandi iryo sezerano ryitwa isezerano ry'Imana ye. Iki ni ikintu gikomeye. Ni isezerano tugirana n'umuntu, kandi ni isezerano dukora imbere y'Imana. N'ubwo nkunda kubwiriza, Imana izi iby'ingenzi, aribyo kwibanda ku rugo rwacu. Gushyingirwa rero mu by'ukuri ni ukuba icyo nibandaho mu bubuzima bwanjye ari undi muntu, kandi nkuko nabivuze ihame ngenderwaho ni urukundo.

Matayo 7:12 haravuga ngo nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose mube ari ko mubagirira namwe, kuko ari yo mategeko n'ibyahanuwe. Iri niryo hame rigomba kuyobora mu rushako, ntabwo ari ukwikunda, kwihugiraho ntabwo ari gutegereza ku cyo undi muntu yaguha. Bibiliya iravuga mu 1 Abakorinto 13:4 ko urukundo rwihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza. Impamvu gushyingiranwa

ari uko biteye ni uko ari urugero, ishusho, y'ukuntu ubusabane nyabwo n'Imana bugomba kuba bumeze. Yaduhaye ishusho ifatika. Yatweretse uburyo bwo kugira urugo rwiza, urugo ruhebuje, kuko irashaka ko tugira ishusho y'uko ubusabane bw'iteka hamwe nayo buzaba bumeze. Gushyingirwa ni ukugeza igihe urupfu rubatandukanyije, ni ikintu kitazahoraho. Bibiliya ivuga ko mu izuka batarongora kandi badashyingirwa. Imana irashaka ko tumenya kugira urugo rwiza - ihame ry'urukundo- ihame ryo kwiha undi nta kwizigama. Iravuga ngo, "Icyo nshaka ko umenya ni uko naguhamagariye mu busabane bw'urushako nanjye - atari ubusabane bw'akanya gato, atari rwa rundi rumara imyaka micye hanyuma rukarangira, ahubwo urw'ubuziraherezo aho urukundo rwanjye rwose ruzakugaragarizwa iteka ryose."

Reka nguhe amahame macye. Gushyingirwa ni uguhuza, si ubufatanyabikorwa. Bibiliya ibivuga mu Itangiriro 4 nko kumenyana no muri 1 Petero 3:7 nko kuba abaraganwa b'ubuntu bw'ubugingo. gushyingiranwa ni igihango, kivuga komatana; bigizwe no kwiyemeza. Icyaha ntabwo cyinjiye mu itorero rya mbere, ahubwo cyinjiye mu rugo rwa mbere, rero dukwiriye kugira aho dukura amabwiriza agenga urugo, no gushyira mu bikorwa amahame y'urukundo mu buzima bwacu. Ikindi twakwibaza ni iki: "urukundo ni iki?" Ubusobanuro bw'urukundo ni ukutikunda. Yesaya 53:6 haravuga ngo twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane, nyamara mu rugo twita ku wundi muntu dushakisha kugubwa neza kwe n'inyungu ze.

Bibiliya mu Befeso itubwira ko gukunda umugore wawe ari nko gukunda umubiri wawe. Twe abagabo tugomba gukunda no gukuyakuya umugore Imana yaduhaye, bivuze kumwishimira. Gukunda umubiri wawe ntabwo bivuga kwicara ukifata neza, ukikubitaho, ukavuga, "Oh, ndagukunda mubiri wanjye." Ntabwo ari byo na gato. Kwikunda bivuze kwirengera, kwigaburira, no

kwigenzura. Ntitugafate abagore bacu nk'ibisanzwe, ntuzigere ufata zimwe mu ntege nke zabo ngo uzishyire ku karubanda, ntukamuseke, cyangwa ngo ukore ibintu bimubabaza. Tugomba kubakunda nkuko twikunda.

Ndifuza ko ujya imbere y'Imana ubanze uyishimire ku bwo kugukunda. Ikintu cya kabiri nshaka ko ukora ni ukuyishimira ku bw'uwo mwashakanye, uwo yaguhaye. Icyo ni cyimwe mu bibazo. Ntabwo wigeze wishimira umugore wawe, umushyira hasi, Bibiliya ibyita kwikunda kandi ko ari icyaha. Iravuga mu Befeso 5 ko Yesu yejesheje itorero amazi n'ijambo. Ikoresheje amagambo yayo yabwiye itorero. Iyo ubwiye amagambo umugore wawe, arazamuka kugera ku rugero wayavugiyeho. Iyo uvuze ngo "Ntabwo uri mwiza, uri mubi, ufite ibiro byinshi," uzashyira iherezo ku rugo rwawe utume nta bumwe buhaba uteze kwangana no gutandukana. Ariko nuvuga amagambo meza nka "Sheri, ndashimira ibintu ukora. Ndagushimiye. Ndagukunda," kandi ayo magambo ukayashimangiza ibikorwa byawe, umugore wawe azazamuka ku rugero rw'ayo magambo.

Uyu munsi ntubona ko ibibazo byinshi mu rushako rwawe ko ari amagambo wavuze? Washyize umugore wawe hasi aho kumuzamura. Ndagukomeza nkubwira kuvuga amagambo meza ku mugore wawe uyu munsi. Urukundo si uko wiyumva, urukundo ni ugushakisha icyagusha neza mugenzi wawe utitaye uko waba wiyumva. Tangirana n'uyu munsi uvuga amagambo meza, nko gusiga inshuro nyinshi irange ku giti. Uko niko urukundo rwubakwa - ni igikorwa gito cy'ubugwaneza. Tangira wishimira, wubaha, umuha agaciro, umubwire amagambo y'urukundo umugore wawe, uzabona itandukaniro. Imana iguhe umugisha ushyira mu bikorwa aya mahame.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Imigani 18:22. Urugo ni …?

   A. Ikintu cyiza.
   B. Kibi.
   C. Gishimwa n'Imana.

   **Imigani 18:22** *Ubonye umugore mwiza aba abonye ikintu cyiza, akaba agize umugisha ahawe n'Uwiteka.*

2. Soma Abaheburayo 13:4. Imibonano ku bashakanye (cyangwa uburiri bw'abashakanye) …?

   A. Icyaha.
   B. Byanduye kandi bibi.
   C. Bwejejwe.

   **Abaheburayo 13:4** *Kurongorana kubahwe na bose, kandi kuryamana kw'abarongoranye kwe kugira ikikwanduza.*

3. Soma Umubwiriza 9:9. Urugo rushimwa n'Imana ni impano yawe muri ubu buzima kuva ku Mana. Yego cyangwa Oya.

   **Umubwiriza 9:9** *Wishimane n'umugore wawe ukunda iminsi yawe y'impfabusa, kuko ibyo ari byo wagabanye muri ubu bugingo, kandi no mu miruho yawe ugokera munsi y'ijuru.*

4. Soma 1 Yohana 3:18. "Umucamanza Phillip Gilliam yaravuze ngo, mu manza 28.000 z'urubyiruko yaciye, kudakundwakaza hagati y'umugabo n'umugore n'ibyo byateye imyitwarire idahwitse yabonye yose." (Together forever p. 152). Ni gute tugomba kugaragaza urukundo? _____

_____

_____

**1 Yohana 3:18** *Bana bato, twe gukundana urumamo mu magambo cyangwa ku rurimi, ahubwo dukundane mu byo dukora no mu by'ukuri.*

5. Soma Abefeso 5:28. Singomba kwirengagiza umugore wanjye nk'uko ntirengagiza umubiri wanjye. Yego cyangwa Oya.

   **Abefeso 5:28** *Uko ni ko abagabo bakiwiriye gukunda abagore babo nk'imibiri yabo. Ukunda umugore we aba yikunda.*

6. Soma 1 Yohana 3:16. Amagambo "ndagukunda" yaba meza igihe agendanye n'ibikorwa. Yesu yashimangiye amagambo ye atanga ubuzima bwe ku bwacu. Tugomba gutanga ubuzima bwacu ku bo twashakanye mu buryo bwose bufatika uko twabishobora kose Yego cyangwa Oya. Tanga uburyo bufatika bw'uko wifuza gukundwa. _____

   _____

   _____

   **1 Yohana 3:16** *Iki ni cyo kitumenyesha urukundo icyo ari cyo, ni uko Yesu yatanze ubugingo bwe ku bwacu, na twe ikidukwiriye ni uko twatanga ubugingo bwacu ku bwa bene Data.*

7. Soma Abefeso 5:25-26. Umugore wanjye agiye kubeshwaho n'ibyo mubwira. Ndamugeza ku bushobozi bujyanye n'ibyo muvugaho. Yego cyangwa Oya.

   **Abefeso 5:25-26** *Bagabo, mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakunze Itorero akaryitangira; [26] go aryeze, amaze kuryogesha amazi n' ijambo rye.*

8. Soma Abaroma 8:38-39 na 1 Yohana 4:19. Tureshywa (Dukundwa) n'amagambo y'urukundo atuvugwaho akurikiwe n'ibikorwa. Imana yaradukunze ituvugaho amagambo y'urukundo ari mu nzandiko z'urukundo, zanditswe nk'ibyanditswe. Yego cyangwa Oya.

   **Abaroma 8:38-39** *Kuko menye neza yuko naho rwaba urupfu cyangwa abategeka, cyagwa ibiriho cyangwa ibizaza, cyangwa abafite ubushobozi, [39] cyangwa uburebure bw'ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose, bitabasha kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu Umwami wacu.*

   **1 Yohana 4:19** *Turayikunda kuko ari yo yabanje kudukunda.*

9. Soma 1 Yohana 5:3 na 2 Yohana 1:6. Uburyo urukundo rukorwamo bwerekanwa kandi bwamenyekanishijwe n'amategeko ya Yesu. Twashobora kwiga aya mahame y'urukundo mu ijambo ry'Imana. Yego cyangwa Oya.

   **1 Yohana 5:3** *Kuko gukunda Imana ari uku: ari uko twitondera amategeko yayo kandi amategeko yayo ntarushya.*

   **2 Yohana 1:6** *Uru ni rwo rukundo: ni uko tugenda dukurikiza amategeko ye. Itegeko ry'Imana ngiri: ni uko tugendera mu rukundo nk'uko mwigishijwe uhereye mbere na mbere.*

10. Soma Yohana 14:15. Urukundo ntirukorerwa mu marangamutima yawe ahubwo ni ubushake bwawe. Buri tegeko mu byanditswe riba rishaka ubushake bwawe ntago rireba ku marangamutima yawe. Imana ntiyigeze ikubwira uko ugomba kwiyumva, ahubwo yakubwiye ibyo ugomba gukora. Yego cyangwa Oya.

    **Yohana 14:15** *Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye nzagikora.*

11. Soma Abagalatiya 5:22-23. Urukundo si ikintu cyizana. Rugomba kwigwa kandi rugashyirwa mu muntu n'Umwuka Wera. Urukundo ni imbuto yo …?

    A. Gutekereza kwa muntu.
    B. Kamere ya muntu.
    C. Umwuka w'Imana.

    **Abagalatiya 5:22-23** *Ariko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo, n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza n'ingeso nziza no kugira neza, n'ingeso nziza no gikiranuka, [23] no kugwa neza no kwirinda. Ibimeze bityo nta mategeko abihana***.**

12. Soma Abefeso 5:32-32. Urugo rwiza ni ishusho ku kigero gito cy'iki? _____
    _____

    **Abefeso 5:31-32** *Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe. [32] Ibyo ni ubwiru bukomeye cyane, ariko ibyo mvuga byerekeye kuri Kristo n'Itorero.*

## ISOMO 12

# KAMERE Y' URUKUNDO RW' IMANA (IGICE 1)

### Na Don Krow

Muri 1 Abakorinto 13:13 haravuga ngo, *Ariko none hagumyeho kwizera n'ibyiringiro n'urukundo, ibyo uko ari bitatu, ariko ikiruta ibindi ni urukundo.* Hanyuma 1 Abakorinto 14:1 haravuga ngo, *Mushimikire urukundo* [kandi] *mwifuze impano z'Umwuka, ariko* [cyane cyane] *mwifuze guhanura* (udukubo ni utwange). Bibiliya ivuga gushimikira urukundo, rukurikire, kandi urugire urwa mbere. Bibiliya zimwe zivuga kuba ari cyo kintu ushakisha kuruta ibindi. Nicyo kintu cyonyine tuzavana muri ubu buzima tukakijyana mu bugingo bw'iteka. Ntabwo tuzajyana amamodoka, amazu yacu, cyangwa amafaranga yacu, ariko tuzajyana urukundo Yesu Kristo yashyize mu buzima bwacu arushyirishijemo Umwuka Wera. Urukundo ni rwo rwonyine rufite agaciro na kamere bihoraho.

Ese urukundo ruvuga iki? Mvuga ko nkunda umugore wanjye, ko nkunda barafu ziryohera, ko nkunda ibyo kurya bimwe na bimwe. Icyongereza kigira ijambo rimwe risobanura urukundo, rero, iyo mvuze ko nkunda umugore wanjye hanyuma nkavuga ko nkunda injangwe, ese ibyo bikora k' umugore wanjye? Oya. Urumva ibyo mvuga? Iyo dukoresha ijambo urukundo, abantu benshi batekereza ko rivuga imibonano mpuzabitsina, abandi nabo bagatekereza ko ari amarangamutima, abantu bafite ubusobanuro bwinshi bw'urukundo. Mu rurimi rw'ikigiriki hari amagambo ane y'ingenzi. Rimwe muri yo ni **eros**, mu by'ukuri ridakoreshwa muri Bibiliya, kandi risobanurwa nk'urukundo ruganisha ku mibonano mpuzabitsina. Imana yaremye urwo rukundo rumeze gutyo igihe

yavugaga ko, umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata bombi bakaba umwe. Igitabo muri Bibiliya kitwa Indirimbo za Salomo, kivuga ku rukundo ruba hagati y'umukobwa n'umuhungu, kandi rugaragarizwa hagati y'abashakanye. Ayandi moko y'urukundo, Imana ivuga ko yakoreshwa n'abantu bose nta kibazo, ariko eros rwemererwa gukoreshwa n'abashakanye gusa.

Urundi rukundo rwitwa **storge** kandi uru ni urusanzwe ruba hagati y'abavandimwe. Hanyuma hakaba na **phileo**, rituruka mu ijambo **philia**. Iri jambo rikoreshwa inshuro zigera muri mirongo irindwi n'ebyiri mu Isezerano Rishya kandi rivuga amarangamutima y'urukundo aza akagenda yiyongera. Abantu bamwe bavuga ko urwo arirwo rukundo nyarwo. Bityo rero "njya mu rukundo nkongera nkaruvamo" Niba urugo rwawe rwubakiye kuri urwo rukundo, hazabaho ibihe uzagira rwinshi habeho n'igihe uzagira ruke. Washobora kujya mu rukundo ukongera ukaruvamo ushingiye kuri ibyo.

Bibiliya ivuga ko dukwiriye gukundana urukundo rw'Imana, arirwo **agape**. Ese urukundo **agape** ni iki? Rufite ishusho ebyiri, kandi 1 Abakorinto 13 hatanga ubusobanuro bwose bw'ibigize urukundo. Muri 1 Yohana 5:3 haravuga ngo, *Kuko gukunda Imana ari uku: ari uko twitondera amategeko yayo kandi amategeko yayo ntarushya*. Amategeko ya Yesu atwereka urukundo uko rwigaragaza, ariko ngiye kuvuga mu ncamake, nakoresha Matayo 7:12, *Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose mube ari ko mubagirira namwe, kuko ayo ari yo mategeko n'ibyahanuwe.* Ikibazo si icyabo bantu bo ku rusengero batankunda, batanyitaho, n'ibindi. Oya, Bibiliya iravuga ibyo washaka ko abantu bakugirira, banza ubibakorere. Urwo nirwo rukundo. Ibyo bihabanye na kamere yacu, gushakisha imibereho n'inyungu z'abandi kuruta izacu bihabanye n'uko duteye, Bibiliya iravuga ngo imbuto y'Umwuka ni urukundo, kandi Imana ni urukundo. Niwe nkomoko y'urukundo kandi ni nawe uzatwereka

uko tugomba gukunda binyuze mu mategeko yayo. Niwe uzaduha imbaraga, ikurikije uko kamere yacu imeze, mu guhitamo neza, gufata ibyemezo no gukurikiza amahame mazima.

Nkora mu muryango w'ivugabutumwa wa Andrew Wommack, umunsi umwe imyaka mike ishize nashatse kujya gusenga nkuko nsanzwe mbikora nyuma yakazi. Nari mu busitani, ndavuga ngo, "Mana, mu by'ukuri ndashaka kugira uwo mbwiriza." Wari umunsi usa neza, noneho mbona umuhungu n'umukobwa bato bicaye ku kicungo. Aho hafi hari ikicungo cyariho ubusa, nkijyaho nanjye ndicunga. Mpindukirira wa mukobwa muto ndavuga nti: "Ni umunsi mwiza, sibyo?" Aransubiza "Njyewe simvuga Icyongereza," ndamubaza, "Uturuka he?" Aravuga ngo aturuka muri Romaniya. Nari mbizi ko hari Abanyaromaniya muri ako gace, kandi mbabona banyitegereza, wenda bibaza impamvu mvugana n'abana babo. Ndakomeza ndavuga, "ndashaka kubafasha." Baravuga, "Urashaka kudufasha? Kuki washaka kudufasha? Nta nubwo utuzi!" ndavuga nti: "N'uko Imana ishaka kubafasha." Nari maze igihe ntekereza ku ihame ry'ukundo muri 1 Yohana 3:18 aho rivuga ngo, *Bana bato, twe gukundana urumamo mu magambo cyangwa ku rurimi ahubwo dukundane mu byo dukora no mu by'ukuri.* Ntitugomba gukunda mu magambo y'akanwa kacu gusa, ahubwo n'ibikorwa byacu. N'ubwo kenshi ntakunda kugendana amafaranga, uwo munsi nari mfite duke mu mufuka wanjye. Nkoramo ndavuga ngo "aya ni ayawe," mbaha amafaranga. Kuko uwo munsi nari ndimo kwiyiriza ubusa nsenga, nari mfite n'ibiryo bicye, ndavuga, "aha hari n'ibiryo bike shyira umuryango wawe." Bakozweho baravuga ngo, "uri nde?" ndababwira ngo, "Imana yatumye duhura uyu munsi, kandi nzongera mbabone."

Nsubira mu rugo mbwira umugore wanjye ku guhura kwanjye n'abanyeromaniya. Nakuye ibiryo muri firigo yacu ndabiteka. Umunsi wakurikiyeho naguze ikarito yuzuye

amasorori noneho njyewe n'umugore wanjye dusubira muri bwa busitani. Abanyaromaniya n'abana babo bari bahari, ndababwira ngo, "Mbazaniye impano. Ziraremereye, rero ngiye kujya mu modoka yanjye, kandi nimunyereka aho mutuye ndazibashyikiriza iwanyu." Tugeze ku macumbi yabo, nkuramo amasorori, n'ibiyiko, buri kintu cyari mu ikarito kijyanye ntangira kubibaha, kimwe ku kindi. Ndimo kubibaha, amarira atangira kumanuka mu maso yabo, noneho umugore aravuga, "Ngiye kurira! Ngiye kurira!" Ndavuga ngo, "Ku wa mbere nimugoroba iwacu mu rugo tugira inyigisho za Bibiliya, kandi ndifuza kubatumira." Baravuga ngo "Turashaka kuza," ariko ndababwira ngo, "Ntabwo nshaka ko muza kuko nabahaye impano." "Oya, turashaka kuza ngo duhure n'inshuti zawe."

Kuko batari bafite uburyo bwo kuhagera, nagiye kubafata, mbajyana iwanjye, nyuma y'umwanya muto, Imana itangira kubakoraho. Ntibashoboraga kuvuga icyongereza neza, ariko yabakozeho dutangiye kubasengera. Urukundo rw'Imana rwarabagaragarijwe. Hashize igihe gito, twahuye n'umugabo n'umugore bandi b'Abanyaromaniya, noneho mbwira ba banyaromaniya ba mbere nti "Mwamfasha kubonana n'abandi banyaromaniya?" Baremeye, umunsi umwe barampamagara "Don, twarakumvise. Dufite irungu, kandi turashaka guhura nawe." Noneho mfata za ncuti zanjye z'Abanyaromaniya turagenda turahura. Nitwaje impano, ibiryo, n'ibindi bintu byinshi. Uko nakoraga ibyo ntangira no kubasura, ibintu byose byari byiza kugeza aho umwe yabwiye mugenzi we ati "Ukwiriye kujya mu nyigisho za Bibiliya. Bavuga kuri Yesu, kandi ni byiza cyane!" Baravuga, "Buretse gato! Twavuye mu gihugu cy'abakominisite kandi ntabwo tuzi ko Imana ibaho. Ntabwo dushaka ibi bintu bya Yesu."

Ndababwira ngo "Reka mbabere inshuti," ntagira kubasohokana mbagurira n'imyenda, amakote, n'ibintu bakeneye.

Bagize isoni batangira no kwanga. "Ntabwo mushaka amakote?" Yego turayashaka, ariko…." "Rero reka dufate iryo kote." Ntangira kubakunda mu bikorwa, ariko ntibazaga mu nyigisho za Bibiliya, kugeza aho navugiye ngo, "Wenda hariyo abanyamerika bazabafasha kubona akazi." Hanyuma bahita baza. Muri iryo joro turi mu nyigisho za Bibiliya, hari ikintu kidasanzwe nasabye Imana, "Mana ugiye kumpa impano y'ukuri yo kuvuga mu ndimi kuko ntabwo twashoboraga kumvikana neza." Hari abanyamerika mu nyigisho za Bibiliya batanze ubuhamya. Ntangiye kuvuga, umugore muri wa muryango wa kabiri w'Abanyaromaniya, atangira gucya mu maso mpita menya ko hari icyiri kuba.

Tumaze kwiga naravuze ngo "Reka mbasengere, "dusenze, Imana ako kanya ibakoraho yuzuza icyo cyumba umwuka w'urukundo rwayo. Hanyuma umugore aravuga ngo, "urabizi, abandi banyamerika barimo kuvuga nta kintu numvaga ariko uhagurutse utangiye kuvuga kuri Yesu, n'urukundo adufitiye, n'icyo yakoze kugira ngo tugirane ubusabane nawe, numvise buri jambo wavugaga! Nabyumvise neza! Birashoboka ko ari Imana! Birashoboka ko ari Imana!" Ku bwibyo, ubuzima bwa benshi bwarahindutse, si ubw' Abanyaromaniya gusa.

Reka nkubwire icyabayeho. Mu rugo rwanjye hatangiye kuzura buri ku wa mbere abantu b'abanyamahanga, Abanyaromaniya, ababuligariya, n'abandi b'abarusiya. Imana yari irimo guhindura ubuzima, kandi bari babizi ko tubakunda. Twari dufite n'abandi kuva muri afurika. N'ubwo byatugoraga kuvugana, hari ikintu kimwe bari bazi: Uko twasengaga, Imana yarabigaragarizaga. Kandi bari bazi ko nakora icyo nshoboye ku bwabo ko kandi mbakunda. Imana yahinduye ubuzima bwabo n'ubuzima bw'abandi bantu benshi, kandi ndashaka kukubwira impamvu byabayeho. Byabayeho kuko umunsi umwe mu busitani, nabonye abantu b'irindi bara, b'ubundi bwenegihugu. Ntabwo

nigeze numva mbafitiye urukundo mu marangamutima, ariko nari nzi ko urukundo ari uru: Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose mube ari ko mubagirira namwe, kuko ayo ari yo mategeko n'ibyahanuwe. Nashakishije inyungu, n'ubuzima bwiza byabo ntitaye uko niyumvaga, uzi icyabayeho? Barabyishimiye kandi bangiriye urukundo rwitwa **philia**, urukundo rw'amaramgamutima, batangira kumbwira ngo "Turagukunda" baransoma barampobera. Icyo byakoze muri njye, ni uko nanjye natangiye kugira amarangamutima nk' ayabo. Niba ushaka kugira urukundo rufite amarangamutima mu buzima bwawe, shyira mu bikorwa urukundo rwa **agape**. Shakisha inyungu n'ubuzima bwiza bw'abandi utitaye k'uko waba wiyumva, kandi ibi bizakuzanira urukundo rufite amarangamutima.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma 1 Yohana 5:3. Urukundo rw'Imana rugaragarira mu …?
   _____
   _____

   **Yohana 5:3** *Kuko gukunda Imana ari uku: ari uko twitondera amategeko yayo kandi amategeko yayo ntarushya.*

2. Soma Abaroma 13:9-10. Sobanura uko amategeko yerekana urukundo muri iyi mirongo. _____
   _____
   _____
   _____

   **Abaroma 13:9-10** *Kuko ibi ngo Ntugasambane, ntukice, ntukibe, ntukifuze n'ayandi mategeko yose, bihurira muri iri jambo ngo Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda.* [10] *Ufite urukundo ntagirira mugenzi we nabi, ni cyo gituma urukundo ari rwo rusohoza amategeko.*

3. Soma Abaroma 12:19-21. Ni gute twakunda abanzi bacu, n'igihe twumva tutabishaka? _____
   _____
   _____
   _____

   **Abaroma 12:19-21** *Bakundwa, ntimwihoranire ahubwo mureke Imana ihorere uburakari bwayo, kuko byanditswe ngo Guhora ni ukwanjye, ni jye uzitura, ni ko Uwiteka avuga.* [20] *Ahubwo umwanzi wawe nasonza umugaburire, nagira inyota umuhe icyo anywa, kuko nugira utyo uzaba umurunzeho amakara ku mutwe.* [21] *Ikibi cye kukunesha, ahubwo unesheshe ikibi icyiza.*

4. Soma Tito 2:4. Ese iki gice kiratwereka iki kijyanye n'urukundo?

   _____

   _____

   **Tito 2:4** *Kugira ngo batoze abagore bato gukunda abagabo babo n'abana babo.*

5. Soma 1 Abakorinto 13:4-8. Mu magambo arambuye sobanura urukundo? _____

   _____

   _____

   _____

   _____

   **1 Abakorinto 13:4-8** *Urukundo rurihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza. [5] Ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu. [6] Ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi ahubwo rwishimira ukuri. [7] Rubabarira byose, rwizera byose, rwiringira byose, rwihanganira byose. [8] Urukundo ntabwo ruzashira. Guhanura kuzarangizwa no kuvuga izindi ndimi kuzagira iherezo, ubwenge nabwo buzakurwaho.*

6. Soma 1 Yohana 3:18. Ni gute twashyira mu bikorwa urukundo?

   _____

   _____

   **1 Yohana 3:18** *Bana bato, twe gukunda urumamo mu magambo cyangwa ku rurimi, ahubwo dukundane mu byo dukora no mu by'ukuri.*

## ISOMO 13

# KAMERE Y'URUKUNDO RW'IMANA (IGICE 2)

### Na Don Krow

Mu isomo 'Kamere y'urukundo rw'Imana (Igice cya 1), nababwiye ibyerekeranye n'umuryango w'Abanyaromaniya twahuriye mu busitani. Ndashaka kongera kubabwira gake ku byabaye, ariko mbere y'uko mbikora, ndashaka gusubiramo ibintu bimwe twavuze ku rukundo rw'Imana. Yesu Kristo ni we werekana urukundo rukomeye rwabayeho ku isi, kandi nk'uko byanditswe muri Bibiliya, ntiyigeze avuga amagambo "ndagukunda." Ibyo ntibitangaje? Uwagaragaje urukundo rukomeye ntiyigeze avuga "ndagukunda" Uzi impamvu? Ni uko urukundo ruruta amagambo ni ibikorwa. Tekereza mbwiye umugore wanjye ngo "ndagukunda" hanyuma nkajya hanze nkasambana, ese yakwizera amagambo yanjye, cyangwa yakwizera ibikorwa byanjye? Yanyizera ashingiye ku bikorwa byanjye, kuko 95 ku ijana by'urukundo ntabwo ari amagambo. Ntabwo biba mu bintu uvuga, ahubwo ni mu byo ukora.

Muri 1 Yohana 3:18 dusoma, *Bana bato, twe gukundana urumamo* [mu magambo cyangwa ku rurimi], *ahubwo dukundane mu byo dukora no mu by'ukuri* (Udukubo ni utwanjye). Urukundo ni ijambo ry'igikorwa. Muri Matayo 25:35-36, Yesu asobanura urukundo yerekana ibikorwa byarwo, avuga ngo, *Kuko nari nshonje mukangaburira, nari mfite inyota mumpa icyo nywa, nari umushyitsi murancumbikira, nari nambaye ubusa muranyambika, nari ndwaye muransura, nari mu nzu y'imbohe muza kundeba.* Hanyuma ku murongo wa 40 haravuga ngo, *Ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma*

*y'abandi, ari jye mwabikoreye*. Urabona ko, urukundo ari igikorwa; ni ikintu ukora. Abaheburayo 6:10 haravuga ngo, *Kuko Imana idakiranirwa ngo yibagirwe imirimo yanyu n'urukundo mwerekanye ko mukunze izina ryayo, kuko mwakoreraga abera na none mukaba mukibakorera.* Muri Matayo 22 ubwo babazaga Yesu itegeko riruta ayandi, Yaravuze ngo ni ugukunda Imana na bagenzi bacu. Aya mategeko abiri ni rimwe, mu gihe uyumvise neza. Iyo weretse urukundo uworoheje uri hanyuma y'abandi, Yesu yaravuze ngo niwe uba ukunze. Bibiliya irimo iratwigisha ko dufite amahirwe ahebuje yo gukunda Yesu Kristo mu buryo bufatika, dukunze abandi.

Mu isomo ryacu rya nyuma nababwiye Abanyaromaniya twahuye mu busitani. Ubuzima bwabo bwarahindutse kuko nashakishije inyungu n'ubuzima bwiza bwabo ntitaye ku kuntu niyumvaga. Bari bafite ubwenegihugu n'ibara bitandukanye, ariko nari nzi ko urukundo rw'Imana rwigaragaza igihe dusohotse tugashaka inyungu, n'ubuzima bwiza by'abandi nk'uko Yesu yabikoze. Ntabwo yumvaga ashaka kujya ku musaraba. Yesu yaravuze ngo "Data, niba hari ubundi buryo, reka bibe, ariko ntibibe nk'uko nshaka ahubwo bibe nk'uko ushaka." Yesu yashatse inyungu, n'ubuzima bwiza byacu atitaye k'ukuntu yiyumvaga.

Umunsi umwe nahamagawe na ba Banyaromaniya. Barariraga. Bari bamaze muri Amerika imyaka irindwi n'igice. Babaga i Kansas kandi barakoraga. Barambwira ngo "Ubu twabonye itegeko ku mpapuro zacu z'ubuhunzi. Baduhaye iminsi mirongo itatu yo kujurira, hanyuma badusubize iwacu." Abantu mu bisanzwe babona amahirwe ari hagati ya 2 na 5 ku kubona ubuhungiro muri iki gihugu. Bagiye ku munyamategeko aravuga ngo nta mahirwe bafite. Narababwiye nti tuzasenga kandi tugerageze no kubafasha. Kubafasha gute? Ntabyo nari nzi. Natekereje ko kaba

ari akarengane mu kubasubiza iwabo, cyane cyane ko n'abana babo byabagoraga kuvuga ururimi rw'ikiromaniya.

Inshuti yanjye yahamagaye umuyobozi umwe mu bayobora Colorado amubwira ko azavugisha Senateri Sam Brownback wo muri Kansas, kubera ko Abanyaromaniya muri icyo gihe bari baratujwe muri Kansas. Ibyo byari byiza kuko mfite inshuti yitwa Kim wakoreraga Senateri Brownback. Nahamagaye Kim ashaka abantu bane i Washingtown D.C. bo gukemura iki kibazo. Abaturage bo mugace ka Sublette, Kansas, bashyigikiye Abanyaromaniya basaba umukono bavuga ko bashaka ko Abanyaromaniya baguma muri Amerika. "Ni abantu beza, bishyura imisoro, kandi barakora cyane, turashaka ko baguma hano." Ikinyamakuru cyanditse inkuru y'ibyabaye. Cyari igitangaza, kandi kuko hari abayobozi bakuru muri Leta yacu bumvaga ibyabaga, Abanyaromaniya babonye ibarwa ivuga ko icyemezo cyahindutse ko bagomba kuguma muri Amerika.

Nagiye i Sublette, Kansas. Inshuti zanjye ntabwo zari zizi ko ndi bujyeyo, hanyuma ngezeyo, bari kuri telephone bashimira Senateri Brownback wabafashije mu guhindura icyemezo cy'ubuhungiro bwabo. Ntabwo yashoboye kuhagera kuko niwo wari umunsi wa nyuma wo kumva urubanza rwa Perezida Clinton, ariko abanyamakuru ba televiziyo ABC na NBC bari bahari bafite ibyuma bifotora. Barangije kuvuga kuri telephone ako kanya bahise baza barampobera, hanyuma bya byuma bifotora bihita binyerekeraho. Barambaza ngo, "Uri inde? kandi ni gute wamenye aba bantu?" Mbabwira inkuru yose, uko nahuye nabo nkashakisha imibereho n'inyungu byabo byiza kubera Imana n'ukuntu Yesu yavuze muri Matayo 7:12.

Bamaze kujya aho bari bateguriwe kwishimira, ibipirizo by'umutuku, umweru n'ubururu byari byatatswe ahantu hose

haririmbwa n'indirimbo zirata igihugu. Inshuti zanjye zarinjiye, buri muntu atangira gusakuza, kandi barimo no kurira. Meya w'umugi aravuga ngo, "Uyu munsi, Gashyantare itariki 12, ugiye kujya witwa umunsi w'umuryango wa Jucan, tw'ubahisha aba Banyaromaniya." Bafashe ibendera rya Amerika Senateri yari yavanye i Washington, D.C., mu kububahisha araribaha. Hanyuma aribahana n'inzandiko zivuga ko byemewe n'amategeko bemerewe kuguma muri Amerika, kugeza igihe bazamara ku isi. Bose batanze ubuhamya hanyuma bansaba no gusenga. Ndavuga ngo "Hari umuntu umwe tutari twashimira bihagije uyu munsi, kandi uwo ni Imana ishobora byose. Mu busitani i Corolado Springs, imyaka irindwi n'igice ishize, nari ndi gusenga mbwira Imana ko nshaka gushyikiriza umuntu urukundo rwayo. Nayobowe kuri aba banyeromaniya." Nasubiyemo inkuru uko yagenze hanyuma ndavuga ngo, "Imana irashaka kubafasha, murakaza neza muri Amerika."

Uburyo byaje kubaho byari igitangaza. Namenyanye n'abantu bakwiriye, ahantu hakwiriye mu gihe gikwiriye. Inshuti yanjye Kim yari yarateguriye Senateri Brownback kugira ngo aze tubonanire kwa Andrew Wommack ministries mbere ibi byose bitaraba. Yaramubwiye ngo, "Ukwiriye kubonana na Don Krow." Ntabwo nari nzi impamvu kandi numvaga bimbangamiye. Sinari nzi na gato ko Imana yari irimo gutegura uburyo izafasha umuryango yari yiyeretse n'urukundo rwayo, kubera itegeko rya Yesu ryo gukorera abandi icyo ushaka ko bagukorera. Ni igitangaza batazigera bibagirwa, "n'uyu munsi bakubwira ko ari ukubera Imana." Wa Muromaniyakazi witwa Anka, yaravuze ngo, "Kwizera kwanjye kwari kwacitse intege, ariko Imana ni iyo kwizerwa, kandi yatwemereye kuguma muri reta z'unze ubumwe z' Amerika."

Hari abantu benshi barizwa no kugira ngo babone urukundo. Kandi uburyo bwonyine bwatuma barubona ni uko njye nawe

duhitamo kumenya amahame y'urukundo yo mu ijambo ry'Imana. Urukundo ni ubugwaneza, urukundo rushakira ibyiza abandi, nkuko Yesu nawe yashakishije imibereho myiza yacu ubwo yajyaga ku musaraba. Imana iguhe umugisha ureba muri aya mahame avuga ku mahame y'urukundo nicyo bivuze gukunda ukoresheje urukundo rw'Imana.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Matayo 7:12. Ukoresheje amagambo yawe, tubwire itegeko rikuru iryo ari ryo? _____
   _____

2. Soma Matayo 7:12. Mu kugerageza kubona urukundo, abantu benshi bagerageza gushaka umuntu ukwiriye wabakunda. Ese ugomba gushaka umuntu ukwiriye cyangwa kuba umuntu ukwiriye? _____
   _____

   **Matayo 7:12** *Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose mube ari ko mubigirira namwe, kuko ayo ari yo mategeko n'ibyahanuwe.*

3. Soma 1 Yohana 5:3. Ese urukundo ni ikintu wumva mu marangamutima, cyangwa urukundo ni ikintu ukora? _____
   _____
   _____

   **1 Yohana 5:3** *Kuko gukunda Imana ari uku: ari uko twitondera amategeko yayo kandi amategeko ntarushya.*

4. Soma 1 Yohana 3:18. Niba ubwiye umugore wawe cyangwa umugabo wawe uti "Ndagukunda!" hanyuma ugasambana, ese yakwizera amagambo yawe cyangwa yakwizera ibikorwa byawe? _____
   _____

   **1 Yohana 3:18** *Bana bato, twe gukundana urumamo mu magambo cyangwa ku rurimi, ahubwo dukundane mu byo dukora no mu by'ukuri.*

5. Soma Abaroma 5:6-8. Ese uratekereza ko Yesu yumvise ameze nk'upfuye? _____

_____

**Abaroma 5:6-8** *Tukiri abanyantege nke, mu gihe gikwiriye Kristo yapfiriye abanyabyaha. [7] Birakomeye kugira ngo umuntu apfire umukiranutsi, nkanswe umunyabyaha. Icyakora ahari byashoboka ko umuntu yatinyuka gupfira umunyangeso nziza. [8] Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha.*

6. Soma Abagalatiya 5:22. Ese twakunda tudafite Imana mu buzima bwacu? _____

_____

**Abagalatiya 5:22** *Ariko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka.*

7. Soma 1 Yohana 4:8. Impamvu dukeneye Imana kugira ngo dukunde abandi by'ukuri n'uko ariwe wenyine uri …? _____

_____

**1 Yohana 4:8** *Udakunda ntazi Imana kuko Imana ari urukundo.*

8. Soma 1 Abakorinto 13:5. Toranya mu magambo akurikira ubusobanuro bw'icyo urukundo rutari rwo: ruhutiraho, rushaka ibyarwo, ntirubabarira. _____

_____

_____

**1 Abakorinto 13:5** *Ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu.*

9. Soma 1 Abakorinto 13:8. Ni ikihe kintu kimwe rukumbi uzavana muri ubu buzima ukakijyana mu buzima buzakurikiraho, cyangwa hakurya y'imva? _____
_____

**1 Abakorinto 13:8** *Urukundo ntabwo ruzashira. Guhanura kuzarangizwa no kuvuga izindi ndimi kuzagira iherezo, ubwenge nabwo buzakurwaho.*

10. Soma Imigani 10:12. 1 Abakorinto 13:5, haravuga ngo, "Urukundo ntirubika inzika igihe habayeho amakosa." Urukundo ruzatwikira ibyaha bingahe? _____
_____
_____

**Imigani 10:12** *Urwangano rubyutsa intonganya: Ariko urukundo rutwikira ibicumuro byose.*

**1 Abakorinto 13:5** *Ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu.*

## ISOMO 14

# AMAFARANGA (IGICE 1)

### Na Andrew Wommack

Uyu munsi ndashaka gusangira nawe uko Yesu ashaka ko utera imbere mu bijyanye n'amafaranga. Iki ni ikintu cy'ingenzi kuri buri wese. Kubaho bisaba amafaranga, kugira ngo ibyifuzo byawe bicyemuke bisaba amafaranga, ndetse no kubera abandi umugisha. Imana ntabwo yadusize twenyine ku byerekeye amafaranga ngo ivuge ngo, "Nitaye ku gice cy'Umwuka cyawe, ariko sinitaye ku gice cy'amafaranga … uzirwariza." Oya, igukunda mu buryo bwose, mu mwuka, mu bugingo, no mu mubiri, kandi yagushyiriyeho ibigutunga. Abantu benshi bemera ko urwego runaka rw'iterambere mu mafaranga ko ari ngombwa, ariko idini ryafashe umurongo wo kurwanya gutunga byinshi cyane.

Ijambo ry'Imana rirwanya umururumba mu buryo butandukanye kandi bwinshi, ariko kandi rikanigisha ko kugira amafaranga ari umugisha. Muri 3 Yohana 2, Intumwa Yohana yaravuze ngo, *Ukundwa, ndagusabira kugira ngo ugubwe neza muri byose, ube mutaraga nk'uko umutima wawe uguwe neza.* Mbega interuro nziza. Yohana yaravuze ngo, 'Muri byose!" Biravuga ku gukira indwara mu marangamutima, mu mibanire no mu mafaranga. Imana irashaka ko utera imbere ukaba no mu buzima bwiza kuruta ikindi kintu icyaricyo cyose. Irashaka ko ugubwa neza mu mw'Umwuka, mu bugingo, no mu mubiri. Ubwo nibwo bushake bwayo kuri wowe.

Abanyedini benshi bavuga ko Imana ishaka ko uba umukene, ko kandi kuba umukene ari ikintu cy'ubumana, ko kandi uko urushaho kuba umukene ariko urushaho kuba umuntu w'Imana. Narerewe mu mitekerereze imeze nkiyo, ko

abavugabutumwa badakwiriye gutunga byinshi, ko umukristo ari wawundi ukwiriye kubaho nta kintu afite. Ibi birumvikana ko bitashyigikirwa n'ibyanditswe. Aburahamu yari umutunzi mu gihe cye, afite byinshi kuko abami bamusabye kubabisa kuko ubutunzi bwe bwahungabanyaga ibihugu byabo. Uko kuri ni nako byari bimeze kuri Isaka na Yakobo. Yozefu ni umuntu wateye imbere agira byinshi bisaga. Dawidi yahaye Imana ku mutungo we miliyari zirenga 2.5 z'amadolari zingana na zahabu n' ifeza zo kubaka urusengero. Salomo, umuhungu wa Dawidi, yari umuntu w'umukire uruta abandi babayeho ku isi. Ubirebye mu byanditswe usanga ko abantu bakoreye Imana bari barahawe umugisha w'amafaranga.

Hariho ingero nyinshi z'abantu babayeho nabi kandi babayeho nta kintu bafite. Pawulo aravuga mu Bafilipi 4:13 nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga ko kandi yize kunyurwa mu mibereho iyo ariyo yose yari arimo. Aravuga ngo nzi gucishwa bugufi nzi no kugira ibisaga. Habayeho ibihe aho abakozi b'Imana babayeho mu bukene no muzima bugoye, ariko ntiwasanga mu byanditswe ko uko urushaho gukena ariko urushaho kuba umuntu w'Imana. Ibyo si iby'ukuri, kandi wagenda no ku mihanda ukabona uko bihinyurwa. Koko rero umururumba ni mubi. Muri 1 Timoteyo 6:10 haravuga ngo, *Kuko gukunda impiya ari umuzi w'ibibi byose…* Abantu benshi bafata icyo cyanditswe bakavuga ko amafaranga ari umuzi w'ibibi byose, ariko umurongo uravuga gukunda impiya ni umuzi w'ibibi byose. Hari abantu bakunda amafaranga ntibigere babona n'ikuta; abandi bafite ubutunzi bwinshi ariko ntibabukunde. Barabukoresha gusa.

Mu Gutegekwa Kwa Kabiri 8:18 herekana intego nyayo y'ubutunzi. Imana yabwiraga abisiraheri, bari hafi yo kwinjira mu gihugu cy'isezerano kandi bari bagiye kubona ubutunzi batigeze babona mbere. Imana yarababwiye ngo, *Ahubwo uzibuke Uwiteka*

*Imana yawe, kuko ari yo iguha imbaraga zikuronkesha ubutunzi, kugira ngo ikomeze isezerano yaseranishije indahiro na ba sekuruza banyu nk'uko irikomeza muri iki gihe.* Ukurikije iki cyanditswe, intego y'ubutunzi si ukugira ibintu bisaga ku bw'intego zawe bwite, ahubwo ni ukugira ngo ubashe gusohoza isezerano ry'Imana ku isi. Mu yandi magambo, Imana izaguha umugisha kugira ngo nawe ugire uwo ubera umugisha. Itangiriro 12:2 Imana yabwiye Aburahamu, ngo *Nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha.* Mbere yuko ubera umugisha umuntu uwo ariwe wese, ugomba kuba ufite umugisha wowe ubwawe.

Hari ibintu ukeneye kandi unafitiye ibyifuzo byinshi ugomba gukemura, ariko birenga ibyifuzo byo kwihugiraho. Imana irashaka kuguteza imbere kugira ngo ushobore kubona amafaranga yayo binyuze muri wowe kugira ngo nawe ube umugisha. Mu 2 Abakorinto 9:8 haravuga ngo, *Kandi rero Imana ishobora kubasazaho Ubuntu bwose, kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagije muri byose.* Ibi bikubwira impamvu Imana igiye kuguteza imbere, kugira ngo urusheho gukora ibyiza byose. Mu by'ukuri ni nkaho ari ubusobanuro bwa Bibiliya buvuga ku iterambere. Iterambere ni iki? Ni ukugira inzu nziza, imodoka nziza, imyenda myiza, n'ibiryo ku meza yawe? Ukurikije iki cyanditswe, ni ukugira ibihagije bishobora gukemura ibyifuzo byawe byose no kugira ibisaga kugira ngo ushobore gukora ibyiza byose. Niba udashobora kwitanga ku bintu wumva Imana ikubwira kwitangamo, niba ushaka kubera umugisha umuntu runaka ariko ukaba utabibasha, ubwo ntiwari wagira iterambere ry'amafaranga dukurikije icyo ibyo byanditswe bivuga. Imana iravuga ngo izaguha umugisha kugeza aho ibyifuzo byawe byose ubasha kubikemura, ubwo uzabasha gukora ibyiza byose.

Iterambere nyaryo rya Bibiliya si ugukemura ibyifuzo byawe gusa, ahubwo ni ukugira ngo ubere n'abandi umugisha. Umuntu

uhora yitekerezaho gusa aba yikunda. Niba hagize uvuga ngo, "ndizera Imana kubona byinshi," abandi bashobora kumutekereza nk'igisambo cyangwa umunyabugugu, ariko byose bishingira ku mugambi afite. Niba usabye Imana byinshi kugira ngo ubone inzu ngari cyangwa ngo ubone imodoka ihenze, iyo siyo mitekereze myiza ya Bibiliya. Ariko niba wiringiye Imana kuguha byinshi ukaba wararenze urwego rwo kumva ko ibyifuzo byawe byonyine ko aribyo byakemuka, ukaba ushaka kubera abandi umugisha, iyo niyo mitekerereze ishaka ko ugira. Imana irashaka ko utera imbere. Ni ubushake bwayo ko utera imbere.

Matayo 6 havuga ku bintu dukeneye hanyuma hakavuga ngo nidushaka ubwami bw'Imana mbere no gukiranuka kwayo, ibindi byose bizatwongererwa. Utangira kugira Imana iya mbere, izaguha n'ibindi byose. Ibyifuzo byawe byose bizasubizwa kandi uzabera n'abandi umugisha. Imana irashaka ko utera imbere, ariko izashingira ku mugambi n'ibikorwa byawe.

Ndasenga ngo uhinyuzwe n'ibi ko kandi uyu munsi ugiye gutangira kwizera Imana kuguha ibyayo bihebuje, aribyo guterimbere kwawe.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma 2 Abakorinto 8:7-8. Mu gihe uhaye abantu bafite ibyo bakennye, ni uburyo bumwe bwo kwerekana iki? _____
   _____
   _____

   **2 Abakorinto 8:7-8** *Nuko rero nk'uko musaga muri byose, ari ukwizera no kuvuga neza no kumenya, no kugira umwete no kudukunda, mube ari ko murushaho kugirira umwete uwo murimo wo kugira Ubuntu na wo. [8] Ibyo simbivugiye kubategeka, ahubwo mbivugiye kugerageza urukundo rwanyu ndugeragaresha umwete w'abandi kugira ngo menye ko ari urw'ukuri.*

2. Soma 2 Abakorinto 8:13-14. Mu gihe twese dufatanirije hamwe, mu gutanga, Imana ishaka ko nibura habaho ikintu gisa n'iki? _____
   _____

3. Soma 2 Abakorinto 8:13-14. Ni gute ibyifuzo bya buri wese bizakemuka? _____
   _____
   _____

   **2 Abakorinto 8:13-14** *Simvugiye ntyo kugira ngo abandi boroherezwe namwe ngo murushywe. [14] Ahubwo ni ukugira ngo munganye, ngo ibibasagutse muri iki gihe bihabwe abandi mu bukene bwabo, kandi ngo ibizasaguka ba bandi na byo muzabihabwe mu bukene bwanyu, munganye.*

4. Soma Abefeso 4:28. Uwari umujura ntiyongere kwiba, ahubwo agomba gukora kugira ngo abeho. Ni iki Abefeso 4:28 na none

havuga bagomba gukora? _____
_____
_____

**Abefeso 4:28** *Uwibaga ntakongere kwiba, ahubwo akore imirimo akoreshe amaboko ibyiza, kugira ngo abone ibyo gufasha umukene.*

5. Soma Itangiriro 13:2 na 12:2. Imana yahaye Aburahamu ubutunzi kubera ko Aburahamu atitekerezagaho gusa ahubwo yari …? ku bandi. _____
_____

**Itangiriro 13:2** *Aburahamu yari afite ubutunzi bwinshi bw'amatungo n'ifeza n'izahabu.*

**Itangiriro 12:2** *Nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha.*

6. Soma 1 Timoteyo 6:17-18. Ni ibihe bintu bitatu umukire agomba gukoresha amafaranga ye? _____
_____
_____
_____

**1 Timoteyo 6:17-18** *Wihanangirize abatunzi bo mu by'ikigihe, kugira ngo be kwibona cyangwa kwiringira ubutunzi butari ubwo kwizigirwa, ahubwo biringire Imana iduha byose itimana ngo tubinezerwe. [18] Kandi bakore ibyiza babe abatunzi ku mirimo myiza, babe abanyabuntu bakunda gutanga.*

7. Ese Imana yakwizera ikaguha amafaranga? _____
_____

## ISOMO 15

# AMAFARANGA (IGICE 2)

### Na Andrew Wommack

Uyu munsi ndashaka gukomeza ku bijyanye n'amafaranga. Mu gice gishize, nasobanuye ko ari ubushake bw'Imana ko uterimbere. None ndashaka kuguha imfunguzo z'ukuntu ibyo bikora. Luka 6:38 haravuga ngo, *Mutange namwe muzahabwa. Urugero rwiza rutsindagiye, rucugushije, rusesekaye ni rwo muzagererwa, kuko urugero mugereramo ari rwo muzagererwamo namwe.* Hari amahame menshi abigize ariko ntiwavuga ku iterambere utavuze ku gutanga.

Iyo uvuga ku iterambere ry'amafaranga, abantu benshi baravuga ngo, "Nibyo, Imana irashaka kunteza imbere, ariko nta kintu mfite cyo gutanga." Wabibona muri Bibiliya aho Yesu yavuze ku mupfakazi watuye amakuta ye abiri. Yabonaga abakire batura amafaranga menshi, birarenga ahamagara abigishwa be arababwira ngo uyu mugore yatanze kubarusha. Yavuze ibi kubera ko batanze bakura mu byasagutse, ariko uyu mupfakazi atanga mu bukene bwe bwinshi. Imana ntabwo igenzura ubugari bw'impano mu gaciro k'amafaranga ifite ahubwo igenzura ijanisha ry'ibyo wagombye gutanga. Iyo umuntu avuze ngo "Nta kintu mfite cyo gutanga," ntabwo biba ari ukuri. Niba nta kindi ufite, wanafata umwenda ufite ukawutanga. Buri wese afite icyo yatanga, rero reka kujya impaka zivuga ko udafite icyo gutanga. Ukuri ni uko, mu gihe usa nkaho ufite bike nicyo gihe gutanga kwawe gushobora kuba kwinshi kuruta ikindi gihe. Umuntu ufite amadolari icumi agatanga atanu aba atanze impano ngari kuruta umuntu utanze miliyoni ya madolari mugihe afite miliyari na miliyari zisigaye. Imana yabishyizeho kugira ngo buri muntu wese abashe gutanga.

Ni kuki Imana itubwira gutanga? Hari impamvu nyinshi, ariko imwe mu ntego nyamukuru ni uko Imana iba ishaka ko uyizera muri buri gace kose kagize ubuzima bwawe. Niba nta Mana ibaho kandi n'ijambo ryayo rikaba atari iry'ukuri igihe ivuze ngo Mutange, namwe muzahabwa, gufata mu byo utunze ugatanga cyaba aricyo kintu cy'ubugoryi waba ukoze mu buzima. Ubwo aho kugenda wegera intego yo gukemurirwa ibyifuzo byawe, mu by'ukuri waba ugenda uhunga iyo ntego niba Imana itarasezeranije kuguha umugisha. Bisaba rero kwizera kugira ngo utange mu buryo Imana ivuga, ni nayo mpamvu yakubwiye kubikora.

Muri Luka 16 hari umugani uvuga ku gisonga kibye sebuja, kandi uku niko byaje kugenda: Aravuga ngo niba utarakiranutse mu bya Mamoni (havuga amafaranga), ni nde uzakwizeza ubutunzi nyabwo? Niba utarigeze wizera Imana muri bike, bijyanye n'amafaranga, ni gute uzagera ku bintu by'ingenzi, nk'indangagaciro z'Umwuka? Ibyanditswe nk'ibi bituma amafaranga ahinduka aya nyuma mu bintu birindwa byose. Niba utakwiringira Imana mu mafaranga yawe ni gute wayiringira mu buzima bw'ubuziraherezo? Ni gute wakwizera by'ukuri ko Yesu yababariye ibyaha byawe ko kandi uzamara ubuzima bw'iteka mu ijuru? Ubigereranije rero, ibintu by'Umwuka byo kwizera Imana bifite agaciro kanini kuruta amafaranga. Amafaranga ni akantu gato, ariko niho duhera twizera Imana.

Imigani 11:24 haravuga ngo, Hari umuntu utanga akwirakwiza, Nyamara akarushaho kunguka. Kandi hari uwimana birenze urugero, Ariko we bizamutera ubukene gusa.

Niba ushatse ubwami bw'Imana no gukiranuka, izakongera ibindi bisigaye byose. Niba uvuga ko ushaka ko Imana igufasha mu mafaranga yawe, ukaba usenga ushaka ubufasha bwayo- ukaba udashaka ubwami bw'Imana, ukaba udatera intambwe yo kwizera, ngo uyiringire mu mafaranga yawe, ndetse ngo utange - koko rero ntabwo uyizera.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Yohana 3:16. Ni iki cyatumye Imana itanga? _____
_____

**Yohana 3:16** *Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.*

2. Soma 1 Abakorinto 13:3. Igituma dutanga kigomba kuba iki?
_____

**1 Abakorinto 13:3** *Kandi nubwo natanga ibyanjye byose ngo ngaburire abakene, ndetse nkitanga ubwanjye ngo ntwikwe ariko singire urukundo, ntacyo byamarira.*

3. Soma Yakobo 2:15-16. Sobanura icyo iyi mirongo ivuze. _____
_____
_____

**Yakobo 2:15-16** *Cyangwa se, hagira mwene Data w'umugabo cyangwa w'umugore wambaye ubusa, kandi akaba abuze ibyo kurya by'iminsi yose, [16] maze umwe muri mwe akamubwira ati Genda amahoro ususuruke uhage", ariko ntimuhe ibyo umubiri ukeneye byavura iki?*

4. Soma Luka 6:38. Ni iki iyi mirongo ivuze kuri wowe? _____
_____
_____

**Luka 6:38** *Mutange namwe muzahabwa. Urugero rwiza rutsindagiye, rucugushije, rusesekaye ni rwo muzagererwamo, kuko urugero mugereramo ari rwo muzagererwamo namwe.*

5. Soma Abefeso 1:7 Ese Imana yatanze mu butunzi bwayo cyangwa yatanze ibijyanye n'ubutunzi bwayo? Sobanura itadukaniro. _____
_____
_____

**Abefeso 1:7** *Ni we waduhesheje gucungurwa ku bw'amaraso ye, ariko kubabarirwa ibicumuro byacu nk'uko ubutunzi bw'ubuntu bwayo buri.*

6. Soma Imigani 19:17. Iyo uhaye abakene, uba ukora iki? Ese Imana izakwishyura? _____
_____
_____

**Imigani 19:17** *Ubabariye umukene aba agurije Uwiteka, na we azamwishyurira ineza ye.*

7. Soma Zaburi 41:1-3. Vuga ibintu bitanu Imana ikorera abaha abakene. _____
_____
_____
_____
_____

**Zaburi 41:1-3** *Hahirwa uwita ku bakene, Uwiteka azamukiza ku munsi w'ibyago. [3] Uwiteka azamurinda amukize, kandi azahirwa ari mu isi, Kandi ntumuhe abanzi be kumugirira uko bashaka. [4] Uwiteka azamwiyegamiza, ahondobereye ku buriri iyo arwaye.*

## ISOMO 16

# WAKORA IKI USENZE NTUSUBIZWE?

### Na Andrew Wommack

Uyu munsi ndashaka gusangiza ibijyanye n'icyo wakora mu gihe amasengesho yawe asa nkaho adasubizwa, kandi ndashaka kwibanda ku ngingo ivuga ko amasengesho yawe "asa nkaho" adasubizwa. Ukuri ni uko igihe cyose Imana, isubiza isengesho ryose risenzwe bijyanye n'ijambo ryayo mu kwizera. Muri 1 Yohana 5:14-15 haravuga ngo, *Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye: ni uko atwumva iyo dusabye ikintu nk'uko ashaka. [15] kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi n'uko duhawe ibyo tumusabye.* Uko ni ugutinyuka kwinshi. Imana iteka ryose isubiza amasengesho ariko kenshi agasa nkaho atasubijwe. Matayo 7:7-8 haravuga ngo, *Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa. Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n'ukomanga akingurirwa.* Iyi mirongo iravuga ko Imana isubiza amasengesho. Kandi uwo ariwe wese muri twe yatekereza igihe mu buzima bwacu twasabye ikintu runaka twizeraga ko ari kizima, ikintu cyiza, kitarimo kwikunda cyangwa kitari hanze y'ubushake bw'Imana, ariko ntitubone igisubizo.

Ijambo ry'Imana rivuga ngo musabe muzahabwa, ariko ibyo twanyuzemo bikavuga ngo, twarasabye ntihagira icyo duhabwa. Ukuri ni ukuhe? Ushobora gutangazwa n'igisubizo, ariko ukuri ni uko byose bishobora kuba ari ukuri. Benshi batekereza ngo *Buretseho gato, ijambo ry'Imana riravuga ko izadusubiza, kandi sinigeze mbona bibaho.* Yohana 4:24 haravuga ngo, *Imana ni*

*Umwuka, n'abayisenga bakwiriye kuyisengera mu Mwuka no mu kuri.* Imana ikorera mu mwuka isubiza amasengesho yacu, ariko bisaba kwizera kugira ngo tubibone. Kwizera niko gufata ibintu biri mu isi y'Umwuka kukabishyira mu isi y'ibifatika. Ibi nibyo Abaheburayo 11:1 havuga: *Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya ko bitazaba, kandi ni ko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari iby'ukuri.* Ntabwo higeze havuga ko kwizera ari ukumenya ibintu bitabaho. Bibaho, ariko ntabwo biri ahabonwa, biri mu isi y'ibifatika ariko ahatabonwa, ahantu ho mu buryo bw'umwuka. Kwizera kugera ahantu ho mu buryo bw'umwuka kandi kukazana ibyo bintu mu isi y'ibifatika.

Ni nk'imirongo ya za radiyo. Radiyo na televiziyo bikora buri gihe. Ushobora kuba uri mu cyumba aho udashobora kumva cyangwa kubona iyo mirongo, ibyo ntibivuze ko idahari. Ugomba gushyiraho radiyo hanyuma ukayishyira ahantu ushaka kumva. Hanyuma radiyo nayo igakurura iyo mirongo ahantu udashobora kubona ikayohereza ahantu ushobora kuyumva n'amatwi yawe. Mu buryo busa nkubwo Imana isubiza gusenga kwacu: Itanga ibintu mu buryo bw'umwuka, hanyuma mu kwizera ugomba kubizana ukabishyira mu isi y'ibifatika. Isi y'umwuka ni isi y'umubiri bigenda bihabanye. Imana irakora igasubiza n'amasengesho yawe, ariko ushobora kutabibona mu isi y'umubiri kereka uretse kwizera kukaba ikiraro kiri hagati y'ibitabonwa biri ahantu h'umwuka n'isi dutuyemo ibonwa n'amaso.

Urugero, Daniyeli, umuntu w'Imana, yarasengaga asaba Imana ngo imuhe ihishurirwa. Ku bwo gukoresha igihe neza inkuru ndayihina. Imana yohereza malayika, Gaburiyeli, ngo ajyende abonekere Daniyeli asubize n'amasengesho ye. Daniyeli 9:22-23 haravuga ngo, *Arambwira anyigisha ati Daniyeli, ubu nzanywe no kungura ubwenge bwawe. Ugitangira kwinginga haje ijambo, kandi nzanywe no kurikubwira kuko ukundwa cyane. Nuko*

*iryo jambo uritekereze cyane, umenye n'ibyo weretswe.* Aha niho hari ingingo: Gaburiyeli yaravuze ati Daniyeli agitangira gusenga, itegeko rivuye ku mana ryaraje kugira ngo haboneke igisubizo cye. Usomye ngo umenye umwanya byasabye ngo abone igisubizo, ni nk'iminota itatu, iminota itatu yashize hagati y'itegeko ry'Imana no kugira ngo biboneke mu isi y'umubiri.

Akenshi ducyeka ko niba Imana koko ari Imana kandi ko ikintu runaka ari ubushake bwayo, ko kigomba kubaho mu gihe kingana no gukubita urutoki ku rundi; ariko ibyo si ukuri. Muri uru rugero, Imana yatanze itegeko, bitwara ugereranyije nk'iminota itatu kugira ngo Gaburiyeli agende iyo ntera. Ntabwo namenya impamvu zose zabiteye, kandi mu by'ukuri nta nubwo ari iby'ingenzi. Icyo ngerageza kuvuga ni uko uhereye igihe Imana yategekeye habayeho igihe kirekire kingana n'iminota itatu mbere yuko bibaho. Niba icyo aricyo gihe kirekire cyane tugomba kwizera ibisubizo bizanwa no gusenga, benshi muri twe byashoboka ko dutegereza, ariko kenshi ntibigenda bityo.

Muri Daniyeli 10 tuhabona uwo muntu asenga irindi sengesho ariko kuri iyi nshuro byatwaye ibyumweru bitatu kugira ngo igisubizo kimugereho. Abantu benshi basoma ibi bashobora kuvuga ngo, "kuki Imana yasubije amwe mu masengesho ya Daniyeli mu minota itatu ayandi ikayasubiza mu byumweru bitatu?"

Daniyeli 10:11-12 haravuga ngo, *Arambwira ati Yewe Daniyeli mugabo ukundwa cyane, umva amagambo ngiye kukubwira, haguruka weme kuko uyu munsi ngutumweho. Amaze kumbwira iryo jambo ndahaguruka, mpagarara ntengurwa. Aherako arambwira ati Witinya Daniyeli, kuko uhereye ku munsi watangiriyeho gushishikarira gusobanukirwa no kwicisha bugufi imbere y'Imana yawe, amagambo yawe yarumviswe kandi ni yo*

*anzanye.* Ibi bivuze ko Imana yategetse intumwa umunsi wa mbere wo gusenga kwa Daniyeli. Byatwaye ibyumweru bitatu kugira ngo icyo gisubize kiboneke ariko Imana ni iyo kwizerwa. Icyanditswe kivuga ngo Yesu Kristo uko yari ejo, n'uyu munsi niko ari kandi ni ko azahora iteka ryose (Abaheburayo 13:8).

Uramutse uhurije hamwe igice cya 9 n'icya 10, ndizera ko Imana yasubije ako kanya ayo masengesho yombi. Rimwe ryatwaye iminota itatu irindi ritwara ibyumweru bitatu, ariko Imana siyo yari ikibazo. Aha niho hari ingingo: Imana isubiza amasengesho yacu. Ikora ibintu ariko hariho intera nyishi zishobora kubaho uhereye igihe isubirizaho amasengesho hanyuma ukabona igisubizo. Ukwiriye kwizera, kwizera kugomba kugera ahantu h'umwuka kukazana igisubizo mu isi y'umubiri. Rero kwizera ni kimwe mu bintu by'ingenzi.

Na none wareba ku murongo wa 13 mu gitabo cya Daniyeli, ibice 10, *Ariko umutware w'ibwami bw'ubuperesi amara iminsi makumyabiri n'umwe ambuza. Nyuma Mikayeli, umwe wo mu batware bakomeye aza kuntabara ntinda mu bami b'ubuperesi.* Aha ntabwo arimo kuvuga umuntu usanzwe ahubwo arimo kuvuga ku badayimoni bazitira. Satani nawe ni kimwe mu bibazo bizitira. Kenshi Imana isubiza amasengesho yacu, ariko Satani akayabera imbogamizi anyuze mu bantu. Urugero, wizeye ko uzabona amafaranga, Imana yo ubwayo ntabwo izaguha amafaranga. Ntabwo izahimba amafaranga ya Leta zunze ubumwe za Amerika cyangwa andi mafaranga y'ikindi gihugu. Ntabwo izakora amafaranga, hanyuma ngo iyature hasi nk'imvura kuva mu ijuru, hanyuma iyagushyirire mu mufuka. Luka 6:38 haravuga ngo, *Mutange namwe muzahabwa. Urugero rwiza rutsindagiye, rucugushije, rusesekaye ni rwo muzagererwa, kuko urugero mugeramo ari rwo muzagererwamo namwe.* Imana izakora kandi izasubiza amasengesho yawe, ariko bizanyura mu bantu. Abantu bamwe

baboshywe n'ubusambo, kandi iyo bagufitiye umujinya cyangwa ukaba ukora ibintu bibababaza, Satani yabangamira gusubizwa ko gusenga kwawe anyuze muri bo. Iyo usenga cyane cyane usengera amafaranga, ukwiriye kumenya ko abantu bashobora kuba bamwe mu bazanyuramo igitangaza cy'amafaranga yawe, rero bishobora kuba ngombwa kubasengera.

Imana ni iyo kwizerwa. Ntabwo yigeze inanirwa gusubiza isengesho na rimwe rishingiye ku ijambo ryayo kandi risengewe mu kwizera. Iteka ryose iratanga, ariko ushobora kutabona ibyo wasabye bitewe n'izindi mpamvu. Ndasenga ngo ibi bigufashe kubaka ukwizera kwawe kandi bitume umenya ko buri gihe Imana isubiza amasengesho yawe.

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Matayo 7:7-8. Ni iki dukwiriye kwitegura kubona kiva ku Mana niba dusabye? _____
   _____

2. Soma Matayo 7:7-8. Niba dushatse Imana, ni iki dukwiriye kwitegura? _____
   _____

3. Soma Matayo 7:7-8. Ni iki tugomba kubona nidukomanga? __
   _____

   **Matayo 7:7-8** *Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa. [8] Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n'ukomanga agakingurirwa.*

4. Soma Yohana 10:35. Ese Imana izatanga ibiri hasi yibyo ijambo ryayo ryasezeranije? _____
   _____

   **Yohana 10:35** *Uko ubwo yabise Imana, abo ijambo ry'Imana ryajeho kandi ibyanditswe bitabasha gukuka.*

5. Soma Yakobo 4:1-3. Ni iki cyabujije aba bantu kwakira ibiturutse ku Mana? _____
   _____
   _____

   **Yakobo 4:1-3** *Mbese muri mwe intambara ziva he, n'intonganya ziha he? Ntibiva ku byo mwishimira bibi, birwanira mu ngingo zanyu? [2] Murarikira ariko ntacyo mubona, murica kandi mugira ishyari ariko ntimushobora kunguka, muratabara mukarwana*

*nyamara ntimuhabwa kuko.* [3] *Murasaba ntimuhabwe kuko musaba nabi mushaka kubyayisha irari ryanyu ribi.*

6. Soma 1 Petero 3:7. Niba ufata nabi uwo mwashakanye, ni iki kizaba ku masengesho yawe? _____
_____
_____

**1 Petero 3:7** *Namwe bagabo ni uko; mubane n'abagore banyu, mwerekane ubwenge mu byo mubagirira kuko bameze nk'inzabya zidahwanije namwe gukomera, kandi mububahe nk'abaraganwa namwe Ubuntu bw'ubugingo, kugira ngo amasengesho yanyu ye kugira inkomyi.*

7. Soma 1 Yohana 5:14-15. Ni uruhe rufunguzo rutuma amasengesho yawe asubizwa? _____
_____
_____

**1 Yohana 5:14-15** *Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye: ni uko atwumva iyo dusabye ikintu nk'uko ashaka.* [15] *Kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi n'uko duhawe ibyo dusabye.*

8. Soma Mariko 11:24. Mu gihe usenze, ni iki ugomba gukora?
_____
_____

**Mariko 11:24** *Ni cyo gitumye mbabwira nti Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona.*

# IBISUBIZO BY'IBANZE

## ISOMO RYA 1 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Mariko 9:33-34. Ni iki abigishwa bajyagaho impaka igihe bari mu nzira igana i Kaperinawumu?
   **Bajyaga impaka bibaza umukuru muribo.**

2. Ese ibi bigaragaza kwikunda kuba muri twe?
   **Yego.**

3. Soma Mariko 9:35. Dukurikije iki cyanditswe, niba hagize ushaka kuba mukuru mu bandi agomba kubanza kuba iki?
   **Umugaragu w'abandi bose.**

4. Sobanura mu magambo arambuye inyigisho ya Yesu muri Luka 22:24-27.
   ***Maze habyuka impaka muri bo, ngo ni nde muri bo ukwiriye gutekerezwa ko ari we mukuru. Arababwira ati Abami b'amahanga barayategeka n'abafite ubutware bwo kuyatwara bitwa ba ruhekerababyeyi. Ariko mwebweho ntimukabe mutyo, ahubwo ukomeye muri mwe abe nk'uworoheje n'utwara abe nk'uhereza. Umukuru ni uwuhe? Ni uherezwa cyangwa ni uhereza? Si uherezwa? Ariko jyewe ndi hagati yanyu meze nk'uhereza*** **(Luka 22:24-27).**

5. Soma Imigani 13:10. Ni ikihe kintu kimwe gusa giteza intonganya?
   **Ubwibone.**

6. Soma Abagalatiya 2:20. Ni gute dukwiriye kubaho mu buzima bwacu?

**Ku bwo kwizera Kristo (cyangwa kwizera muri Kristo), Tutagendeye ku mbaraga zacu cyangwa intege nke zacu.**

7. Soma Matayo 7:12. Umuti wo kwihugiraho ni uwuhe?
**Ni ukwishingikiriza ku Mana no kwita ku bandi. Gufata abandi nkuko twifuza ko badufata.**

## ISOMO RYA 2 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Ese ijambo "gutekereza" rivuga iki?
**Gutinda mu bitekerezo, kwibwira, cyangwa kuzengurutsa ikintu mu bitekerezo by'umuntu.**

2. Ni izihe mpamvu ebyiri Bibiliya itanga zo gutekereza ku ijambo ry'Imana?
**Gutekereza ubwenge nyabwo (guhindura ibitekerezo) kandi no kuvugana n'Imana aribyo biba inyuma y'ijambo ryayo (bikozwe mu buryo bwo kuritinza mu bitekerezo, kuryibwiraho, no gutekereza ku Mana).**

3. Kwiga ijambo bishingiye ku ngingo runaka ni iki?
**Ni uguhitamo ingingo ivuye muri Bibiliya ukayiga ukanayitekerezaho.**

4. Kwiga ijambo bishingiye ku bitekerezo birimo ni iki?
**Ni ukwiga umurongo ku murongo w'igitabo cya Bibiliya.**

5. Soma Luka 6:46. Ese utekereza ko ijambo "Databuja" rivuga iki?
**Umuntu twubaha (nk'umukoresha).**

6. Soma Matayo 1:21. Ese utekereza ko ijambo "Yesu" rivuga iki?
**Umucunguzi ucungura abandi kuva mu byaha.**

7. Soma Luka 23:1-2. Ese utekereza ko ijambo "Kristo" rivuga iki?
**Uwasigiwe kuba Umwami.**

8. Ese igika ni iki?
**Agace k'igitekerezo mu nyandiko.**

9. Uburyo bwa Bibiliya bwo gutekereza si ukureba amagambo, ahubwo …?
**Ni ukuvugana n'Imana Iba inyuma y'ijambo.**

## ISOMO RYA 3 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Abaroma 12:1. Ni iki tugomba gukorera imibiri yacu?
**Kuyitamba, ku Mana.**

2. Soma Abaroma 12:2. Iki cyanditswe kirimo kutubwira ko tugomba kuba dutandukanye…?
**N'isi, cyangwa abatizera.**

3. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 17:11. Ibitekerezo byacu tugomba kubijyanisha na?
**N'ibyanditswe, ijambo ry'Imana.**

4. Soma Abaroma 8:5-6. Kuyoborwa n'Umwuka ni…?
**Ubugingo n'amahoro.**

5. Soma Abaroma 12:1-2. Ni ibihe bintu bibiri tugomba gukora, dukurikije iyi mirongo?
**Gutamba imibiri yacu nk'ibitambo bizima tugahindura imitima yacu.**

6. Soma Yesaya 26:3. Ni gute tuguma mu mahoro masa?
**Dushikamije ibitekerezo byacu ku Mana.**

7. Soma Yesaya 26:3. Ni ubuhe buryo twakoresha tukagumisha ibitekerezo byacu ku Mana?
   **Gusenga, guha ikuzo, gutekereza ku ijambo ry'Imana, no gushima, n'ibindi.**

## ISOMO RYA 4 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Abaheburayo 10:25. Ni iki tutagomba kureka?
   **Guteranira hamwe kwacu nk'abizera.**

2. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 5:42. Buri munsi mu rusengero no muri buri rugo, Yesu…? ndetse …?
   - **Yigishwagaho.**
   - **Akanabwirizwaho.**

3. Soma Ibyakozwe 2:42. Ni ibihe bintu bine itorero rya mbere ryakomeje gukora?
   - **Bahoraga bashishikariye ibyo intumwa zigishaga.**
   - **Bagasangira ibyabo.**
   - **Kumanyagura umutsima (gusangira no gufata ifunguro ryera).**
   - **Gusenga.**

4. Soma Ibyakozwe 2:44-45. Itorero rya mbere ryakomeje gutanga amafaranga yo kubaka imbuga yo guhagarikamo amamodoka. Nibyo cyangwa sibyo.
   **Sibyo.**

5. Soma 1 Abakorinto 12:28.Andika impano z'Umwuka umunani zitandukanye Imana yahaye itorero ryayo.
   - **Intumwa.**
   - **Abahanuzi.**
   - **Abigisha.**

- **Abakora ibitangaza.**
- **Abakiza indwara.**
- **Abafasha.**
- **Abatwara.**
- **Abavuga mu ndimi nyinshi.**

6. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 14:26. Ubwo ubwoko bw'Imana bwahuriraga hamwe nk'itorero, habagaho umudendezo wo kugaragaza impano zabo. Andika ibintu bitanu byabagaho iyo bahuraga.
   - **Umwe yabaga afite indirimbo.**
   - **Undi inyigisho.**
   - **Undi ibyo Imana yahishuye.**
   - **Undi akavuga ururimi rutamenyekana.**
   - **Undi agasobanura icyo ururimi rutamenyekana ruvuze.**

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 6:1. Itorero rya mbere ryasangiraga ibiryo buri munsi…?
   **N'abapfakazi.**

8. Soma Yakobo 1:27. Idini Imana yitaho ni idini …?
   **Ryita ku mpfubyi n'abapfakazi mu mibabaro yabo.**

9. Soma 1 Timoteyo 5:9-11. Abapfakazi bafashwaga n'itorero rya mbere ry'isezerano rishya basabwaga kuba bujuje iki?
   ***Ntihakagire umupfakazi wandikwa. Keretse amaze imyaka mirongo itandatu avutse akaba yarashyingiwe umugabo umwe gusa agashimirwa imirimo myiza: niba yarareraga abana, yaracumbikiraga abashyitsi. Yarozaga ibirenge by'abera yarafashaga abababaye, agashishikarira gukurikiza imirimo myiza yose. Ariko abapfakazi bato ntukemere ko bandikwa…***

10. Soma 1 Abakorinto 9:14. Usibye gufasha abapfakazi, imfubyi,

n'abakene ryanashyigikiraga …?
**Abavugabutumwa.**

11. Soma Matayo 25:35-40. Kuki abantu batekereza ko gutanga ituro rishyirwa mu cyibo aribwo buryo bwonyine bwo guha Imana?
**Kuko ibyo nibyo bari barigishijwe.**

12. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 4:32-35. N'Imigani 3:9-10. Abashumba n'abakuru b'itorero rya mbere bamazaga iki amafaranga?
**Baha abakene, bubahisha Uwiteka gutanga.**

## ISOMO RYA 5 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Abefeso 6:12. Ni gute uyu murongo usobanura amakimbirane y'umwuka dufitanye n'abadayimoni b'ahantu ho mukirere?
**Bisobanurwa nko gukirana.**

2. Soma Mariko 16:17. Ni iki uyu murongo utwigisha ku butware bw'uwizera?
**Dufite ubutware bwo kwirukana abadayimoni mu izina rya Yesu.**

3. Soma Yakobo 4:7. Ni iki umuntu ushaka kubohoka abadayimoni agomba gukora?
**Kugandukira Uwiteka akarwanya Satani.**

4. Soma Yakobo 1:14. Ni gute Satani adushuka ahinduye ikintu kibi icyo kwifuzwa?
**Akoresha irari ryacu (mu guhindura ikintu kibi icyo kwifuzwa).**

5. Soma Abaroma 6:13. Iyo umuntu yujuje ubugingo bwe ibintu

bya Kristo, abadayimoni bazabangamirwa bo ubwabo bagende. Ni iki uyu murongo utubwira gukora?
**Ntimuhe ibyaha ingingo zanyu kuba intwaro zo gukiranirwa, ahubwo mwitange mwihe Imana nk'abazuke, n'ingingo zanyu muzihe Imana kuba intwaro zo gukiranuka.**

6. Soma Abaroma 13:14. Abadayimoni babeshwaho n'imirimo ya kamere, rero bashonjeshe ukoresheje uburyo bw'Imana bw'urukundo no kwera. Ntabwo tugomba …? imibiri.
**Guha urwaho.**

7. Soma Luka 10:17-19. Ntabwo Yesu yigeze atubwira ngo tumusabe kugira ngo atwirukanire abadayimoni. Yaduhaye ubutware. Uyu murongo uratubwira ko dufite ubutware n'imbaraga …?
**Ku mbaraga zose z'Umwanzi.**

## ISOMO RYA 6 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Itangiriro 3:1. Satani ariho ariko imbaraga ze ziba mu kudushuka. Ni iki inzoka (Satani) yashatse ko Eva ashidikanyaho?
**Ijambo ry'Imana (Ese Imana yaravuze?).**

2. Soma Itangiriro3:1 Utekereza ko Satani yakoresheje ikinyoma kubera iki?
**Ntabwo yari kubakoresha icyaha ku ngufu. Yagombaga kubashuka kugira ngo bibuze ubutware bafite.**

3. Soma Itangiriro 1:26,28. Ninde wahaye umuntu ubutware bwe?
**Imana.**

4. Soma Zaburi 8:4-8. Imana yaremye umuntu ite?
**Yamuremanye ubutware ku mirimo y'intoke zayo (z'Imana).**

5. Soma 2 Abakorinto 4:4. Ni iki cyabayeho cyerekanwa muri iki cyanditswe?
   **Ko Satani yatwaye ubutware bw'umuntu ahinduka umutware w'iyi si.**

6. Soma Matayo 4:8-9. Ese iyi mirongo irashimangira iyi ngingo?
   **Yego.**

7. Soma Matayo 28:18. Nyuma y'urupfu rwa Yesu no kuzuka kwe, ubu ni nde ufite ubutware mu ijuru no mu isi?
   **Yesu.**

8. Soma Matayo 28:18-19. Ni nde wahawe ubutware, dukurikije uyu murongo?
   **Abizera.**

9. Soma Abefeso 1:19. Gukomera guhambaye kw'imbaraga z'Imana ni ibya bande?
   **Twebwe abizera.**

## ISOMO RYA 7 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Matayo 8:16-17. Yesu yakijije abantu bangahe?
   **Bose bamusanze.**

2. Soma Yesaya 53:3-5. Iyi mirongo irimo kuvuga gukira mu buhe buryo?
   **Ubwoko bwose bwo gukira (harimo no gukira kw'imibiri yacu).**

3. Soma Matayo 8:17. Ni iki cyabaye ku bumuga n'uburwayi bwacu?
   **Yesu yarabitwaye.**

4. Soma 1 Petero 2:24. Ni ibihe bintu bibiri iyi mirongo ivuga ko Yesu yadukoreye?
   **Yatwaye ibyaha byacu mu mubiri we kandi akubitirwa ibyaha byacu.**

5. Soma Yakobo 5:14-15. Ijambo "gukira" ku murongo wa 15 niryo jambo ry'ikigiriki sozo ryasobanuwe ko rivuga "gutabara, kurinda, gukiza, kuba muzima." Ni naryo jambo Bibiliya yita "agakiza". Tugendeye kuri iyi mirongo n'ubusobanuro bw'ikigiriki bw'agakiza, ni iki kiri mu gakiza?
   **Gukira indwara.**

6. Soma Matayo 10:7. Igihe Yesu yoherezaga abigishwa be, ni iki yababwiye kuvuga?
   **Ko ubwami bw'Imana buri hafi.**

7. Soma Matayo 10:8. Ni iki Yesu yababwiye gukora?
   - **Mukize abarwayi.**
   - **Muzure abapfu.**
   - **Mwirukane abadayimoni.**

8. Soma Mariko 16:15. Ni iki Yesu yabwiye abishwa be gukora?
   **Kujya mu mahanga yose mubwirize abantu bose ubutumwa bwiza.**

9. Soma Mariko 16:16. Abumvira icyo ubutumwa bubabwira bazakora iki?
   **Uwizera abatizwe.**

10. Soma Mariko 16:17 Ni ibihe bimenyetso bizakurikira abizera?
    **Bazavuga mu ndimi nshya, bazirukana abadayimoni.**

11. Soma Mariko 16:18. Ni ibihe bimenyetso bindi bizagumana

n'abizera?
**Bazarambura ibiganza ku barwayi bazakira.**

## ISOMO RYA 8 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Matayo 8:17. Ni iki Yesu yakoze ngo tubone gukira indwara?
   **Yatwaye ubumuga bwacu atwara n'uburwayi bwacu.**

2. Soma Hoseya 4:6. Abantu bamwe ntibakira kubera …?
   **A. Kubura ubwenge (ubujiji).**

3. Soma Yohana 9:1-3. Ni iki abigishwa batekereje ko aricyo gitera ubuhumyi bw'uyu muntu?
   **Icyaha.**
   Ibitekerezo byabo byari byo?
   **Oya.**

4. Soma Yohana 5:14. Ibyaha bikingurira inzira indwara, ariko si buri gihe. Usibye indwara, ni iki kindi icyaha cyazana mu muntu?
   **Ibintu byinshi bibi biruta indwara, harimo n'urupfu (Abaroma 6:23).**

5. Soma Abaroma 5:12-14. Niba icyaha itariyo mpamvu itera uburwayi buri gihe, ni iyihe mpamvu yindi ishobora kuba ibutera?
   **Kugwa k'umuntu (Itangiriro.3). Adamu binyuze mu gucumura kwe byazanye icyaha n'indwara.**

6. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 10:38. Ukurikije Ibyakozwe n'Intumwa 10:38. Indwara zishobora guterwa n'iki?
   **Gukandamizwa na Satani.**

7. Soma Matayo 13:58. Gukira bishobora kubuzwa n'iki?
   **Kutizera.**

8. Soma Yakobo 5:15. Ni iki kizakiza umurwayi?
   **Gusenga ko kwizera.**

## ISOMO RYA 9 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Matayo 18:21. Ni inshuro zingahe Petero yatanze zo kubabarira?
   **Karindwi.**

2. Soma Matayo 18:22. Ni inshuro zingahe Yesu yavuze ko tugomba kubabarira?
   **Maganane na mirongo icyenda.**

3. Soma Matayo 18:23-24. Ni amafaranga angahe uyu muja yari afitiye mugenzi we?
   **Itaranto inzovu, cyangwa milioni icumi z'amadorali.**

4. Soma Matayo 18:25. Kuva uyu mugaragu atari buvuge ko nta mafaranga afite, ni iki cyari bubeho?
   **We, umugore we, abana be, nibyo yari atunze byose byari butezwe cyamunara ku isoko ry'abacakara kugirango umwenda we wishyurwe.**

5. Soma Matayo 18:26. Ubusabe bw'umugaragau bwari ubuhe?
   **Ko shebuja amwihanganira akazamwishyura.**

6. Soma Matayo 18:27. Umukoresha yagaragaje uwuhe mutima ku mugaragu we?
   **Yamugiriye impuhwe aramubabarira.**
   Ni uwuhe mutima Imana yatweretse bijyanye n'umwenda

wacu (icyaha)?
**Impuhwe n'imbabazi.**

7. Soma Matayo 18:27. Umugaragu wari warababariwe yari aberewemo umwenda w'amafaranga angahe na mugenzi we?
**Amadinariyo ijana (igihembo cy'umunsi).**

8. Soma Matayo 18:28. Ese uyu mugaragu yagaragaje iyihe myitwarire kuri mugenzi we?
   - **Kutihangana.**
   - **Urugomo.**
   - **Kutababarira.**

9. Soma Matayo 18:29-30. Ni iki uyu mugaragu yakoreye mugenzi we?
**Yamushyize mu nzu yimbohe kugeza aho yishyuriye umwenda we muto.**

10. Soma Matayo 18:31-33. Shebuja wa wa mugaragu yamwise ate?
**Wa mugaragu mubi we.**

11. Soma Matayo 18:33. Ni iki shebuja w'mugaragu wanze kubabarira mugenzi we yamubwiye yagombye kuba yarakoze?
**Yari kuba yaragiriye imbabazi umugaragu mugenzi we nkuko nawe yazigiriwe na shebuja. Yari kumubohora akamubabarira.**

12. Soma Matayo 18:34. Igihe shebuja w'umugaragu wanze kubabarira yasanze ibyari byabaye byahinduye amarangamutima ye gute?
**Yararakaye.**

13. Soma Matayo 18:35. Ese uyu mugaragu wanze kubabarira ku

bw'ibyo yakoze hari ubwo yirengagije ko nawe yababariwe?
**Yego.**

14. Soma Matayo 18:35. Ese uyu mugani ushaka kuvuga iki?
**Na Data wo mu ijuru ni ko azabagirira, nimutababarira umuntu wese mwene so mubikuye mu mutima.**

## ISOMO RYA 10 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Abefeso 5:31-32. Abefeso 5:31 isubiyemo ibyanditse mu Itangiriro 2:24. Urebye ku Befeso 5:32, Uratekereza ko Imana irimo kuvuga iki muri iki gice?
**Ubusabane buri hagati ya Kristo n'itorero rye (bigereranywa no gushyingirwa).**

2. Soma Yakobo 4:4-5. Iyi mirongo irimo kwigisha iki?
**Imana idufitiye ifuhe kandi irashaka ko tuyibera abanyakuri.**

3. Soma 1 Petero 3:7. Ni kuki ugomba kugendera mu bumwe n'urukundo imbere y'umugore wawe cyangwa umugabo wawe?
**Kugira ngo amasengesho yanjye atagira inkomyi.**

4. Soma Yohana 15:5. Ese urugo rwawe rwahirwa rudafite Kristo nk'Umwami w'ubugingo bwawe?
**Oya.**

5. Soma Tito 2:4. Urukundo si amarangamutima. Dukurikije ibyanditswe, urukundo rushobora …?
**Kwigishwa.**

6. Soma 1 Yohana 5:3. Iyo tugendeye mu mategeko y'Imana, tuba tugendeye mu …?
**Rukundo.**

7. Soma Matayo 7:12. Niba dufite ibibazo mu rugo rwacu, ni uko hari utagendera mu …?
   **Rukundo.**

8. Soma 1 Abakorinto 13:4. Urukundo ni …?
   **C. Ubugwaneza.**

## ISOMO RYA 11 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Imigani 18:22. Urugo ni …?
   **A. Ikintu cyiza.**
   **C. Gishimwa n'Imana.**

2. Soma Abaheburayo 13:4. Imibonano ku bashakanye (cyangwa uburiri bw'abashakanye) …?
   **C. Burejejwe.**

3. Soma Umubwiriza 9:9. urugo rushimwa n'Imana ni impano yawe muri ubu buzima kuva ku Mana.
   **Yego.**

4. Soma 1 Yohana 3:18. "Umucamanza Phillip Gilliam yaravuze ngo, mu manza 28.000 z'urubyiruko yaciye, kudakundwakaza hagati y'umugabo n'umugore n'ibyo byateye imyitwarire idahwitse yabonye yose. (Together forever p. 152). Ni gute tugomba kugaragaza urukundo?
   **Mu bikorwa no mu gufata neza bya nyabyo.**

5. Soma Abefeso 5:28. Singomba kwirengagiza umugore wanjye nk'uko ntirengagiza umubiri wanjye.
   **Yego.**

6. Soma 1 Yohana 3:16. Amagambo "ndagukunda" yaba meza

igihe agendanye n'ibikorwa. Yesu yashimangiye amagambo ye atanga ubuzima bwe ku bwacu. Tugomba gutanga ubuzima bwacu ku bo twashakanye mu buryo bwose bufatika uko twabishobora kose.
**Yego.**

7. Soma Abefeso 5:25-26. Umugore wanjye agiye kubeshwaho n'ibyo mubwira. Ndamugeza ku bushobozi bujyanye n'ibyo muvugaho.
**Yego. Ijambo ry'ikigiriki rikoreshwa mu Abefeso 5:26 ni "rhema", bivuga "amagambo avuzwe."**

8. Soma Abaroma 8:38-39 na 1 Yohana 4:19. Tureshywa (Dukundwa) n'amagambo y'urukundo atuvugwaho akurikiwe n'ibikorwa. Imana yaradukunze ituvugaho amagambo y'urukundo ari mu nzandiko z'urukundo, zanditswe nk'ibyanditswe.
**Yego. Ijambo ry'Imana ryuzuye amagambo y'urukundo kuri twe.**

9. Soma 1 Yohana 5:3 na Yohana 6. Uburyo urukundo rukorwamo bwerekanwa kandi bwamenyekanishijwe n'amategeko ya Yesu. Twashobora kwiga aya mahame y'urukundo mu ijambo ry'Imana.
**Yego.**

10. Soma Yohana 14:15. Urukundo ntirukorerwa mu marangamutima yawe ahubwo ni ubushake bwawe. Buri tegeko mu byanditswe riba rishaka ubushake bwawe ntago rireba ku marangamutima yawe. Imana ntiyigeze ikubwira uko ugomba kwiyumva, ahubwo yakubwiye ibyo ugomba gukora.
**Yego.**

11. Soma Abagalatiya 5:22-23. Urukundo si ikintu cyizana. Rugomba kwigwa kandi rugashyirwa mu muntu n'Umwuka Wera. Urukundo ni imbuto yo …?
**C. Umwuka w'Imana.**

12. Soma Abefeso 5:31-32. Urugo rwiza ni ishusho yo ku kigero gito cy'iki?
**Kristo n'itorero rye.**

## ISOMO RYA 12 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma 1 Yohana 5:3. Urukundo rw'Imana rugaragarira mu …?
**Mategeko yayo.**

2. Soma Abaroma 13:9-10. Sobanura uko amategeko yerekana urukundo muri iyi mirongo.
**Urukundo ntirugira nabi. Buri tegeko ryerekana urukundo binyuze mu kwerekana uko tugomba kwitwara kuri bagenzi bacu.**

3. Soma Abaroma 12:19-21. Ni gute twakunda abanzi bacu, n'igihe twumva tutabishaka?
**Niba umwanzi wacu ashonje, turamugaburira; niba afite inyota, tugomba kumuha icyo kunywa. Tugomba gushakisha inyungu n'ubuzima bwiza bw'abandi, tutitaye ku marangamutima yacu.**

4. Soma Tito 2:4. Ese iki gice kiratwereka iki kijyanye n'urukundo?
**Urukundo rwakwigishwa. Ntabwo ari uko wiyumva.**

5. Soma 1 Abakorinto 13:4-8. Mu magambo arambuye sobanura urukundo.
**Urukundo rurihangana, ntirugira ishyari, ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo,**

**ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu, ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi ahubwo rwishimira ukuri, rubabarira byose, rwizera byose, rwihanganira byose!**

6. Soma 1 Yohana 3:18. Ni gute twashyira mu bikorwa urukundo?
**Reka twe gukundana mu magambo, ahubwo mu bikorwa byacu.**

## ISOMO RYA 13 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Matayo 7:12. Ukoresheje amagambo yawe, tubwire itegeko rikuru iryo ari ryo?
**Gukorera abandi ibyo ushaka gukorerwa.**

2. Soma Matayo 7:12. Mu kugerageza kubona urukundo, abantu benshi bagerageza gushaka umuntu ukwiriye wabakunda. Ese ugomba gushaka umuntu ukwiriye cyangwa kuba umuntu ukwiriye?
**Kuba umuntu ukwiriye.**

3. Soma 1 Yohana 5:3. Ese urukundo ni ikintu wumva mu marangamutima, cyangwa urukundo ni ikintu ukora?
**Ni ikintu dukora tugendera mu mahame y'Imana (amategeko).**

4. Soma 1 Yohana 3:18. Niba ubwiye umugore wawe cyangwa umugabo wawe uti "Ndagukunda!" hanyuma ugasambana, ese yakwizera amagambo yawe cyangwa yakwizera ibikorwa byawe?
**Ibikorwa byawe. Ibikorwa byavuga cyane kuruta amagambo.**

5. Soma Abaroma 5:6-8. Ese uratekereza ko Yesu yumvaga ameze nk'upfuye?
**Oya, ahubwo yashatse inyungu n'imibereho myiza yacu twese, atitaye k'uko yiyumvaga.**

6. Soma Abagalatiya 5:22. Ese twakunda tudafite Imana mu buzima bwacu?
   **Oya.**

7. Soma 1 Yohana 4:8. Impamvu dukeneye Imana kugirango dukunde abandi by'ukuri n'uko ariwe wenyine uri …?
   **Urukundo.**

8. Soma 1 Abakorinto 13:5. Toranya mu magambo akurikira ubusobanuro bw'icyo urukundo rutari rwo: ruhutiraho, ntirushaka ibyarwo, ntirubabarira.
   **Aya magambo yose (ruhutiraho, rushaka ibyarwo, ntirubabarira) asobanura icyo urukundo atari cyo.**

9. Soma 1 Abakorinto 13:5. Ni ikihe kintu kimwe rukumbi uzavana muri ubu buzima ukakijyana mu buzima buzakuriraho, cyangwa hakurya y'imva?
   **Urukundo. Ruzahoraho iteka ryose.**

10. Soma Imigani 10:12. 1 Abakorinto 13:5, haravuga ngo "Urukundo ntirubika inzika igihe habayeho amakosa." Urukundo ruzatwikira ibyaha bingahe?
    **Ibyaha byose.**

## ISOMO RYA 14 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma 2 Abakorinto 8:7-8. Mu gihe uhaye abantu bafite ibyo bakennye, ni uburyo bumwe bwo kwerekana iki?
   **Ko urukundo rwawe ari urw'ukuri.**

2. Soma 2 Abakorinto 8:13-14. Mu gihe twese dufatanirije hamwe, mu gutanga, Imana ishaka ko nibura habaho ikintu gisa n'iki?
   **N'iringaniza, buri muntu agomba gutanga ibyo ashoboye.**

3. Soma 2 Abakorinto 8:13-14. Ni gute ibyifuzo bya buri wese bizakemuka?
   **Mu gutanga ibyo washobora, n'igihe ubishoboye.**

4. Soma Abefeso 4:28. Uwari umujura ntiyongere kwiba, ahubwo agomba gukora kugira ngo abeho. Ni iki Abefeso 4:28 na none havuga bagomba gukora?
   **Guha abakene, abo bafite ibyo bakennye.**

5. Soma Itangiriro 13:2 na 12:2. Imana yahaye Aburahamu ubutunzi kubera ko Aburahamu atitekerezagaho gusa ahubwo yari …? ku bandi.
   **Umugisha.**

6. Soma 1 Timoteyo 6:17-18. Ni ibihe bintu bitatu umukire agomba gukoresha amafaranga ye?
   - **Gukora ibyiza.**
   - **Gutanga batitangiriye ku bakene.**
   - **Gusangira n'abandi icyo aricyo cyose Imana yabahaye.**

7. Imana yakwizera ikaguha amafaranga?

## ISOMO RYA 15 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Yohana 3:16. Ni iki cyatumye Imana itanga?
   **Urukundo rwayo.**

2. Soma 1 Abakorinto 13:3. Igituma dutanga kigomba kuba iki?
   **Urukundo; ni ukuvuga Gushaka inyungu n'imibereho myiza y'abandi tutitaye ku kuntu twiyumva (Matayo 7:12).**

3. Soma Yakobo 2:15-16. Sobanura icyo iyi mirongo ivuze.
   **Mirongo cyenda na gatanu ku ijana by'urukundo bigizwe**

**n'ibitari amagambo. Ntabwo ari ibyo tuvuga ahubwo ni ibyo dukora.**

4. Soma Luka 6:38. Ni iki iyi mirongo ivuze kuri wowe?
   **Igipimo cyose ukoresha mu gutanga (cyaba gito cyangwa kinini), Nicyo kizakoreshwa mu kukwishyura.**

5. Soma Abefeso 1:7. Ese Imana yatanze mu butunzi bwayo cyangwa yatanze ibijyanye n'ubutunzi bwayo? Sobanura itandukaniro.
   **Bijyanye n'ubutunzi bwayo. Yatanze byose ngo aducungure, Umwana wayo Umwe w'ikinege.**

6. Soma 19:17. Iyo uhaye abakene, uba ukora iki. Ese Imana izakwishyura?
   **Yego. Ugurije Imana.**

7. Soma Zaburi 41:1-3. Vuga ibintu bitanu Imana ikorera abaha abakene.
   - **Uwiteka azamurinda.**
   - **Amukize ku munsi w'ibyago.**
   - **Izamukiza.**
   - **Kandi ntimuhe abanzi be.**
   - **Uwiteka azamwiyegamiza. Bivuze kumusubiza ubuzima.**

## ISOMO RYA 16 IBISUBIZO BY'IBANZE

1. Soma Matayo 7:7-8. Ni iki dukwiriye kwitegura kubona kiva ku Mana niba dusabye?
   **Tugomba kumva ko icyo twasabye kizatangwa.**

2. Soma Matayo 7:7-8. Niba dushatse Imana, ni iki dukwiriye kwitegura?
   **Kubona.**

3. Soma Matayo 7:7-8. Ni iki tugomba kwitegura kubona nidukomanga?
   **Ko tuzakingurirwa.**

4. Soma Yohana 10:35. Ese Imana izatanga ibiri hasi yibyo ijambo ryayo ryasezeranije?
   **Oya.**

5. Soma Yakobo 4:1-3. Ni iki cyabujije aba bantu kwakira ibiturutse ku Mana?
   **Imigambi n'imitima yabo byari bibi. Buri kintu nibo cyakorerwaga kandi buri kintu cyari icyabo. Kwikunda byuzuye ni byo byari impamvu zabo.**

6. Soma 1 Petero 3:7. Niba ufata nabi uwo mwashakanye, ni iki kizaba ku masengesho yawe?
   **Amasengesho yawe azagira inkomyi.**

7. Soma 1 Yohana 5:14-15. Ni uruhe rufunguzo rutuma amasengesho yawe asubizwa?
   **Gusaba bijyana n'ubushake bwayo.**

8. Soma Mariko 11:24. Mu gihe usenze, ni iki ugomba gukora?
   **Kwizera ko wakiriye, kandi uzabibona**

# AKIRA YESU NK'UMUKIZA WAWE

Guhitamo kwakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza wawe nicyo cyemezo cya ngombwa uzigera ukora!

**Ijambo ry'Imana ridusezeranya ko**, *Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa. [10] Kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ari ko yatuza agakizwa … [13] kuko umuntu wese uzambaza izina ry'Umwami azakizwa* **(Abaroma 10:9-10, 13).**

Ku bw'ubuntu bwayo, Imana yakoze buri kintu cyose ngo itange agakiza. Uruhare rwawe ni ukwizera no kwakira.

Senga cyane uti, "Yesu ndatura ko uri Umwami n'Umucunguzi wanjye. Ndizera mu mutima wanjye ko Imana yakuzuye mu bapfuye. Ku bwo kwizera Ijambo Ryawe, nakiriye agakiza ubu. Urakoze kubwo kunkiza!"

Mu gihe uhaye ubuzima bwawe Yesu Kristo, ukuri kw'Ijambo Rye ako kanya kuraza kukinjira mu mwuka wawe. Ubu rero kuko uvutse ubwa kabiri, ubaye mushya!

# AKIRA UMWUKA WERA

Nk'umwana wayo, So wo mu ijuru ugukunda arashaka kuguha imbaraga zidasanzwe ukeneye kugira ngo ube muri ubu buzima bushya.

**Luka 11:10, 13** *Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n'ukomanga agakingurirwa …* [13] *None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamusabye?*

Icyo ugomba gukora cyose ni ugusaba, ukizera, ukakira! Senga gutya, Data Ndemera ko nkeneye imbaraga zawe kugira ngo mbashe kubaho muri ubu buzima bushya. Ndakwinginze nyuzuza Umwuka wawe Wera. Kubwo kwizera ndamwakiriye aka kanya! Urakoze k'ubwo kumbatiza. Mwuka Wera, uhawe ikaze mu buzima bwanjye."

Byiza cyane! Ubu wuzuye imbaraga zidasanzwe z'Imana. Zimwe mu nyuguti z'ururimi utazi zizatangira kuva mu mutima wawe ziza mu kanwa kawe (1 Abakorinto 14:14) Uko uzivuga n'ijwi ryumvikana mu kwizera, uba urekura imbaraga z'Imana guturuka imbere muri wowe wiyubaka mu mwuka (umurongo 4). Ibi wabikorera aho waba uri hose n'igihe ubishakiye.

Kuba hari ikintu wumvise cyangwa ntacyo igihe wasabaga ngo wakire Umwami, n' Umwuka We, si byo byangombwa. Niba ubyizera mu mutima wawe ko wakiriye, ijambo ry'Imana risezeranya ko wakiriye. Imana yubahisha ijambo ryayo iteka, byizere!

**Mariko 11:24** *Ni cyo gitumye mbabwira nti Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona.*

# GAHUNDA YO GUSOMA IBYANDITSWE

| | | |
|---|---|---|
| 1. | Itangiriro 1-3; Matayo 1 | ☐ |
| 2. | Itangiriro 4-6; Matayo 2 | ☐ |
| 3. | Itangiriro 7-9; Matayo 3 | ☐ |
| 4. | Itangiriro 10-12; Matayo 4 | ☐ |
| 5. | Itangiriro 13-15 | ☐ |
| 6. | Itangiriro 16-17; Matayo 5 | ☐ |
| 7. | Itangiriro 18-19; Matayo 6 | ☐ |
| 8. | Itangiriro 20-22 | ☐ |
| 9. | Itangiriro 23-24; Matayo 7 | ☐ |
| 10. | Itangiriro 25-26 | ☐ |
| 11. | Itangiriro 27-28; Matayo 8 | ☐ |
| 12. | Itangiriro 29-30; Matayo 9 | ☐ |
| 13. | Itangiriro 31-32 | ☐ |
| 14. | Itangiriro 33-35; Matayo 10 | ☐ |
| 15. | Itangiriro 36-38 | ☐ |
| 16. | Itangiriro 39-40; Matayo 11 | ☐ |
| 17. | Itangiriro 41-42; Matayo 12 | ☐ |
| 18. | Itangiriro 43-45 | ☐ |
| 19. | Itangiriro 46-48 | ☐ |
| 20. | Itangiriro 49-50; Matayo 13 | ☐ |
| 21. | Kuva 1-3; Matayo 14 | ☐ |
| 22. | Kuva 4-6 | ☐ |
| 23. | Kuva 7-8; Matayo 15 | ☐ |
| 24. | Kuva 9-11 | ☐ |
| 25. | Kuva 12-13; Matayo 16 | ☐ |
| 26. | Kuva 14-15; Matayo 17 | ☐ |
| 27. | Kuva 16-18 | ☐ |
| 28. | Kuva 19-20; Matayo 18 | ☐ |

| | | |
|---|---|---|
| 29. | Kuva 21-22; Matayo 19 | ☐ |
| 30. | Kuva 23-24; Matayo 20 | ☐ |
| 31. | Kuva 25-26 | ☐ |
| 32. | Kuva 27-28; Matayo 21 | ☐ |
| 33. | Kuva 29-30 | ☐ |
| 34. | Kuva 31-33 | ☐ |
| 35. | Kuva 34-35; Matayo 22 | ☐ |
| 36. | Kuva 36-38 | ☐ |
| 37. | Kuva 39-40; Matayo 23 | ☐ |
| 38. | Abalewi 1-3 | ☐ |
| 39. | Abalewi 4-5; Matayo 24 | ☐ |
| 40. | Abalewi 6-7; Matayo 25 | ☐ |
| 41. | Abalewi 8-10 | ☐ |
| 42. | Abalewi 11-12 | ☐ |
| 43. | Abalewi 13; Matayo 26 | ☐ |
| 44. | Abalewi 14 | ☐ |
| 45. | Abalewi 15-16 | ☐ |
| 46. | Abalewi 17-18; Matayo 27 | ☐ |
| 47. | Abalewi 19-20 | ☐ |
| 48. | Abalewi 21-22; Matayo 28 | ☐ |
| 49. | Abalewi 23-24 | ☐ |
| 50. | Abalewi 25; Mariko 1 | ☐ |
| 51. | Abalewi 26-27; Mariko 2 | ☐ |
| 52. | Kubara 1-2; Mariko 3 | ☐ |
| 53. | Kubara 3-4 | ☐ |
| 54. | Kubara 5-6; Mariko 4 | ☐ |
| 55. | Kubara 7-8 | ☐ |
| 56. | Kubara 9-11 | ☐ |
| 57. | Kubara 12-14; Mariko 5 | ☐ |
| 58. | Kubara 15-16; Mariko 6 | ☐ |
| 59. | Kubara 17-19 | ☐ |
| 60. | Kubara 20-22 | ☐ |
| 61. | Kubara 23-25; Mariko 7 | ☐ |

62. Kubara 26-28; Mariko 8 ☐
63. Kubara 29-31; Mariko 9 ☐
64. Kubara 32-34 ☐
65. Kubara 35-36; Mariko 10 ☐
66. Gutegeka Kwa Kabiri 1-3 ☐
67. Gutegeka Kwa Kabiri 4-6; Mariko 11 ☐
68. Gutegeka Kwa Kabiri 7-9 ☐
69. Gutegeka Kwa Kabiri 10-12; Mariko 12 ☐
70. Gutegeka Kwa Kabiri 13-15 ☐
71. Gutegeka Kwa Kabiri 16-18; Mariko 13 ☐
72. Gutegeka Kwa Kabiri 19-21 ☐
73. Gutegeka Kwa Kabiri 22-24 ☐
74. Gutegeka Kwa Kabiri 25-27; Mariko 14 ☐
75. Gutegeka Kwa Kabiri 28-29 ☐
76. Gutegeka Kwa Kabiri 30-31; Mariko 15 ☐
77. Gutegeka Kwa Kabiri 32-34 ☐
78. Yosuwa 1-3; Mariko 16 ☐
79. Yosuwa 4-7 ☐
80. Yosuwa 8-10 ☐
81. Yosuwa 11-13 ☐
82. Yosuwa 14-15; Luka 1 ☐
83. Yosuwa 16-18; Luka 2 ☐
84. Yosuwa 19-21 ☐
85. Yosuwa 22-24; Luka 3 ☐
86. Abacamanza 1-3; Luka 4 ☐
87. Abacamanza 4-6 ☐
88. Abacamanza 7-8; Luka 5 ☐
89. Abacamanza 9-10 ☐
90. Abacamanza 11-12; Luka 6 ☐
91. Abacamanza 13-15 ☐
92. Abacamanza 16-18; Luka 7 ☐
93. Abacamanza 19-21 ☐
94. Rusi ☐

| | | |
|---|---|---|
| 95. | 1 Samweli 1-3; Luka 8 | ☐ |
| 96. | 1 Samweli 4-7 | ☐ |
| 97. | 1 Samweli 8-10 | ☐ |
| 98. | 1 Samweli 11-12; Luka 9 | ☐ |
| 99. | 1 Samweli 13-14 | ☐ |
| 100. | 1 Samweli 15-16; Luka 10 | ☐ |
| 101. | 1 Samweli 17-18; Luka 11 | ☐ |
| 102. | 1 Samweli 19-21 | ☐ |
| 103. | 1 Samweli 22-24 | ☐ |
| 104. | 1 Samweli 25-26; Luka 12 | ☐ |
| 105. | 1 Samweli 27-29 | ☐ |
| 106. | 1 Samweli 30-31; Luka 13 | ☐ |
| 107. | 2 Samweli 1-2; Luka 14 | ☐ |
| 108. | 2 Samweli 3-5 | ☐ |
| 109. | 2 Samweli 6-8 | ☐ |
| 110. | 2 Samweli 9-11; Luka 15 | ☐ |
| 111. | 2 Samweli 12-13; Luka 16 | ☐ |
| 112. | 2 Samweli 14-15; Luka 17 | ☐ |
| 113. | 2 Samweli 16-18 | ☐ |
| 114. | 2 Samweli 19-20; Luka 18 | ☐ |
| 115. | 2 Samweli 21-22 | ☐ |
| 116. | 2 Samweli 23-24; Luka 19 | ☐ |
| 117. | 1 Abami 1-2 | ☐ |
| 118. | 1 Abami 3-5; Luka 20 | ☐ |
| 119. | 1 Abami 6-7 | ☐ |
| 120. | 1 Abami 8-9 | ☐ |
| 121. | 1 Abami 10-11; Luka 21 | ☐ |
| 122. | 1 Abami 12-13 | ☐ |
| 123. | 1 Abami 14-15; Luka 22 | ☐ |
| 124. | 1 Abami 16-18 | ☐ |
| 125. | 1 Abami 19-20; Luka 23 | ☐ |
| 126. | 1 Abami 21-22 | ☐ |
| 127. | 2 Abami 1-3 | ☐ |

128. 2 Abami 4-6; Luka 24 ☐
129. 2 Abami 7-9 ☐
130. 2 Abami 10-12; Yohana 1 ☐
131. 2 Abami 13-14; Yohana 2 ☐
132. 2 Abami 15-16; Yohana 3 ☐
133. 2 Abami 17-18 ☐
134. 2 Abami 19-21 ☐
135. 2 Abami 22-23; Yohana 4 ☐
136. 2 Abami 24-25; Yohana 5 ☐
137. 1 Ibyo ku Ngoma 1-3 ☐
138. 1 Ibyo ku Ngoma 4-7 ☐
139. 1 Ibyo ku Ngoma 8-10 ☐
140. 1 Ibyo ku Ngoma 11-12; Yohana 6 ☐
141. 1 Ibyo ku Ngoma 13-15; Yohana 7 ☐
142. 1 Ibyo ku Ngoma 16-18 ☐
143. 1 Ibyo ku Ngoma 19-21; Yohana 8 ☐
144. 1 Ibyo ku Ngoma 22-24 ☐
145. 1 Ibyo ku Ngoma 25-27 ☐
146. 1 Ibyo ku Ngoma 28-29; Yohana 9 ☐
147. 2 Ibyo ku Ngoma 1-3; Yohana 10 ☐
148. 2 Ibyo ku Ngoma 4-6 ☐
149. 2 Ibyo ku Ngoma 7-9 ☐
150. 2 Ibyo ku Ngoma 10-12; Yohana 11 ☐
151. 2 Ibyo ku Ngoma 13-14 ☐
152. 2 Ibyo ku Ngoma 15-16; Yohana 12 ☐
153. 2 Ibyo ku Ngoma 17-18; Yohana 13 ☐
154. 2 Ibyo ku Ngoma 19-20 ☐
155. 2 Ibyo ku Ngoma 21-22; Yohana 14 ☐
156. 2 Ibyo ku Ngoma 23-24; Yohana 15 ☐
157. 2 Ibyo ku Ngoma 25-27; Yohana 16 ☐
158. 2 Ibyo ku Ngoma 28-29; Yohana 17 ☐
159. 2 Ibyo ku Ngoma 30-31; Yohana 18 ☐
160. 2 Ibyo ku Ngoma 32-33 ☐

| | | |
|---|---|---|
| 161. | 2 Ibyo ku Ngoma 34-36; Yohana 19 | ☐ |
| 162. | Ezira 1-2 | ☐ |
| 163. | Ezira 3-5; Yohana 20 | ☐ |
| 164. | Ezira 6-8; Yohana 21 | ☐ |
| 165. | Ezira 9-10; Ibyakozwe n'Intumwa 1 | ☐ |
| 166. | Nehemiya 1-3 | ☐ |
| 167. | Nehemiya 4-6; Ibyakozwe n'Intumwa 2 | ☐ |
| 168. | Nehemiya 7-9; Ibyakozwe n'Intumwa 3 | ☐ |
| 169. | Nehemiya 10-11; Ibyakozwe n'Intumwa 4 | ☐ |
| 170. | Nehemiya 12-13 | ☐ |
| 171. | Esiteri 1-2; Ibyakozwe n'Intumwa 5 | ☐ |
| 172. | Esiteri 3-5 | ☐ |
| 173. | Esiteri 6-8; Ibyakozwe n'Intumwa 6 | ☐ |
| 174. | Esiteri 9-10; Ibyakozwe n'Intumwa 7 | ☐ |
| 175. | Yobu 1-2 | ☐ |
| 176. | Yobu 3-4 | ☐ |
| 177. | Yobu 5-7; Ibyakozwe n'Intumwa 8 | ☐ |
| 178. | Yobu 8-10 | ☐ |
| 179. | Yobu 11-13; Ibyakozwe n'Intumwa 9 | ☐ |
| 180. | Yobu 14-16 | ☐ |
| 181. | Yobu 17-19 | ☐ |
| 182. | Yobu 20-21; Ibyakozwe n'Intumwa 10 | ☐ |
| 183. | Yobu 22-24; Ibyakozwe n'Intumwa 11 | ☐ |
| 184. | Yobu 25-27; Ibyakozwe n'Intumwa 12 | ☐ |
| 185. | Yobu 28-29; Ibyakozwe n'Intumwa 13 | ☐ |
| 186. | Yobu 30-31 | ☐ |
| 187. | Yobu 32-33; Ibyakozwe n'Intumwa 14 | ☐ |
| 188. | Yobu 34-35; Ibyakozwe n'Intumwa 15 | ☐ |
| 189. | Yobu 36-37 | ☐ |
| 190. | Yobu 38-40 | ☐ |
| 191. | Yobu 41-42; Ibyakozwe n'Intumwa 16 | ☐ |
| 192. | Zaburi 1-3; Ibyakozwe n'Intumwa 17 | ☐ |
| 193. | Zaburi 4-6 | ☐ |

194. Zaburi 7-9; Ibyakozwe n'Intumwa 18 ☐
195. Zaburi 10-12 ☐
196. Zaburi 13-15; Ibyakozwe n'Intumwa 19 ☐
197. Zaburi 16-17; Ibyakozwe n'Intumwa 20 ☐
198. Zaburi 18-19 ☐
199. Zaburi 20-22 ☐
200. Zaburi 23-25; Ibyakozwe n'Intumwa 21 ☐
201. Zaburi 26-28; Ibyakozwe n'Intumwa 22 ☐
202. Zaburi 29-30; Ibyakozwe n'Intumwa 23 ☐
203. Zaburi 31-32 ☐
204. Zaburi 33-34; Ibyakozwe n'Intumwa 24 ☐
205. Zaburi 35-36; Ibyakozwe n'Intumwa 25 ☐
206. Zaburi 37-39; Ibyakozwe n'Intumwa 26 ☐
207. Zaburi 40-42; Ibyakozwe n'Intumwa 27 ☐
208. Zaburi 43-45 ☐
209. Zaburi 46-48; Ibyakozwe n'Intumwa 28 ☐
210. Zaburi 49-50; Abaroma 1 ☐
211. Zaburi 51-53; Abaroma 2 ☐
212. Zaburi 54-56; Abaroma 3 ☐
213. Zaburi 57-59; Abaroma 4 ☐
214. Zaburi 60-62; Abaroma 5 ☐
215. Zaburi 63-65; Abaroma 6 ☐
216. Zaburi 66-67; Abaroma 7 ☐
217. Zaburi 68-69 ☐
218. Zaburi 70-71; Abaroma 8 ☐
219. Zaburi 72-73; Abaroma 9 ☐
220. Zaburi 74-76 ☐
221. Zaburi 77-78; Abaroma 10 ☐
222. Zaburi 79-80; Abaroma 11 ☐
223. Zaburi 81-83 ☐
224. Zaburi 84-86; Abaroma 12 ☐
225. Zaburi 87-88; Abaroma 13 ☐
226. Zaburi 89-90; Abaroma 14 ☐

227. Zaburi 91-93; Abaroma 15 ☐
228. Zaburi 94-96 ☐
229. Zaburi 97-99; Abaroma 16 ☐
230. Zaburi 100-102; 1 Abakorinto 1 ☐
231. Zaburi 103-104; 1 Abakorinto 2 ☐
232. Zaburi 105-106; 1 Abakorinto 3 ☐
233. Zaburi 107-109; 1 Abakorinto 4 ☐
234. Zaburi 110-112; 1 Abakorinto 5 ☐
235. Zaburi 113-115; 1 Abakorinto 6 ☐
236. Zaburi 116-118; 1 Abakorinto 7 ☐
237. Zaburi 119 ☐
238. Zaburi 120; 1 Abakorinto 8 ☐
239. Zaburi 121-122; 1 Abakorinto 9 ☐
240. Zaburi 123-125; 1 Abakorinto 10 ☐
241. Zaburi 126-128 ☐
242. Zaburi 129-131; 1 Abakorinto 11 ☐
243. Zaburi 132-134 ☐
244. Zaburi 135-136; 1 Abakorinto 12 ☐
245. Zaburi 137-139; 1 Abakorinto 13 ☐
246. Zaburi 140-142 ☐
247. Zaburi 143-145; 1 Abakorinto 14 ☐
248. Zaburi 146-147; 1 Abakorinto 15 ☐
249. Zaburi 148-150 ☐
250. Imigani 1-2; 1 Abakorinto 16 ☐
251. Imigani 3-5; 2 Abakorinto 1 ☐
252. Imigani 6-7; 2 Abakorinto 2 ☐
253. Imigani 8-9; 2 Abakorinto 3 ☐
254. Imigani 10-12; 2 Abakorinto 4 ☐
255. Imigani 13-15; 2 Abakorinto 5 ☐
256. Imigani 16-18; 2 Abakorinto 6 ☐
257. Imigani 19-21; 2 Abakorinto 7 ☐
258. Imigani 22-24; 2 Abakorinto 8 ☐
259. Imigani 25-26; 2 Abakorinto 9 ☐

260. Imigani 27-29; 2 Abakorinto 10 ☐
261. Imigani 30-31; 2 Abakorinto 11 ☐
262. Umubwiriza 1-3 ☐
263. Umubwiriza 4-6; 2 Abakorinto 12 ☐
264. Umubwiriza 7-9; 2 Abakorinto 13 ☐
265. Umubwiriza 10-12; Abagalatiya 1 ☐
266. Indirimbo ya Salomo 1-3; Abagalatiya 2 ☐
267. Indirimbo ya Salomo 4-5; Abagalatiya 3 ☐
268. Indirimbo ya Salomo 6-8; Abagalatiya 4 ☐
269. Yesaya 1-2; Abagalatiya 5 ☐
270. Yesaya 3-4; Abagalatiya 6 ☐
271. Yesaya 5-6; Abefeso 1 ☐
272. Yesaya 7-8; Abefeso 2 ☐
273. Yesaya 9-10; Abefeso 3 ☐
274. Yesaya 11-13; Abefeso 4 ☐
275. Yesaya 14-16 ☐
276. Yesaya 17-19; Abefeso 5 ☐
277. Yesaya 20-22; Abefeso 6 ☐
278. Yesaya 23-25; Abafilipi 1 ☐
279. Yesaya 26-27; Abafilipi 2 ☐
280. Yesaya 28-29; Abafilipi 3 ☐
281. Yesaya 30-31; Abafilipi 4 ☐
282. Yesaya 32-33; Abakolosayi 1 ☐
283. Yesaya 34-36; Abakolosayi 2 ☐
284. Yesaya 37-38; Abakolosayi 3 ☐
285. Yesaya 39-40; Abakolosayi 4 ☐
286. Yesaya 41-42; 1 Abatesalonike 1 ☐
287. Yesaya 43-44; 1 Abatesalonike 2 ☐
288. Yesaya 45-46; 1 Abatesalonike 3 ☐
289. Yesaya 47-49; 1 Abatesalonike 4 ☐
290. Yesaya 50-52; 1 Abatesalonike 5 ☐
291. Yesaya 53-55; 2 Abatesalonike 1 ☐
292. Yesaya 56-58; 2 Abatesalonike 2 ☐

293. Yesaya 59-61; 2 Abatesalonike 3 ☐
294. Yesaya 62-64; 1 Timoteyo 1 ☐
295. Yesaya 65-66; 1 Timoteyo 2 ☐
296. Yeremiya 1-2; 1 Timoteyo 3 ☐
297. Yeremiya 3-5; 1 Timoteyo 4 ☐
298. Yeremiya 6-8; 1 Timoteyo 5 ☐
299. Yeremiya 9-11; 1 Timoteyo 6 ☐
300. Yeremiya 12-14; 2 Timoteyo 1 ☐
301. Yeremiya 15-17; 2 Timoteyo 2 ☐
302. Yeremiya 18-19; 2 Timoteyo 3 ☐
303. Yeremiya 20-21; 2 Timoteyo 4 ☐
304. Yeremiya 22-23; Tito 1 ☐
305. Yeremiya 24-26; Tito 2 ☐
306. Yeremiya 27-29; Tito 3 ☐
307. Yeremiya 30-31; Filemoni 1 ☐
308. Yeremiya 32-33; Abaheburayo 1 ☐
309. Yeremiya 34-36; Abaheburayo 2 ☐
310. Yeremiya 37-39; Abaheburayo 3 ☐
311. Yeremiya 40-42; Abaheburayo 4 ☐
312. Yeremiya 43-45; Abaheburayo 5 ☐
313. Yeremiya 46-47; Abaheburayo 6 ☐
314. Yeremiya 48-49; Abaheburayo 7 ☐
315. Yeremiya 50; Abaheburayo 8 ☐
316. Yeremiya 51-52; Abaheburayo 9 ☐
317. Amaganya 1-2; Abaheburayo 10 ☐
318. Amaganya 3-5 ☐
319. Ezekiyeli 1-2 ☐
320. Ezekiyeli 3-4; Abaheburayo 11 ☐
321. Ezekiyeli 5-7; Abaheburayo 12 ☐
322. Ezekiyeli 8-10; Abaheburayo 13 ☐
323. Ezekiyeli 11-13; Yakobo 1 ☐
324. Ezekiyeli 14-15; Yakobo 2 ☐
325. Ezekiyeli 16-17; Yakobo 3 ☐

326. Ezekiyeli 18-19; Yakobo 4 ☐
327. Ezekiyeli 20-21; Yakobo 5 ☐
328. Ezekiyeli 22-23; 1 Petero 1 ☐
329. Ezekiyeli 24-26; 1 Petero 2 ☐
330. Ezekiyeli 27-29; 1 Petero 3 ☐
331. Ezekiyeli 30-32; 1 Petero 4 ☐
332. Ezekiyeli 33-34; 1 Petero 5 ☐
333. Ezekiyeli 35-36; 2 Petero 1 ☐
334. Ezekiyeli 37-39; 2 Petero 2 ☐
335. Ezekiyeli 40-41; 2 Petero 3 ☐
336. Ezekiyeli 42-44; 1 Yohana 1 ☐
337. Ezekiyeli 45-46; 1 Yohana 2 ☐
338. Ezekiyeli 47-48; 1 Yohana 3 ☐
339. Daniyeli 1-2; 1 Yohana 4 ☐
340. Daniyeli 3-4; 1 Yohana 5 ☐
341. Daniyeli 5-7; 2 Yohana 1 ☐
342. Daniyeli 8-10; 3 Yohana 1 ☐
343. Daniyeli 11-12; Yuda 1 ☐
344. Hoseya 1-4; Ibyahishuwe 1 ☐
345. Hoseya 5-8; Ibyahishuwe 2 ☐
346. Hoseya 9-11; Ibyahishuwe 3 ☐
347. Hoseya 12-14; Ibyahishuwe 4 ☐
348. Yoweli; Ibyahishuwe 5 ☐
349. Amosi 1-3; Ibyahishuwe 6 ☐
350. Amosi 4-6; Ibyahishuwe 7 ☐
351. Amosi 7-9; Ibyahishuwe 8 ☐
352. Obadiya; Ibyahishuwe 9 ☐
353. Yona; Ibyahishuwe 10 ☐
354. Mika 1-3; Ibyahishuwe 11 ☐
355. Mika 4-5; Ibyahishuwe 12 ☐
356. Mika 6-7; Ibyahishuwe 13 ☐
357. Nahumu; Ibyahishuwe 14 ☐
358. Habakuki; Ibyahishuwe 15 ☐

359. Zefaniya; Ibyahishuwe 16 ☐
360. Hagayi; Ibyahishuwe 17 ☐
361. Zekariya 1-4; Ibyahishuwe 18 ☐
362. Zekariya 5-8; Ibyahishuwe 19 ☐
363. Zekariya 9-12; Ibyahishuwe 20 ☐
364. Zekariya 13-14; Ibyahishuwe 21 ☐
365. Malaki 1-4; Ibyahishuwe 22 ☐

# IBYEREKEYE ABANDITSI

## ANDREW WOMMACK

Uhereye igihe umurimo Andrew Wommack Ministries Inc. watangiriye mu 1978, Andrew yakomeje kugaragaza ukuri guherereye mu ijambo ry'Imana mu buryo bworoheje ariko busobanutse, binyuze mu iyerekwa ry' ubumenyi no gusigwa yahawe n'Umwami. Aho ajya hose, gushimangira kwe guhebuje ku ijambo ry'Imana bibohora abantu ku byaha no ku gukiranuka abantu bishyiriyeho, akenshi ibimenyetso n'ibitangaza bigakurikira. Andrew yari umushumba w'amatorero atatu, kandi aracyakomeza gusohoza umuhamagaro w'Imana ku buzima bwe yigisha umubiri wa Kristo inkuru nziza y'umubano dufite muri Yesu Kristo.

## DON KROW

Don yifatanije na Andrew mu murimo w'Imana mu 1975. Akaba yarakorega muri New Mexico, Texas, na Oklahoma mbere yuko aza mu itsinda rikora uyu murimo umunsi ku w'undi mu 1988 nk'umukozi wungirije muri uyu murimo wa Andrew Wommack Ministries Inc. Mu 1994, yabaye umwarimu mu ishuri rya Bibiliya ryitwa Charis. Mu itangiriro z'imyaka ya 1990 Don yashinze umuryango witwa the collection for saints benevolence ministries, ari nawo waje guhuzwa n'umurimo w'ivugabutumwa ryo guhindura abantu abigishwa ritanga ibikoresho byo guhindura abantu abigishwa ndetse no gukora ubugwaneza cyane cyane ku bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere.

# IVUGABUTUMWA RY'ABIGISHWA

# ICYICIRO CYA 3

**Byanditswe na**

**Andrew Wommack hamwe na Don Krow**

**Andrew Wommack Ministries**
**Woodland Park, Colorado**

Andrew Wommack Ministries, Inc.
PO Box 3333
Colorado Springs 80934-3333
www.awmi.net

Keretse hari ukundi bigaragaye, Ibyanditswe byose byavanywe muri Bibiliya Yera.

**Ivugabutumwa ry' abigishwa**

**Icyiciro cya 3**

**©2018 Na Andrew Wommack Ministries, Inc.**

**ISBN**

Uburenganzira bw'abanditse iki gitabo bugengwa n'itegeko mpuzamahanga ry'inyandiko.Biremewe gukoresha iki gitabo cyangwa kugifotoza, mu gihe hagamijwe kwigisha kandi kigakwirakwizwa nta kiguzi.

# IBIRIMO

**IRIBURIRO KU CYICIRO CYA 3 .....v**

**1. KUBA UMUYOBORO W'IMANA .....7**

**2. GUKORESHA IMPANO MU MURIMO .....14**

**3. IBITANGAZA BIHESHA IMANA ICYUBAHIRO.....25**

**4. IMBARAGA ZO GUSABANA N'ABUBAHA IMANA ....33**

**5. AKARENGANE.....38**

**6. UMWAMI N'UBWAMI BWE.....45**

**7. INTEGO YO KWIZERA KUDUHESHA AGAKIZA .....54**

**8. UBURYO NYABWO BWO GUKORESHAMO AMATEGEKO Y'IMANA .....59**

**9. NTIDUTWARWA N'AMATEGEKO, AHUBWO DUTWARWA N'UBUNTU .....67**

**10. NTA MUTIMA WO KWIBARAHO ICYAHA .....74**

**11. NDAKUNZWE, NDI MWIZA.....82**

**12. IMBUTO Y'AGAKIZA (Igice cya 1).....88**

**13. IMBUTO Y'AGAKIZA (Igice 2).....97**

**14. GUHAMAGARIRWA KUBA UMWIGISHWA .....104**

**15. UKO WAKORESHA UBUHAMYA BWAWE.....112**

**16. GUKORESHA IMPANO YA BURI MUNTU MU GUHINDURA ABIGISHWA .....122**

**IBISUBIZO BY'IBANZE KU MASOMO.....132**

**AKIRA YESU NK'UMUKIZA WAWE.....162**

**AKIRA UMWUKA WERA .....163**

**GAHUNDA YO GUSOMA IBYANDITSWE.....164**

**IBYEREKEYE ABANDITSI.....176**

# IRIBURIRO KU CYICIRO CYA 3

Uhawe ikaze mu cyiciro cya 3 kigize ibyiciro 3 by' igitabo ngenderwaho cy' ivugabutumwa ry' abigishwa n'imyitozo bijyanye.

Iyi gahunda ihebuje ikozwe ku bufatanye bw'inyigisho za Andrew Wommack na Don Krow, ikaba yarakozwe mu rwego rwo kuba igikoresho cy'ibanze mu guhindura abantu abigishwa. Iyi gahunda kandi yakoreshwa buri hantu aho ariho hose no kuri buri muntu. Uhereye ku bantu, ku matsinda mato, amatorero, amashuri, n'ibiterane, iyi gahunda izahindura abasomyi bayo.

Ibikubiye muri iyi gahunda y'amasomo 48 bigabanyijemo ibyiciro bitatu byihariye, bitanga isomo ryanditse, ibyanditswe bijyanye naryo, ibibazo hamwe n'ibisubizo. Imana yatubwiye guhindura abantu abigishwa, atari abihana gusa, (Matayo 28:19) kandi iyi gahunda izahindura umuntu wari ukijijwe imugire umwigishwa, imuvane ku rwego rwo kuba umwigishwa, ahinduke uhindura abandi kuba abigishwa.

Iki cyiciro cya gatatu cy'amasomo 16, kirakwereka byimbitse ukuri kw'ibanze kwa bibiliya kigufashe kugira ubusobanuro buboneye ku rukundo rw'Imana, n'ubuntu kuri wowe kandi ntacyo igusabye. Byongeyeho, harimo inyandiko ebyiri zitanga imiyoboro ibiri ya ngombwa, imwe ivuga 'Uburyo wakira Yesu nk'Umukiza wawe' iya kabiri ikavuga 'uburyo wakira Umwuka Wera'. Ikindi, ni uko twashyizemo gahunda yo gusoma bibiliya mu mezi 12 kugira ngo ubashe gusoma ijambo ry'Imana ryose.

Iki gikoresho kiri gukoreshwa ku isi yose mu guhindura

abantu n'amoko atandukanye kandi kiraboneka mu ndimi nyinshi, nta kiguzi ukaba wagikura ku rubuga rwa internet www.awmi.net/demo/downloads, kiri muri PDF ndetse no muri app za Android n'iza Apple. Imana iguhe umugisha mwinshi ubwo utangiye uru rugendo rwo kuvumbura.

## ISOMO 1

# KUBA UMUYOBORO W'IMANA

### Na Andrew Wommack

Ndashaka kuvuga ku kuntu watangira kwemera kuba umuyoboro w'Imana, ikakunyuramo ngo ikore umurimo wayo mu bandi bantu. Ufite imbaraga n'amavuta y'Imana muri wowe, ariko se ni gute uyageza ku bandi? Hari ibyanditswe byinshi twaheraho. Muri Filemoni 6, Pawulo arasenga ngo *Kugira ngo gusangira ko kwizera kwawe kubabere ukugira akamaro, ku bwo kumenya icyiza cyose kiri muri twe duheshwa no kuba muri Kristo.* Intambwe ya mbere yo gutuma imbaraga z'Imana zikunyuramo ngo zigere ku bandi n'uko ubanza ukamenya ibintu byiza bikurimo. Ntabwo watanga ibyo udafite, ahubwo iyo umaze kumenya ibyo wifitemo, bihita bitangira kwigaragaza ubwabyo. Uzatangira gusangiza abandi ibyishimo byawe, utange ubuhamya bw'ibyo Imana yakoze mu buzima bwawe, kandi ako kanya abantu bamwe bazafashwa.

Muri 1 Yohana 4:7-8 haravuga ngo, *Bakundwa, dukundane kuko urukundo ruva ku Mana. Umuntu wese ukunda yabyawe n'Imana kandi azi Imana. Udakunda ntazi Imana kuko Imana ari urukundo.* Igihe cyose wumva ufitiye umuntu urukundo, biba ari Imana iba irimo gushaka kugira icyo imukorera ikunyuzemo. Mu by'ukuri hari amagambo ane yibanze asobanura "*urukundo*" mu rurimi rw'Ikigiriki, irya mbere rirenze ayandi, ni urukundo rwa **agape**, ni urukundo rudasanzwe rw'Imana. Ukwiriye kumenya itandukaniro riri hagati yo gukururwa, cyangwa kwifuza ufitiye umuntu n'uru rukundo rudasanzwe kandi ruhebuje, rw'Imana. Igihe cyose wumvise urukundo rw'Imana rukuganisha ku

muntu runaka, ntabwo ruba rugamije inyungu zawe bwite. Ibi wabisuzumira muri 1Abakorinto 13:4-8, haduha ibintu bigaragaza urukundo rw'Imana. Urukundo rurihangana,rukagira neza, ntirugira ishyari, ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, etc. Ukwiriye gusuzuma ibyo wita urukundo ukareba neza ko ari urukundo rw'Imana nyarwo - rutikunda cyangwa rwishakira ibyarwo - ko udakunda umuntu bitewe nibyo yagukorera. Uko urushaho gukura muri ibi ukamenya kurondora urukundo rwayo, noneho ukumva rukuganisha ku wundi muntu, menya ko iyo iba ari Imana irimo gukora. Igihe umenye ko urukundo rw'Imana ruri kukuganisha ku muntu, icyo ukwiriye gukora ni ukurukurikiza amagambo yo kumukomeza cyangwa igikorwa - gira icyo ukora.

Hari ibihe nabaga ndi gusenga noneho hakagira umuntu uza mu bitekerezo byanjye, ngahita numva urukundo rw'Imana n'impuhwe kuri uwo muntu. Nta mpamvu nimwe yabaga iteye ibi; byabaga ari ibidasanzwe. Nize rero guhita muhamagara, cyangwa nkamwandikira urwandiko, cyangwa nkamugeraho mu bundi buryo. Akenshi buri gihe uwo muntu yahitaga avuga, ngo "Iyo ni Imana yakuvugiyemo ikuntumaho, kandi yakoze ku buzima bwanjye kubera ibyo". Uzi icyatumye ibyo bibaho? Byabayeho kuko numvise urwo rukundo, izo mpuhwe z'imana zinganisha kuri uwo muntu. Ubu rero iyo mbyumvise, menya ko atari jyewe – ko ahubwo ari Imana. Imana ni urukundo, kandi iyo nkunze abantu, iba ari Imana ibakunze inyuzemo. Ubwo nibwo buryo Yesu yakoraga umurimo. Matayo 14:14 haravuga ngo, *Yomotse abona abantu benshi arababababarira, abakiriza abarwayi.* Imbaraga z'Imana zakoreraga muri Yesu binyuze mu mpuhwe n'urukundo yumvaga afitiye abantu yafashaga. Muri Matayo 8:2-3 umuntu wari ufite ibibembe, uhumanye, utarakorwagaho nkuko amategeko y'abayuda yabisabaga (nta numwe wamwegeraga, kugira ngo hatagira uwandura nawe agahumana) yazamuye ijwi

rye ahamagarira Yesu kure, *Mwami, washaka wabasha kunkiza. Arambura ukuboko amukoraho ati Ndabishaka; kira. Uwo mwanya ibibembe bye birakira.* Yakoreshejwe n'impuhwe kuri uyu muntu wari ufite ibibembe amukoraho. Uko uzagenda wiga ibyanditswe uzasanga izi mpuhwe, uru rukundo rw'Imana ahantu henshi. Ntabwo ari amarangamutima gusa, ahubwo ni impuhwe ziba zitunyuramo.

Igihe Yesu yari ku musaraba, yakunze abantu bari bamwegereye cyane ku buryo yavuze, ngo *Data, ubabarire kuko batazi icyo bakora.* (Luka 23:34). Aba bari barimo kumubamba, ariko we abagirira impuhwe asaba Imana ngo ibababarire. Turabizi ko atigeze asesa urumeza - Ntabwo byari uko yiyumvaga cyangwa amarangamutima - byari guhitamo. Ariko kandi, yumvise izo mpuhwe hanyuma azigeza ku bandi bantu. Buri muntu wavutse ubwa kabiri afite Imana imubamo. Dukurikije umurongo twahereyeho, 1 Yohana 4:8, Imana ni urukundo, kandi irashaka kukunyuramo kugira ngo igere ku bandi bantu. Mu kubikora, izaguha impuhwe zayo. Uzazumva zikuganisha ku bandi. Nuzumva ukwiriye kugira icyo ukora.

Ntabwo bigusaba guhora ukora ibihambaye. Ntabwo ari ngombwa ko uvuga ngo "uku niko Imana ivuze." Rimwe na rimwe niwumva hari umuntu ugiriye impuhwe, jya ugenda umuhobere hanyuma uvuge ngo, "Imana iragukunda nanjye kandi ndagukunda." Ndabizi ibi byambayeho ubwo nababazwaga, nari ngiye kureka itorero. Abantu bari barambeshyeye, hari n'umuntu wari wanteye ubwoba ko azanyica. Numvaga ncitse intege, nkibwira ngo "Mana bimaze iki? Nta muntu ushima ibyo ngerageza gukora." Mu gihe narwanyaga Satani kuri ibi, inshuti yari iri kure irampamagara. Yavuze iminota micye, hanyuma ndamubaza nti "uhamagariye iki?" Arasubiza ati, "Nahamagaye kugira ngo nkumenyeshe ko ngukunda. Nari ndi gusenga numva

urukundo rw'Imana rukunyoboyeho. Ndakwishimira" Ayo niyo magambo yonyine yavuze. Nta kintu na kimwe yari azi ku byabaga mu buzima bwanjye. Ariko Imana yakoresheje ibyo. Namenye ko ari Imana yangaragarizaga urukundo inyuze muri uwo muntu, byangumishije mu murimo bihindura ubuzima bwanjye.

Ntibisaba ko biba biremereye cyangwa ijambo rihambaye. Imana ni urukundo, rero buri uko urondoye ko urukundo ruri kugutembamo, biba bivuye ku Mana … biba ari ubuzima bw'Imana. Iyo ubyumvise, ukwiriye guhita ubikurikirana. Jyenda ugire icyo ukora, gira icyo uvuga, gira uwo ubera umugisha. Imana izagushyira amagambo mu kanwa kawe. Izagukoresha, kandi izabohora abantu uko ugenda usunikwa n'impuhwe ukora umurimo mu bakuri hafi.

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA

Icyitonderwa: Muri iri somo turi busuzume uko twareka ibyo Imana yadushyizemo bikagera ku bandi.

1. Soma Filemoni 1:6. Ni iyihe ntambwe ya mbere mu kwemerera Imana kuyibera umuyoboro? _____
   _____

   **Filemoni 1:6** *Kugira ngo gusangira ko kwizera kwawe kubabere ukugira akamaro, ku bwo kumenya icyiza cyose kiri muri twe duheshwa no kuba muri Kristo.*

2. Soma 1 Yohana 4:7-8. Ni iyihe soko nyayo yo gukunda abandi?
   _____

   **1 Yohana 4:7-8** *Bakundwa, dukundane kuko urukundo ruva ku Mana. Umuntu wese ukunda yabyawe n'Imana kandi azi Imana. [8] Udakunda ntazi Imana kuko Imana ari urukundo.*

3. Andrew avuga ko, "Igihe wumvise urukundo rugutembamo, iyo aba ari Imana igukoreramo." Ni iyihe nteruro muri 1 Yohana 4:7 yerekana uko kuri? _____
   _____

   **1 Yohana 4:7-8** *Bakundwa, dukundane kuko urukundo ruva ku Mana. Umuntu wese ukunda yabyawe n'Imana kandi azi Imana.*

4. Soma 1 Abakorinto 13:4-8. Ni ibiki byerekana urukundo rw'Imana? _____
   _____
   _____
   _____

**1 Abakorinto 13:4-8** *Urukundo rurihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, [5] Ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu, [6] Ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi ahubwo rwishimira ukuri, [7] Rubabarira byose, rwizera byose, rwiringira byose, rwihanganira byose. [8] Urukundo ntabwo ruzashira. Guhanura kuzarangizwa no kuvuga izindi ndimi kuzagira iherezo, ubwenge nabwo buzakurwaho.*

5. Soma Matayo 14:14. Ni iki cyasukigaga Yesu ngo afashe abandi?

_____

_____

_____

**Matayo 14:14** *Yomotse abona abantu benshi arababababarira, abakiriza abarwayi.*

6. Soma Matayo 25:37-40. Mu gihe tugaragariza abandi urukundo n'impuhwe, mu by'ukuri ni nde tuba dukunze kandi twitayeho?

_____

**Matayo 25:37-40** *Abakiranutsi bazamubaza bati 'Mwami, twakubonye ryari ushonje turagufungurira, cyangwa ufite inyota tuguha icyo unywa? [38] Kandi twakubonye ryari uri umushyitsi turagucumbikira, cyangwa wambaye ubusa turakwambika? [39] Kandi twakubonye ryari urwaye, cyangwa uri mu nzu y'imbohe tuza kugusura? [40] Umwami azabasubiza ati 'Ndababwira ukuri yuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ari jye mwabikoreye.'*

**Abaheburayo 6:10** *Kuko Imana idakiranirwa ngo yibagirwe imirimo yanyu n'urukundo mwerekanye ko mukunze izina ryayo, kuko mwabakoreraga na none mukaba mukibakorera.*

## ISOMO 2

# GUKORESHA IMPANO MU MURIMO

### Na Andrew Wommack

Uyu munsi turavuga ku buryo wafata urukundo rw'Imana wakiriye ukarusangiza abantu - uko ukwiriye kuba umukozi ufitiye umumaro abandi. Muri 1 Petero 4:11 *haravuga ngo, "umuntu navuga avuge nk'ubwirijwe n'Imana.* Ijambo "ubwirijwe n'Imana" rituruka mu isezerano rya cyera igihe bari bafite ahera h'ahera bagashyira Ijambo ry'Imana mu isanduku y'isezerano. Ibyo byari ibivuzwe n'Imana" rero iyo havuga ngo "vuga nk'ubwirijwe n'Imana" bisobanuye ngo vuga nk'aho uri akanwa k'imana. Vuga nkaho uri kuvuga ibivuye ku mana. Uyu murongo urakomeza, *nagabura ibyayo abigabure nk'ufite imbaraga Imana itanga, kugira ngo Imana ihimbazwe muri byose, ku bwa Yesu Kristo nyir'icyubahiro n'ubutware, iteka ryose.* Ibi bivuze ko ukwiriye gukora umurimo mu bantu, udakoresheje ubushobozi bwawe, ahubwo ukoresheje ubushobozi Imana itanga.

Kimwe mu bintu byiza by'ubuzima bwa gikristo nuko atari njye cyangwa wowe ugira icyo aha abantu cyangwa abasangiza abikoresheje ubushobozi bwe, ahubwo Imana ubwayo iraza igatura muri twe. Itangira kuvuga ituvugiramo hanyuma igakora itunyuzemo. Byashoboka ko twuzura Imana tukagira n'umwuka w'Imana ukora utunyuzemo. Uko dutangiye kugeza ku bandi ibiturimo, dukwiriye kwibuka ko ibi aribyo byitwa impano z'Umwuka kandi uyu niwo mumaro wazo. Imana ifata buri muntu mu mubiri wa Kristo ikamuha impano yihariye. Muri 1 Abakorinto 12 haravuga ngo buri muntu yahawe impano zitandukanye

bijyanye n'ubushake bw'Imana. Ku murongo wa 4-6 haravuga ngo, "*Icyakora hariho impano z'uburyo bwinshi ariko Umwuka ni umwe. Kandi hariho uburyo bwinshi bwo kugabura iby'Imana, ariko Umwami ni umwe. Hariho n'uburyo bwinshi [butandukanye] bwo kuyobora [gukoramo umurimo] bwo gukoramo,[imikorere] ariko Imana ikorera byose muri bose ni imwe" (udukubo ni utwanjye).* Ibi bivuze ko Imana ikora ibi bintu muri twese, nkuko umurongo wa 7 uvuga, *Umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bose bafashwe: cyangwa buri wese afashwe.*

Iyi mirongo iravuze ngo Imana yashyize ubushobozi budasanzwe muri buri muntu. Ushobora kuba utabyumva, ushobora no kuba utabizi, ariko iri ni isezerano ry'Ijambo ry'Imana. Niba umaze kugera aha muri izi nyigisho zo guhinduka kuba umwigishwa n'umuvugabutumwa, niba waragize Yesu Umwami wawe, niba waramenye uko wakira iby'Imana ukaba waratangiye kubikoresha mu buzima bwawe, ubu nakwizeza ko imbaraga z'Umwuka Wera zigukoreramo. Ufite ibitangaza by'abandi imbere muri wowe. Imana yagushyizemo imbuto y'igitangaza cy'umuntu runaka. Ni wowe ugomba kuyisohora kugira ngo igere mu buzima bwabo. Ibyanditswe biravuga ngo ibi byahawe buri muntu abiheshejwe n'Umwuka Wera. Nta muntu numwe wasigaye. Impano icyenda zitandukanye ziranditse mu 1 Abakorinto 12, nk'ijambo ry'ubwenge, ijambo ryo kumenya, kugenzura imyuka, gukora ibitanganza, impano zo gukiza, etc. Hari izindi mpano zivugwa mu Baroma 12, ntafitiye umwanya wo kuvugaho. Ukwiriye kuziga ubwawe kandi ukamenya ko buri muntu yasizwe n' Umwuka Wera imbere muri we - impano yihariye – ngo abashe gufasha abandi. Urugero, buri muntu ntazashobora gukora umurimo nkuko nywukora. Ushobora kuba udafite impano yo kwigisha, ariko buri muntu mu mubiri wa Kristo yashobora kwigisha asangiza undi muntu kwizera kwe. Hari abantu bahamagariwe by'umwihariko kwigisha, abantu bahamagariwe kubwiriza no gushumba amatorero. Indi mpano

yanditswe mu Baroma 12 iravuga ngo hari abahawe impano yo kwakira abantu. Benshi muri mwe mushobora kugira ubushobozi, cyangwa impano, ukaba utayizi. Ukaba ufite icyifuzo cyo kugira uwo ubera umugisha. Ushobora kuba uri umuntu woroherwa no kwinjira ahantu ugahita ubona abantu basa nk'abarwaye. Ukumva urabakunze, ukamenya ibyo bari kunyuramo, ukumva wifuza ko boroherwa ndetse ko wabaganiriza Ijambo ry'Imana. Wari uziko iyo ari impano idasanzwe y'Imana?

Abaroma 12 haravuga ngo hari abahamagariwe impano yo gutanga, ubushobozi bwo gushaka amafaranga bagatanga kugira ngo bashyigikire ubutumwa. Iyo niyo mpano yabo, umuhamagaro wabo nyawo mu buzima, kandi bamwe muri mwe mushobora kuba mwarahamagariwe ibyo. Bamwe muri mwe mufite impano yo gukomeza abandi. Abandi bafite impano y'ubuyobozi, ikunze kwitwa impano yo gufasha mu itorero. Hari ibintu byinshi byakorwa, bidakorewe mu itorero gusa, ahubwo ari buri munsi uko uhura n'abantu. Hari bamwe muri mwe bafite ubushobozi bwo gusubizamo intege abananiwe, ikintu jye ntabasha gukora mu kwigisha ijambo gusa. Ufite ubushobozi budasanzwe bwo guhobera umuntu, ukamuhesha umugisha, ukanamukomeza. Icyo nshaka kuvuga ni uko udakwiriye kubona ibyo nk' ibintu bisanzwe, ngo uvuge ngo "uku niko nteye." Ushobora kuba warishyize mu rwego rw'abantu bateye gutyo, nyamara ubwo ari ubushobozi budasanzwe Imana yagushyizemo buguha impano, ubuhanga n'imitekerereze ituma urazwa inshinga no kugira ibyo ukora.

Mu gihe urimo gukora umurimo mu bantu, ibyanditswe biravuga ngo ukwiriye kuba ukora ibintu Imana yashyize imbere muri wowe. Twese tugomba kuba abakozi b'Imana, byaba aribyo dukora nk'umuhamagaro byonyine, byaba ari ku mirimo yacu, cyangwa aho twaba turi hose. Iyo ubikoreye abaturanyi bawe cyangwa aho ucururiza, ukwiriye kubikoresha ubushobozi Imana

iguha, utabikoresheje ubushobozi bwawe. Rero, ndagukangurira gushaka Imana, kugira ngo umenye Impano yagushyizemo, kandi ntuziteshe agaciro nusanga utarahamagariwe imwe mu mpano wakora nk'umurimo uhoraho. Menya ko Umwuka Wera yashyize muri buri muntu muri mwe ubushobozi budasanzwe, hanyuma ukore umurimo mu bantu ukoresheje impano Imana yagushyizemo.

Bizatwara umwanya no kubyitoza. Ku nshuro ya mbere ntuzabikora neza, rero ntuzatinye kubyitoza. Niba ukoze ikosa, Imana ntabwo izava ku ntebe yayo ngo igwe, kandi abantu bazabona ukuri k'umutima wawe. Urukundo rwawe ruzabakoraho nubwo utazabikora neza. Tangira ukore umurimo mu bantu. Menya ko wahawe impano n'Imana utangire ukoreshe ubushobozi budasanzwe yaguhaye mu bandi.

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA

1. Soma 1 Petero 4:11. Tugomba gukora umurimo mu bushobozi bwa nde? _____

   **1 Petero 4:11** *Umuntu navuga avuge nk'ubwirijwe n'Imana, nagabura ibyayo abigabure nk'ufite imbaraga Imana itanga, kugira ngo Imana ihimbazwe muri byose, ku bwa Yesu Kristo nyir'icyubahiro n'ubutware, iteka ryose. Amen.*

2. Soma 1 Abakorinto 12:4. Hariho impano z'Umwuka z'uburyo bwinshi, ariko se ni nde soko yazo? _____
   _____
   _____

   **1 Abakorinto 12:4** *Icyakora hariho impano z'uburyo bwinshi, ariko Umwuka ni umwe.*

3. Soma 1 Abakorinto 12:6. Hitamo interuro nzima.

   **1 Abakorinto 12:6** *Hariho n'uburyo bwinshi bwo gukora ariko Imana ikorera byose muri bose ni imwe.*

   A. Imana ikora mu buryo bumwe.
   B. Hariho uburyo butandukanye Imana ikorera mu bantu.
   C. Imana ikorera m'ubwiriza gusa.

4. Soma 1 Abakorinto 12:7. Kubaho k'Umwuka Wera n'impano z'Umwuka zihabwa buri wese ku nyungu za bose. Yego cyangwa Oya. _____

   **1 Abakorinto 12:7** *Umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bose bafashwe.*

5. Soma 1 Abakorinto 12:8-10 Andika unasobanure zimwe mu mpano z'umwuka Imana iha abantu. _____

**1 Abakorinto 12:8-10** *[8] Umwe aheshwa ijambo ry'ubwenge n'Umwuka, undi agaheshwa n'uwo Mwuka ijambo ryo kumenya, [9] undi agaheshwa n'uwo Mwuka impano yo gukiza indwara; [10] Undi agahabwa gukora ibitangaza, undi agahabwa kurobanura imyuka, undi agahabwa kuvuga indimi.*

6. Soma Abaroma 12:6-8. Sobanura impano z'Umwuka Wera zanditse hano Imana iha abantu. _____

**Abaroma 12:6-8** *Nuko kuko dufite impano zitandukanye nk'uko ubuntu twahawe buri, niba twarahawe ubuhanuzi duhanure uko kwizera kwacu kungana, [7] cyangwa niba twarahawe umurimo wo kugabura iby'Imana tugire umwete wo kubigabura, cyangwa uwigisha agire umwete wo kwigisha, [8] cyangwa uhugura agire umwete wo guhugura. Ugira ubuntu abugire atikanyiza, utwara atwarane umwete, ugira imbabazi azigire anezerewe.*

7. Haba hari zimwe muri izi mpano zigukoreramo? Niba aribyo ni izihe mpano?

8. Soma 1 Abakorinto 12:7. Ni nde ugomba kungukira muri izi mpano? _____
_____
_____

**1 Abakorinto 12:7** *Umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bose bafashwe.*

## IBYANDITSWE BY'INYONGERA KU ISOMO RYA KABIRI

**Ibyakozwe n'intumwa 27:21-25** *Kandi bamaze iminsi myinshi batarya, Pawulo ahagarara muri bo hagati arababwira ati "Yemwe bagabo, mwari mukwiriye kunyumvira ntimuve i Kirete, ngo mutabona ibi byago no gupfusha ibyanyu. [22] Kandi none ndabakomeza, nimuhumure kuko muri mwe hatazapfa n'umwe keretse inkuge, [23] Kuko iri joro iruhande rwanjye hahagaze marayika w'Imana, ndi uwayo nyikorera. [24] Akambwira ati 'Pawulo, witinya ukwiriye guhagarara imbere ya Kayisari kandi dore Imana iguhaye n'abo mugendana bose'. [25] Nuko nizeye Imana yuko bizaba uko nabwiwe.*

**Ibyakozwe n'Intumwa 9:11-12** *Umwami aramubwira ati Haguruka ujye mu nzira yitwa Igororotse, ushakire mu nzu ya Yuda umuntu witwa Sawuli w'i Taruso, kuko ubu ngubu asenga. [12] Kandi na we abonye mu iyerekwa umuntu witwa Ananiya yinjira, amurambikaho ibiganza kugira ngo ahumuke.*

**1 Abakorinto 13:2** *Kandi nubwo nagira impano yo guhanura nkamenya ibihishwe byose n'ubwenge bwose, kandi nubwo nagira kwizera kose nkabasha gukuraho imisozi, ariko singire urukundo ntacyo mba ndicyo.*

**Mariko 16:18** – *Bazafata inzoka, kandi nibanywa ikintu cyica ntacyo kizabatwara na hato, bazarambika ibiganza ku barwayi bakire.*

**Abaheburayo 2:3-4** *Twebweho tuzarokoka dute nitwirengagiza agakiza gakomeye gatyo, kabanje kuvugwa n'Umwami wacu natwe tukagahamirizwa n'abamwumvise, [4] Imana ifatanije nabo guhamya ihamirisha ibimenyetso n'ibitangaza n'imirimo ikomeye y'uburyo bwinshi, n'impano z'Umwuka Wera zagabwe nk'uko yabishatse?*

**Ibyakozwe n'Intumwa 11:27-28** *Muri iyo minsi abahanuzi bava i Yerusalemu, bajya muri Antiyokiya. [28] Nuko umwe muri bo witwaga Agabo, arahaguruka arahanura abwirijwe n'Umwuka ati "inzara nyinshi izatera mu isi yose" (Ni yo yateye ku ngoma ya Kilawudiyo).*

**1 Abakorinto 14:3** *Ariko uhanura we abwira abantu ibyo kubungura n'ibyo kubahugura, n'ibyo kubahumuriza.*

**Ibyakozwe n'Intumwa 16:16-18** *Bukeye tujya aho basengera, duhura n'umuja uragura utewe na dayimoni, yungukiraga ba shebuja cyane n'ingemu. [17] Uwo akurikira Pawulo natwe arasakuza ati Aba bantu ni abagaragu b'Imana Isumbabyose, kandi barababwira inzira y'agakiza [18] Iminsi myinshi agumya kubigenza atyo. Ariko Pawulo abonye ko amurembeje, arahindukira abwira dayimoni ati "Ndagutegetse mu izina rya Yesu Kristo, muvemo! Amuvamo muri ako kanya.*

**Ibyakozwe 2:4-11** *Bose buzuzwa Umwuka Wera, batangira kuvuga izindi ndimi nk'uko Umwuka yabahaye kuzivuga. [5] Muri Yerusalemu habaga Abayuda b'abaturage b'abanyadini, bari baraturutse mu mahanga yose ari munsi y'ijuru. [6] Uwo muriri ubaye abantu benshi baraterana, batangazwa n'uko umuntu wese yumvise ba bandi bavuga arurimi rw'iwabo. [7] Barumirwa bose baratangara bati Mbese aba bose bavuga si Abanyagalilaya? [8] None se ni iki gitumye twese tubumva bavuga indimi z'iwacu za kavukire? [9] Kandi turi Abapariti n'abamedi n'abanyelamu, n'abatuye i Mesepotamiya n'I Yudaya, n'I Kapadokiya n'i Ponto no muri Asiya, [10] n'i Furugiya n'i Pamfiliya no muri Egiputa, no mu gihugu cy'i Libiya gihereranye n'i Kurene, n'Abroma b'abashyitsi n'abayuda n'abakomeza idini yabo, [11] Kandi n'Abakirete n'Abarabu, turabumva bavuga ibitangaza by'Imana mu ndimi z'iwacu."*

**1 Abakorinto 14:13-14** *Nuko uvuga ururimi rutamenyekana asabe, kugira ngo ahabwe no gusobanura. Iyo Nsenga mu rurimi rutamenyekana umwuka wanjye urasenga, ariko ubwo bwenge bwanjye ntibugira icyo bwungura abandi.*

**Abaroma 12:6-8** *Nuko kuko dufite impano zitandukanye nk'uko Ubuntu twahawe buri, niba twarahawe ubuhanuzi duhanure uko kwizera kwacu kungana, [7] cyangwa niba twarahawe umurimo wo kugabura iby'Imana tugire umwete wo kubigabura, [8] Cyangwa uhugura agire umwete wo guhugura.*

**2 Timoteyo 4:11** *Luka niwe nyine ukiri kumwe nanjye. Shaka Mariko umuzane, kuko angirira umumaro wo ku kunkorera.*

**Ibyakozwe n'Intumwa 13:1** *Mu Itorero ryo muri Antiyokiya hariho abahanuzi n'abigisha,ari bo Barinaba na Simoni witwaga Nigeru, na Lukiyosi w'Umunyakerene na Manayeni wareranywe n'Umwami Herodi, hariho na Sawuli.*

**Ibyakozwe n'Intumwa 13:15** *Bamaze gusoma mu mategeko no mu byahanuwe, abakuru b'isinagogi babatumaho bati "Bagabo bene Data, niba mufite amagambo yo guhugura abantu nimuyatubwire.*

**Imigani 22:9** *Urebana ibambe azahirwa, Kuko agaburira umukene ibyokurya bye.*

**Ibyakozwe n'Intumwa 20:28** *Mwirinde ubwanyu, murinde n'umukumbi wose Umwuka Wera yabashyiriyeho kuba abarinzi, kugira ngo muragire Itorero ry'Imana, iryo yaguze amaraso yayo*

**Matayo 5:7** *Hahirwa abanyambabazi kuko ari bo bazazigirirwa.*

**1 Abakorinto 12:7** *Umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bose bafashwe.*

## ISOMO 3

# IBITANGAZA BIHESHA IMANA ICYUBAHIRO

### Na Andrew Wommack

Twavuze ku kugendera mu mbaraga z'Imana no ku gukora umurimo mu bandi dukoresheje impano iduha. Ndashaka kugira icyo mvuga kijyanye n'uburyo ibi mu byukuri bihesha Imana icyubahiro n'uburyo Idutegerejeho gukoresha ubushobozi bwayo budasanzwe. Hari ibyanditswe byinshi kuri byo reka mvuge bimwe. Muri Matayo 9 hari igihe Yesu yakijije umuntu wavutse amugaye, kandi ibyo ndaza kubivugaho birambuye muri Mariko 2. Matayo 9:8 haravuga ngo, *Abantu babibonye baratangara, bahimbaza Imana yahaye abantu ubutware bungana butyo.* Waruzi ko impano z'Umwuka - ibitangaza – bihesha Imana icyubahiro, kandi iyo ikaba ariyo mpamvu iduha ubushobozi bukora ibitangaza?

Mu gihe utangiye kubwiriza abandi, hari ukuntu bashidikanya bagatangira no kwibaza ngo "Nabwirwa n'iki ko ibyo uvuga ari ukuri?" Nigeze kumva T.L. Osborne, umuvugabutumwa uzwi wayoboye amagana n'ibihumbi by'abantu kuri Kristo, avuga ku byo yabonye ku nshuro ye ya mbere ubwo yari mu butumwa hanze y'igihugu cye. Yagerageje kubwira abantu ubutumwa, ntibizera ibyo yavuze. Hanyuma, umunsi umwe yararimo kuvugana n'umuntu, aramubwira ngo "Bibili ya iravuga" uwo muntu aramubwira ngo, "Ni iki cyatuma icyo gitabo cyawe cy'umukara gitandukana n'ibindi bitabo by'umukara byose? Hanyuma T.L. Osborne aribaza ati *Aba bantu babwirwa ni iki ko Bibiliya ari ukuri? Mfite kwizera ko Bibiliya ari ijambo ry'Imana, ariko ni gute nabibemeza?*

Ava aho yari yaragiye kuvuga ubutumwa atsinzwe acitse n'intege, agera mu rugo, atangira gushaka Imana. Imana iramubwira ngo agomba gukoresha ubushobozi bwayo budasanzwe. Intego y'ibimenyetso n'ibitangaza nibyo bihindura ijambo ry'Imana iry'itandukaniro, ni naryo rizahindura ubuzima bw'abantu. Muri 1 Petero 1:23 haravuga ngo, "*Kuko mwabyawe ubwa kabiri, mutabyawe n'imbuto ibora ahubwo mwabyawe n'imbuto itabora, mubiheshejwe n'ijambo ry'Imana rizima rihoraho.*" Ijambo ry'Imana niryo rihindura ubuzima bw'abantu, ariko se ni gute wababwira ko mu by'ukuri ari Imana irimo kuvuga? Iyo niyo ntego y'ibitangaza. Iyo tubwiriza tukavuga ngo ubushake bw'Imana nuko umuntu akira, tubigaragaza tubyatura kuri bo mu izina rya Yesu. Amaso yabo ahumye cyangwa amatwi atumva agakira ni byo bigaragaza ko ari Imana. Ibitangaza sibyo bizahindura abantu, ariko bizatuma bizera ko ijambo uvuze ari ijambo ry'Imana.

Icyanditswe twafataho urugero rw'ibyo ni Mariko 2:1-9, ahari ubusobanuro burambuye bw'uwamugaye wakize: *Nuko hahise iminsi asubira i Kaperinawumu, [Yesu] bimenyekana yuko ari mu nzu. [2] Benshi bateranira aho buzura inzu, barenga no mu muryango, nuko ababwira ijambo ry'Imana. [3] Haza abantu bane bahetse ikirema, [4] ariko babuze uko bakimwegereza kuko abantu bahuzuye, basambura hejuru y'inzu aharinganiye n'aho ari, bamaze kuhapfumura bamanuramo ingobyi ihetswemo icyo kirema. [5] Yesu abonye kwizera kwabo abwira ikirema ati "Mwana wanjye, ibyaha byawe urabibabariwe." [6] Ariko hariho abanditsi bamwe bicayemo, biburanya mu mitima yabo bati [7] "Ni iki gitumye uyu avuga atyo? Arigereranyije. Ni nde ushobora kubabarira ibyaha uretse Imana yonyine?" [8] Uwo mwanya Yesu amenya mu mutima we, yuko biburanya batyo mu mitima yabo arababaza ati "Ni iki gitumye mwiburanya mutyo mu mitima yanyu? [9] Icyoroshye ni ikihe, ari ukubwira iki kirema nti 'Ibyaha byawe urabibabariwe', cyangwa ari ukumubwira nti 'Byuka', wikorere ingobyi yawe utahe'?"* (udukubo

ni utwange). Ukuri ni uko ibyo bintu byombi bidashoboka. Ntibishoboka ko umuntu ababarira ibyaha, kandi ntibishoboka ko umuntu yakiza mugenzi we. Rero niba Imana yagira muri byo icyo yakora birumvikana ko n'ikindi yagikora.

Yesu yaravuze muri iyi mirongo 10-12, *Ariko nimumenye yuko Umwana w'umuntu afite ubutware mu isi, bwo kubabarira abantu ibyaha. Nuko abwira icyo kirema ati Ndagutegetse byuka, wikorere ingobyi yawe utahe. Arabyuka, yikorera ingobyi ye uwo mwanya asohokera imbere yabo. Nuko bose baratangara, bahimbaza Imana baravuga bati Bene ibi ntabwo twigeze kubibona!* Yesu yabisobanuye neza ubwo avuga ngo *Ariko nimumenye yuko Umwana w'umuntu afite ubutware mu isi, bwo kubabarira abantu ibyaha* - Abibwira umugaye. Yatanze gukira kugira ngo abantu bamenye ko niba abasha gukora ibigaragara bibayeho ku bw'ijambo rye, rero n'ibintu by'Umwuka nko kubabarira ibyaha nabyo byabaho. Yesu yakoresheje ibitangaza kugira ngo agaragaze ukuri kw'ijambo rye.

Ibi kandi nibyo bivugwa mu Abaheburayo 2:2-3 *Mbese ubwo ijambo ryavugiwe mu kanwa k'abamarayika ryakomeye, kandi ibicumuro byose no kutaryumvira bikiturwa ingaruka ibikwiriye, [3] twebweho tuzarokoka dute nitwirengagiza agakiza gakomeye gatyo, kabanje kuvugwa n'Umwami wacu natwe tukagahamirizwa n'abamwumvise.* Haravuze ngo Imana yakomeresheje iri jambo n'imbaraga z'Umwuka Wera. Ibi bihurize hamwe na Mariko 16:20, *Abo barasohoka bigisha hose, Umwami Yesu ari kumwe na bo abafasha, akomeresha ijambo rye ibimenyetso byagendanaga na ryo.* Ingingo ndimo kugaragaza ni uko Imana ishaka ko ukoresha ubushobozi bwayo budasanzwe n'imbaraga kugira ngo ukore umurimo mu bantu. Ikoresha ibitangaza bibaho binyuze mu mpano z'Umwuka Wera kugira ngo yemeze abantu ko ariyo irimo kuvugana nabo. Icya mbere n'uko ishaka ko babohoka mu mitima yabo, ariko akenshi inzira yo kugera ku mutima w'umuntu ni ku

mibiri yabo n'amaranga mutima yabo. Ubaye ushoboye gukora kuri ibyo bice ukabona umuntu abohotse, bizatuma noneho afunguka yemerere Imana gukora ku bindi bice by'ubuzima bwabo hanyuma yiyegurire Imana wese.

Mu 1 Abakorinto 2:1-5. Pawulo yandikiraga Abanyekorinto, ababwira uburyo yabegereye bwa mbere : *Ni cyo gituma bene Data, ubwo nazaga iwanyu ntaje ndi umuhanga n'intyoza yo kuvuga, cyangwa mfite ubwenge buhebuje mbabwira ibihamya by'Imana. [2] Kuko nagambiriye kutagira ikindi mbamenyesha keretse Yesu Kristo, ari we Yesu Kristo wabambwe. [3] Nabanaga namwe mfite intege nke, ntinya mpinda umushyitsi mwinshi, [4] n'ibyo navugaga nkabwiriza ntibyari amagambo y'ubwenge yo kwemeza abantu, ahubwo byari ibigaragaza Umwuka n'imbaraga, [5] kugira ngo kwizera kwanyu kudahagararira ku bwenge bw'abantu, ahubwo mu mbaraga z'Imana.* Abisobanura neza ko impamvu ataje ashimangira anakoresha amagambo gusa ahubwo yaje agaragaza Umwuka n'imbaraga, byari ukugira ngo kwizera kwabo guhagarara mu mbaraga z'Imana atari mu bwenge bw'abantu.

Ubukristo bwifitemo inyurabwenge itangaje. Iyo ubonye ukuri, wibaza impamvu utakubonaga n'impamvu buri wese atakwakira. Ariko igikristo ntabwo ari inyurabwenge gusa … ni ubuzima nyabwo hamwe n'Imana nzima. Uyu munsi iriho, kandi irashaka kwigaragaza mu mbaraga nkuko yabikoze mu ijambo ryayo. Abaheburayo 13:8, *Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari kandi ni ko azahora iteka ryose.* Yesu yaje kandi yari umuntu wemewe n'Imana watuye muri twe bigaragazwa n'ibimenyetso n'ibitangaza. Ibyakozwe n'Intumwa 10:38 haravuga ngo, *Ni irya Yesu w'i Nazareti, uko Imana yamusutseho Umwuka Wera n'imbaraga, akagenda agirira abantu neza, agakiza abo Satani atwaza igitugu, kuko Imana yari iri kumwe na we.* Ijambo rye ryagombaga kwemezwa, kandi ibyo bitangaza byavugaga

nk'inzogera ikururira abantu ubutumwa bwe. Byahesheje Imana icyubahiro. Ibyanditswe byinshi bivuga ko ibi bitangaza byahesheje Imana ikuzo, kandi niba byarabaye ngombwa ko Yesu akoresha imbaraga z'Umwuka Wera mu gukora umurimo no guhindura ubuzima bw'abantu, ese dutekereza ko twakora ibirenze ibye? Niba Yesu yarashingiye ku bitangaza kugira ngo abantu bamugane kugira ngo bakire ubutumwa bwe, ese dutekereza ko twakwemeza isi muri iki gihe tudakoreye mu mbaraga zidasanzwe z'Imana? Ukuri ni uko ibitangaza bihesha Imana icyubahiro. Ni inzogera ikurura abantu, ni nko kuvuza inzongera ihamagara abantu ku ifunguro rya nijoro- Ni ibiryo biguhaza, ariko ni inzongera igukurura. Nta nzogera, abantu bamwe bazabura ifunguro. Nta mbaraga z'ibitangaza by'Imana abantu benshi ntibazemera ko Imana ari iy'ukuri kandi ko yahindura imitima yabo ikababarira ibyaha byabo.

Ndagutera iteka ryo kumenya ko Imana ishaka gukorera muri buri wese igakora ibi bitangaza inyuze muri twe mu buzima bw'abantu. Bamwe muri mwe mushobora kuvuga ngo "Ibyo binteye ubwoba. Nonese byagenda bite mu gihe nsengeye umuntu ntakire? Nabwirwa n'iki ko ibi bizabaho?" Ukwiriye kumenya ko atari wowe ukora ibitangaza; Imana niyo ibikora. Ntabwo ari wowe ubarwaho ko igitangaza cyakoretse umuntu akabohoka, kandi ntabwo ariwowe ubibazwa niba kidakoretse. Wowe icyo ukora urasenga. Imana niyo ikiza, ariko igomba kugukoreramo. Imana irashaka ku gukoresha ibinyujije mu gukora ibitangaza. Ukwiriye kwinjira mu ijambo ry'Imana, ukareba uko byagenze ku bandi, ukabikoresha nawe mu buzima bwawe, kandi ureke ibitangaza, imbaraga z'Imana zidasanzwe bitangire kugukoreramo uyu munsi.

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Igitangaza ni iki? _____
   _____
   _____
   _____
   _____

2. Soma Mariko 2:10-12. Igitangaza cya Yesu cyerekanye ko yari afite ububasha bwo gukora iki? _____

   **Mariko 2:10-12** *Ariko nimumenye yuko Umwana w'umuntu afite ubutware mu isi, bwo kubabarira abantu ibyaha. Nuko abwira icyo kirema ati [11] Ndagutegetse byuka, wikorere ingobyi yawe utahe Arabyuka, yikorera ingobyi ye uwo mwanya asohokera imbere yabo. Nuko bose baratangara, bahimbaza Imana baravuga bati Bene ibi ntabwo twigeze kubibona.*

3. Soma Mariko 16:15-18 . Nk'abizera, ni iki tugomba gukora?
   _____
   _____
   _____
   _____
   _____
   _____

   **Mariko 16:15-18** *Arababwira ati Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza. [16] Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka. [17] Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi: bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye, bazavuga indimi nshya, bazafata inzoka, kandi nibanywa ikintu cyica ntacyo kizabatwara na hato, bazarambika ibiganza ku barwayi bakire.*

4. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:5-8, 12. Ni iki abantu babonye kandi bacyakiriye bate? _____
_____
_____
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 8:5-8** *Filipo aramanuka ajya mu mudugudu w'i Samariya, ababwiriza ibya Kristo. [6] Ab'aho benshi barateranа, bumva ibyo Filipo avuga n'umutima uhuye bamwitayeho, bumvise kandi babonye ibimenyetso yakoraga. [7] Kuko benshi muri bo bari bafite abadayimoni babavamo basakuza cyane, n'abari baremaye n'abacumbagira benshi barakizwa. [8] Haba umunezero mwinshi muri uwo mudugudu.*

5. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 3:12. Ni iki Intumwa Petero yavuze kijyanye nuko gukiranuka kwe kwatumye akora igitangaza? ____
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 3:12** *Petero abibonye abaza abo bantu ati Yemwe bagabo ba Isirayeli, ni iki gitumye mutangarira ibi? Mudutumbirira iki nk'aho ari imbaraga zacu cyangwa kubaha Imana kwacu, biduhaye kumugendesha?*

6. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 3:16. Ibitangaza bibaho bite? ___
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 3:16** *Kandi uyu, uwo mureba kandi muzi, kuko yizeye izina ry'Uwo ni ryo rimuhaye imbaraga, kandi kwizera ahawe n'Uwo ni ko kumukirije rwose imbere yanyu mwese.*

7. Hariho ibitangaza bibaho mu Isezerano Rishya bitakozwe n'Intumwa? _____
   _____
   _____

8. Soma 1 Abakorinto 1:7. Ni ryari impano y'ibitangaza izarangira? _____
   _____

   **1 Abakorinto 1:7** *Bituma mutagira impano yose mubura, mutegereza guhishurwa k'Umwami wacu Yesu Kristo.*

## ISOMO 4

# IMBARAGA ZO GUSABANA N'ABUBAHA IMANA

### Na Don Krow

Uyu munsi turavuga ku mbaraga zo gusabana n'abubaha Imana. Iyo ubitekerejeho, Bibiliya yose ivuga kuri iri somo. Urugero, ijambo "Itorero" ni ijambo ry'Ikigiriki **ekklesia**, kandi rivuga "itsinda ryahamagawe mu bandi" Urebye mu ijambo ry'Imana, uzasanga Itorero cyangwa ubwoko bw'Imana, bukangurirwa guterana. Bakangurirwa gusengera hamwe no gusubizanyamo imbaraga buri munsi. Bakomezwa n'imbaraga zo gusabana bishingiye ku Mana uko bagendana. Kandi witaye no ku ijambo "umukuru", rikoreshwa inshuro nyinshi mu byanditswe, kandi rikoreshwa mu gusobanura umuntu mukuru, umuntu ukuze mu myaka no mu bwenge, umuntu wagenze ubuzima bwa gikristo, kandi wahagaze neza mu muryango we no murushako rwe. Mbaye mfite ibibazo mu rugo rwanjye nakwifuza gusanga umuntu wubaha Imana, wagize ubwenge bw'Imana mu gihe kirekire.

Kandi dukwiriye kumenya ko ibyanditswe bisobanura umubiri wa Kristo nk'umubiri usanzwe. Ufite amaboko, amaso, amatwi, n'ibindi bice bitandukanye. Twese turi ingingo zigirirana. Kandi nk'ingingo zigirirana, dukura imbaraga muri twe. Buri gace, buri rugingo rw'umubiri rufite impano yarwo, ubushobozi bwayo, uburyo butandukanye rutangamo imbaraga n'ubumenyi.

Bibiliya iravuga muri Yakobo 5:16 ngo, *Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane, kugira ngo mukizwe. Gusenga k'umukiranutsi kugira umumaro mwinshi, iyo asenganye umwete.*

Uru ni urugero rumwe mu byanditswe bivuga ku mubano n'abubaha Imana. Mbona hari ikintu kibura mu mubiri wa Kristo. Ntekereza ko kuko twibanze ku kuvuga ko ubutambyi bw'uwizera, ari uburebana no kugera ku Mana ako kanya nta guca ku bandi hari ibyo twatakaje. Bibiliya ivuga ku kwaturirana ibyaha. Mfite inshuti yitwa Dr. Loren Lewis. Ni umugabo ukuze kandi tumaranye igihe kinini. Yize iby'ururimi rw'Ikigiriki kandi akunda gusoma Ikigiriki. Iyo hari ikintu mu byanditswe ntumva, ndamusanga nkamubaza icyo Ikigiriki kivuga kuri cyo. Mubaza kandi n'ibihe amagambo atondaguwemo mu Kigiriki, aramfasha cyane mu kwiga bibiliya kwanjye. Marana amasaha menshi n'uyu mugabo. Ni umuntu ufite ubuhanga. Kandi ni umuntu w'Imana. Afite urugo rwiza n'umuryango mwiza. Kandi hari igihe twese tuba dukeneye kwatura amakosa yacu. Ndabizi ko Bibiliya ivuga ngo tugomba kwatura ibyaha byacu ku Mana, kandi simvuga ko ugomba kwaturira umuntu ibyaha byawe nkaho ariwe wabikubabarira, kuko dukwiriye kwigerera ku Mana. Ariko mu buzima bwacu dukwiriye kugira umuntu udukurikirana mu buzima bwacu.

Imbaraga zo kugirana ubusabane n'abubaha Imana nizo mbaraga dukeneye mu gukurikiranwa no kugira umuntu udukangurira gushaka Imana. Mu Baheburayo, Bibiliya iratubwira ngo twe kwirengagiza guteranira hamwe, duhugurane, kugira ngo hatagira uwikakaza bitewe n'ibishuko by'ibyaha. Ibi byose bivuga umumaro w'imbaraga ziri mu gusabana n'abubaha Imana. Ku rundi ruhande, Bibiliya itubuza inshuro nyinshi gusabana n'abatubaha Imana n'uburyo ubwo busabane n'abatubaha Imana bushobora kugira ingaruka mbi ku mutima wacu n'mitekerereze yacu . Mbere yuko tubimenya, twakwisanga mu bintu tutakagombye kubamo, bitewe nuko tutirinze ngo twizengurutse abajyanama bubaha Imana(Imigani 11:14, 13:20, 1 Abakorinto 15:33). Bibiliya iravuga ngo *Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye. Mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanya bite? (2 Abakorinto 6:14).*

Uko ugenda uba muri ubu buzima bwa Gikristo, komeza wikikize abantu b'Imana uhunge abashobora kukuyobora mu bibi. Ni iby'ingenzi cyane kugira abizera Imana mu buzima bwacu abo twatyazanya (Imigani 27:17) ndetse tukabamurikira ibyacu. Imana iguhe umugisha ukomeza gutekereza kuri ibi bintu.

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma 1 Abakorinto 15:33. Uyu murongo utwigisha iki ku bijyanye n'ubusabane? _____
_____

**1 Abakorinto 15:33** *Ntimuyobe, kwifatanya n'ababi konona ingeso nziza.*

2. Soma 1 Abakorinto 12:12. Uyu murongo uratwereka iki kijyanye n'ubuzima bwacu bwa Gikristo? _____
_____
_____

**1 Abakorinto 12:12** *Nk'uko umubiri ari umwe ukagira ingingo nyinshi, kandi nk'uko ingingo z'umubiri zose, nubwo ari nyinshi ari umubiri umwe, ni ko na Kristo ari.*

3. Soma Abaheburayo 10:24. Ni iki kijyanye no gusabana n'abubaha Imana twakwiga mu Baheburayo 10:24? _____
_____
_____

4. Soma Abaheburayo 10:25. Ni iki kijyanye n'ubusabane twakwiga muri uyu murongo? _____
_____

**Abaheburayo 10:24-*25*** *Kandi tujye tuzirikana ubwacu kugira ngo duterane ishyaka ryo gukundana n'iry'imirimo myiza.* [25] *Twe kwirengagiza guteranira hamwe nk'uko bamwe bajya bagira, ahubwo duhugurane kandi uko mubonye urya munsi wegera, mube ari ko murushaho kugenza mutyo.*

5. Soma Imigani 5:22-23. Ni kuki tugomba kurinda imitima yacu kugira ubusabane n'abatubaha Imana? _____
   _____
   _____

   **Imigani 5: 22-23** *Umunyabyaha azafatwa no gukiranirwa kwe, Kandi azakomezwa n'ingoyi z'icyaha cye. [23] Azapfa azize ko yanze kwigishwa, kandi ubupfapfa bwe bwinshi buzamutera kuyoba*

6. Soma 2 Timoteyo 2:22. Tugomba gukomeza gukiranuka, kwizera, urukundo n'amahoro na ba nde? _____
   _____

   **2 Timoteyo 2:22** *Nuko uhunge irari rya gisore, ahubwo ukurikize gukiranuka no kwizera n'urukundo n'amahoro, ufatanije n'abambaza Umwami wacu bafite imitima iboneye.*

7. Soma Abaheburayo 13:7. Ni nde dukwiriye kwibuka tukigana ubuzima bwe? _____
   _____

   **Abaheburayo 13:7** *Mwibuke ababayoboraga kera, bakababwira ijambo ry'Imana. Muzirikane iherezo ry'ingeso zabo, mwigane kwizera kwabo.*

## ISOMO 5

# AKARENGANE

**Na Don Krow**

Uyu munsi tugiye kureba ku ngingo y'akarengane n'amagambo ya Yesu muri Matayo 10:16-23. Yashatse guteguza abigishwa be ko bazarwanywa; Yashatse ko bamenya ko kurwanywa kuzabaho. Ababaho mu buzima bwubaha Imana bose, ubuzima bwa Gikristo bazarenganywa (2 Timoteyo 3:12). Si ikintu wacyaha, Umwanzi ashobora kuba ariwe ukiri inyuma, ariko akarengane ni kimwe mu bigize gukiranuka tugomba guharanira. Bibiliya iravuga ngo abubaha Imana bose bari muri Kristo Yesu, bazarenganywa. Yesu arimo gutegura abigishwa be ababwira ngo *Dore mbatumye muri nk'intama hagati y'amasega,* (Matayo 10:16). Ijambo "dore" arimo kuvuga, "Basore muntege, amatwi. Ndashaka ko mumenya ibi. Ngiye kubohereza nk'intama hagati y'amasega." Intama nibyo bisimba nzi bya mbere bitazi kwirwanaho. Intama ntibaba, ntigira ubumara nk'inzoka- Nta kintu cyo kwirwanaho na mba igira. Ikizirwanaho cyonyine ni umushumba wazo gusa.

Inshingano z'umushumba ni ukurinda amasega kugira ngo ataza mu mukumbi w'intama, ariko Yesu arimo kuvuga igitandukanye: "Ndabohereza nk'intama mu ishyamba ry'amasega." Ibyo ntibitangaje? Impamvu arimo kubivuga ni uko arimo kubategurira kurwanywa. Abefeso 6:12 haravuga ngo, *Kuko tudakirana n'abafite amaraso n'umubiri, ahubwo dukirana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru.* Hazabaho kurwanywa. Kimwe mu bigize ubuzima bwa Gikristo ni ukurwanywa, kandi Yesu arashaka ko ubimenya. Arashaka kugutegura akubwira ngo,

*ugire ubwenge nk'inzoka.* (Matayo 10:16). Iryo jambo "ubwenge" rivuze muri buri mibereho, ntabwo uzahitamo ibibazo ariko nibiza uzagira ubwenge bw'uko ubyitwaramo. Gira ubwenge nk'inzoka ndetse nk'inuma itagira amahugu.

Arongera aravuga. Ariko mwirinde abantu (Matayo 10:17). Umwanzi azakoresha abantu. Abefeso 2:2 haravuga ngo *umwami utegeka ikirere, ari we mwuka ukorera mu batumvira.* Satani azakoresha abantu ngo baturwanye, barwanye intego ya Yesu Kristo, no kurwanya ijambo ry'Imana. *Ariko mwirinde abantu, kuko bazabagambanira mu nkiko, kandi bazabakubitira mu masinagogi (Matayo 10:17)*. Pawulo yaravuze ngo, i*bihe bitanu Abayuda bankubise inkoni mirongo itatu n'icyenda* (2 Abakorinto 11:24). Yesu yaravuze ngo muzashyirwa imbere y'abatware- Na Leta nayo izakoreshwa rimwe na rimwe mu kurwanya intego ya Yesu Kristo. Muzashyirwa imbere y'abatware n'abami muzira Yesu, kugira ngo bibe nk'ubuhamya kuri bo cyangwa guhinyuzwa nabo.

Ndi umwarimu mu ishuri rya Bibiliya Charis. Nigeze kwigisha isomo ku ivugabutumwa, nari ndimo kwereka abanyeshuri uko bakoresha urwandiko rw'ivugabutumwa ndetse n'ubuhamya bwabo kugira ngo bagere ku badakijijwe. Nanjye nakoze urwandiko ndwohereza ku bantu bari hagati ya mirongo itanu n'ijana. Hashize iminsi micye, umugore witwa Mary Anne arampamagara kuri telephone, Aravuga ngo "Ntibirangirira aho; ntabwo wambwira ibya Yesu Kristo; ibi ntibirangirira aha. Ubundi se izina ryanjye ubundi warikuye he?" Ndamubwira nti, "Narikuye mu gitabo cyerekana za numero za telephone rusange!" arambwira ngo "uri umubeshyi, izina ryanjye ntago riba mu gitabo cya za numero za telephone" Ndasubiza, nti "nyamara niho narikuye." Aravuga, ngo "Ejo polisi izaguhamagara" ndatekereza, "nti koko Bibiliya ni ukuri? Kandi koko umunsi wakurikiyeho

police yarampamagaye bamara amasaha agera muri abiri bampata ibibazo.

Ibyo mvuga urimo urabibona? Mu gihe hari abagizi ba nabi ku mihanda polisi yangije amasaha yayo abiri. Kuki? Kubera Yesu Kristo, kubera ubutumwa bwiza. Ese ijambo ry'Imana koko ni ukuri? Nuhagarara ku ijambo ry'Imana, nushira amanga yo guhamya, nushira amanga yo kwamamaza Yesu, nushira amanga yo kubaho mu buzima bwo gukiranuka mu maso y'abantu, hazabaho kurwanywa. Hari imbaraga z'umubi, hari imbaraga z'umwiza. Yesu yashakaga ko abigishwa be bitegura.

Yesu yaravuze muri Matayo 10:19, *Ariko nibabagambanira ntimuzahagarike umutima [ntuzahangayike] w'uko muzavuga, cyangwa ibyo muzavuga, kuko muzabibwirwa muri uwo mwanya* (udukubo ni utwanjye). Kubw'Umwuka w'Imana, uzagira ubwenge nka Sitefano wa kera. Abantu ntibashoboraga guhangara ubwenge yavugishaga. Yesu aravuga ku murongo 22-23 ngo, *Muzangwa n'abantu bose babahora izina ryanjye, ariko uwihangana akageza imperuka ni we uzakizwa. [23] Nibabareganiriza mu mudugudu umwe muzahungire mu wundi.* Kurwanya gukiranuka, kurwanya intengo ya Yesu Kristo, biriho niba ukora icyo ijambo rivuga utaritega amatwi gusa.

Nari mu busitani mu gihe gishize, mbona umugore ukuze yicaye ku kicungo. Ndibwira nti, "nta bwoba ateye ; ntabwo yangirira nabi!" musaba kwicarana nawe ku kicungo, ndicara ntagira kuganira nawe. Menya ko izina rye ari Jani, ndamubwira nti, "Niko Jani, ukora iki?" arambwira ati, "oh jyewe ndi umukecuru ; ntabwo nkikora. Ndi mu kiruhuko cy'izabukuru." Hanyuma arambaza ati, "Wowe se ukora iki?" ndamubwira nti nkorera umuryango ukorana n'amatorero," Ako kanya ahindura isura. Arambwira ati "ntumbwire Imana! Ntumbwire Yesu!" Ndamubwira nti "Oh, Jani ntukwiriye kuvuga

gutyo," nawe arambwira ngo, "Iyaba Yesu yari ampagaze imbere namucira mu maso!" Ndavuga,nti "Jani! Ntabwo wavuga ibintu nkibyo! Kuba uvuga gutyo ushobora kuba waragize abantu benshi bakubabaje mu matorero. Jani, rwose ntukwiriye kuvuga gutyo! Reka nkubwire ku muryango wanjye." Aravuga ngo "Oya! Navuze ko nta kintu wambwira. Ugiye kumbwira Yesu Kristo nibyo Imana yakoze mu muryango wawe, kandi sindi bukwemerere. Ntabwo wavuga." Ndavuga nti, "Jani, ndakwinginze. Reka nkubwire Yesu." Aravuga ngo, "Oya! Ndakubwiye ngo CECEKA!"

Yari afite imbwa nto ku mugozi, akurura iyo mbwa ye yari yicaye kugeza aho innyigira aragenda. Mbona umugore wataye umutwe kuko hari umwuka wahagurutse muri we, umwuka wo kutumvira. Yayoborwaga n'umwanzi. Naribwiye nti, "Ntabwo menyere abantu bantombokera. Ntabwo menyereye abantu bambwirira hejuru ntago menyereye abantu banshotora " Ariko nta kindi nagize usibye impuhwe, ntakindi usibye urukundo nagiriye Jani. Yari yataye umutwe, kandi nari muzima. Nagiye mu rugo ndavuga nti, "Mana, Urabizi? Igitangaza gikomeye ni uko nari ntuje. Mu gihe umuntu yahangana nanjye, nta kindi nagize usibye urukundo n' impuhwe."

Akarengane no kurwanywa bizaza mu gihe tugiye hanze mu izina rya Yesu. Wa Mwuka uduha gushira amanga yo kwamamaza Yesu no mu gihe twanzwe ku bwe, uwo Mwuka uzaduha ihumure n'imbaraga muri buri kintu.

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma 2 Timoteyo 3:12. Ababayeho mu buzima bwubaha Imana bazabona iki? _____

   **2 Timoteyo 3:12** *Icyakora n'ubundi abashaka kujya bubaha Imana bose bari muri Kristo Yesu, bazarenganywa.*

2. Ni gute wasobanura "akarengane"? _____
   _____

3. Soma Mariko 4:16-17. Kubabazwa n'akarengane bizanwa n'iyihe mpamvu? _____
   _____

   **Mariko 4:16-17** *N'izibibwe ku kara na bo ni uko, iyo bumvise iryo jambo, uwo mwanya baryemera banezerewe, [17] ariko kuko, batagira imizi muri bo bakomera umwanya muto. Iyo habayeho amakuba cyangwa kurenganywa bazira iryo jambo, uwo mwanya birabagusha.*

4. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:1,4. Akarengane katumye haba iki i Yerusalemu? _____
   _____
   _____

   **Ibyakozwe n'Intumwa 8:1,4** *Uhereye uwo munsi haduka akarengane gakomeye mu itorero ry'i Yerusalemu, bose batatanira mu bihugu by'i Yudaya n'i Samariya, keretse intumwa … [4] Nuko abatatanye bajya hose, bamamaza ijambo ry'Imana.*

5. Soma Matayo 5:10-12 hahirwa abarenganywa bazira ...? _____
   _____

6. Soma Matayo 5:12. Mu gihe abizera barenganyijwe bazira gukiranuka, ni iki bakwiringira kuzabona mu gihe kizaza? _____
_____

**Matayo 5:10-12** *Hahirwa abarenganirijwe gukiranuka, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.* [11] *Namwe muzahirwa ubwo bazabatuka bakabarenganya bakababeshyera ibibi byinshi babampora.* [12] *Muzanezerwe, muzishime cyane kuko ingororano zanyu ari nyinshi mu ijuru, kuko ari ko barenganyije abahanuzi bambere.*

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 9:4-5. Sawuli yarenganyaga nde? ____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 9:4-5** *Agwa hasi yumva ijwi rimubaza riti "Sawuli, Sawuli, undenganiriza iki?"* [5] *Aramusubiza ati "Uri nde, Mwami?" Na we ati "Ndi Yesu, uwo urenganya.*

8. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 9:1. Mu by'ukuri, Sawuli yarenganyaga nde? _____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 9:1** *Ariko Sawuli akomeza gukangisha abigishwa b'Umwami ko bicwa, ajya ku mutambyi muku*

9. Soma Abagalatiya 6:12. Abayuda mu gitabo cy'Abagalatiya bagerageje kongera ikurikizwa ry' amategeko y'idini ku butumwa. Mu gukora ibyo birindaga iki?_____
_____
_____
_____
_____

**Abagalatiya 6:12** *Abashaka bose kwiha igikundiro ku by'umubiri ni bo babahata gukebwa. Nta yindi mpamvu ibibateye, keretse kugira ngo batarenganywa bazize umusaraba wa Kristo.*

## ISOMO 6

# UMWAMI N'UBWAMI BWE

### Na Don Krow

Mu Isezerano rya kera, icyatumye Isirayeli itandukana n'ayandi mahanga ni uko yarifite ubuyobozi bushingiye ku Mana. Mu yandi magambo, yayoborwaga n'Imana ubwayo (Yesaya 43:15). Nyuma mu mateka ya Isirayeli, bashatse gusa nk'andi mahanga y'isi, bakayoborwa n'umwami usanzwe (1 Samweri 8:5-19). Rero Imana isubiza ubusabe bwabo ibatoranyiriza umwami witwa Sawuli (1 Samweli 10:24-25). Nyuma, bitewe no kutumvira kwa Sawuli, Imana izamura Dawidi kugira ngo abe umwami, umuntu wari ufite umutima Imana ishaka (Ibyakozwe n'Intumwa 13:21-23 na 1 Abami 15:22-23).

Umwami yari uwo guhagararira Imana itabonwa (Gutegeka Kwa Kabiri 17:14-20). Mu gihe umwami yakurikiraga Imana, we n'ubwami bwe babonaga guhirwa. Mu gihe umwami yananirwaga gukurikira Imana, we n'ubwami bwe bajyanwaga mu bunyage no gusenyuka (1 Samweri 15:22-23).

Igihe Imana yatoranyaga umwami, yoherezaga umuhanuzi ngo amwimikishe amavuta. Ibi byerekanaga Umwuka Wera wabaga umujeho ngo amuhe imbaraga no gusigirwa kuyobora. Muri icyo gihe, Umwuka Wera wamuzagaho agahindura umutima we kugira ngo ayoborere mu gukiranuka, kuko Imana yabaga iri kumwe na we (1 Samweri 10:1,6 na 9). Aya mavuta yo kuyobora (cyangwa yo kuba umwami) niho igitekerezo cya Mesiya gituruka. Ijambo "gusigwa" mu Giheburayo ni **Mashiac** (Mesiya) risobanurwa **Christo** (Kristo) mu Kigiriki. Abahanuzi bo mw'Isezerano rya Kera bahanuraga ko mu gihe kizaza, mesiya (cyangwa uwasizwe) azaza, ko kandi Imana

yo mu ijuru izashyiraho ubwami budakurwaho (Daniyeli 2:44, 7:14, na 27). Mu byanditswe, ubyitegereje, Yesu ntiyigeze asobanurira abayuda icyo yavugaga ubwo yavuga ku bwami. Cyari igitekerezo cyo mu Isezerano rya Kera bari basanzwe bategereje (Yesaya 9:6-7, 11-6; Daniyeli 2:44, 7:13-14, 18 na 27).

Ntibishoboka gusobanukirwa ubutumwa bwa Yesu utabanje kumenya iby'ibanze by'ubwami. Ubwami nibwo butumwa Yesu yavuze ni nabwo gusa yategetse abigishwa be kubwiriza (Mariko 1:14-15, Luka 9:1-2, Ibyakozwe n'Intumwa 28:23-31, Luka 16:16, na Matayo 24:14). Ubu butumwa kandi bwavugwaga ko ari "agakiza" cyangwa gutangwa "k'ubugingo buhoraho" (Abaheburayo 2:3; Matayo 19:16; Ibyakozwe n'Intumwa 28:23-24, 28, na 30-31). Mu nteruro "Ubwami bw'Imana" harimo igitekerezo cy'agatsiko k'abantu bazayoborwa n'Imana. Kugira ngo ujye mu bwami bw'Imana, ibisabwa byagombaga kuba byujujwe. Guhinduka ko mu mutima kwarasabwaga. Uku guhinduka ko mu mutima nibyo Bibiliya yita kwihana. Ni guhinduka ko mu mutima uhindukiriye Imana; ibyo, Guhinduka ugasiga Satani, icyaha n'inzira zacyo, ugahindukirira Imana, Kristo n'inzira ze. Umuntu uko yahindukiraga, Imana yamuhaga (nk'impano binyuze mu maraso ya Yesu yamenetse) kubabarirwa kw'ibyaha n'ubuzima buhoraho (Abaroma 6:23). Iyi "nkuru nziza" niyo yitwa "ubutumwa bw'ubuntu" cyangwa kubwiriza "ubwami bw'Imana" (Ibyakozwe n'Intumwa 20:24-25). Ubwami bw'Imana burangwa n'ubuntu (Matayo 20:1-16). Kandi bwaje butuje ndetse mu ibanga mu murimo wa Yesu (Matayo 13:33). Umunsi umwe mu gihe kizaza buzasohora mu cyubahiro ku mugaragaro. (Matayo 13:36-43).

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Daniyeli 2:44. Abahanuzi b'Isezerano rya Kera bahanuraga ko mu gihe kizaza, Mesiya (cyangwa uwasizwe) azaza, ko kandi Imana yo mu ijuru izashyiraho ubwami bu …?

   A. Buzabaho imyaka 1,000.
   B. Butazarimburwa.
   C. Bw'igihe gito.

   **Daniyeli 2:44** *Nuko ku ngoma z'abo bami, Imana yo mu ijuru izimika ubundi bwami butazarimbuka iteka ryose, ubutware bwabwo ntibuzazungurwa n'irindi shyanga, ahubwo buzamenagura ubwo bwami bwose bukabutsembaho kandi buzahoraho iteka ryose.*

2. Soma Matayo 4:17,23. Ubutumwa bwa Yesu bwari ubuhe? _____
   _____
   _____

   **Matayo 4:17** *Yesu ahera ubwo atangira kwigisha avuga ati "Mwihane kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi".*

   **Matayo 4:23** *Yesu agenderera ab'i Galilaya hose, abigishiriza mu masinagogi yabo ababwira ubutumwa bwiza bw'ubwami, akiza n'indwara zose n'ubumuga bw'abantu.*

3. Soma Mariko 1:14-15. Yesu yabwirije ubutumwa bwa ...? _____
   _____

   **Mariko 1:14-15** *Nuko bamaze kubohesha Yohana, Yesu ajya i Galilaya avuga ubutumwa bwiza bw'Imana ati [15] "Igihe kirasohoye, ubwami bw'Imana buri hafi. Nuko mwihane, mwemere ubutumwa bwiza."*

4. Soma Luka 4:43. Impamvu Yesu yoherejwe avuye ku Mana yari iyo …? _____

   **Luka 4 : 43** *Ariko arabwira ati "Nkwiriye kwigisha ubutumwa bwiza bw'Imana no mu yindi midugudu, kuko ari ibyo natumiwe."*

5. Soma Yohana 4:25. Mu byanditswe, Yesu ntiyigeze asobanurira abayuda icyo yavugaga ubwo yavugaga ku bwami. Cyari igitekerezo cy'Isezerano rya Kera ...?

   A. Bari baziho gacye.
   B. Bumvaga butazigera bubaho.
   C. Bari basanzwe bashakisha kuva mbere.

   **Yohana 4:25** *Umugore aramubwira ati Nzi yuko Mesiya azaza, ari we witwa Kristo, kandi ubwo azaza azatubwira byose.*

6. Soma Luka 9:1-2. Ni ibihe bintu bitatu abigishwa cumi na babiri bakoze? _____
   _____
   _____
   _____

   **Luka 9:1-2** *Ahamagara abigishwa be cumi na babiri arabateranya, abaha ubushobozi n'ubutware bwo gutegeka abadayimoni bose no gukiza indwara [2] Abatuma kubwiriza abantu iby'ubwami bw'Imana no gukiza abarwayi.*

7. Soma Luka 10:1-2. Ni ubuhe butumwa Yesu yabwiye abantu mirongo irindwi kwamamaza? _____

   **Luka 10:1-2** *Hanyuma y'ibyo Umwami Yesu atoranya abandi mirongo irindwi, atuma babiri babiri ngo bamubanzirize, bajye*

*mu midugudu yose n'aho yendaga kujya hose. [2] Arababwira ati "Ibisarurwa ni byinshi ariko abasaruzi ni bake, nuko mwinginge nyir'iribisarurwa ngo yohereze abasaruzi mu bisarurwa bye. [8] Kandi umudugudu wose mujyamo bakabakira murye ibyo babahaye. [9] Mukize abarwayi bawurimo mubabwire muti 'Ubwami bw'Imana burabegereye.*

8. Soma Luka 23:2. Ushingiye k'ubusobanuro bw'abayuda, ijambo "Kristo" rivuga ...? _____

**Luka 23:2** *Batangira kumurega bati Uyu twamubonye agandisha ubwoko bwacu, ababuza guha Kayisari umusoro, avuga kandi ko ari Kristo Umwami.*

9. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 17:7. Binyuranyije n'amategeko y'abaroma, abayuda bavuze ko Intumwa Pawulo yigishaga ko hari undi …? _____

**Ibyakozwe n'Intumwa 17:7** *Yasoni arabacumbikira. Aba bose bagomeye amategeko ya Kayisari, bavuga ko hariho undi Mwami witwa Yesu.*

10. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 19:8-10. Pawulo avuga ashize amanga muri Efeso ajya impaka abemeza ibijyanye ...? _____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 19:8-10** *Yinjira mu isinagogi, amara amezi atatu avuga ashize amanga, ajya impaka na bo abemeza iby'ubwami bw'Imana. [9] Ariko bamwe binangira imitima banga kwizera, batukira inzira ya Yesu imbere y'abantu. Ava muri bo arobanura abigishwa, iminsi yose agira impaka mu nzu yo kwigishirizamo ya Turano. [10[ Agumya kugira atyo amara imyaka ibiri. Nuko abatuye muri Asiya bose bumva ijambo ry'Umwami Yesu, Abayuda n'Abagiriki.*

11. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 28:23-31. Ku murongo wa 31, Ni iki Intumwa Pawulo yabwirizaga? _____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 28:23-31** *Bamusezeranya umunsi, bamusanga ari benshi mu nzu bamucumbikiyemo arabibasobanurira, ahamya ubwami bw'Imana, abemeza ibya Yesu abikuye mu mategeko ya Mose no mu byahanuwe, ahera mu gitondo ageza nimugoroba. [24] Bamwe bemera ibyo yavuze, ariko abandi ntibabyemera. [25] Ntibahuza imitima, nuko Pawulo abasezeraho amaze kuvuga ijambo rimwe ati "Ibyo Umwuka Wera yabwiriye ba sekuruza wanyu mu kanwa k'umuhanuzi Yesaya, [26] Yabivuze neza ati 'jya kuri abo bantu ubabwire uti kumva muzumva ariko ntimuzabyitegereza. [27] Kuko umutima w'ubu bwoko ufite ibinure, Amatwi yabo akaba ari ibihuri, Amaso yabo bakayahumiriza, Ngo batarebesha amaso, Batumvisha amatwi, No kumenyesha umutima, No guhindukira, Ngo mbakize.' [28] "Nuko mumenye yuko abanyamahanga bohererejwe ako gakiza n'Imana, kandi abo bazakumvira." [29] [Amaze kuvuga atyo, Abayuda bagenda bagishanya impaka cyane] [30] Amara imyaka ibiri itagabanije mu icumbi rye, bamucumbikiyemo kujya atanga ibiguzi. Yakiraga abaje kumusura bose, [31] akabwiriza iby'umwami Yesu Kristo ashize amanga rwose, kandi nta wamubuzaga.*

12. Soma Matayo 24:14. Ni ubuhe butumwa bugomba kubwirizwa ku isi yose? _____

**Matayo 24:14** *Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize.*

13. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 20:24-25. Rimwe na rimwe

ubutumwa bw'ubwami bwitwa ubutumwa bw' …? _____

_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 20:24-25** *Ariko sinita ku bugingo bwanjye ngo nibwire ko ari ubw'igiciro kuri jye, kuko nkwiriye kurangiza urugendo rwanjye n'umurimo nahawe n'Umwami Yesu, wo guhamya ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana. [25] None dore nzi yuko mutazongera kumbona, abo nanyuzemo mwese mbabwiriza iby'ubwami bw'Imana.*

14. Soma Luka 16:16. Ntibishoboka ko wasobanukirwa ubutumwa bwa Yesu utafite ubumenyi bw'ibanze ku bwami. Ubwami nibwo butumwa Yesu yavuze kandi ni nabwo bwonyine yategetse abigishwa ku ...?

    A. Kubwiriza.
    B. Kutitaho.
    C. Gutekerezaho.

    **Luka 16:16** *Amategeko n'abahanuzi byabayeho kugeza igihe cya Yohana, uhereye icyo gihe ni ho ubutumwa bwiza bw'ubwami bw'Imana bwigishirijwe, umuntu wese arabutwaranira.*

15. Soma Matayo 6:10. Ubusanzwe, ubwami bw'Imana niyo mitegekere y'Imana. Ni gute bigaragazwa n'uyu murongo? ___

    _____

    **Matayo 6:10** *Ubwami bwawe buze. Ibyo ushaka bibeho mu isi, nk'uko biba mu ijuru.*

16. Soma Abakolosayi 1:13-14 na Abaroma 14:9. Muri iyi nteruro "ubwami bw'Imana" harimo igitekerezo cy'itsinda ry'abantu baza …?

A. Bazasaba Yesu kuba mu mitima yabo.
B. Bazemera imiyoborere y'Imana (bange iya Satani) bakire imbabazi zayo.
C. Bazifatanya n'Itorero.

**Abakolosayi 1:13-14** *Ni we wadukijije ubutware bw'umwijima, akadukuramo akatujyana mu bwami bw'Umwana we akunda. [14] Ni we waducunguje amaraso ye ngo tubone kubabarirwa ibyaha byacu.*

**Abaroma 14:9** *Kuko icyatumye Kristo apfa akazuka, ari ukugira ngo abe Umwami w'abapfuye n'abazima.*

17. Soma Matayo 4:17. Kugira ngo winjire mu bwami bw'Imana, guhinduka ko mu mutima kurakenewe. Uku guhinduka k'umutima ni ko Bibiliya yita ...?

A. Kwicuza.
B. Imirimo y'amategeko.
C. Kwihana.

**Matayo 4:17** *Yesu ahera ubwo atangira kwigisha avuga ati "Mwihane kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi."*

18. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 26:18. Wavuye mu …? Ujya mu mucyo, uva mu …? bwa Satani ujya …? Kugira ngo uhabwe imbabazi z'ibyaha byawe? _____
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 26:18** *Kugira ngo ubahumure amaso na bo bahinduke bave mu mwijima bajye mu mucyo, bave no mu butware bwa Satani bajye ku Mana, bahereko bababarirwe ibyaha byabo baraganwe n'abejejwe no kunyizera.*

19. Soma Ezekiyeli 36:26-27 N'Ibyakozwe n'Intumwa 11:15-18. Wahawe umutima, n'Umwuka bishya bituma ugendera mu nzira z'Imana? _____

    **Ezekiyeli 36:26-27** *Nzabaha n'umutima mushya, mbashyiremo umwuka mushya, nzabakuramo umutima ukomeye nk'ibuye, mbashyiremo umutima woroshye. [27] Kandi nzabashyiramo umwuka wanjye, ntume mugendera mu mateka yanjye, mugakomeza n'amategeko yanjye mukayasohoza.*

    **Ibyakozwe n'Intumwa 11:15-18** *Nteruye amagambo, Umwuka Wera aramanuka nk'uko natwe yatumanukiye bwa mbere. [16] Nibuka rya jambo ry'Umwami Yesu, iryo yavugaga ati 'Yohana yabatirishije amazi, ariko mwebweho muzabatirishwa Umwuka wera. [17] Nuko ubwo Imana yabahaye impano ihwanye n'iyo natwe twahawe, ubwo twizeraga Umwami Yesu Kristo, ndi nde wo kuvuguruza Imana? [18] Bumvise ibyo barihorera, bahimbaza Imana bati "Nuko noneho Imana ihaye n'abanyamahanga kwihana, kugira ngo na bo bahabwe ubugingo."*

20. Soma Luka 18:13-14. Wari watakira Imana kugira ngo ikubabarire ibyaha byawe?

    **Luka 18:13-14** *Naho uwo mukoresha w'ikoro ahagarara kure, ntiyahangara no kubura amaso ngo arebe mu ijuru, ahubwo yikubita mu gituza ati. 'Mana, mbabarira kuko ndi umunyabyaha.' [14] Ndababwira yuko uwo muntu yamanutse ajya iwe, ari we utsindishirijwe kuruta wa wundi, kuko uwishyira hejuru azacishwa bugufi, ariko uwicisha bugufi azashyirwa hejuru.*

## ISOMO 7

# INTEGO YO KWIZERA KUDUHESHA AGAKIZA

### Na Don Krow

Tekereza ku munsi w'ubukwe, umugabo ahagaze imbere y'umushumba, ako kanya umushumba agatangira kuvuga aya magambo: "Ujyanye uyu mugore kugira ngo akubere umutetsi? Ajye ategura inzu yawe? anoze ibyombo? Kuva uyu munsi uramujyana ngo ajye akoropa, anahanagure intebe igihe cyose mwembi mukiriho?" Ako kanya umugeni agahita avuga, "Rekera aho! Niba ushaka umuntu uzajya agukorera akazi, washaka umukozi. Ndashaka ko unkunda ukanjyanira uwo ndiwe. Niba unjyanira uwo ndi we, ibyo byose nzabigukorera, ariko ndashaka ko unjyana! Ntabwo nshaka ko unjyanira inyungu uzambonamo ugasiga uwo ndiwe."

A.W. Tozer yaravuze ngo, "Ubu, birasa nk'ibitangaje ko abarimu bamwe batari bamenya ko intego yonyine yo kwizera gutanga agakiza ari Kristo ubwe; si 'ubucunguzi' bwa Kristo cyangwa 'ubutware' bwa Kristo, ahubwo Kristo we ubwe. Imana ntabwo itanga agakiza ku muntu uzizera imwe mu murimo ya Kristo, Nta nubwo umurimo wa Kristo wigeze ugaragazwa nk'intego yo kwizera. Nta nubwo duhugurirwa gushingira kwizera mu mpongano, habe no mu musaraba, si no mu butambyi bw'Umucunguzi. Ibi byose bikubiye muri Kristo, ariko ntabwo wabitandukanya, nta na kimwe kiri ukwacyo muri byose. Nta nubwo twemerewe kugira imirimo imwe ya Kristo twemera ngo tugire niyo tutemera. Igitekerezo kitubwira ko tubyemerewe ni ubuyobe bw'iki gihe, ndabisubiramo, kandi kimwe nk'ubundi

buyobe bwose bwagiye bugira ingaruka mbi mu bakristo." (The Root of the Righteous, pp. 84-86).

Urumva icyo mvuga? Kuki twakwibanda ku bintu bimwe bya Kristo (Ibyiza bye), umurimo wa Kristo, ntitwibande kuri Kristo? Ibyo ni nko gushyingirwa umugore nk'umutetsi wawe ukirengagiza uwo ariwe.

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Yohana 1:12. Abamwemeye bose …?

   A. We (Umwami Yesu Kristo).
   B. Yesu nk'umukiza.
   C. Yesu nk'umwami.
   D. Yesu nk'umutambyi, abo yabahaye ububasha bwo kuba abana b'Imana.

   **Yohana 1:12** *Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba aba b'Imana.*

2. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 16:31. Tugomba kwizera (ari byo, kwiringira, kwiha) ubwacu inde? _____

   **Ibyakozwe n'Intumwa 16:31** *Baramusubiza bati "Izere Umwami Yesu, urakira ubwawe n'abo murugo rwawe.*

3. Soma Luka 6:46. Ijambo "Databuja" rivuga iki? _____
   _____
   _____
   _____
   _____

   **Luka 6:46** *Mumpamagarira iki muti 'Databuja', nyamara ntimukore ibyo mvuga?*

4. Soma Matayo 1:21. Ijambo "Yesu" rivuze iki? _____
   _____

   **Matayo 1:21** *Azabyara umuhungu uzamwite Yesu, kuko ari we uzakiza abantu be ibyaha byabo.*

5. Soma Luka 23:2. Ijambo Kristo rivuze iki? _____
_____
_____

**Luka 23:2** *Batangira kumurega bati "Uyu twamubonye agandisha ubwoko bwacu, ababuza guha Kayisari umusoro, avuga kandi ko ari Kristo Umwami.*

6. Soma Abaroma 1:16. Ushingiye kuri uyu murongo, ubutumwa cyangwa inkuru nziza, ni …? _____
_____

**Abaroma 1:16** *Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni: kuko ari imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukizwa, uhereye ku Muyuda ukageza ku Mugirirki.*

7. Soma Abaroma 1:1-3. Ubutumwa bw'Imana bwibanda, cyangwa bwerekeye? _____
_____
_____

**Abaroma 1:1-3** *Pawulo imbata ya Yesu Kristo, ahamagariwe ubutumwa bwiza bw'Imana [2] ubwo yasezeranije kera mu kanwa k'abahanuzi bayo mu byanditswe byera, [3]bavuga iby'Umwana wayo wavutse mu rubyaro rwa Dawidi ku mubiri.*

8. Soma Yohana 6:54. Iyo ugize icyo urya, ibyo bivuze iki? ___
_____
_____

**Yohana 6:54** *Urya umubiri wanjye, akanywa amaraso yanjye aba afite ubugingo buhoraho, nanjye nzamuzura ku munsi w'imperuka.*

9. Soma Abagalatiya 3:27. Umuntu iyo abatijwe muri Kristo, yambara ...? _____
   Ni ikihe gice cya Yesu aba yambaye? _____

   **Abagalatiye 3:27** *Kuko mwese ababatirijwe muri Kristo muba mwambaye Kristo.*

10. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 9:5-6. Ubwo Sawuli yahindukaga, ni ibihe bibazo bibiri yabajije Yesu? _____
    _____
    _____

    **Ibyakozwe n'Intumwa 9:5-6** *Aramubaza ati "Urinde, Mwami?" Na we ati "Ndi Yesu, uwo urenganya. [6] Ariko haguruka ujye mu mudugudu, uzabwirwa ibyo ukwiriye gukora.*

11. Soma Abaroma 7:4. Ni nde tugomba gushyingirwa? Ni ku kihe gice cye tugomba gushyingirwaho? _____

    **Abaroma 7:4** *Nuko rero bene Data, ni ko namwe mwapfuye ku mategeko, ku bw'umubiri wa Kristo, kugira ngo mubone uko muba ab'undi ari we wa wundi wazutse, mubone no kwerera Imana imbuto.*

12. Ese wishimira urugo rwiza na Kristo? Uvugana, ushyikirana, uramukunda kandi uramuramya?

## ISOMO 8

# UBURYO NYABWO BWO GUKORESHAMO AMATEGEKO Y'IMANA

### Na Don Krow

Umunsi umwe jyewe na Joe twaganiraga na Bill na Steve turi ku kiyaga. Tuza kwibaza kuri iki kibazo, "Byashoboka bite ko abantu batigeze bamenya Imana cyangwa Kristo babazwa ibyo bakoze?" Ndavuga nti, "Bill tekereza ugiye gusura Steve iwe, ariko akaba adahari umugore we ariwe uhari. Uramutse usambanye nawe, ese wakumva umutima ugucira urubanza ko winjiriye umugore w'inshuti yawe? Nubwo waba utarumvise amategeko icumi cyangwa utarasoma Bibiliya? Nihe ibyo byiyumviro by'umutima ugucira urubanza no kumva ko hari ibyo wabazwa bituruka?"

Urabona, Imana yahaye buri muntu, binyuze mu mategeko n'umutimanama we, ubushobozi bwo kumva ikibi no kumva uciriwe urubanza bw'ikibi cyawe. Itegeko n'umutimanama akazi kabyo ni ak'ubucamanza bwa muntu bikoreshwa mu kurega cyangwa mu kubabarira umuntu mu bijyanye n'imyitwarire y'umuntu (Abaroma 2:14-15).

Icyo gihe cyose, Bill yarimo kumbwira ukuntu ari umuntu mwiza. Ntiyabonaga impamvu yakenera umukiza. Nabumbuye mu Kuva 20 ntangira gusomera Bill amategeko icumi. "Bill, ese Imana ihora iba iya mbere mu buzima bwawe, kandi hari ubwo wigeze uyikunda cyane kurusha ikindi kintu icyo aricyo cyose cyo mu isi? Niba ataribyo, wananiwe itegeko rya mbere." (Kuva20:3).

"Hari ikintu icyo aricyo cyose washyize hejuru kurusha Imana? Niba aribyo, itegeko rya kabiri wararinaniwe" (Kuva 20:4). "Hari ubwo wigeze ukoresha izina rya Yesu nkaho ari ijambo rigizwe n'amagambo ane gusa ? Niba aribyo, ufite urubanza rwo kunanirwa itegeko rya gatatu" Iteka ujya ushaka umunsi wo kubaha no gusenga Imana? Niba ataribyo, wananiwe itegeko rya kane" (Kuva 20:12). "Mu busore bwawe wigeze wubaha so na nyoko? Niba ataribyo, wananiwe itegeko rya gatanu" (Kuva 20:12). "Hari ubwo wigeze urakara cyane? Niba aribyo, wananiwe itegeko rya gatandatu" (gereranya Kuva 20:13 na Matayo 5:21-22). "Hari ubwo wigeze kureba umugore ukamwifuza? Niba aribyo wananiwe itegeko rya karindwi" (gereranya Kuva 20:14 na Matayo 5:27-28). "Hari ubwo wigeze gutwara ikintu kitari icyawe? Niba aribyo, wananiwe itegeko rya munani" (Kuva 20:15). "Iteka uvuga ukuri? Niba ataribyo, wananiwe itegeko rya cyenda" (Kuva 20:16). "Hari ubwo wari wagira icyifuzo cyo gutwara iby'abandi? Niba aribyo, wananiwe itegeko rya cumi" (Kuva 20:17). "Urabona impamvu Yesu avuga ko yaje gucungura abanyabyaha?" (Mariko 2:16-17).

Ikibazo cyo gutekereza ko turi beza bihagije, cyangwa cyo kugerageza kuba beza bihagije byatujyana mu ijuru, ni uko twese twananiwe amategeko icumi yose. Yakobo 2:10 hatubwira ko umuntu wese witondera amategeko yose agasitara kuri rimwe, aba ayacumuyeho yose. Itegeko ntabwo ryigeze rigenerwa kuguhindura umukiranutsi ahubwo ni iryo kuguhishurira icyaha (Abaroma 3:19-20).

Twese dukeneye Umukiza! Ijambo "Umukiza" rivuze ko hari umuntu wagufasha kuva mu gihano cy'icyaha. Yesu akiza abarimbuka kugira ngo babashe kugira ubugingo buhoraho (Matayo 1:21). Kuba mwiza bihagije byakujyana mu ijuru, bidusaba kugira gukiranuka kungana n'ukw'Imana (2 Abakorinto 5:21). Inkuru nziza y'ubutumwa bwiza ni uko Yesu atazababarira ibyaha

byawe gusa, ahubwo ni uko aduhera Ubuntu gukiranuka kwe nk'impano (Abaroma 5:17) *Kuko ubwo igicumuro cy'umwe cyateye ko urupfu rwimikwa n'umwe, ni na ko abahawe Ubuntu busesekaye n'impano yo gukiranuka bazarushaho kwimikanwa ubugingo n'umwe ari we Yesu Kristo.*

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Mariko 2:16-17. Yesu yaje gucungura nde? _____
_____

**Mariko 2:16-17** *Abanditsi bo mu Bafarisayo babonye asangira n'abanyamahanga n'abakoresha b'ikoro, babwira abigishwa be bati "Mbega asangira n'abakoresha b'ikoro n'abanyabyaha!"* [17] *Yesu abyumvise arababwira ati "Abazima sibo bifuza umuvuzi, keretse abarwayi. Sinazanywe no guhamagara abakiranuka, keretse abanyabyaha.*

2. Soma Abaroma 2:1. Iyo duciriye abandi urubanza, ni iki tuba turimo kwikorera ubwacu? _____
_____
Kubera? _____
_____

**Abaroma 2:1** *Ni cyo gituma utagira icyo kwireguza, wa muntu we ucira abandi urubanza. Ubwo ucira undi urubanza uba witsindishirije, kuko wowe umucira urubanza ukora bimwe n'ibyo akora.*

3. Soma Yakobo 2:10. Iyo twubahirije amategeko yose y'Imana, ariko hakaburaho utuntu ducye, tuba ducumuye kuri angahe?
_____

**Yakobo 2:10** *Umuntu wese witondera amategeko yose agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose.*

4. Soma Abagalatiya 3:10. Niba tugiye kugirwa abakiranutsi no kubahiriza amategeko y'Imana, ni angahe tugomba kubahiriza?
_____

Kandi ni ukuyubahiriza kugeza ryari? _____

_____

Urimo urabona impamvu tudatsindishirizwa no kuba beza bihagije? _____

**Abagalatiya 3:10** *Abiringira imirimo itegetswe n'amategeko bose ni ibivume, kuko byanditswe ngo Havumwe umuntu wese udahirimbanira ibyanditswe mu gitabo cy'amategeko byose ngo abikore.*

5. Soma Abagalatiya 2:16. Gutsindishirizwa ni impano yo gukiranuka, itangwa n'Imana, ishyikiriza umuntu gukiranuka n'ubusabane n'Imana. Gutsindishirizwa kw'abanyabyaha kubonerwa mu kwizera Yesu Kristo kandi gusohozwa rimwe kugeza iteka binyuze mu rupfu n'umuzuko bye (1 Abakorinto 15:3-5, n'Abaroma 4:25). Ni iki kidatsindishiriza umuntu? _____

_____

Umuntu akizwa ate? _____
Ni bangahe bazatsindishirizwa n'amategeko? _____

_____

**Abagalatiya 2:16** *Nyamara tumenye yuko umuntu adatsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko, ahubwo atsindishirizwa no kwizera Yesu Kristo. Dore ndetse natwe twizeye Kristo Yesu kugira ngo dutsindishirizwe no kwizera, bitavuye ku mirimo itegetswe n'amategeko kuko ari nta muntu uzatsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko.*

6. Soma Abaroma 6:14. Nk'umukristo, utwarwa ...?

   A. N'amategeko.
   B. N'ubuntu.

**Abaroma 6:14** *Ibyaha ntibikabategeke kuko mudatwarwa n'amategeko, ahubwo mutwarwa n'ubuntu.*

7. Soma Ezekiyeli 18:20. Iyo uba watwarwaga n'amategeko igihano cyawe cyaba ikihe? _____

   **Ezekiyeli 18:20** *Ubugingo bukora icyaha nibwo bupfa, umwana ntazazira ibyaha bya se kandi na se ntazazira ibyaha by'umwana we, gukiranuka k'umukiranutsi kuzaba kuri we, kandi ibyaha by'umunyabyaha bizaba kuri we.*

8. Soma Abaroma 4:6-8. Mu gutwarwa n'Ubuntu, ni ibihe bintu bitatu Imana ikorera ibyaha byawe? _____
   _____
   _____
   _____

   **Abaroma 4:6-8** *Nk'uko Dawidi na we yeruye amahirwe y'umuntu, uwo Imana ibaraho gukiranuka atabiheshejwe n'imirimo ati [7] Hahirwa ababarirwa ibicumuro byabo, kandi ibyaha byabo bigatwikirwa. [8] Hahirwa umuntu Uwiteka atazabaraho icyaha.*

9. Soma Abaroma 5:1. Ubu twatsindishirijwe, ni iyihe nyungu biduha twishimira? _____

   **Abaroma 5:1** *Nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo.*

10. Soma Abaroma 5:9. Ubu ubwo twatsindishirijwe n'amaraso ya Yesu ni iki tuzakizwa? _____

    **Abaroma 5:9** *Nkanswe none ubwo tumaze gutsindishirizwa n'amaraso ye, ntituzarushaho gukizwa umujinya w'Imana na we?*

11. Soma Abaroma 10:4. Yesu yasoje amategeko nk'uburyo bwo kutubonera ...? Imbere y'Imana. _____

**Abaroma 10:4**. *Kuko Kristo ariwe amategeko asohoraho kandi ni we uhesha uwizera wese gukiranuka.*

12. Soma 1 Abakorinto 1:30. Imana yagize Yesu kutubera …? __
_____
_____

**1 Abakorinto 1:30** *Ni yo ibaha kuba muri Kristo Yesu waduhindukiye ubwenge buva ku Mana, no gukiranuka no kwezwa no gucungurwa.*

13. Soma Abafilipi 3:9. Iyo utwawe n'amategeko ya Mose, uba ugerageza kwibonera …? _____

**Abafilipi 3:9** *Kandi mboneke ko ndi muri we ntafite gukiranuka kwanjye kuva mu mategeko, ahubwo mfite ukuzanwa no kwizera Kristo, ariko gukiranuka kuva ku Mana guheshwa no kwizera.*

14. Soma 1 Abakorinto 11:1. Nk'abakristo, tubayeho dutwarwa n'itegeko rya Kristo. Itegeko rya Kristo ntabwo ari urukomatane rw'amahame yo kubahiriza; ni ukuba mu buzima wumvira umuntu. Uwo muntu ni? _____

**1 Abakorinto 11:1** *Mugere ikirenge mu cyanjye, nk'uko nanjye nkigera mu cya Kristo.*

15. Soma Abaroma 8:3. Ntibyashobokaga ko amategeko adukiza, si uko amategeko yari mabi, ahubwo ni uko mu ntege nke zacu za …? Ntitwari gushobora kuyubahiriza. _____

**Abaroma 8:3** *Kuko ibyo amategeko yananiwe gukora ku bw'intege nke za kamere yacu, Imana yabishohoje ubwo yatumaga Umwana wayo afite ishusho ya kamere y'ibyaha kuba igitambo cy'ibyaha icira ibyaha bya kamere ho iteka.*

## ISOMO 9

# NTIDUTWARWA N'AMATEGEKO, AHUBWO DUTWARWA N'UBUNTU

**Na Don Krow**

Ijoro ryashize narose umugore wari uri guhanwa azira ibintu bibi byose yakoze (ibyaha bye). Umugabo yari ari kumukurikira, hanyuma yakora ikosa, uwo mugabo akazunguza umutwe we ameze nk'ufite iseseme ubundi agakuramo umukandara we, akamukubita. Iyo yavugaga ijambo ribi cyangwa akagira icyo akora nabi yaramuhanaga. Yaracumbagiraga ariko akagerageza kumwenyura no kwerekana ko nta kibazo afite, ariko agakomeza gukora ibintu byamushyiraga mu kaga. Ntibyari ibintu bikomeye, ariko buri kantu kose uyu mugabo yabonaga akoze nabi byatumaga akubitwa. Byasaga nkaho nta byiringiro. Ntabwo yabashaga gukora ibintu bitatuma ajya mu kaga. Ndibuka ko numvise mubabariye. Nashatse kumufasha kugira ngo ahunge umugabo w'umugome wahoraga amukubita. Hanyuma mpita nkanguka.

Ntangira gutekereza ku buntu bw'Imana budaharanirwa, igikundiro kitadukwiriye ndetse n'ubushobozi bw'Imana. Iyo umutima uhagaze mu buntu, ntabwo tuba tukigerageza kubona kwemerwa n'Imana bitewe n'Imirimo yacu cyangwa no kugerageza kubahiriza amategeko yayo mu mbaraga zacu n'ubushobozi bwacu. Tubasha gukira inkoni zidukwiriye kubera kunanirwa amategeko y'Imana. Tugatabarwa na Yesu.

Tekereza ku gikundiro. Bisobanuye kwemerwa n'umuntu,

gushyigikirwa, cyangwa umugisha. Iyo ushaka igikundiro cy'umuntu, ni iki ukora? Ugerageza gukora no kuvuga ikintu icyo aricyo cyose cyamushimisha, ukareka ikitamushimisha. Ni ugukora neza igihe cyose. Ese ibyo birashoboka? Ni nko gushaka kuhinyura imbaraga za rukuruzi. Wabikora akanya gato, ariko birangira bikunaniye. zikurusha gukomera.

Nabisanishije na wa mugore narose mu nzozi. Numvise nkaho igihe nagerageje uko nshoboye gukora buri kintu neza ariko nkananirwa gato bigatuma ntsindwa. Nari naratekereje ko ndamutse maze umunsi umwe nta kosa nkoze naba ngeze ku kintu gifatika. Ariko oya. Intege nke zanjye zatumaga iteka ntaba umuziranenge. Natekereje ko usibye kuba naratengushye Data wo mu ijuru, nanjye niciraga urubanza nkikubita. Nari naniwe. Nahoraga nita ku byo nshoboye no ku byo uko ntenguha Data wo mu ijuru ahubwo hari igihe nanjye niciraho iteka nki kubita. Naratsinzwe. Narebaga ku byo ntashoboye . Sinari nshyitse, sinari mwiza bihagije wo kubona amanota, nari nkeneye umuntu wo kunkiza!

Imana mu mbabazi zayo yatwoherereje umufasha; Izina rye ni Yesu. Imana yamwohereje kugira ngo aducungure kwirwanirira kwacu no kunanirwa kubahiriza amategeko yayo. Yesu yafashe igihano cy'amategeko tutashoboraga kubahiriza kugira ngo tudapfa, ahubwo tubohoke tugire ubuzima buhoraho hamwe na we. Yesu yaduhaye impano yo gukiranuka kugira ngo tubashe kuba abera n'abakiranutsi imbere y'Imana Data no gusohoza ibyo amategeko asaba. Dufite amahoro hamwe n'Imana bitewe nibyo yadukoreye mu rupfu rwe, mu guhambwa no mu kuzuka. Dufite igikundiro ku Mana, kitakorewe kandi kitadukwiriye. Ubwo ni Ubuntu.

Kwizera ibi, umutima wawe ugomba kuba ushikamye nta gushidikanya, ukamenya ko ibi yabikoze kuko agukunda. Reka umutima wawe, utekane,ukomere kandi ushikame mu buntu bwayo;

bivuze gushikama nta kwibaza cyangwa gushidikanya ko yaduhaye buri kintu dukeneye kugira ngo tubeho ubuzima busendera muri Yesu kandi binyuze muri we.

Iyo dukomeje kureba no guhanga amaso intege nke zacu, amakosa, n'ibyaha aho kureba Yesu watangije kwizera kwacu akaba ari nawe gusohoreramo, imitima yacu izababara nta n'intege dufite zo kwizera ko hari icyo twabona kivuye ku Mana. Ni umutima twizeza tukakira gukiranuka kwayo n'ubuntu. Imitima yacu yose igomba kuba ari iyayo. Uko niko tuzaba tunyuzwe kandi turuhutse. *Rinda umutima wawe kuruta ibindi byose birindwa, kuko ari ho iby'ubugingo bikomoka.* (Imigani 4:23 Bibiliya Yera).

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. "Ubuntu" bwasobanuwe gute muri iri somo? _____
_____

2. Mu gihe umutima ushikamye mu buntu, ntabwo tuba tukigerageza gukorera kwemerwa n'Imana binyuze ...? _____
_____

3. Soma Abaheburayo 10:14. Intege nke za Don iteka za mutezaga kutaba intungane. Ni gute duhinduka abatunganye ukurikije uyu murongo? _____
_____

   **Abaheburayo 10:14** *Kuko abezwa yabatunganishije rwose igitambo kimwe kugeza iteka ryose.*

4. Soma Abaroma 5:17. Yesu yaduhaye i …? Yo gukiranuka kugira ngo tubashe kuba abera n'abakiranutsi imbere y'Imana Data no kugira ngo twuzuze ibisabwa n'amategeko. _____
_____

   **Abaroma 5:17** *Kuko ubwo igicumuro cy'umwe cyateye ko urupfu rwimikwa n'umwe, ni na ko abahawe Ubuntu busesekaye n'impano yo gukiranuka bazarushaho kwimikanwa ubugingo n'umwe ari we Kristo.*

5. Soma Yesaya 26:3. Niba dukomeje kureba no guhanga amaso intege nke zacu, amakosa n'ibyaha, aho gutumbira Yesu we Banze no gusohozwa ryo kwizera kwacu, imitima yacu izababara icike imbaraga zo kwemera ko hari icyo twakwakira kiva ku Mana. Ni iki tugoma kugumishaho umutima wacu? _____
_____

**Yesaya 26:3** *Ugushikamijeho umutima uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringiye.*

6. Soma Abefeso 3:17. Imitima yacu yose igomba kuba ari imwiyeguriye. Ubwo nibwo tuzaba …? _____

   **Abefeso 3:17** *Kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu ku bwo kwizera, kugira ngo ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo mukaba mushikamye.*

7. Abaroma 4:5. Agakiza ni igihembo gikorerwa cyangwa ni impano y'ubuntu bw'Imana? _____

   **Abefeso 4:5** *Ariko rero udakora ahubwo akizera Utsindishiriza abanyabyaha, kwizera kwe kuhwanirizwa no gukiranuka.*

8. Soma Abaroma 5:17. Gukiranuka (kwemerwa imbere y'Imana) ni impano. Ese ugomba gukorera impano? _____
   _____
   Impano uyibona ute? _____

   **Abaroma 5:17** *Kuko ubwo igicumuro cy'umwe cyateye ko urupfu rwimikwa n'umwe, ni na ko abahawe Ubuntu busesekaye n'impano yo gukiranuka bazarushaho kwimikanwa ubugingo n'umwe ari we Kristo.*

9. Soma Abaroma 6:23. Ni iyihe mpano y'ubuntu bw'Imana iri kuri uyu murongo? _____
   _____

   **Abaroma 6:23** *Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu.*

10. Soma Tito 3:5. Ni imirimo n'ibikorwa byawe bingahe bigira icyo byongera mu kubona agakiza kawe? _____

    **Tito 3:5** *Iradukiza, itabitewe n'Imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo idukirisha no guhindurwa bashya n'Umwuka Wera.*

11. Soma Abaroma 6:14. Sobanura mu magambo yawe icyo gutwarwa n'ubuntu bivuze._____
    _____
    _____
    _____
    _____
    _____
    _____
    _____
    _____

    **Abaroma 6:14** *Ibyaha ntibikabategeke kuko mudatwarwa n'amategeko, ahubwo mutwarwa n'ubuntu.*

12. Soma Abaroma 11:6. Niba imigisha y'Imana tuyibona ku bw' Ubuntu, ntabwo ariyo ku ...? _____

    **Abaroma 11:6** *Ariko ubwo bibaye ku bw'ubuntu ntibikiri ku bw'imirimo, kuko bitabaye bityo Ubuntu ntibwaba ari Ubuntu.*

13. Soma Abroma 3:24. Sobanura mu magambo yawe icyo uyu murongo uvuze. _____
    _____
    _____
    _____
    _____

**Abaroma 3:24** *Ahubwo batsindishirizwa n'ubuntu bwayo ibibahereye ubusa, ku bwo gucungurwa kubonerwa muri Yesu Kristo.*

14. Soma Abefeso 1:7. Kubabarirwa kw'ibyaha byacu kwakurikizaga ...? _____
_____

**Abefeso 1:7** *Ni we waduhesheje gucungurwa ku bw'amaraso ye,ari ko kubabarirwa ibicumuro byacu nk'uko ubutunzi bw'ubuntu bwayo buri.*

## ISOMO 10

# NTA MUTIMA WO KWIBARAHO ICYAHA

### Na Don Krow

Umunsi umwe umusinzi yinjiye mu modoka ye, atwara agana mu cyerekezo kitari cyo, ageze imbere agongana n'indi modoka. Muri iyi mpanuka, umukobwa muto w'imyaka cumi n'umunani arapfa. Umuryango w'uyu mukobwa urega uyu mugabo utsindira miliyoni 1.5 y'amapawundi mu rubanza.

Aho kujyana amafaranga umuryango w'umukobwa unyurwa n'amapawundi 936. Impamvu yari uko bashakaga ko uyu mugabo yishyura aya mafaranga mu buryo bwihariye. Bashatse ko uwo umuntu wari wasinze yibuka icyo yari yarakoze. Yagombaga kujya yandika sheke mu mazina y'umukobwa yishe, y'ipawundi rimwe, akayoherereza umuryango buri cyumweru. Watekereza ko kunyurwa na £936 ari byo byiza ugereranije n'amapawundi miliyoni 1.5. Bigitangira, kwishyura £1 buri cyumweri byari byoroshye, ariko haciye igihe gito, kwandika sheke mu izina ry'umukobwa yishe bitangira kuganza ibitekerezo bye. Buri cyumweru yajyaga mu gahinda gakomeye, atekereza umukobwa yishe.

Haciyeho imyaka akora ibyo, arekeraho kwishyura. Umuryango urongera umusubiza mu rukiko ba mutegeka gusubukura ubwishyu. Imyaka itandatu cyangwa irindwi ya nyuma, areka kwishyura inshuro enye cyangwa eshanu. Ariko, buri gihe uko ba mujyanaga mu rukiko yahitaga asubukura ubwishyu.

Umuryango wavuze ko utakirakaye, ariko bashakaga ko yibuka

ibyo yari yarakoze. Niba ubitekerejeho, umuryango uraboshye kimwe na wa mugabo wishyura. Buri cyumweru babona sheke ibibutsa uwo babuze, ni ukuvuga ko badashobora kurenga urupfu rw'umukobwa wabo.

Uwo mugabo ubu arimo kurega umuryango icyo yita "igihano cy'ubugome kandi kidasanzwe." Aravuga ati, "Uku ni ukunyica! Ni ukwangiza ubugingo bwanjye! Sinakwibagirwa ibyabaye ngo nkomeze ubuzima bwanjye."

Tugendeye kuri iyi nkuru, nahuye n'abakristo benshi bumva ko bari mu gihano gisa nk'iki. Babwiwe ko "Yesu yishyuye byose," ariko baracyumva ko bagomba kugira ubwishyu bwa buri cyumweru bakurikiza amabwiriza y'idini, bitaba ibyo Imana ntibemere.

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Ni uwuhe mubano uyu mugabo yagirana n'uriya muryango mu gihe iki kintu gisa gutya kigikomeza? _____
   _____

2. Soma Abaheburayo 10:1. Ni iki itegeko ritashoboraga gukora?
   _____
   _____

3. Soma Abaheburayo 10:1. Ni iki uyu murongo utwereka nk'ikimenyetso cy'uko ibitambo by'Isezerano rya Kera bitari bihagije mu kutugira intungane? _____
   _____
   _____
   _____

   **Abaheburayo 10:1** *nubwo amategeko ari igicucu cy'ibyiza bizaza akaba adafite ishusho yabyo ubwabyo, ntabwo yabasha gutunganya rwose abegera igicaniro, abatunganishe ibitambo bahora batamba uko umwaka utashye.*

4. Soma Abaheburayo 10:2. Niba igitambo gishobora guhangana n'icyaha bya nyabyo cyaraje, bimaze iki ku basenga? _____
   _____
   _____

   **Abaheburayo 10:2** *Iyo abibasha ntibaba bararorereye kubitamba? Kuko abasenga baba barejejwe rwose ntibabe bakimenyaho ibyaha.*

5. Ni iki umushoferi wari wasinze yategetswe gukora? _____
   _____

6. Soma Abaheburayo 10:14. Imana itunganisha abantu bayo na …?

   A. Imirimo myiza.
   B. Kujya gusenga.
   C. Kubahiriza amategeko icumi.
   D. Ituro (igitambo) cya Yesu.

7. Soma Abaheburayo 10:14. Ituro rya Yesu (ryakiranywe kwizera) ritunganya abizera ..?

   A. Kugeza ikindi gihe bacumuye.
   B. Uhereye ku byaha byabo bya kera.
   C. Igihe cyose.

   **Abaheburayo 10:14** *Kuko abezwa yabatunganishije rwose igitambo kimwe iteka ryose.*

8. Soma Itangiriro 20:1-18. Ni abahe bantu babiri bavuzwe muri iyi nkuru? _____
   _____

   **Itangiriro 20:1-18** *Aburahamu avayo agenda yerekeje i Negebu, atura hagati y'I Kadeshi n'i Shuri, asubira i Gerari. [2] Aburahamu avuga Sara umugore we ati "Ni mushiki wanjye", Abimeleki umwami w'i Gera atumira Sara aramujyana .[3] Maze Imana ibonekera Abimereki mu nzozi ninjoro, iramubwira iti "Umeze nk'intumbi ku bwa wa mugore wenze, kuko afite umugabo." [4] Ariko Abimereki yari ataramwegera, arayibaza ati "Mwami, wakwica ishyanga nubwo rikiranuka? [5] Ubwe si we wavuze ati "Ni mushiki wanjye'? N'umugore na we ubwe ntiyavuze ati 'Ni musaza wanjye'? Icyo nkoze icyo, ngikoze mfite umutima ukiranutse n'amaboko atanduye." [6] Imana imusubiriza mu nzozi iti "Koko nzi yuko ukoze ibyo ufite umutima ukiranutse,*

*kandi nanjye nakubujije kuncumuraho, ni cyo cyatumye ntagukundira kumukoraho.* [7] *Noneho subiza uwo mugabo umugore we, kuko ari umuhanuzi, azagusabira ukarama. Ariko nutamusubiza, umenye yuko utazabura gupfana n'abawe bose.* [8] *Abimereki azinduka kare kare, ahamagaza abagaragu be bose, abatekerereza ibyo byose, baratinya cyane.* [9] *Maze Abimereki ahamagaza Aburahamu aramubaza ati "Watugize ibiki? Nagucumuyeho iki, cyatumye unshyiraho jyewe n'ubwami bwanjye icyaha gikomeye? Wankoreye ibidakwiriye gukorwa."* [10] *Abimeleki arongera abaza Aburahamu ati "Wabonye iki cyagukoresheje ibyo?"* [11] *Aburahamu aramusubiza ati "Ni uko nibwiraga ntashidikanya yuko aha hantu nta kubaha Imana guhari, kandi nanjye nari nzi ko bazanyica bampora umugore wanjye.* [12] *Erega ni mushiki wanjye, ni mwene data, ariko si mwene mama, kandi koko naramurongoye.* [13] *Kandi ubwo Imana yankuraga mu nzu ya data ikanzerereza, naramubwiye nti 'Iyo ni yo neza uzajya ungirira, aho tuzajya tugera hose ujye uvuga yuko ndi musaza wawe.* [14] *Abimeleki azana intama n'inka n'abagaragu n'abaja, abiha Aburahamu, amusubiza na Sara umugore we.* [15] *Abimeleki aramubwira ati "Igihugu cyanjye kiri imbere yawe, uture aho uzashaka hose."* [16] *Abwira na Sara ati "Dore mpaye musaza wawe ibice by'ifeza igihumbi, ni byo bizaba ibyo gukinga mu maso y'abo muri kumwe bose."* [17] *Aburahamu asaba Imana, ikiza Abimeleki n'umugore we n'abaja be, barabyara.* [18] *Kuko Uwiteka yari yazibye inda z'abo mu rugo rwa Abimeleki bose, abahora Sara umugore wa Aburahamu.*

9. Soma Itangiriro 20:2 na 5. Mu nkuru ni nde washutse akabeshya mugenzi we? _____

**Itangiriro 20:2** *Aburahamu avuga Sara umugore we ati "Ni mushiki wanjye", Abimeleki umwami w'i Gera atumira Sara*

*aramujyana [5] Ubwe si we wavuze ati "Ni mushiki wanjye'? N'umugore na we ubwe ntiyavuze ati 'Ni musaza wanjye'? Icyo nkoze icyo, ngikoze mfite umutima ukiranutse n'amaboko atanduye.*

10. Soma Itangiriro 20:7. Ndahamya ko Imana itigeze ishyigikira ibikorwa bya Aburahamu. Ariko se Imana yari iri ku ruhande rwande, Aburahamu cyangwa Abimeleki? _____ Kuki? Soma Itangiriro 15:1, 18 na Yakobo 2:23. _____
_____
_____

**Itagiriro 20:7** *Noneho subiza uwo mugabo umugore we, kuko ari umuhanuzi, azagusabira ukarama. Ariko nutamusubiza, umenye yuko utazabura gupfana n'abawe bose.*

**Itangiriro 15:1, 18** *Hanyuma y'ibyo, ijambo ry'Uwiteka riza kuri Aburamu, mu iyerekwa riti "Aburamu, witinya ni jye ngabo igukingira, uzagororerwa ingororano ikomeye cyane." ... [18] Kuri uwo munsi Uwiteka asezeranya Aburahamu isezerano, ati "Urubyaro rwawe nduhaye iki gihugu, uhereye ku ruzi rwa Ufurati."*

**Yakobo 2:23** *Ni cyo cyatumye ibyanditswe bisohora, bya bindi bivuga ngo "Aburahamu yizeye Imana bimuhwanirizwa no gukiranuka", yitwa incuti y'Imana.*

11. Soma Itangiriro 20:7, 17-18. N'ubwo Aburahamu yari mu makosa, ni nde Imana yavuze ko agomba gusengera undi?

    A. Aburahamu yagombaga gusengera Abimeleki.
    B. Abimeleki yagombaga gusengera Aburahamu.
    C. Bagombaga gusengerana.

**Itangiriro 20:7; 17-18** *Noneho subiza uwo mugabo umugore we, kuko ari umuhanuzi, azagusabira ukarama. Ariko nutamusubiza, umenye yuko utazabura gupfana n'abawe.* [17] *Aburahamu asaba Imana, ikiza Abimeleki n'umugore we n'abaja be, barabyara.* [18] *Kuko Uwiteka yari yazibye inda z'abo mu rugo rwa Abimeleki bose, abahora Sara umugore wa Aburahamu.*

12. Soma Abaroma 8:31. Nubwo rimwe na rimwe tunanirwa, ninde uri ku ruhande rwacu? _____

**Abaroma 8:31** *None ubwo bimeze bityo tuvuge iki? Ubwo Imana iri mu ruhande rwacu umubisha wacu ni nde?*

13. Soma Abaroma 4:8. Nubwo dukora amakosa, ni iki Imana ivuga ko itazakora? _____
_____

**Abaroma 4:8** *Hahirwa umuntu Uwiteka atazabaraho icyaha.*

14. Soma Abaheburayo 8:12-13. Mu Isezerano Rishya, ni iki Imana ya sezeranije ko itazakora? _____
_____

**Abaheburayo 8:12-13** *Kuko nzababarira gukiranirwa kwabo, kandi ibyaha byabo sinzabyibuka ukundi.* [13] *Ubwo Uwiteka yavuze ati "Isezerano rishya", ibyo bigaragaza yuko yashajishije irya mbere, kandi igishaje kikaba gikuru kiba cyenda gushira.*

15. Soma Abefeso 2:5; 8-9 Dukizwa dute? _____
_____
_____

**Abefeso 2:4; 8-9** *Ku bw'urukundo rwinshi yadukunze, ubwo twari*

*dupfuye tuzize ibicumuro byacu (Ubuntu ni bwo bwabakijije) … [8] Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera,ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana. [9] Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira.*

16. Soma Tito 3:5. Ni gute tudakizwa? _____
_____
Ni gute dukizwa? _____
_____
_____

**Tito 3:5** *Iradukiza, itabitewe n'imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo idukirisha kuhagirwa ari ko kubyarwa ubwa kabiri, ikadukirisha no guhindurwa bashya n'Umwuka Wera.*

17. Soma Abefeso 1:6. Tuzahimbaza Imana iteka ryose kubwo kuducungurisha …? _____
Kuko yatugize…? Mu Mukunzi wayo (Yesu Kristo). _____

**Abefeso 1:6** *Kugira ngo Ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe, ubwo yaduhereye mu Mukunzi wayo.*

## ISOMO 11

# NDAKUNZWE, NDI MWIZA

### Na Don Krow

Umunsi umwe, Michael yaje mu biro byanjye kugira ngo ambwire amakuru y'ibanga yerekeye umwe mu banyeshuri bagenzi be. Ubwo narimo kwigisha imwe mu nyigisho zanjye ku ishuri rya Bibiliya Charis, Patricia yarimo kwiyandikira ibye. Muri bimwe yandikaga byari bigizwe n'aya magambo: Ndakunzwe, ndi mwiza," etc. Patricia yari wa muntu ukunda iteka kwambara imyambaro ituma bamureba. Impamvu nyayo yatumye Patricia yandika aya magambo si uko yumvaga akunzwe cyangwa ngo yumve ko ari mwiza, ahubwo yumvaga yaratawe kandi yanzwe.

Abantu twese tugira ibintu bya ngombwa dukenera- kwifuza gukundwa, kwemerwa, no guhabwa agaciro ndetse no kumva ko hari icyo tumaze no kumenya ko dutunganye imbere y'Imana. Kimwe mu gihome Satani akoresha mu kurwanya abizera ni amarangamutima yo kwicira urubanza no kwiciraho iteka, kandi buri gihe bigakorwa twumva ko ari iby'Umwuka.

Aha hari ikibazo: Ni ba nde muri mwe bwa mbere mumaze kuza kwa Yesu mwabwiwe ko Yesu atazabakunda gusa ahubwo ko kuko wamwemeye, azakubera gukiranuka gukwiriye? Mu by'ukuri, gukiranuka azaguha niko gukiranuka konyine wakenera (1 Abakorinto 1:30 *haravuga ngo, Ni yo ibaha kuba muri Kristo Yesu waduhindukiye ubwenge buva ku Mana, no gukiranuka no kwezwa no gucungurwa).* Iyi niyo nkuru nziza y'ubutumwa: *Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni: kuko ari imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukizwa, uhereye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki, kuko muri bwo ari na mo gukiranuka kuva ku Mana guhishurirwa, guheshwa*

*no kwizera kugakomezwa na ko, nk'uko byanditswe ngo "Ukiranuka azabeshwaho no kwizera!"* (Abaroma 1:16-17). *Ariko rero udakora ahubwo akizera Utsindishiriza abanyabyaha, kwizera kwe kumuhwanirizwa no gukiranuka.* (Abaroma 4:5). Imana ntabwo yigeze iduhamagarira kwiringira ukwizera runaka cyangwa kwizera gutuma ubona ibintu, ahubwo ni ukuyigirira icyizere, ukayiringira, ukayishingikirizaho.

Imana ntiyagukunda birenze uko igukunda. Ni urukundo (1Yohana 4:8). Ariko wakwakira urwo rukundo biruseho, ukarwumva biruseho, ukanarubamo biruseho. Uko urushaho kubyizera, ni nako uzisanga ukunze Imana. *Ibyanditswe biravuga*, *Turayikunda kuko ari yo yabanje kudukunda* (1 Yohana 4:19). Tekereza kuri ibi, ubyizere, ubyakire!

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Abaroma 8:38-39. Ni iki Intumwa Pawulo yamenye? ___
_____
_____
_____
_____
_____
_____
_____
_____

**Abaroma 38:38-39** *Kuko menye neza yuko naho rwaba urupfu cyangwa ubugingo, cyangwa abamarayika cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho cyangwa ibizaba cyangwa abafite ubushobozi, [39] cyangwa uburebure bw'igihagararo, cyangwa uburebure bw'ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose, bitazabasha kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu Umwami wacu.*

2. Ubwo nari mw'ishuri rya Bibiliya, Nari mfite umwarimu wakundaga gutanga inyigisho zivuga gutya: "gutsindishirizwa ni igikorwa cy'ubucamanza aho Imana yita ukiranutse buri muntu wizera, **si ukugira** umukiranutsi." Ariko uko nasomaga ibyanditswe ubwanjye, naje kwemezwa ko **gutsindishirizwa ari impano yo gukiranuka ituma uba ukiranuka mu maso y'Imana.** Soma Abaroma 5:19. Binyuze mu kumvira kwa Yesu Kristo (ko kubahiriza amategeko no kujya ku musaraba), benshi baza …?

   A. Bazitwa abakiranutsi.
   B. Bazatekerezwa ko bakiranuka.
   C. Bazagirwa abakiranutsi.

**Abaroma 5:19** *Kandi nk'uko kutumvira Imana k'umuntu umwe kwateye ko benshi baba abanyabyaha, ni ko no kuyumvira k'umwe kuzatera ko abenshi baba abakiranutsi.*

3. Soma 2 Abakorinto 5:21. "Kuko utigeze kumenya icyaha [Yesu Kristo] yamuhinduye [Imana] kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke ...? (gushimangira ni ukwanjye). ___
_____

**2 Abakorinto 5:21.** *"Kuko utigeze kumenya icyaha [Imana] yamuhinduye kuba [Yesu Kristo] icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana.*

4. Soma Abakolosayi 1:21-22. Yesu Kristo yaje ku isi apfira ibyaha byacu. Kubera ibi, duhagarara mu kubaho kw'Imana nk'abantu bera, badafite ikosa, b'abaziranenge mu …?

   A. Mu maso y'umugore wawe.
   B. Mu maso yinshuti zawe.
   C. Mu maso y'Imana.

**Abakolosayi 1:21-22** *Namwe abari badatunganijwe n'Imana kera, mukaba mwari abanzi bayo mu mitima yanyu no ku bw'imirimo mibi, [22] none yiyungishije namwe urupfu rw'umubiri we, ngo abashyire imbere yayo muri abera n'abaziranenge.*

5. Soma Abefeso 1:6. Tuzahimbaza Imana iteka ryose kubw'ubuntu bwayo kuko yaduhinduye …? _____
_____

**Abefeso 1:6** *Kugira ngo Ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe, ubwo yaduhereye mu Mukunzi wayo.*

6. Soma Abaheburayo 10:14. Binyuze mu gitambo cya Yesu cyo ku

musaraba, twatunganijwe kumara igihe kingana iki?

A. Kugeza igihe wongeye gucumura.
B. Kugeza igihe ugiye gusenga.
C. Iteka cyose.

**Abaheburayo 10:14** *Kuko abezwa yabatunganishije rwose igitambo kimwe kugeza iteka ryose.*

7. Soma Abaheburayo 10:15-17. Mu Isezerano Rishya, Imana yasezeranije kutibuka ibyaha byacu ...?

A. Buri gihe tugize icyaha dukora.
B. Igihe tutishyuye ibyacumi.
C. Ukundi.

**Abaheburayo 10:15-17** *Kandi n'Umwami Wera ni we mugabo wo kuduhamiriza ibyo, amaze kuvuga ati [16] "Iri ni ryo sezerano nzasezerana na bo, Hanyuma y'iyo minsi, ni ko Uwiteka avuga, Nzashyira amategeko yanjye mu mitima yabo, Kandi mu bwenge bwabo ni ho nzayandika." [17] Ibyaha byabo n'ubugome bwabo sinzabyibuka ukundi.*

8. Soma Abaroma 6:1-2. Ubuntu bw'Imana buruta ibyaha byacu byose. Ese twaguma mu byaha kugira ngo Ubuntu bw'Imana bukomeze kugaragara ko busaze? _____

**Abaroma 6:1-2** *Nuko tuvuge iki? Tugumye gukora ibyaha ngo Ubuntu busage? [2] Ntibikabeho! Mbese twebwe abapfuye ku byaha, twakomeza kuramira muri byo dute?*

9. Soma Abaheburayo 9:12. Ni ukuhe gucungurwa (kugirwa ab'umudendezo ku gihano cy'ibyaha byacu) Yesu yatuboneye?

A. Gucungurwa kw'akanya gato.
B. Gucungurwa kw'igice.
C. Gucungurwa kw'iteka.

**Abaheburayo 9:12.** *Kandi ntiyinjijwe Ahera cyane n'amaraso y'ihene cyangwa n'ay'ibimasa, ahubwo, yahinjijwe rimwe n'amaraso ye amaze kutubonera gucungurwa kw'iteka.*

10. Soma Abaroma 8:33. Vuga umuntu warega intore z'Imana. ___
_____

**Abaroma 8:33** *Ni nde uzarega intore z'Imana? Ni Imana kandi ari yo izitsindishiriza?*

11. Soma Abaroma 8:34. Vuga umuntu wacira iteka (gushinja) intore z'Imana. _____

**Abaroma 8:34** *Ni nde uzaciraho iteka? Ni Kristo Yesu kandi ari we wazipfiriye, ndetse akaba yarazutse ari iburyo bw'Imana adusabira?*

12. Soma Abaroma 8:35. Vuga umuntu watandukanya Umukristo n'urukundo rw'Imana. _____

**Abaroma 8:35** *Ni nde wadutandukanya n'urukundo rwa Kristo? Mbese ni amakuba, cyangwa ni ibyago, cyangwa ni inzara, cyangwa ni ukuba mu kaga, cyangwa ni inkota?*

13. Soma Abaroma 8:31. Ni uwuhe mwanzuro w'iri somo ry'abigishwa? _____

**Abaroma 8:31** *None ubwo bimeze bityo tuvuge iki? Ubwo Imana iri mu ruhande rwacu umubisha wacu ni nde?*

## ISOMO 12

# IMBUTO Y'AGAKIZA (IGICE CYA 1)

### Na Don Krow

Ese igikorwa kimwe cyo kwizera "cyakiza" niba kidakomeje? Cyarekeraho ariko kikazabona isezerano? Aburahamu yizeye Imana hanyuma abarwaho gukiranuka (Itangiriro 15:6). Iyo kwizera kwa Aburahamu kurangira(guhagarara), ese gukiranuka yabazweho kwari guhagarara ?

Mu byanditswe, tuzi ko "kwizera" gutangira ari nk'igikorwa gikozwe rimwe kidasubirwamo (**igihe cya burundu**) ariko gikomereza mu buzima bwa Gikristo nkuko bigaragazwa **n'indagihe mu** Kigiriki. Amagambo atanzwe mu **ndagihe** aba yitezwe ko akomeza, cyangwa asubirwamo, mu mikoreshereze. Iyo ukoresha **indagihe**, dutanze aya magambo akurikira ku musomyi wa Bibiliya, twakongera imyumvire ye y'ibice bya Bibiliya. Amagambo ni aya: **asubiwemo; ni ukuvuga, kenshi, adahinduka, bimenyerewe, nk'ingeso cyangwa ibimenyerewe cyangwa imibereho, cyangwa bitabogamiwe.** Ita kuri ibi bice bikurikira n'uburyo kugaragazwa kwabyo mu ndagihe y'Ikigiriki bibigiraho ingaruka:

*Yohana 3:16 Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera (**indagihe: uwizera agakomeza kwizera**) wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.*

*Abaheburayo 10:4 Kuko abezwa yabatunganishije rwose*

*igitambo kimwe kugeza iteka ryose.* ***(indagihe: abo batoranijwe baguma gutyo, icyo gitambo kimwe cyarabatunganije kugeza iteka ryose . Ubusobanuro bundi buvuga "bahindurwa abera").***

1 Yohana 3:9 *Umuntu wese wabyawe n'Imana ntakora ibyaha (**Indagihe: bivuze ko ntakomeza gukora ibyaha nkaho aribwo buzima bwe, agaragaza umutima utihana**), kuko imbuto yayo iguma (**indagihe: Imbuto y'Imana iguma kandi igakomeza kuguma**) muri we: kandi ntashobora (**indagihe: nkaho aribwo buzima bwe cyangwa nk'utabangamirwa**) gukora ibyaha, kuko yabyawe n'Imana.**(indagihe: imbuto y'Imana igumaho kandi igakomeza kugumaho)***muri we: kandi ntashobora (**indangihe: nk'ubuzima bwe cyangwa ntakimutangira**) icyaha, kuko yabyawe n'Imana.*

Mariko 1:5 *Igihe kirasohoye, ubwami bw'Imana buri hafi. Nuko mwihane (**indagihe: bivuze kwihana ugakomeza kwihana kenshi bijyanye n'imimerere cyangwa uko bikenewe**), mwemere (**indagihe: bivuze kwemera ugakomeza kwemera**) ubutumwa bwiza.*

Yohana 5:24 *Ni ukuri ni ukuri, ndababwira yuko uwumva ijambo ryanjye akizera (**indagihe: agakomeza kwizera**) uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo.*

Luka 15:7 *Ndababwira yuko mu ijuru bazishimira batyo umunyabyaha umwe wihannye (**indagihe: akaguma mu kwihana**), kumurutisha abakiranutsi mirongo urwenda abakiranutsi mirongo urwenda n'icyenda badakwiriye kwihana.*

Ibyakozwe n'Intumwa 17:30 *Nuko iyo minsi yo kujijwa Imana yarayirengagije, ariko none itegeka (**indagihe: ikomeza gutegeka**)*

*abantu bose bari hose kwihana, (**indagihe: kukomeza kwihana**).*

Yohana 6:47 *Ni ukuri ni ukuri, ndababwira yuko uwizera (**indagihe: agakomeza kizera**) ari we ufite ubugingo buhoraho.*

Abaroma 4:5 *Ariko rero udakora ahubwo akizera (**indagihe: agakomeza kwizera**) Utsindishiriza abanyabyaha, kwizera kwe kumuhwanirizwa no gukiranuka.*

Ibyakozwe n'Intumwa 26:20 *Ahubwo mbaza ab'i Damasiko, maze,mbwira ab'i Yelusalem n'abo mu gihugu cyose cy'i Yudaya n'abanyamahanga, mbabwiriza kwihana (**indagihe: kandi ngo bakomereze mu kwihana**), no guhindukirira Imana (**indagihe: no gukomeza gukora imirimo, cyangwa ibikorwa bigaragaza kwihana kwawe**) bakora imirimo ikwiriye abihannye*

Umwanzuro: **Indagihe** mu byanditswe ikoreshwa inshuro magana. Intego yanjye si iyo kwerekana ibyanditswe byose bijyanye niri somo. Ukuri kujyanye no kwizera gukiza ni uko ari igikorwa gihoraho kandi byigishwa mu nyigisho za tewologiya za Arminianism niza Calvinism, nubwo zitangwa zishingiye ku myumvire itandukanye.

Calvinisim, ivuga ku kizere cy'iteka, yigisha ko uwizera nyakuri ashobora gusitara cyangwa akagwa, ariko ko ashikama mu kwizera kwa Gikristo (1 Abakorinto 1:8). Abizera mu mutekano w'iteka bizera kandi ko Umukristo nyakuri yapfuye ku cyaha kandi atazaguma mu cyaha (Abaroma 6:1-3). Abajya kure ya Yesu burundu baba berekana ko batigeze bavuka ubwa kabiri by'ukuri (1 Yohana 2:19).

Tewolojiya y'aba Arminian, yigisha ko uwizera nyakuri ashobora kugwa akava mu kwizera kwa Gikristo. Bizera kandi

bakanigisha ko abava mu byizerwa baba batakaje, cyangwa baba bahombye agakiza kabo. Imyemerere yabo nta mwanya iha abiyita Abakristo (ku izina gusa) baba mu bwigomeke cyangwa bakora icyaha nkana nta mbuto igaragaza kwihana kwabo.

Intumwa Yohana yaravuze ngo *Nituvuga yuko ari nta cyaha dufite tuba twishutse, ukuri kuba kutari muri twe.* (1 Yohana 1:8) ariko yanavuze ko, *Umuntu wese wabyawe n'Imana adakora ibyaha.* (1 Yohana 3:9). Aha dufite kwivuguruza, ariko ntikuri hose mu byanditswe. Abakristo bose baracumura (1 Yohana 1:8), ariko kandi abakristo bose baranumvira(1 Yohana 2:3). Icyaha na kamere biracyagaragara mu bakristo, ariko si abagaragu b'icyaha cyangwa sicyo kintu kibaranga(1 Yohana 3:9) Kwihana nyakuri no kwizera bisaba guhindura imitekerereze, guhinduka mu mutima, guhindura icyerekezo nubwo atari kuba intungane (Ibyakozwe n'Intumwa 26:18 na Yohana 1:8). "Imbuto" niyo ikomeje kuba igipimo cy'ukuri cyo kwizera n'ubunyakuri. Kwizera ni ukwiringira kudasanzwe ntakuka kuyobora imico y'uwizera nyakuri bigakurikirwa n'ibikorwa. Ibi bigaragazwa n'ingero zo kwizera mu Abaheburayo, igice cya 11, zerekana ibikorwa bikuvuyeho. Mu yandi magambo, ibyo dukora ni ingaruka z'ibyo twizera. Igitabo cya Yakobo 2:18 haravuga ngo *Nyereka kwizera kwawe kutagira imirimo, nanjye ndakwereka kwizera kwanjye kugaragazwa n'imirimo yanjye.*

Iyo intumwa zivuga imirimo mu buryo bubi baba bavuga "imirimo y'amategeko" ni ukuvuga, buri kintu umuntu akora kugira ngo abone cyangwa akorere agakiza ke.

Ibyanditswe bivuga kandi no ku mbuto y'agakiza, ariyo mirimo myiza, cyangwa imirimo yo kwizera. Iyo niyo mirimo cyangwa ibikorwa, bituruka mu kwihana no kwizera (Ibyakozwe n'Intumwa 26:20, Matayo 3:7-10, 1 Abatesalonika 1:3 na Yakobo 2:14-26),

byerekana ibimenyetso by'agakiza. Ihuriro riri hagati yo kwihana no kwizera ni uko byombi bigira urubuto rumwe cyangwa ibimenyetso bisa: Imirimo myiza. Ntabwo dukizwa **n'**imirimo myiza, ahubwo dukizwa **ngo** dukore imirimo myiza (Abefeso 2:8-10 hari itandukaniro ryo kuba warakirishijwe **na** no kuba warakijijwe **ngo**). Imirimo ni igipimo cyo kwizera nyakuri, kandi Ubuntu butazana impinduka mu buzima bw'umuntu no mu bikorwa ntabwo bwafatwa nkaho ari Ubuntu nyabwo bw'Imana (Tito 2:11-12). Yesu yigisha ko abizera nyakuri tuzabamenyera ku mbuto zabo (Matayo 3:8, 7:16-20, 25:34-40; Yohana 13:35, 14:23; Ibyakozwe n'Intumwa 26:20; Abaroma 2:6-11; Yakobo 2:14-18; na 1 Yohana 3:10).

## IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Amabwiriza atangwa mu ndagihe aba yitezweho ...? _____
   _____

2. Soma Yohona 3:16. Ushingiye ku ndagihe mu Kigiriki, Ni iki Yohana 3:16 havuga? _____
   _____
   _____
   _____
   _____

   **Yohana 3:16** *Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.*

3. Soma 1 Yohana 3:9. Umuntu wese wabyawe n'Imana ntakora ibyaha. Ibi bivuze iki? _____
   _____
   _____
   _____

   **1 Yohana 3:9** *Umuntu wese wabyawe n'Imana ntakora ibyaha, kuko imbuto yayo iguma muri we: kandi ntashobora gukora ibyaha, kuko yabyawe n'Imana.*

4. Soma Luka 15:7. Mu ijuru haba umunezero k'umunyabyaha umwe wi …? _____

   **Luka 15:7** *Ndababwira yuko mu ijuru bazishimira batyo umunyabyaha umwe wihannye, kumurutisha abakiranutsi mirongo urwenda abakiranutsi mirongo urwenda n'icyenda badakwiriye kwihana.*

5. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 17:30. Imana itegeka abantu bose bari hose kw' ...? _____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 17:30** *Nuko iyo minsi yo kujijwa Imana yarayirengagije, ariko none itegeka abantu bose bari hose kwihana.*

6. Soma Ibyakoze n'Intumwa 26:20. Ni iki uyu murongo uvuga?
_____
_____
_____
_____
_____
_____
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 26:*20*** *Ahubwo mbaza ab'i Damasiko, maze,mbwira ab'i Yelusalemu n'abo mu gihugu cyose cy'i Yudaya n'abanyamahanga, mbabwiriza kwihana, no guhindukirira Imana bakora imirimo ikwiriye abihannye.*

7. Soma 1 Yohana 2:3. Ni izihe ngaruka zo kugirana ubusabane bwawe n'Imana, aribyo kuyimenya? _____
_____
_____

**1 Yohana 2:3** *Iki ni cyo kitumenyasha yuko tumuzi, ni uko twitondera amategeko ye.*

8. Soma Yakobo 2:18 haravuga ngo, Nyereka kwizera kwawe kutagira imirimo, (aribyo bidashoboka gukorwa) nanjye

ndakwereka kwizera kwanjye ku …? _____

_____

**Yakobo 2:18** *Ahari umuntu yazavuga ati "Wehoho ufite kwizera, jyeweho mfite imirimo," nyereka kwizera kwawe kutagira imirimo, nanjye ndakwereka kwizera kwanjye kugaragazwa n'imirimo yanjye.*

9. Soma 1 Abatesalonika 1:3. Imirimo cyangwa ibikorwa, bituruka mu kwizera byitwa …? _____

**1 Abatesalonike 1:3** *twibuka iteka imirimo yanyu yo kwizera n'umuhati w'urukundo mugira, no kwihangana ku bwo kwiringira Umwami wacu Yesu Kristo, imbere y'Imana Data wa twese.*

10. Soma Abagalatiya 2:16, 21. Imirimo itegetswe n'amategeko ni imirimo abantu bakora kugira ngo bagerageze kwibonera agakiza cyangwa ...? (umurongo 21). Ntabwo yakiza, nta mbaraga zikiza ifite. _____

**Abagalatiya 2:16, 21** *Nyamara tumenye yuko umuntu adatsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko, ahubwo atsindishizwa no kwizera Yesu Kristo. Dore ndetse natwe twizeye Kristo Yesu kugira ngo dutsindishirizwe no kwizera, bitavuye ku mirimo itegetswe n'amategeko kuko ari nta muntu uzatsindishirizwa n'Imirimo itegetswe n'amategeko … [21] Simpindura ubusa ubuntu bw'Imana, kuko niba gukiranuka kuzanwa n'amategeko Kristo aba yarapfiriye ubusa.*

11. Soma Abaroma 2:7-10. Iyi mirongo irimo gusobanura imbuto z'abantu b'uburyo bubiri ni abahe? _____

_____

**Abaroma 2:7-10** *Abashaka ubwiza n'icyubahiro no kudapfa babishakisha gukora ibyiza badacogora, izabitura ubugingo buhoraho: [8] Ariko abafite imitima ikunda kwirema ibice ntibumvire iby'ukuri ahubwo bakumvira gukiranirwa, izabitura umujinya n'uburakari [9] n'amakuba n'ibyago. Ni byo izateza umuntu wese ukora ibyaha, uhereye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki. [10] Ariko ubwiza n'icyubahiro n'amahoro, ni byo izitura umuntu wese ukora ibyiza, uhereye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki.*

## ISOMO 13

# IMBUTO Y'AGAKIZA (IGICE 2)

### Na Don Krow

Reba iki cyanditswe*: Icyo ni cyo kimenyekanisha abana b'Imana n'abana ba Satani. Umuntu wese udakiranuka cyangwa udakunda mwene Se, si uw'Imana.* (1 Yohana 3:10). Ntabwo yavuze, "Uku niko twikiza." Iravuga, ***Icyo ni cyo kimenyekanisha*** *abana b'Imana.* (Yohana 3:10, gushimangira ni ukwanjye).

Yesu yabivuze atya, *Nuko* ***muzabamenyera*** *ku mbuto zabo.* (Matayo 7:20, gushimangira ni ukwanjye).

Mu byanditswe, Imana ivuga agakiza mu buryo bubiri: (1) ko agakiza ari ubuntu kubwo kwizera (Abefeso 2:8-9) no (2) mu buryo bw'imirimo myiza uwakijijwe wese azakora (Abefeso 2:10). Kuki dutinya kuvuga ku **mbuto** y'uwizera? Bibiliya ntabwo ikorwa n'isoni z'iryo somo. Uku ni **ko twamenya** ko turi mu bwami bw'Imana ndetse ko turi mu butware bwayo:

1 Yohana 2:3-5 *Iki ni cyo* ***kitumenyesha*** *yuko tumuzi, ni uko twitondera amategeko ye.* [4] *Uvuga ko amuzi ntiyitondere amategeko ye, ni umubeshyi, ukuri ntikuri muriwe.* [5] *Ariko umuntu wese witondera ijambo rye, urukundo akunda Imana ruba rumaze gutunganirizwa rwose muri we. Icyo ni cyo kitumenyesha ko turi muri we.*

Niba **uzi** ko akiranuka, **uzi** ko buri wese ukora ibyiza yabyawe nawe (1 Yohana 2:29). (Ibi birumvikana? Kamere y'Imana na

Kristo ni ugukiranuka, kandi buri muntu ukora ibyo gukiranuka aba agaragaza ikimenyetso cyo gusangira nayo iyo kamere cyangwa, nkuko Yohana avuga, yabyawe n'Imana).

1 Yohana 3:5-10 *Muzi yuko uwo yerekaniwe gukuraho ibyaha kandi nta cyaha kimurimo. [6] Umuntu wese uguma muri we ntakora ibyaha,* ***indagihe;*** *(*Mu Kigiriki, ibi biri **mu ndagihe;** bifite igikorwa ukora usubiramo. Abasomyi ba Bibiliya bashobora kongera ubumenyi ku gice runaka bashyiramo amagambo: buri gihe, asubiwemo, kenshi, nta mbogamizi bikaba ubuzima.) *Umuntu wese ukora ibyaha (****indagihe)*** *ntiyamubonye kandi ntiyamumenye. [7] Bana bato, ntihakagire ubayobya. Ukiranuka (****indagihe: bisubiwemo, kenshi)*** *ni we mukiranutsi nk'uko uwo ari umukiranutsi. [8] Ukora ibyaha (****indagihe: nk'ingeso nk'ubuzima kuko ariyo kamere yabo)*** *ni uwa Satani, kuko uhereye mbere na mbere Satani akora ibyaha. Ibyo Umwana w'Imana yerekaniwe ni ibi: ni ukugira ngo amareho imirimo ya Satani. [9] Umuntu wese wabyawe n'Imana ntakora ibyaha (****indagihe: nk'ubuzima bwabo, kugaragaza umutima utihana****) kuko imbuto yayo iguma muri we, kandi ntabasha gukora ibyaha kuko yabyawe n'Imana. [10] Icyo ni cyo kimenyekanisha abana b'Imana n'abana ba Satani. Umuntu wese udakiranuka (****indagihe)****cyangwa udakunda (****indagihe)*** *mwene Se, si uw'Imana.*(Yohana aravuga ngo, "*Icyo ni cyo kimenyekanisha abana b'Imana n'abana ba Satani.*" Udakora wese ibyo gukiranuka n'udakundana berekana ko badafite kamere ya Data. Ese ikimenyetso cyo **kuvuka** bushya si ingenzi?)

1 Yohana 3:14 *Twebwe tuzi* ***yuko*** *twavuye* ***mu rupfu tukagera mu bugingo, kuko dukunda bene Data. Udakunda aguma mu rupfu.***

1 Yohana 4:6 *Ariko twebweho turi ab'Imana kandi uzi Imana aratwumvira, (****intumwa);*** *naho utari uw'Imana ntatwumvira*

***(intumwa)**. Icyo ni cyo **kitumenyesha** umwuka w'ukuri n'umwukauyobya uwo ari wo.*

1 Yohana 4:8 *Udakunda ntazi Imana kuko Imana ari urukundo. (**Urukundo ni ikimenyetso cy'uwizera, kuko kamere y'Imana ari urukundo.**)*

1 Yohana 5:2 *Iki ni cyo kitumenyesha ko dukunda abana b'Imana, ni uko dukunda Imana, (**indagihe: ugakomeza kuyikunda**) tugakurikiza (**indagihe: tugakomeza gukurikiza)** amategeko yayo.*

1 Yohana 5:18-19 ***Tuzi** yuko umuntu wese wabyawe n'Imana adakora ibyaha, (**indagihe: aribwo buzima, kugaragaza umutima utihana**) ahubwo Umwana Imana yabyaye amurinda (**indagihe: ikomeza kumurinda**) kandi wa Mubi ntamukoraho. [19] **Tuzi** ko turi ab'Imana, naho ab'isi bose bari mu Mubi.*

**KUKI INTUMWA YOHANA ITUBWIRA IBI BINTU BYOSE?** *Ibyo ndabibandikiye mwebwe abizeye izina ry'Umwana w'Imana, **kugira ngo mumenye yuko** mufite ubugingo buhoraho.* (1 Yohana 5:13).

**Umusozo:** Gukiranuka, kwera, urukundo, imbuto y'Umwuka w'Imana ni ikimenyetso cyo kuvuka bushya. Wowe ubwawe nta kizere ufite yuko uri uwayo (Imana) ubaho ubuzima butubaha Imana. Umutimanama uragushinja kandi nta byiringiro ku Mana. Intumwa Petero ikwingingira gukomeza umwete wo guhamagarwa no gutoranywa kwawe(2 Petero1:10). Ibi bivuze kwizeza umutima wawe yuko uri uwayo ku bw'ubuzima bujyanye n'inkuru nziza y'ubwiza. Ntabwo navuze ngo, "Uku niko dukizwa"; Navuze ngo "Uku **niko tumenya** ko turi abayo".

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:13, 18-22. 1 Yohana avuga ku "mbuto" cyangwa ikimenyetso, cy'uwizera nyakuri. Ibi nibyo by'ubugingo bituruka mu mutima. Mu gihe umutima w'uwizera ubonetse ko utari muzima (nk'uwa Simoni), ni iki agomba gukora? _____

   _____

   _____

   **Ibyakozwe n'Intumwa 8:13, 18:22** *Na Simoni ubwe aremera, kandi amaze kubatizwa agumya kubana na Filipo. Abonye uburyo akora ibimenyetso n'imirimo ikomeye arumirwa ... [18] Ariko Simoni abonye yuko abarambitsweho ibiganza by'intumwa bahabwa Umwuka Wera, azizanira ifeza [19] arazibwira ati "Nanjye nimumpe ubwo bubasha ngo uwo nzarambikaho ibiganza ahabwe Umwuka Wera." [20] Petero aramubwira ati "Pfana ifeza yawe, kuko wagize ngo impano y'Imana iboneshwa ifeza. [21]. Nta mugabane haba n'urutabe ufite muri byo, kuko umutima wawe udatunganiye Imana. [22] Nuko wihane ubwo bubi bwawe, usabe Umwami kugira ngo ahari niba bishoboka, ibyo wibwira mu mutima wawe ubibabarirwe.*

2. Soma 2 Petero 1:5-11. Ni ikihe kimenyetso, cyangwa igihamya, ko umuntu ari mu bo Imana yahamagaye ikanatoranya? _____

   _____

   _____

   **2 Petero 1:5-11.** *Ibyo abe ari byo bituma mugira umwete wose, kwizera mukongereho ingeso nziza, ingeso nziza muzongereho kumenya, [6] kumenya mukongereho kwirinda, kwirinda mukongereho kwihangana, kwihangana mukongereho kūbaha Imana, [7] kūbaha Imana mukongereho gukunda bene*

*Data, gukunda bene Data mukongereho urukundo. [8] Kuko ibyo nibiba muri mwe bikabagwiriramo, bizatuma mutaba abanyabute cyangwa ingumba ku byo kumenya neza Umwami wacu Yesu Kristo. [9] Kandi rero utagira ibyo aba ari impumyi ireba ibiri hafi gusa, akibagirwa yuko yejejweho ibyaha bye bya kera. [10] Ni cyo gituma bene Data, mukwiriye kurushaho kugira umwete wo gukomeza guhamagarwa no gutoranywa kwanyu, kuko nimukora ibyo ntabwo muzasitara na hato, [11] ahubwo bizabaha rwose kwinjira mu bwami butazahanguka bwa Yesu Kristo,ari we Mwami n'Umukiza wacu.*

3. Soma Matayo 25:34-40. Ni izihe ndangagaciro zigaragazwa n'uwizera muri iyi mirongo? _____
_____
_____
_____
_____
_____

**Matayo 25:34-40** *Umwami azabwira abari iburyo bwe ati 'Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe uhereye ku kuremwa kw'isi, [35] kuko nari nshonje mukamfungurira, nari mfite inyota mumpa icyo nywa, nari umushyitsi murancumbikira, [36] nari nambaye ubusa muranyambika, nari ndwaye muransura, nari mu nzu y'imbohe muza kundeba.' [37] "Abakiranutsi bazamubaza bati 'Mwami, twakubonye ryari ushonje turagufungurira, cyangwa ufite inyota tuguha icyo unywa? [38] Kandi twakubonye ryari uri umushyitsi turagucumbikira, cyangwa wambaye ubusa turakwambika? [39] Kandi twakubonye ryari urwaye, cyangwa uri mu nzu y'imbohe tuza kugusura?' [40] Umwami azabasubiza ati 'Ndababwira ukuri yuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ari jye mwabikoreye.*

4. Soma Yohana 13:35. Abigishwa ba yesu ubabwirwa n'iki? ___
_____

**Yohana 13:35** *Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye,Nimukundana*

5. Soma Matayo 7:21-23. Kubera iki aba bantu baretse ubwami bw'Imana? _____
_____
_____
_____
_____
_____
_____
_____
_____
_____

**Matayo 7:21-23** *"Umuntu wese umbwira ati 'Mwami, Mwami', si we uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka. [22] Benshi bazambaza kuri uwo munsi bati 'Mwami, Mwami, ntitwahanuraga mu izina ryawe, ntitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe, ntitwakoraga ibitangaza byinshi mu izina ryawe?' [23] Ni bwo nzaberurira nti 'Sinigeze kubamenya nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe.'*

6. Soma Yohana 14:23. Umuntu niba akunda Yesu, azakora iki?
_____
_____

**Yohana 14:23** *Yesu aramusubiza ati "Umuntu nankunda azitondera ijambo ryanjye, na Data azamukunda, tuzaza aho ari tugumane na we.*

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 26:20. Uyu murongo uravuga iki?
   _____

   **Ibyakozwe n'Intumwa 26:20** *Ahubwo mbanza ab'i Damasiko, maze mbwira ab'i Yerusalemu n'abo mu gihugu cyose cy'i Yudaya n'abanyamahanga, mbabwiriza kwihana no guhindukirira Imana bakora imirimo ikwiriye abihannye.*

8. Soma Yakobo 2:17. Niba Kwizera kwawe kudakurikirwa n' imirimo myiza, cyangwa ibikorwa, uko kwizera kumeze gute? _____
   _____

   **Yakobo 2:17** *Uko ni ko no kwizera iyo kudafite imirimo, ahubwo kuri konyine kuba gupfuye.*

## ISOMO 14

# GUHAMAGARIRWA KUBA UMWIGISHWA

### Na Andrew Wommack

Uyu munsi tugiye kuganira ku bijyanye no kuba umwigishwa n'ukuntu ahindura abantu kuba abigishwa. Ndashaka kukwibutsa ko Umwami atigeze aduha itegeko ryo kugira abantu abihannye, si ukwaturisha abantu Yesu nk'Umwami ngo bababarirwe ibyaha, ahubwo ni uguhindura abantu kuba abigishwa. Nubwo ibyo bibiri bya mbere ari ingenzi, kandi simbisuzuguye na gato, intego nyayo igomba kurenga kuvuka ubwa kabiri ukagera ku kigero cy'ubukure. Intego y'umukristo, w'umwigishwa, ni uguhindura bandi bantu abigishwa.

Yesu yatubwiye guhindura abantu kuba abigishwa, kugeza abantu ku kigero cy'ubukure bashobora kubyara abandi. Itorero ryacu ry'iki gihe ntirirashobora gukora ibyo. Twafashe inshingano zo kubwiriza abantu kuvuka ubwa kabiri tuziha abo twita abakozi b'Imana. Dufite abavugabutumwa bagenda hose, bagakora ibiterane bigari mbwirwaruhame, abantu ibihumbi bagahitamo kwakira Umwami. Nubwo bamwe batavuka ubwa kabiri by'ukuri usibye amaranga mutima bagira, ndahamya neza ko hari abantu bavuka ubwa kabiri bakaba bafitanye ubusabane n'Imana. Ariko inshuro nyinshi, nta mbaraga zishyirwa mu guhinduka kuba umwigishwa, kandi uko siko Imana yabiteganije.

Ibi mbigereranya n'umuntu ukunda impinja. Byaba ari ukudashyira mu gaciro twemeye kugira impinja gusa, tukabyishimira ariko tukazireba zivutse gusa. Iyo ufite umwana

muto, ugomba gufata inshingano zo kumurera ukamukuza. Tubwira abantu tuti "Icy'ingenzi ni ukuvuka ubwa kabiri, kwatura Yesu nk'Umwami wawe." Ibyo byabaho, tukabashimira tukababwira ngo, "Ubu ubaye Umukisto. Izere Imana, soma Bibiliya, byose bizagutunganira.." Ibyo sibyo Umwami yibanzeho.

Bitewe n'iyi mikorere, twabyaye abantu, benshi muri bo biyemeje bivuye ku mutima gukurikira Imana, ariko nta kigero cy'ubukure bafite. Ntibashoboye gushyira ku mugaragaro kwizera kwabo kubera ko nta bikoresho bafite byo kubafasha. Aho kuba abahamya beza ba Yesu, bahinduka abahamya babi. Yifuje ko twagenda tugahindura abantu kuburyo bahinduka abigishwa buzuye babasha kubyara abandi mu kwizera.

Niba uhinduye umuntu umwe buri mezi atandatu, itange ubigishe kugeza igihe babaye abakiristu bashobora kubyara abandi. Nyuma y'amezi 6 hazaba abakristu 2 gusa. Abo babiri nabo nibazana abantu ku mwami hazaba abakristu 4 nyuma y'umwaka. Ibi ntabwo bisa n'umuntu wazana abantu ibihumbi kuri Yesu mu giterane mbwirwaruhame ukabayobora mu isengesho ryo kwatura Yesu. Abantu benshi bashobora kuvuga ngo "Iyi mikorere yo guhindura abantu ku kuba abigishwa mu mwaka wa mbere itanga abakristo bane. Naho ya mikorere yindi yo yatanze abakristo igihumbi. Tugomba kwikoreshereza ubwo buryo bwa kabiri." Umuntu washoboraga kujyana abantu ibihumbi kuri Yesu ashobora kuzajyana kuri Yesu abantu 35,000. Ibyo nibyiza, kandi nta muntu wabinegura; ariko bimeze nk'igitonyanga mu ndobo ugereranije n'abatuye isi. Muri macye, uko niko Itorero rimaze igihe rikora.

Dushyize imbaraga mu guhindura abantu kuba abigishwa, umuntu uzana umuntu umwe kuri Yesu buri mezi atandatu nabo babiri bagakora gutyo, mu myaka mike cumi nibiri n'igice bazaba

bakoze ivugabutumwa ku bantu barenze abatuye isi. Abantu bamwe batekereza ko "Ibyo bitashoboka", ariko ndaguhinyuza kubikora ngo urebe. Maze kubikora inshuro nyinshi, mu myaka mike cumi n'ibiri n'igice, umuntu umwe azana undi kuba umwigishwa mu gihe kingana n'amezi atandatu, ukabahindura kuba ingingo z'umubiri wa Kristo zibyara izindi, byakora ivugabutumwa kuri miliyari eshanu n'igice z'abantu ugereranije na ya mikorere ya mbere aho wabona ibihumbi cumi na biriri n'igice by'abantu.

Tubashije kukugeza aho utishimira itsinzi n'ubukure bwawe wenyine ahubwo ukaba unafite ishyaka ryo gusohoka ugashyira mu bandi bantu ibyakubayeho, ubaye uhindutse umutoza aho kuba utozwa, ibi ibintu bishobora kubaho umuntu umwe abaye ashoboye gusobanukirwa iyi mikorere, ukurikiye Umwami akuganishije ahantu wakurira, ugatangira guhindura undi muntu. Ubaye ukoranye ibi n'undi muntu buri mwaka, nyuma y'umwaka umwe, azaba ari wowe n'undi muntu wahinduye kuba umwigishwa-mu myaka ibiri. Nyuma y'imyaka ibiri, muzaba mubaye bane, ariko ubaye ukomeje ugakurikiza iyo mikorere, nyuma yimyaka icumi muzaba muri abantu 1,024 b'abigishwa mukaba mubyara ingingo z'umubiri wa Kristo. Ubaye ukomezenyije n'umuntu umwe, watangiranye n'iyi gahunda, nyuma y'imyaka makumyabiri bazaba ari abantu barenga miliyoni. Ibyo ni byiza cyane. Ubu ni uburyo bwo kwaguka Umwami Yesu yashyizeho – kugenda tugahindura abantu kuba abigishwa, si ukugenda ngo duhindure abayoboke. Nibwo buryo bwiza bwo tugera ku bantu mu kwagura ubwami, ariko imitekerereze yacu yirebera uburyo bworoshye bwo gukemuramo ikibazo.

Ni abantu bangahe bajya mu biterane bigari, bakiyemeza, bakavuga ko ari abakristo, ariko bakaba bagifite umujinya, ubusharire, n'ishyari, bityo bakavamo abahamya babi? Niba dushyize mu mibare, ni abantu bangahe banze ubutumwa bwiza

kubera ko babonye umuntu wiyitaga umukristo bagatekereza ngo, “sinkeneye kumera nka ya ndyarya iba mu rusengero.»

Icy’ingenzi ni uko guhindura abantu kuba abigishwa aribwo buryo Imana yatanze bwo kubwiriza isi. Ukuri ntabwo kukubatura utagumye mu ijambo (Yohana 8:31-32). Ibyo nibyo Imana ishakira buri muntu kugira ngo bashobore kuba mu mwuzuro wayo, ariko ni nabwo buryo bw’ivugabutumwa yatanze. Uwemeje ko ubwo ataribwo buryo bwo gukoramo ivugabutumwa, yabusimbuje ubundi buryo butakoze.

Ndasenga ngo uyu munsi Imana ibikuganirize mu mutima wawe kugira ngo ikwereke umumaro wo guhindura abantu kuba abigishwa. Ndagutera iteka ryo kuba umwigishwa n’umwigisha w’abandi.

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Bishobora kugutangaza kumenya ko nta muntu Yesu yigeze ahamagarira kuba "umukristo," ahubwo guhamagara kwe kwari uko kugira ngo abantu bahinduke "abigishwa." Reba mu bitabo by'ubutumwa bwiza (Matayo, Mariko, Luka, na Yohana), ku rupapuro, shaka ibyanditswe byinshi bishoboka byerekana ko Yesu yahamagariye abantu guhinduka kuba abigishwa.

2. Mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa, abantu ntabwo bahamagarirwaga kuba "abakristo" ahubwo guhamagarwa kwabo kwari uko guhinduka "abigishwa". Reba mu gitabo cyose cy'Ibyakozwe n'Intumwa, noneho, shaka unandike ku rupapuro ibyanditswe byinshi bishoboka byerekana abantu barimo guhamagarirwa guhindura abantu kuba "abigishwa".

3. Mu byanditswe ijambo "abigishwa" rikoreshwa inshuro 273. Muri Bibiliya yose, ijambo "umukristo" rikoreshwa inshuro eshatu. Andika ku rupapuro izo nshuro eshatu aho ijambo "umukristo" nkuko rikoreshwa mu byanditswe. _____
   _____
   _____
   _____

4. Soma Matayo 10:25. Umwigishwa ni iki, ukurikije uyu murongo? _____
   _____
   _____
   _____

   **Matayo 10:25** *Birahagije ko umwigishwa amera nk'umwigisha, n'umugaragu akamera nka shebuja. Niba bise nyir'urugo Belizebuli, nkanswe abari mu rugo rwe!*

5. Soma Luka 14:26. Kuba umwigishwa wa Yesu bivuze kuba igitambo cyitangira ubuzima bw'undi muntu. Nibyo cyangwa sibyo? _____

   **Soma Luka 14:26** *Umuntu uza aho ndi ntiyange se na nyina, n'umugore we n'abana be, na bene se na bashiki be ndetse n'ubugingo bwe, uwo ntashobora kuba umwigishwa wanjye.*

6. Soma Luka 14:33. Hamwe na hamwe, Kuba umwigishwa wa Yesu bivuze gusiga buri kintu mu buryo busanzwe, ukagira Yesu uwa mbere. Nibyo cyangwa Sibyo? _____

   **Luka 14:33** *Nuko rero namwe, umuntu wese muri mwe udasiga ibyo afite byose, ntashobora kuba umwigishwa wanjye.*

7. Soma Matayo 19:29. Umuntu wese wasize urugo cyangwa bene se cyangwa bashiki be, cyangwa se cyangwa nyina cyangwa abana, cyangwa amasambu ku bw'izina ryanjye, azahabwa ibibiruta incuro ijana, kandi azaragwa n'ubugingo buhoraho. Nibyo cyangwa sibyo? _____

   **Matayo 19:29** *Umuntu wese wasize urugo cyangwa bene se cyangwa bashiki be, cyangwa se cyangwa nyina cyangwa abana, cyangwa amasambu ku bw'izina ryanjye, azahabwa ibibiruta incuro ijana, kandi azaragwa n'ubugingo buhoraho.*

8. Soma Ibyakoze n'Intumwa 14:22. Abigishwa bakwiriye kuguma mu kwizera. Nibyo cyangwa sibyo? _____

   **Ibyakozwe n'Intumwa 14:22** *bakomeza imitima y'abigishwa, babahugura ngo bagumirize kwizera. Bababwira uburyo dukwiriye guca mu makuba menshi, niba dushaka kwinjiramu bwami bw'Imana.*

9. Soma Abaheburayo 10:14. Kudahuza bamwe bafite ku byanditswe bivuga ku guhindura abantu kuba abigishwa bishingira ku kuba "umukristo" nta mbaraga bisaba (ni kubw'ubuntu), ariko kuba "umwigishwa" bisaba igitambo nyacyo no kwiyemeza. Ukuri ni uko gucungura kwa Yesu nta mbaraga kwasabye ku ruhande rwacu; kuratunganye kandi nta mbaraga zacu gusaba, ariko guhamagara kwa Yesu kwamye kureba twebwe wese n'ubuzima bwose. Nibyo cyangwa sibyo?

   _____

   **Abaheburayo 10:14** *Kuko abezwa yabatunganishije rwose igitambo kimwe kugeza iteka ryose.*

10. Soma Ibyakoze n'Intumwa 11:26. Guhamagara kwa Yesu ntabwo kwari ukw'abera b'uburyo bubiri, ngo bamwe babe abakristo baguma ari abanyamubiri abandi babe abigishwa. Mu by'ukuri abakristo n'abigishwa bagombye kuba ari bamwe. Nibyo cyangwa sibyo? _____

    **Ibyakozwe n'Intumwa 11:26** *amubonye amujyana muri Antiyokiya. Bamarayo umwaka wose baterana n'ab'Itorero, bigisha abantu benshi, kandi muri Antiyokiya ni ho abigishwa batangiriye kwitwa Abakristo.*

11. Soma Matayo 28:19. Itegeko rikuru rya Yesu ku bizera ryari iryo kugenda bagahindura abantu kuba ...?

    A. Abigishwa.
    B. Abayoboke b'isi yose.

12. Soma Matayo 28:20. Abizera bagomba kwigisha abandi kumvira buri kintu Yesu yategetse. Nibyo cyangwa sibyo? _____

    _____

**Matayo 28:20** *Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera Mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi.*

13. Soma Yohana 1:12. Yesu yatanze ibyiza bye (imbabazi, gutsindishirizwa, etc), ariko hatabuzemo kumufata we ubwe. Nibyo cyangwa sibyo? _____

**Yohana 1:12** *Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana.*

## ISOMO 15

# UKO WAKORESHA UBUHAMYA BWAWE

### Na Don Krow

Uyu munsi ndashaka kuvugana nawe uko wakoresha ubuhamya bwawe. Ibyakozwe n'Intumwa 5:42 *haravuga ngo, Nuko buri munsi mu rusengero no kuri buri rugo bakomeza kwigisha no kubwiriza Yesu ko ari Kristo (Ubusobanuro bwa Bibiliya bwitwa new American standard version).* Murabona rero ko abigishwa b'Itorero rya mbere bahuriraga mu rusengero buri munsi, bakava mu rugo bajya mu rundi, bitwararikaga kwigisha no kubwiriza Yesu ko ari Kristo. Abantu benshi bumva iyo mikorere yo kuva ku nzu ujya ku yindi cyangwa umuryango ku wundi ari ibintu bidasanzwe cyangwa bigoranye. Ndashaka kuvuga ku bintu bike twize mu gusanga abantu aho bari, imiryango kuba yari yarakingukiye abigishwa, no kubona abantu bahindukirira Yesu Kristo.

Ntabwo bigoye nkuko ushobora kuba warigeze kubibwirwa, kandi kimwe mu bintu nabonye mu byanditswe ni uko Intumwa Pawulo yakoresheje ubuhamya bwe inshuro eshatu ubwo yavuganaga n'umuntu utari wahinduka. Mu byakozwe n'Intumwa 9, 22, na 26, yatanze ubuhamya bwe, ibyo yanyuzemo, n'ibyamubayeho buri uko yavuganaga n'abantu bataremera (abadakijijwe). Imwe mu mikorere myiza mu gushyikiriza abantu ubutumwa bwa Yesu Kristo ni ubwo twita "gusenga wigendera." Tujya ku muryango, tugakomanga, tukababwira tuti, "Turi muri iki gice dusengera abantu. Turizera ko Imana yumva kandi isubiza amasengesho, kandi turibaza niba hari ikibazo ushobora kuba ufite mu muryango wawe – cyaba ikijyanye n'ubuzima cyangwa

ikindi icyo aricyo cyose – ukaba wifuza ko twagusengera." Rimwe na rimwe baravuga "Yego, mfite ikibazo" bakaba bashaka ko tubasengera; ibindi bihe hari ubwo bumva bibagoye cyangwa bibakojeje isoni bakavuga ngo, "Oya, nta kifuzo na gito dufite muri aka kanya." Hanyuma tugatangira kubabwira ubuhamya bwacu.

Nkavuga nti, "Ndabona ufite abana. Nanjye mfite batatu. Mu Kuboza 14, 1981, nibwo abakobwa banjye b'impanga bavutse. Impanga ya kabiri yo ntiyashoboye kubaho yapfuye ikivuka." Bagasubiza, "Oh, tubabajwe no kumva ibyo." Hanyuma nkavuga. "Mwibabara. Reka mbabwire icyabayeho." Nkatangira kubabwira inkuru. Impanga ya kabiri yari buvuke aho kubanza gusohora umutwe yabanje gusohora amaguru; mu gihe cyo kuvuka yabuze umwuka avuka apfuye.

Umubyaza aramufata, umukubita urushyi (amukubita cyane uko abishoboye), agerageza guhindura ibihaha bye acyeka ko hashobora kuba hinjiyemo amazi, akora buri kintu cyose ashoboye, hanyuma arananirwa. Nari meze nk'abandi babyeyi. Nabuze umukobwa wanjye – nibaza uko nabigenza ? byagera aho nkahita mbwira abantu bahagaze ku muryango, nti 'Nifuzaga kubabaza, mwari mwasoma Bibiliya kenshi?" Bakavuga ngo "Narayisomye gake" cyangwa mbikora rimwe narimwe "Cyangwa bakampakanira ko batajya bayisoma." Nkasobanura, impamvu mbabajije ni uko Bibiliya ivuga mu Byakozwe n'Intumwa 10:38 ngo ni irya Yesu w'i Nazareti, uko Imana yamusutseho Umwuka Wera n'imbaraga, akagenda agirira abantu neza, agakiza abo Satani atwaza igitugu, kuko Imana yari iri kumwe na we. Ngiye kukubwira icyabayeho. Ushobora kubyemera cyangwa ukabireka, amahitamo ni ayawe, umwana wanjye yari yapfuye, nari ndi gutekereza ko mu minsi micye twari bumushyingure. Naribwiye nti, Ndumva nshaka kumuterura. Mu gihe nari ngiye kumuterura, numva kuri we hari umwuka mubi, ibyo Bibiliya yita umwuka wa dayimoni. Yahise

ishaka kunyibasira numva umubiri wanjye umeze nk'udashobora kugira icyo ukora umwanya muto. Ako kanya ibyo bimaze kuba, naravuze nti mu izina rya Yesu Kristo, ndaguteketse wa mwuka mubi we, va kuri uru ruhinja, kandi ndategeka ko ubuzima bujya muri we mu izina rya Yesu. Urwo ruhinja, rutigeze ruhumeka, ruhumeka akanya gato rurarekera. Ndongera ndavuga nti, mu izina rya Yesu Kristo, wa mwuka mubi we, ndagutegeka va kuri uyu mwana aka kanya, reka ubuzima bumujyemo! Kuri iyi nshuro abanza guhumeka nabi inshuro nyinshi, arahumeka, hanyuma akomeza guhumeka.

Ngahamagara umuntu ndimo kuvugana na we mu izina nkavuga, nti "Urabizi, nyuma y'igihe kingana n'iminota itatu, umuntu udafite umwuka aba yangiritse ubwonko. Umukobwa wanjye ubu ni muzima mu buryo bwose. Twamwise Vita, Aribyo mu Kilatini bivuga "ubuzima", kuko twashakaga guvuga inkuru yibyo Imana yamukoreye. Imana yagaruye ubuzima muri we. Uhereye icyo gihe nasomye Bibiliya cyane, iki nicyo nabonye: Nka wa mwuka mubi wari ku mwana wanjye, hari ubwami bw'umwijima, ubutware bwa Satani n'imitegekere ye, kandi hari n'ubwami bw'Umwana ukundwa w'Imana."

''Yesu aje ku isi, yatangiye guhamagara abantu kuva mu butware bw'umwijima ngo bajye mu bwami bwe babiheshejwe no kwihana no kumwizera – kugira ngo babone kubabarirwa ibyaha bahindukire bamukurikire. Ntabwo nzi icyo wizera, ariko nakubwiraga ibyabaye ku muryango wanjye no mu buzima bwanjye. Ndashaka kukubwira impamvu nyayo turi ku muryango wawe. Yesu yatubwiye guhindura abantu abigishwa. Nabonye ko abantu benshi bahuze badashoboye kujya mu rusengero cyangwa batabishaka. Iyo ufite ikibazo hariya ntushobora kumanika ukuboko ngo uvuge, Mushumba (umutambyi), ibyo umaze kuvuga bishatse kuvuga iki? Rero iyi niyo mpamvu turi ku muryango wawe." Mu

minota icumi dukora inyigisho iva mu ijambo ry'Imana. Hanyuma tukajya mu byanditswe tukabaza ibibazo kugira ngo tumenye neza ko twese twasobanukiwe. Ni ikiganiro aho tuba dusubizanya. Ntabwo tuba tubwiriza abantu cyangwa tubabwira icyo Bibiliya ivuga ahubwo tuba tubafasha gusobanukirwa icyo ivuga tubabaza ibibazo bike.

"Ese Ibyo byagushimisha? Twashaka umwanya utakugoye, tukaza hano iwawe tukaganira hanyuma tukaguha inyigisho. Ubaye utagize icyo usobanukiwe mu isomo rya mbere, bibaye bitagufashije, ntibikubake, ntabwo tuzongera kukugaruka mu maso. Ntabwo turi hano ngo tuguteshe umutwe, cyangwa tugukururire kuba umuyoboke w'Itorero cyangwa umuryango runaka, cyangwa n'ikindi byaba bifite aho bihuriye. Turi hano ngo tukubwire gusa ibyo Yesu yagukoreye no kugufasha kumenya ijambo ry'Imana ubwawe. Hari ibintu byinshi muri Bibiliya tutazi cyangwa tudasobanukiwe, ariko turi hano ngo tuguhe isomo ry'akanya gato. Ibyo waba ubishaka? Abantu benshi baremeye, hanyuma tugafata umwanya wo kujya mu ngo zabo tugatangira izi nyigisho z'abigishwa. Ntabwo tujyayo ngo dukore ibyo nita "ivugabutumwa ryihuse," tubahatira, ngo basenge isengesho mu gihe batazi nibyo barimo gukora. Dukurikiza amasomo y'abigishwa tukabafasha kumenya Kristo kandi wabambwe.

Nabwiye Umushumba ibijyanye n'inyigisho zacu z'abigishwa, aravuga ngo, "Don, n'iki kibaho nyuma y'isomo rya mbere?" "Nyuma y'Isomo rya mbere, umuntu aba azi icyo agomba gukora kugira ngo yemerere Yesu Kristo ngo abone imbabazi no kubabarira atanga. Ntago turi abacuruzi bagushyiraho igitutu kinshi. Uko siko dukora, ariko mu isomo rya mbere, bagera ahantu bamenya icyo bagomba gukora bihereye mu mitima yabo". Arongera arabaza ati, "Ni iki kibaho nyuma y'Isomo rya 15?" Ndavuga nti, "Nyuma y'isomo rya 15, niba umuntu agumanye natwe, azaba yaramaze

kwihana ibyaha bye byose yaranabatijwe mu mazi menshi no mu mwuka Wera. Tubona ibintu bimeze gutyo bibaho, atari hanyuma y'isomo rya 15 gusa, ahubwo bibaho na nyuma y'isomo rya 6."

Muri Matayo 28, Yesu yaravuze ngo mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera. Mu nyigisho zo guhindura abantu kuba abigishwa, dusobanura Yesu Kristo wabambwe ku batarizera. Mu gusobanura ibyo buri cyumweru, twubaka ubusabane bwacu nabo, ubucuti. Birangira badukunze kandi banatwizera. Tubashyira ijambo ry'Imana, ntabwo tujya kubabwiriza. Dusoma ibyanditswe, nabo bakisomera, bakabaza ibibazo mu buryo bibonera igisubizo kivuye mu ijambo ry'Imana bo ubwabo. Icyumweru ku kindi tubona abantu bafite ubushake bwo kwatura Kristo kuko bazi icyo kwakira Kristo bivuze, kumukurikira, no kumaramaza kuri we. Hari itandukaniro rinini n'ivugabutumwa rikorwa uyu munsi.

Uburyo dusangamo abantu mbere na mbere bishingira ku buhamya bw'umuntu, kandi twese dufite ubuhamya. Inshuro nyinshi nitwe twiyandikira udutabo tw'ivugabutumwa. Hari ako nanditse kitwa "Urupfu rw'umukobwa wanjye," ako nkunze gusiga ku miryango y'abantu kenshi. Abandi bantu dukora mu ivugabutumwa nabo hari utwo banditse, ngo "Imbata yagizwe iy'umudendezo," kanditswe na Joe Rose, wari warabaswe n'izonga n'ibiyobyabwenge n'akandi kitwa "Urupfu rw'umuntu ukoresha ibiyobyabwenge" kanditswe na Rocky Forry, wari waragizwe imbata y'ibiyobyabwenge afite imyaka cumi n'itanu Yesu aramubohora. Tubwira abantu ubu buhamya ku miryango yabo.

Abantu benshi baravuga ngo "Ntabwo mfite ubuhamya bw'imbaraga. Ntabwo nahise mbona umwana wanjye azuka nyuma y'iminota umunani." Nasobanukiwe ko abantu badafite ubuhamya

bumeze gutyo. Ushobora kugira ubuhamya bumeze nk'ubwa Andrew Wommack wagize imbaraga z'Imana zamurinze mu buto bwe bwose, zimurinda icyaha, kwiyanduza, no kutamenya Imana abantu benshi barwana nabyo. Buri wese muri twe afite ubuhamya, niba utekereza ko ubwawe budafite imbaraga, koresha ubwanjye. Tugitangira itsinda ryacu ry'ivugabutumwa no guhindura abantu kuba abigishwa dutangira gusanga abantu, Joe Rose yakoresheje ubuhamya bwanjye. Nyuma y'igihe, yabutangaga neza kuruta uko mbutanga, rero hari igihe namubwiraga nti "Joe, komeza ubabwire ibyambayeho."

Niba Intumwa Pawulo yarakoresheje ubuhamya bwe inshuro eshatu mu Isezerano Rishya abwiriza abazimiye, nawe wabikora. Uyu munsi dufite mudasobwa zifite porogaramu nyinshi: Word Perfect, Microsoft Word, n'izindi. Biroroshye gukora agatabo k'ivugabutumwa kavuga ubuhamya bwawe. Biroroshye kuvuga ngo, "Ibi sibyo naguze mu iguriro rya za Bibiliya. Ni ibyambayeho ndimo kubasangiza."

Nifuzaga ko wicara ugatangira kwandika ubuhamya bwawe – ni iki cyakubayeho – uko waje ku mwami Yesu Kristo. Hanyuma ubwire umuntu ubuhamya bwawe nk'uko wabubwira umuntu uri ku muryango we.

Ubaye ushaka amakuru arenze ayo kuri iri somo, jya ku rubuga rwanjye: www.krowtracts.com urebe amakuru "y'ukuntu usangiza kwizera kwawe." Wandike ubuhamya bwawe, wimenyereze kubutanga, hanyuma wige "Ukuntu usangiza kwizera kwawe". Bifite umumaro cyane ko wabyiga – atari ukubisoma gusa – ari nako ugenda ukabwiriza amahanga uhereye ku muntu umwe kuri umwe. Imana iguhe umugisha.

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Soma Mariko 16:15. Ubutumwa bugomba kubwirwa nde? ___
   _____

   **Mariko 16:15** *Arababwira ati Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza.*

2. Soma Matayo 28:19-20. Ni nde ungomba guhinduka umwigishwa? _____

   **Matayo 28:19-20** *Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera, [20] mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi.*

3. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:5, 16:13-15; 23; 20:20-21. Ni he ivugabutumwa ryaberaga? _____
   _____
   _____
   _____
   _____
   _____
   _____

   **Ibyakozwe n'Intumwa 8:5, 26** *Filipo aramanuka ajya mu mudugudu w'i Samariya, ababwiriza ibya Kristo. ... [26] Bukeye marayika w'Umwami Imana abwira Filipo ati "Haguruka ugane ikusi, ugere mu nzira imanuka iva i Yerusalemu ikajya i Gaza, ya yindi ica mu butayu.*

   **Ibyakozwe n'Intumwa 16:13-15, 23** *Ku munsi w'isabato*

*tuva mu mudugudu tujya ku mugezi inyuma y'irembo, dukeka yuko hariho ahantu ho gusengera. Turicara tuvugana n'abagore [14] Umugore witwa Ludiya waguraga imyenda y'imihengeri, wo mu mudugudu witwa i Tuwatira, wubahaga Imana aratwumva. Umwami Yesu amwugururira umutima, kugira ngo yite ku byo Pawulo yavugaga. [15] Amaze kubatizanywa n'abo mu rugo rwe, aratwinginga ati "Nimuba mubonye ko nizeye Umwami Yesu by'ukuri, nimuze iwanjye mucumbikeyo Araduhata. Bahateraniye ... [23] Bamaze kubakubita inkoni nyinshi babashyira mu nzu y'imbohe, bategeka umurinzi kubarinda cyane.*

4. Soma Mark 4:11-12. Mbere y'uko guhinduka nyakuri kubaho, umuntu agomba?

   A. Kubona.
   B. Kumenya.
   C. Kumva.
   D. Gusobanukirwa.
   E. Byose bivugwa haruguru.

   **Mariko 4: 11-12** *Arabasubiza ati "Mwebweho mwahawe kumenya ubwiru bw'ubwami bw'Imana, ariko abo hanze byose babibwirirwa mu migani [12] ngo 'Kureba babirebe ariko be kubibona, no kumva babyumve ariko be kubisobanukirwa, ngo ahari badahindukira bakababarirwa ibyaha byabo."*

5. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 28: 23-24. Ubwo Pawulo yasobanuraga akanahamya iby'ubutumwa, yamaze umwanya ungana iki arimo kubikora kugira ngo yemeze abantu ibya Yesu? _____
   _____
   _____
   _____

**Ibyakozwe n'Intumwa 28:23-24** *Bamusezeranya umunsi, bamusanga ari benshi mu nzu bamucumbikiyemo arabibasobanurira, ahamya ubwami bw'Imana, abemeza ibya Yesu abikuye mu mategeko ya Mose no mu byahanuwe, ahera mu gitondo ageza nimugoroba. [24] Bamwe bemera ibyo yavuze, ariko abandi ntibabyemera.*

6. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 16:14 Iyo hagize ugarukira Kristo by'ukuri, ni iki kigomba gukinguka? _____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 16:14** *Umugore witwa Ludiya waguraga imyenda y'imihengeri, wo mu mudugudu witwa i Tuwatira, wubahaga Imana aratwumva. Umwami Yesu amwugururira umutima, kugira ngo yite ku byo Pawulo yavugaga.*

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:37. Ni iki kibaho iyo umutima ukingutse ukemezwa? _____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 2:37** *Abo bantu bumvise ibyo bibacumita mu mitima, nuko babaza Petero n'izindi ntumwa bati "Bagabo bene Data, mbese tugire dute?"*

8. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 16:31, 2:38. Kandi umuntu agomba gukora iki? _____
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 16:31** *Baramusubiza bati Izere Umwami Yesu, urakira ubwawe n'abo mu rugo rwawe.*

9. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:42 na Yohana 8:31-32. Hanyuma

umuntu agomba gukora iki? _____
_____
_____
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 2:42** *Bahoraga bashishikariye ibyo intumwa zigishaga, bagasangira ibyabo, no kumanyagura umutsima no gusenga.*

10. Soma Abaroma 10:14-15. Ubusanije n'uko biteguye(muri ibi byanditswe), umuntu aza ate kuri Kristo? _____
_____
_____
_____
_____
_____
_____

**Abaroma 10:14-15** *Ariko se bamwambaza bate bataramwizera? Kandi bamwizera bate bataramwumva? Kandi bakumva bate ari nta wababwirije? [15] Kandi babwiriza bate batatumwe? Nk'uko byanditswe ngo "Mbega uburyo ibirenge by'abavuga ubutumwa bwiza ari byiza cyane!*

## ISOMO 16

# GUKORESHA IMPANO YA BURI MUNTU MU GUHINDURA ABIGISHWA

### Na Don Krow

Uyu munsi turashaka kuvuga ku bijyanye no gukoresha impano ya buri muntu mu guhindura abantu abigishwa. Zishobora gukoreshwa. Tumaze amezi meshi dukoresha iyi gahunda yo guhindura abigishwa tukabona ikora neza, tukabona ubuzima bw'abantu buhinduka bavuka ubwa kabiri, babatizwa mu Mwuka Wera no mu mazi menshi. Umunsi umwe navuganaga n'inshuti ndavuga nti "hari ikintu turimo kubura – hari ibititaweho." Aravuga ngo, "natekerezaga ko buri kintu kimeze neza. Urimo uramenyesha iki?"

Icyo ngiye kugusangiza ni ukuntu wafata itorero ry'imbere aho abantu bicaye gusa, bagatega amatwi umushumba, barangiza bakitahira – rikaba itorero ryo hanze aho barenga inkuta enye z'inyubako. Iyi niyo mibare y'ukuri: 95 kw'ijana by'abakristo ntibari bagira uwo bayobora ku Mwami naho 90 ku ijana by'ivugabutumwa rikorwa ribwira abakristo. Mu nyubako y'urusengero niho hantu havugirwa ubutumwa cyane ku isi. Tubwiriza ibyumba by'inyigisho z'abana bo ku cyumweru, tukanabwiriza urusengero nyirizina. Uburyo tuvuga ubutumwa ku nyubako, watekereza ko insengero zikeneye kwihana.

Siko byari biri mbere kugeza inyubako z'insengero zibayeho mu kinyejana cya gatatu mu gihe cya Constantino. Uhereye icyo

gihe, ku bijyanye no gushaka abazimiye, itorero ryigiriye imbere ryigisha mu nzu z'insengero. Turashaka kuvuga ku bijyanye no kurenga izo nkuta z'insengero tugahindura itorero ry'imbere mu nzu irisohoka hanze. Ugendeye ku mibare hari 0.5 (munsi ya rimwe ku ijana) bya gahunda zirenga inkuta enye z'inyubako. Ibyo bivuze ko nta dini riri muri leta zunze ubumwa bwa Amerika rifite gahunda yo gusanga by'ukuri abazimiye. Gusanga tugahindura abantu abigishwa hanze y'inyubako y'itorero ryacu ni bimwe mu bigize igikristo bikenewe gusubirwaho.

Binyuze mu gihe cy'ihinduramikorere, Martin Luther yazaniye itorero ihishurirwa ryo gutsindishirizwa binyuze mu kwizera. Mu kinyejana 1800 ivugabutumwa ryagutse ryaje rinyuze muri John Wesley. Ariko birasa nkaho guhindura abigishwa binyuze mu buryo bw'umuntu ku wundi n'ivugabutumwa rikozwe gutyo bitarongera gukoreshwa nko ku gihe cy'intumwa. Ushobora kuvuga ngo, "ntabwo nzi uko bikorwa." Binyuze muri iyi gahunda, tuzakwereka uko bikorwa – Biroroshye. Tuzakwereka ukuntu gukorana n'abantu byoroshye no guhura n'abantu bashya ku nzugi zabo ukoresheje ubuhamya bwawe.

Uko wakwifuzamo gukora icyo ushaka gukora, udakoze icyo undi muntu ashaka ko ukora (icyo utifuza gukora), ariko icyo ushaka gukora koko? Icyo nicyo turimo kuvuga. Iyo neretse abantu uko ivugabutumwa ryo guhindura abantu abigishwa rikora, nkavuga nti, "Reba, ibi nibyo dukora: Dukora ku buzima bw'abantu. Barimo gukizwa, kuvuka ubwa kabiri, buzura Umwuka Wera, bakanabatizwa mu mazi menshi." Abantu baravuga, ngo "Ibyo ni byiza cyane!" Ariko iyo mvuze ngo "ubu se ni bangahe muri mwe bashaka kujyana nanjye? Hashobora kuboneka wenda batatu bavuye muri magana abiri, kubera ko abandi muri bo batinya cyangwa batazi uko babikora. Noneho, mvuze ngo, 'ibyo mubireke; Ntibibahangayikishe; ntimugire ubwoba. Tuzakuzanira

inyigisho za Bibiliya hanyuma tubashyirireho gahunda z' inyigisho z'abigishwa." Ni bangahe bifuza kwigisha? Icyo gihe baba benshi icumi cyangwa cumi na babiri. Bavuga ngo "yego ndashaka kwigisha." Ariko ntibirenge ibyo.

Icyo dushaka kukwereka ni uko buri mpano iri mu mubiri wa Kristo yakoreshwa mu gushaka uwazimiye, kubakunda no kubahindura abigishwa. Bizasaba buri mpano, kandi izo mpano ziboneka gusa mu mubiri wa Kristo, mu itorero. Bamwe muri mwe baravuga ngo "nkunda gusengera kubatizwa mu mwuka Wera, gukiza indwara n'ibindi bisa gutyo." Hari igihe mu guhindura abantu kuba abigishwa kwacu twakuzanamo ku bwiyo ntego gusa. Abandi bavuga ngo, "Ibyo ntabwo nabishobora," ariko se wateka ikintu runaka? Wakohereza ikarita? Wagira uwo uhamagara kuri telefone? Wabasha gusiga urugo irange? Wabasha gufasha abana b'umubyeyi wibana turi kwigisha ukamutegereza nk'isaha imwe agasohoka gato mu nzu? Wabasha kugira ibintu bifatika wakora? Ese gusenga no kwinginga ko ugutekerezaho iki? Bamwe muri mwe mwahamagariwe kwinginga, gusenga. Tuzakwereka abantu dukoramo umurimo w'Imana, tuguhe amazina yabo, kugira ngo ubasengere, unabingingire uri wenyine cyangwa mu itsinda, unasengera n'itsinda rikora umurimo w'ivugabutumwa ryo guhindura abantu abigishwa risohoka buri cy'umweru.

Hari umwanya kuri buri wese wo kugera ku bandi, mu guhindura abigishwa. Dufite gahunda aho buri mpano yakoreshwa. Turimo gukora amatsinda y'abigishwa, n'abunganizi babo bajyenda mu mbaraga zo guhindura abigishwa bagakora umurimo. Hanyuma hakagira abantu babiri babagenda inyuma bakora umurimo wo gufasha kugira ngo bo bakore ibifatika, nko gutanga ibiryo, guteka, cyangwa bagahamagara kugira ngo bamenye uko ibintu birimo kugenda. Kandi dufite n'abantu batwingingira, hamwe n'abantu tuba tubwiriza.

Uzi byo turimo kubona? Turimo kubona Imana ihindura ubuzima bw'abantu kubera ko barimo kwitabwaho no gushumbwa, kuko berekwa urukundo rwayo. Kandi uzi abari gukora umurimo w'Imana? Urimo urakorwa n'abakwiriye kuwukora - abantu. Abefeso 4:11 haravuga ngo, Nuko aha bamwe kuba intumwa ze, n'abandi kuba abahanuzi, n'abandi kuba abavugabutumwa, n'abandi kuba abungeri n'abigisha, kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo. Itorero ririmo gukora umurimo, si umuntu uhagarara imbere witwa "Pasiteri". Iyo umushumba yigishije agategurira itorero umurimo bakajyenda bakawukora, iyo niyo tsinzi nyayo.

Reka mbisobanure. Turamutse dushoje intambara ku kindi gihugu noneho perezida wacu akavuga ngo, "Dutakaza abantu benshi mu ntambara, rero nahisemo kudakoresha abasirikare ubu nohereje abajenerali kugira ngo abe aribo barwana." Ibihugu byo ku isi yose byaduseka, kandi mu byukuri ibyo nibyo birimo kubaho. Satani arimo araduseka kuko twohereje abajenerali, impano eshanu zahawe itorero nizo zibikora byose. "Reka babikore – turabahemba ngo babikore." Twananiwe kurema umutwe w'ingabo. Imana irashaka ko urema uwo mutwe w'ingabo, kandi buri mpano yacu yakoreshwa mu ivugabutumwa ryo guhindura abigishwa.

Turashaka gufasha mu kurema ingabo, zifite ibikoresho bikomeye byo guhindura abigishwa – si hano gusa mu mujyi wacu – ahubwo ni ukugera ku isi yose. Byakorwa bikoreshejwe ibikoresho twakoze, amasomo y'abigishwa n'ingamba zose Imana yaduhaye.

Imana iguhe umugisha ariko twese duhuriza hamwe impano zacu dushaka uwazimiye, abakristo bashyashya, no gukurikiza itegeko rya Yesu ryo kujya mu mahanga yose duhindura abantu kuba abigishwa.

# IBIBAZO BY'ABIGISHWA N'IBYANDITSWE

1. Ibi bikurikira ni ubusobanuro mu ncamake bw'ukuntu dukora amatsinda yo kuvuga ubutumwa, guhindura abigishwa, no kugera ku bazimiye. Itorero ryawe ryahitamo itsinda iryo ariryo ryose muri aya. Ubaye ukomeje gukurikira, ukoresha impano zawe zose mu murimo, Wabasha kugira umuntu uzana mu bwami no gukura byihuse. Ibikurikira ni urutonde rw'ibibazo waha abakristo bawe. Hanyuma ukore amatsinda akurikirana ibikorwa.

## IBIBAZO

Ibi nibyo nifuza gukora: (shyira akamenyetso kuri kimwe cyangwa byinshi)

- ☐ Guhura n'abantu bashya ku miryango yabo.
- ☐ Kwigisha amasomo y'abigishwa.
- ☐ Kwinginga: Gusengera ababuze n'amatsinda y'ivugabutumwa rihindura abigishwa.
- ☐ Guha ibiryo cyangwa ibindi bintu imiryango ikennye.
- ☐ Kuvugana n'abantu kuri telefone cyangwa kubasura.
- ☐ Ivugabutumwa ry'ubugwaneza: Gutekera abandi ibiryo, kohereza ikarita, gufasha mu buryo ubwo aribwo bwosewashobora.
- ☐ Gukorana n'abagore bibana ndetse n'abana.
- ☐ Guha itorero uburyo bwo kugenda, etc.
- ☐ Ibindi: ndashaka _____

_____

_____

_____

_____

_____

_____

2. Ibi bikurikira n'ishusho y'ukuntu ukurikirana abigishwa uburyo ukoresha umaze kwigisha amasomo y'abigishwa. Ubu buryo buzereka umushumba cyangwa ababifitiye ububasha amasomo yigishijwe n'ibyavuye muri buri somo.

## GUKURIKIRANA ABIGISHWA URUPAPURO RUGARAGAZA IBYAVUYEMO

Itariki yo gusura/Isomo: _____

Umuntu (abantu) wigishije isomo: _____
_____
_____
_____

Amazina (Izina) ry'umuntu wasuwe/ wigishijwe: _____
_____
_____
_____
_____
_____

Aho byakorewe: _____
_____

Inyigisho yigishijwe: _____
_____

Nigute irisomo ryagenze? _____
_____
_____
_____
_____

3. Soma Yakobo 1: 22. Iyo twumvise ijambo ry'Imana ntiturishyire mu bikorwa ubwo tuba dukoze iki? _____

   **Yakobo 1:22** *Ariko rero mujye mukora iby'iryo jambo, atari ugupfa kuryumva gusa Mwishuka.*

4. Soma Matayo 7:24-27. Kugira ngo tube abanyabwenge, ntabwo tugomba kumva inyigisho za Yesu gusa, ahubwo tugomba gukora iki? _____

   **Matayo 7:24-27.** *Nuko umuntu wese wumva ayo magambo yanjye akayakomeza, azaba nk'umunyabwenge wubatse inzu ye ku rutare, [25] imvura iragwa, imivu iratemba, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu ntiyagwa, kuko yari ishinzwe ku rutare. [26] Kandi umuntu wese wumva ayo magambo yanjye ntayakomeze, azaba ari nk'umupfapfa wubatse inzu ye ku musenyi, [27]. Imvura iragwa, imivu iratemba, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu iragwa, kandi kugwa kwayo kwabaye kunini.*

5. Soma Abefeso 4:11-12. Ni nde ugomba gukora umurimo? __
   _____
   _____

   **Abefeso 4:11-12** *Nuko aha bamwe kuba intumwa ze, n'abandi kuba abahanuzi, n'abandi kuba Ababwirizabutumwa bwiza, n'abandi kuba abungeri n'abigisha,[12] kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo*

6. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:1, 4. Ni nde wagiye hose yamamaza ijambo? _____
   _____

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:1, 4 Ni nde utarigeze agira aho ajya yamamaza ijambo? _____
_____
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 8:1, 4** *Uhereye uwo munsi haduka akarengane gakomeye mu Itorero ry'i Yerusalemu, bose batatanira mu bihugu by'i Yudaya n'i Samariya, keretse intumwa ... [4] Nuko abatatanye bajya hose, bamamaza ijambo ry'Imana.*

8. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 11:19-22. Mu itorero ryabanje mu Isezerano Rishya, abizera bakoze umurimo, ukurikiranwa n'ubuyobozi bw'intumwa n'amabwiriza. Mu matorero yacu uyu munsi, ni ubuyobozi butangiza ibintu hanyuma abizera bagakurikira. Ni gute mu Ibyakozwe n'Intumwa 11:19-22 hagaragaza aya magambo? _____
_____
_____

**Ibyakozwe n'Intumwa 11:19-22** *Nuko abatatanijwe n'akarengane katewe n'ibya Sitefano bagera i Foyinike n'i Kupuro no muri Antiyokiya, ari nta wundi babwira ijambo keretse Abayuda bonyine. [20]Ariko bamwe muri bo b'i Kupuro n'ab'i Kurene bageze muri Antiyokiya, bavugana n'Abagiriki na bo bababwira ubutumwa bwiza bw'Umwami Yesu. [21]Ukuboko k'Umwami kuba kumwe na bo, abantu benshi barizera bahindukirira Umwami. [22]Iyo nkuru irumvikana igera mu matwi y'itorero ry'i Yerusalemu, batuma Barinaba muri Antiyokiya.*

9. Soma 1 Abakorinto 12:14-18. Buri rugingo rw'umubiri wa Kristo ni ingenzi. Ntabwo dukwiriye kwigereranya ubwacu hagati yacu. Kwiyegurira Kristo si ugukora buri kintu ahubwo

ni ugukora icyo waherewe ubushobozi ngo ukore. Ni iki uzakoresha ibyo wize muri iri somo? _____

_____

**1 Abakorinto 12:14-18** *Umubiri si urugingo rumwe ahubwo ni nyinshi. [15] Ikirenge cyavuga kiti ko ntari ikiganza sindi uwo ku mubiri, ibyo ntibyatuma kiba kitari icyo ku mubiri. [16] Kandi ugutwi kwavuga kuti Ko ntari ijisho sindi uwo ku mubiri, ibyo ntibyatuma kuba kutari uko ku mubiri. [17] Mbese iyo umubiri wose uba ijisho, kumva kwabaye he? Iyo wose uba kumva, kunukirwa kwaba he? [18] Ariko Imana yashyize ingingo mu mubiri, izigenera aho ishatse zose uko zingana.*

# IBISUBIZO BY'IBANZE KU MASOMO

## ISOMO 1

1. Soma Filemoni 1: 6. Ni iyihe ntambwe ya mbere mu kwemerera Imana kuyibera umuyoboro?
   **Kwemera buri kintu cyose cyiza yashyize muri twe muri Yesu Kristo.**

2. Soma 1 Yohana 4:7-8. Ni iyihe soko nyayo yo gukunda abandi?
   **Imana, kuko Imana ari urukundo (1 Yohana 4:8).**

3. Andrew avuga ko, "Igihe cyose wumvise urukundo rugutembamo, iyo aba ari Imana igukoreramo" Ni iyihe nteruro muri 1 Yohana 4:7 yerekana uko kuri?
   **"Urukundo ni urw'Imana" (Imana niyo Rukundo).**

4. Soma 1 Abakorinto 13:4-8. Ni ibiki byerekana urukundo rw'Imana ?
   - **Urukundo rurihangana. Biri mu ndagihe, bivuze ko urukundo ruhora rumeze gutyo.**
   - **Urukundo rugira neza. Urukundo rwigaragariza mu bikorwa byo kugira neza, biri mu ndagihe, bivuze ko urukundo rukomeza gutyo.**
   - **Urukundo ntirugira ishyari. Ntabwo rurakazwa n'iterambere cyangwa no guhirwa kw'abandi.**
   - **Ntirwirarira, cyangwa ngo rwivuge ibigwi.**
   - **Ntirwihimbaza. Ntirwishyira hejuru. Ntirutwarwa no kwirebaho. Ntabwo rwirata.**
   - **Ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntirugira**

**imico mibi .**

- **Ntabwo rushaka ibyarwo, ntirwihugiraho.**
- **Ntiruhutiraho, ntirurakazwa n'ubusa, cyangwa ngo ruhubuke.**
- **Ntirutekereza ikibi. Ntiruhora rutekereza ikibi ku bantu. Ntirubika amakosa.**
- **Ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi cyangwa ibibi. Rwishimira ukuri.**
- **Rubabarira byose, ruragoboka. Ntirubivamo.**
- **Rwizera byose. Rwiringira byose.**
- **Urukundo ntirutsindwa. Rurashikama. Rurakomeza rukagera ku mperuka kandi ruhoraho.**

5. Soma Matayo 14:14. Ni iki cyasunikaga Yesu ngo afashe abandi?
**Yasunikwaga n'impuhwe ku bandi. Inkoranyamagambo isobanura ko impuhwe ari kumva imbabazi.**

6. Soma Matayo 25:37-40. Mu gihe tugaragariza abandi urukundo n'impuhwe, mu by'ukuri ni nde tuba dukunze kandi twitayeho?
**Yesu ubwe. Reba Abaheburayo 6:10.**

## ISOMO 2

1. Soma 1 Petero 4:11. Tugomba gukora umurimo mu bushobozi bwa nde?
**Mu bushobozi bw'Imana.**

2. Soma 1 Abakorinto 12:4. Hariho impano z'Umwuka z'uburyo bwinshi, ariko se ni nde soko yazo?
**Imana/Umwuka Wera.**

3. Soma 1 Abakorinto 12:6. Hitamo interuro nzima.
**B. Hariho uburyo butandukanye Imana ikorera mu bantu.**

4. Soma 1 Abakorinto 12:7. Kubaho k'Umwuka Wera n'impano z'Umwuka zihabwa buri wese ku nyungu za bose. Yego cyangwa Oya.
   **Yego.**

5. Soma 1 Abakorinto 12:8-10 Andika unasobanure zimwe mu mpano z'umwuka Imana iha abantu.
   - **Ijambo ry'ubwenge = Ihishurirwa ridasanzwe riva ku Mana ry'imitekerereze yayo n'intego yayo. Reba Ibyakozwe n'Intumwa 27:21-25.**
   - **Ijambo ryo kumenya = Ihishurirwa ridasanzwe riva ku Mana ku kintu runaka. Reba Ibyakozwe n'Intumwa 9:11-12.**
   - **Impano yo kwizera = N'ubushobozi budasanzwe bwo kwizera Imana nta gushidikanya cyangwa gukoresha ubwenge, reba 1 Abakorinto 13:2.**
   - **Impano yo gukiza = Ni ubushobozi budasanzwe bwo gukiza indwara nta bufasha bwa muntu cyangwa imiti, reba Mariko 16:18.**
   - **Gukora ibitangaza = Ubutabazi budasanzwe bukora ibitangaza biza bihinyuza amahame amenyerewe, reba Abaheburayo 2:3-4.**
   - **Ubuhanuzi = Kuvuga kudasanzwe guhumetswe n'Imana mu rurimi ruzwi n'uvuga. Reba Ibyakozwe n'Intumwa 11:27-28 na 1 Abakorinto 14:3.**
   - **Kugenzura imyuka = Ihishurirwa ridasanzwe riva ku Mana ryo kubaho cyangwa ibikorwa by'imyuka. Reba Ibyakozwe n'Intumwa 16:16-18.**
   - **Indimi z'uburyo butandukanye = kuvuga kudasanzwe, guhumetswe n'Imana, mu rurimi rutazwi (ururimi rutazwi n'uvuga) reba Ibyakozwe n'Intumwa 2:4-11.**
   - **Gusobanura indimi = kuvuga kudasanzwe guhumetswe n'Imana, gusobanura ururimi rutazwi. Reba 1 Abakorinto 14:13-14.**

6. Soma Abaroma 12:6-8. Sobanura impano z'Umwuka Wera zanditse hano Imana iha abantu.
   - **Ubuhanuzi= kuvuga kudasanzwe, guhumetswe n'Imana, mu rurimi ruzwi n'uvuga.**
   - **Umurimo = Gukorera abandi, umurimo w'amaboko. Reba 2 Timoteyo 4:11.**
   - **Kwigisha = Gusobanura, kwagura, gutanga amabwiriza. Reba Ibyakozwe n'Intumwa 13:1.**
   - **Guhugura = Kwihanangiriza, kujya inama, gukomeza, kwinginga, gutesha, guhumuriza, cyangwa kwihanangiriza. Reba Ibyakozwe n'Intumwa 13:15.**
   - **Gutanga = Gutanga impano uha Imana cyangwa abandi. Reba Imigani 22:9.**
   - **Kuyobora = Kuyobora cyangwa ubuyobozi. Reba Ibyakozwe n'Intumwa 20:28.**
   - **Imbabazi = Impuhwe zigararagarizwa uba yakoze amakosa cyangwa uwo ayo makosa aba yagizeho ingaruka. Reba Matayo 5:7.**

7. Haba hari zimwe muri izi mpano zigukoreramo? Niba aribyo ni izihe mpano?
8. Soma 1 Abakorinto 12:7. Ni nde ugomba kungukira muri izi mpano?
   **Ni buri wese. Mu gukoresha impano ufasha abandi, uba wemereye Imana ko ikora ikunyuzemo.**

## ISOMO 3

1. Igitangaza ni iki?
   **Ni ibihe bidasanze bifatwa nkaho ari ukugaragara kw'imbaraga z'Imana. Ni ugutabara kandi kw'imbaraga zidasanzwe z'Imana zihinyuza amahame amenyerewe.**

2. Soma Mariko 2:10-12. Igitangaza cya Yesu cyo muri

Mariko 2 :10-12 cyerekanye ko yari afite ububasha bwo gukora iki?
**Kubabarira ibyaha.**

3. Soma Mariko 16:15-18 . Nk'abizera, ni iki tugomba gukora?
   - **Kubwiriza ubutumwa.**
   - **Kubatiza abakijijwe.**
   - **Kwirukana abadayimoni.**
   - **Kuvuga mu ndimi.**
   - **Gukiza abarwayi.**

4. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:5-8, 12. Ni iki abantu babonye kandi babyitabiriye bate?
   - **Babonye ibitangaza (umurongo 7).**
   - **Bizeye Yesu.**
   - **Babatijwe mu mazi (umurongo 12).**

5. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 3:12. Ni iki Intumwa Petero yavuze kijyanye nuko gukiranuka kwe kwatumye akora igitangaza?
   **Ntago kwari gukiranuka kwe cyangwa imbaraga ze zakijije uwo mugabo; byari iby'Imana.**

6. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 3:16. Ibitangaza bibaho bite?
   **Mu izina rya Yesu no mu kumwizera.**

7. Hariho ibitangaza bibaho mu Isezerano Rishya bitakozwe n'Intumwa?
   **Yego. Umwigishwa wa yesu utaravuzwe izina (Mariko 9:38-39), Filipo (Ibyakozwe n'Intumwa 8:5-7), Ananiya (Ibyakozwe n'Intumwa 9:10-18).**

8. Soma 1 Abakorinto 1:7. Ni ryari impano y'ibitangaza izarangira?
   **Ku kugaruka k'umwami Yesu, i.e Nagaruka.**

# ISOMO 4

1. Soma 1 Abakorinto 15:33. Uyu murongo utwigisha iki ku bijyanye n'ubusabane?
   **Kwifatanya n'ababi kwangiza ingeso nziza.**

2. Soma 1 Abakorinto 12:12. Uyu murongo uratwereka iki kijyanye n'ubuzima bwacu bwa Gikristo?
   **Nkuko umubiri ari ingingo zigirirana, natwe dukenera abandi bagize umubiri wa Kristo.**

3. Soma Abaheburayo 10:24. Ni iki kijyanye no gusabana n'abubaha Imana twakwiga mu Baheburayo 10:24?
   **Abari mu busabane n'abubaha Imana batera abandi ishyaka ryo gukunda n'iry'imirimo myiza.**

4. Soma Abaheburayo 10:25. Ni iki kijyanye n'ubusabane twakwiga muri uyu murongo?
   **Dukwiriye kujya duteranira hamwe, tugasabana, tukanakomezanya.**

5. Soma Imigani 5:22-23. Kuki tugomba kurinda imitima yacu kugira ubusabane n'abatubaha Imana?
   **Azapfa azize ko yanze kwigishwa, kandi ubupfapfa bwe bwinshi buzamutera kuyoba (umurongo 23).**

6. Soma 2 Timoteyo 2:22. Tugomba gukomeza gukiranuka, kwizera, urukundo n'amahoro na ba nde?
   **N'abambaza Uwiteka bafite umutima utunganye.**

7. Soma Abaheburayo 13:7. Ni nde dukwiriye kwibuka tukigana ubuzima bwe?
   **Abayobozi bawe bakwigishije Ijambo ry'Imana.**

# ISOMO 5

1. Soma 2 Timoteyo 3:12. Ababayeho mu buzima bwubaha Imana bazabona iki?
   **Akarengane.**

2. Ni gute wasobanura "akarengane"?
   **Gutoteza, kubabazwa bitewe n'imyizerere.**

3. Soma Mariko 4:16-17. Kubabazwa n'akarengane bizanwa n'iyihe mpamvu?
   **N'ijambo, ni ukuvuga ko biza kugira ngo bikureho ijambo.**

4. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:1,4. Akarengane katumye haba iki i Yerusalemu?
   **Katumye abantu bakwira hose babwiriza ubutumwa.**

5. Soma Matayo 5:10-12. hahirwa abarenganywa bazira ...?
   **Gukiranuka.**

6. Soma Matayo 5:12. Mu gihe abizera barenganyijwe bazira gukiranuka, ni iki bakwiringira kuzabona mu gihe kizaza?
   **Ibihembo bikomeye mu ijuru.**

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 9:4-5. Sawuli yarenganyaga nde?
   **Yesu.**

8. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 9:1. Mu by'ukuri, Sawuli yarenganyaga nde?
   **Abigishwa (Abakristo) b'Umwami.**

9. Soma Abagalatiya 6:12. Abayuda mu gitabo cy'Abagalatiya bagerageje kongera iyubahirizwa ry' amategeko y'idini ku

butumwa bwiza. Mu gukora ibyo birindaga iki?
**Kubabazwa kw'akarengane kubera umusaraba wa Kristo. Mu yandi magambo, birindaga akarengane gaturuka mu kwigisha ko agakiza kabonwa k'ubuntu binyuze mu kwizera Yesu wenyine.**

## ISOMO 6

1. Soma Daniyeli 2:44. Abahanuzi b'Isezerano rya Kera bahanuraga ko mu gihe kizaza, Mesiya (cyangwa uwasizwe) azaza, ko kandi Imana yo mu ijuru izashyiraho ubwami bu …?
**B. Butazigera burimbuka.**

2. Soma Matayo 4:17,23. Ubutumwa bwa Yesu bwari ubuhe?
**Mwihane kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi.**

3. Soma Mariko 1:14-15. Yesu yabwirije ubutumwa bwa ...?
**Ubwami bw'Imana.**

4. Soma Luka 4:43. Impamvu Yesu yoherejwe avuye ku Mana yari iyo ...?
**Kubwiriza ubwami bw'Imana.**

5. Soma Yohana 4:25. Mu byanditswe, Yesu ntiyigeze asobanurira abayuda icyo yavugaga ubwo yavugaga ku bwami. Cyari igitekerezo cy'Isezerano rya Kera ...?
**C. Bari basanzwe bashakisha kuva mbere.**

6. Soma Luka 9:1-2. Ni ibihe bintu bitatu abigishwa cumi na babiri bakoze?
   - **Birukanye abadayimoni.**
   - **Gukiza indwara.**
   - **Kubwiriza ubwami bw'Imana.**

7. Soma Luka 10:1-2. 8-9. Ni ubuhe butumwa Yesu yabwiye abantu mirongo irindwi kwamamaza?
   **Ubwami bw'Imana.**

8. Soma Luka 23:2. Ushingiye ku gusobanura bw'abayuda, ijambo "Kristo" rivuga ...?
   **Umwami.**

9. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 17:17. Binyuranyije n'amategeko y'abaroma, abayuda bavuze ko Intumwa Pawulo yigishaga ko hari undi ...?
   **Mwami - Yesu.**

10. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 19:8-10. Pawulo avuga ashize amanga muri Efeso ajya impaka abemeza ibijyanye na ...?
    **Iby'ubwami bw'Imana.**

11. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 28:23-31. Ku murongo wa 31, Ni iki Intumwa Pawulo yabwirizaga?
    **Ubwami bw'Imana yigisha ibindi bintu bijyanye n'Umwami Yesu Kristo.**

12. Soma Matayo 24:14. Ni ubuhe butumwa bugomba kubwirizwa ku isi yose?
    **Ubutumwa bw'ubwami.**

13. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 20:24-25. Rimwe na rimwe ubutumwa bw'ubwami bwitwa ubutumwa bw' ...?
    **Ubuntu bw'Imana.**

14. Soma Luka 16:16. Ntibishoboka ko wasobanukirwa ubutumwa bwa Yesu udafite ubumenyi bw'ibanze ku bwami. Ubwami nibwo butumwa Yesu yavuze kandi ni nabwo bwonyine

yategetse abigishwa ku ...?
**A. Kubwiriza.**

15. Soma Matayo 6:10. Ubusanzwe, ubwami bw'Imana ni imitegekere y'Imana. Ni gute bigaragazwa n'uyu murongo?
**Ibyo Imana ishaka bibeho mu isi, nk'uko biba mu ijuru.**

16. Soma Abakolosayi 1:13-14 n' Abaroma 14:9. Muri iyi nteruro "ubwami bw'Imana" harimo igitekerezo cy' itsinda ry'abantu baza ...?
**B. Bazemera imitegekere y'Imana (bakanga iya Satani) hanyuma bakakira imbabazi.**

17. Soma Matayo 4:17. Kugira ngo winjire mu bwami bw'Imana, guhinduka ko mu mutima kurakenewe. Uku guhinduka k'umutima ni ko Bibiliya yita ...?
**C. Kwihana.**

18. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 26:18. Wavuye mu ...? ujya mu mucyo, uva mu ...? (butware cyangwa kuyoborwa) bwa Satani ujya ...? kugira ngo uhabwe imbabazi z'ibyaha byawe.
    - **Umwijima.**
    - **Imbaraga.**
    - **Imana.**

19. Soma Ezekiyeli 36:26-27 N'Ibyakozwe n'Intumwa 11:15-18. Wahawe umutima, n'Umwuka bishya bituma ugendera mu nzira z'Imana?
**Yego.**

20. Soma Luka 18:13-14. Wari watakira Imana kugira ngo ikubabarire ibyaha byawe?

# ISOMO 7

1. Soma Yohana 1:12. Abamwemeye bose ...?
   A. **We (Umwami Yesu Kristo), yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana.**

2. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 16:31. Tugomba kwizera (ari byo, kwiringira, kwiha) ubwacu inde?
   **Umwami Yesu Kristo.**

3. Soma Luka 6:46. Ijambo "Databuja" rivuga iki?
   - **Umutware.**
   - **Umuyobozi.**
   - **Umukoresha.**
   - **Ufite uburenganizira ku kugenga ubuzima bwacu.**
   - **Iri jambo rinasobanura ubumana.**

4. Soma Matayo 1:21. Ijambo "Yesu" rivuze iki?
   **Yesu nk'umucunguzi.**

5. Soma Luka 23:2. Ijambo Kristo rivuze iki?
   - **Yesu nk'Umwami wacu.**
   - **Umucunguzi.**

6. Soma Abaroma 1:16. Ushingiye kuri uyu murongo, ubutumwa cyangwa inkuru nziza, ni …?
   **Kristo we ubwe, aribyo bikubiyemo inyungu ze zose.**

7. Soma Abaroma 1:1-3. Ubutumwa bw'Imana bwibanda, cyangwa bwerekeye …?
   - **Umwana w'Imana.**
   - **Yesu Kristo Umwami wacu.**

8. Soma Yohana 6:54. Iyo ugize icyo urya, ibyo bivuze iki?
   **Ko ukimira cyose. Mbese icyo urya gihinduka ubuzima bwawe, imbaraga za we.**

9. Soma Abagalatiya 3:27. Umuntu iyo abatijwe muri Kristo, yambara ...?
   **Kristo.**
   Ni kihe gice cya Kristo aba yamabaye?
   **We wese.**

10. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 9:5-6. Ubwo Sawuli yahindukaga, ni ibihe bibazo bibiri yabajije Yesu?
    - **Uri inde?**
    - **Urashaka ko nkora iki?**

11. Soma Abaroma 7:4. Ni nde tugomba gushyingirwa?
    **Umwami Yesu.**
    Ni ku kihe gice cye tugomba gushyingirwaho?
    **We wese.**

12. Ese wishimira urugo rwiza na Kristo?
    Uvugana, ushyikirana, uramukunda kandi uramuramya?

## ISOMO 8

1. Soma Mariko 2:16-17. Yesu yaje gucungura nde?
   **Abanyabyaha.**

2. Soma Abaroma 2:1. Iyo duciriye abandi urubanza, ni iki tuba turimo kwikorera ubwacu?
   **Tuba twiciraho iteka; ibyo byitwa kwicira urubanza.**
   Kubera?
   **Kubera ko nubwo ducira abandi urubanza, dukora nk'ibyo bakora.**

3. Soma Yakobo 2:10. Iyo twubahirije amategeko yose y'Imana, ariko hakaburaho utuntu ducye, tuba ducumuye kuri angahe?
**Tuba ducumuye kuri yose.**

4. Soma Abagalatiya 3:10. Niba tugiye kugirwa abakiranutsi no gukurikiza amategeko y'Imana, ni angahe tugomba kubahiriza?
**Yose.**
Kandi ni ukuyubahiriza kugeza ryari?
**Tugomba gukomeza kuyakurikiza (nta narimwe risigaye).**
Urimo urabona impamvu tudatsindishirizwa no kuba beza bihagije?
**Yego.**

5. Soma Abagalatiya 2:16. Gutsindishirizwa ni impano yo gukiranuka, itangwa n'Imana, ishyira umuntu mu kuba akiranutse ari mu ubusabane n'Imana. Gutsindishirizwa kw'abanyabyaha kubonerwa mu kwizera Yesu Kristo kandi gusohozwa rimwe kugeza iteka binyuze mu rupfu n'umuzuko bye (1 Abakorinto 15:3-5) n'Abaroma 4:25). Ni iki kidatsindishiriza umuntu?
**Imirimo ye, ariyo mirimo itegekwa n'amategeko.**
Umuntu akizwa ate?
**Binyuze mu kwizera (Kwizera) Yesu Kristo.**
Ni bangahe bazatsindishirizwa n'amategeko?
**Nta mubiri, ibyo bivuze ko nta muntu numwe.**

6. Soma Abaroma 6:14. Nk'umukristo, Utwarwa ...?
**B. N'ubuntu.**

7. Soma Ezekiyeli 18:20. Iyo uba watwarwaga n'amategeko, igihano cyawe cyaba ikihe?
**Urupfu.**

8. Soma Abaroma 4:6-8. Mu gutwarwa n'ubuntu, ni ibihe bintu bitatu Imana ikorera ibyaha byawe?
   - **Irabibabarira.**
   - **Irabitwikira.**
   - **Ntabwo ibimbaraho.**

9. Soma Abaroma 5:1. Ubu twatsindishirijwe, ni iyihe nyungu biduha twishimira?
   **Twunzwe n'Imana (ntago iturakariye).**

10. Soma Abaroma 5:9. Ubu ubwo twatsindishirijwe n'amaraso ya Yesu ni iki tuzakizwa?
    **Umujinya (urubanza rw'ibyaha byacu).**

11. Soma Abaroma 10:4. Yesu yasoje amategeko nk'uburyo bwo kutubonera ...? Imbere y'Imana.
    **Gukiranuka.**

12. Soma 1 Abakorinto 1:30. Imana yagize Yesu kutubera …?
    - **Ubwenge.**
    - **Gukiranuka.**
    - **Kwezwa.**
    - **Gucungurwa.**

13. Soma Abafilipi 3:9. Iyo utwawe n'amategeko ya Mose, uba agerageza kwibonera ...?
    **Gukiranuka.**

14. Soma 1 Abakorinto 11:1. Nk'abakristo, tubayeho dutwarwa n'itegeko rya Kristo. Itegeko rya Kristo ntabwo ari urukomatane rw'amahame yo kubahiriza; ni ukuba mu buzima wumvira umuntu. Uwo muntu ni …?
    **Kristo.**

15. Soma Abaroma 8:3. Ntibyashobokaga ko amategeko adukiza, si uko amategeko yari mabi, ahubwo ni uko mu ntege nke zacu za ...? ntitwari gushobora kuyubahiriza.
**Kamere.**

## ISOMO 9

1. "Ubuntu" bwasobanuwe gute muri iri somo?
**Igikundiro no gushobozwa kw'Imana udakwiriye kandi utakorera.**

2. Mu gihe umutima ushikamye mu buntu, ntabwo tuba tukigerageza gukorera kwemerwa n'Imana binyuze … yacu?
**Mu mirimo.**

3. Soma Abaheburayo 10:14. Intege nke za Don iteka za mutezaga kutaba intungane. Ni gute duhinduka abatunganye, ukurikije uyu murongo?
**Kubw'igitambo cya Yesu, Yaradutunganyije iteka ryose.**

4. Soma Abaroma 5:17. Yesu yaduhaye i …? Yo gukiranuka kugira ngo tubashe kuba abera n'abakiranutsi imbere y'Imana Data no kugira ngo twuzuze ibisabwa n'amategeko
**Impano.**

5. Soma Yesaya 26:3. Niba dukomeje kureba no guhanga amaso intege nke zacu, amakosa n'ibyaha, aho kureba Yesu we Banze no gusohozwa ryo kwizera kwacu, imitima yacu izababara icitse imbaraga zo kwemera ko hari icyo twakwakira kiva ku Mana. Ni iki tugoma kugumishaho umutima wacu?
**Ibitekerezo byacu bigomba kuguma ku Mwami.**

6. Soma Abefeso 3:17. Imitima yacu yose igomba kuba

imwiyeguriye. Ubwo nibwo tuzaba …?
**Tunyuzwe kandi turuhutse.**

7. Abaroma 4:5. Ese Agakiza ni igihembo gikorerwa cyangwa ni impano y'ubuntu bw'Imana?
**Ni impano y'ubuntu bw'Imana.**

8. Soma Abaroma 5:17. Gukiranuka (kwemerwa imbere y'Imana) ni impano. Ese ugomba gukorera impano?
**Oya.**
Impano uyibona ute
**Urambura ukuboko ukayakira gusa.**

9. Soma Abaroma 6:23. Ni iyihe mpano y'ubuntu bw'Imana iri kuri uyu murongo?
**Ni Ubugingo buhoraho (aho kuba urupfu rw'iteka).**

10. Soma Tito 3:5. Ni imirimo n'ibikorwa byawe bingahe bigira icyo byongera mu kubona agakiza kawe?
**Nta na kimwe.**

11. Soma Abaroma 6:14. Sobanura mu magambo yawe icyo gutwarwa n'ubuntu bivuze.
    - **Ntabwo duhabwa ibijyanye n' ibyaha byacu.**
    - **Twakira iby'Imana byiza bihebuje binyuze muri Kristo.**
    - **Gukiranuka.**
    - **Kwemerwa.**
    - **Kubabarirwa.**
    - **Impuhwe z'Imana.**

12. Soma Abaroma 11:6. Niba imigisha y'Imana tuyibona ku Buntu, ntabwo ari … yacu?
**Imirimo.**

13. Soma Abaroma 3:24. Sobanura mu magambo yawe icyo uyu murongo uvuze.
**Gukiranuka (gutsindishirizwa) ni impano y'ubuntu bw'Imana yahawe abizera ku bw' umurimo wa Kristo wo gucungura ku musaraba.**

14. Soma Abefeso 1:7. Kubabarirwa kw'ibyaha byacu kwakurikizaga …?
**Ubutunzi bw'ubuntu bw'Imana.**

## ISOMO 10

1. Ni uwuhe mubano uyu mugabo yagirana n'uriya muryango mu gihe iki kintu gisa gutya kigikomeza?
**Umubano urimo kutababarira, ubusharire, n'amakimbirane.**

2. Soma Abaheburayo 10:1. Ni iki itegeko ritashoboraga gukora?
**kugira abasenga abatunganye (nta busembwa cyangwa inenge).**

3. Soma Abaheburayo 10:1. Ni iki uyu murongo utwereka nk'ikimenyetso cy'uko ibitambo by'Isezerano rya Kera bitari bihagije mu kutugira intungane?
**Nuko byasubirwagamo, buri gihe, buri cyumweru, buri kwezi. Kuba byarasubirwagamo byerekana ko bitashoboraga guhangana n'ikibazo cy'icyaha.**

4. Soma Abaheburayo 10:2. Niba igitambo gishobora guhangana n'icyaha bya nyabyo cyaraje, bimaze iki ku basenga?
**Cyatuma badahora bafite umutima ubabaraho icyaha (Guhora iteka bashyirwa hasi no kunanirwa).**

5. Ni iki umushoferi wari wasinze yategetswe gukora?
**Gutekereza ku cyaha cye buri gihe.**

6. Soma Abaheburayo 10:14. Imana itunganisha abantu bayo na ...?
   **D. Ituro (igitambo) rya Yesu.**

7. Soma Abaheburayo 10:14. Ituro rya Yesu (ryakiranywe kwizera) ritunganya abizera ...?
   **C. Ubuziraherezo.**

8. Soma Itangiriro 20:1-18. Ni abahe bantu babiri bavuzwe muri iyi nkuru?
   - **Aburahamu.**
   - **Abimereki.**

9. Soma Itangiriro 20:2 na 5. Mu nkuru ni nde washutse akabeshya mugenzi we?
   **Aburahamu.**

10. Soma Itangiriro 20:7. Ndahamya ko Imana itigeze ishyigikira ibikorwa bya Aburahamu. Ariko se Imana yari ku ruhande rwa nde, Aburahamu cyangwa Abimeleki?
    **Aburahamu.**
    Kuki? Soma Itangiriro 15:1, 18 na Yakobo 2:23
    **Kubera ko Aburahamu yari afitanye isezerano n'Imana kandi yari inshuti y'Imana.**

11. Soma Itangiriro 20:7, 17-18. N'ubwo Aburahamu yari mu makosa, ni nde Imana yavuze ko agomba gusengera undi?
    **A. Aburahamu yagombaga gusengera Abimeleki.**

12. Soma Abaroma 8:31. Nubwo rimwe na rimwe tunanirwa, ninde uri ku ruhande rwacu?
    **Imana.**

13. Soma Abaroma 4:8. Nubwo dukora amakosa, ni iki Imana ivuga

ko itazakora?
**Ntabwo izadushyiraho ibyaha byacu, ibi bivuze ko itazatubaraho ibyaha byacu**.

14. Soma Abaheburayo 8:12-13. Mu Isezerano Rishya, ni iki Imana yasezeranije ko itazakora?
**Imana ntabwo izibuka ibyaha byacu cyangwa ngo, ibitubareho.**

15. Soma Abefeso 2:5; 8-9 Dukizwa dute?
**Kubw'ubuntu bw'Imana, aribyo igikundiro n'ubugwaneza bwayo kuri twe tudakwiriye.**

16. Soma Tito 3:5. Ni gute tudakizwa?
**N'imirimo yo gukiranuka dukora.**
Ni gute dukizwa?
**Kubera imbabazi zayo. Yatwuhagije kuvuka gushya aduhindura bashya ku bw'Umwuka wayo wera.**

17. Soma Abefeso 1:6. Tuzahimbaza Imana iteka ryose ku bwo kuducungurisha ...?
**Ubuntu.**
Kuko yatugize …? Mu Mukundwa (Kristo Yesu).
**Abemewe.**

## ISOMO 11

1. Soma Abaroma 8:38-39. Ni iki Intumwa Pawulo yamenye?
**Yari yaramenye ko nta kintu cyadutandukanya n'urukundo rw'Imana rwaba urupfu cyangwa ubugingo, cyangwa abamarayika cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho cyangwa ibizaba cyangwa abafite ubushobozi nta cyadutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu Umwami wacu.**

2. Ubwo nari mw'ishuri rya Bibiliya, Nari mfite umwarimu

wakundaga gutanga inyigisho zivuga gutya: "gutsindishirizwa ni ingingo y'ubucamanza aho Imana yita buri muntu wizera umukiranutsi, **si ukugira** umukiranutsi." Uko nasomaga ibyanditswe ubwanjye, naje kwemezwa ko **gutsindishirizwa ari impano yo gukiranuka ituma uba ukiranuka mu maso y'Imana.** Soma Abaroma 5:19. Binyuze mu kumvira kwa Yesu Kristo (ko kubahiriza amategeko no kujya ku musaraba), benshi baza …?
**C. Bazagirwa abakiranutsi.**

3. Soma 2 Abakorinto 5:21. "Kuko utigeze kumenya icyaha [Yesu Kristo] yamuhinduwe [Imana] kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke ...? (gushimangira ni ukwanjye)
**Gukiranuka kw'Imana muri Kristo.**

4. Soma Abakolosayi 1:21-22. Yesu Kristo yaje ku isi apfira ibyaha byacu. Kubera ibi, duhagarara mu kubaho kw'Imana nk'abantu bera, badafite ikosa, babaziranenge mu …?
**C. Mu maso y'Imana.**

5. Soma Abefeso 1:6. Tuzahimbaza Imana iteka ryose ku bw'ubuntu bwayo kuko yaduhinduye ...?
**Abemewe mu Mukunzi (uwo ni Kristo).**

6. Soma Abaheburayo 10:14. Binyuze mu gitambo cya Yesu cyo ku musaraba, twatunganijwe kugeza igihe kingana iki?
**C. Iteka ryose.**

7. Soma Abaheburayo 10:15-17. Mu Isezerano Rishya, Imana yasezeranije kutibuka ibyaha byacu ..?
**C. Ukundi.**

8. Soma Abaroma 6:1-2. Ubuntu bw'Imana buruta ibyaha byacu

byose. Ese twaguma mu byaha kugira ngo Ubuntu bw'Imana bukomeze kugaragara ko busaze?
**Ntibikabeho. Oya!**

9. Soma Abaheburayo 9:12. Ni ukuhe gucungurwa (kugirwa ab'umudendezo ku gihano cy'ibyaha byacu) Yesu yatuboneye?
**C. Gucungurwa kw'iteka.**

10. Soma Abaroma 8:33. Vuga umuntu warega intore z'Imana.
**Nta numwe.**

11. Soma Abaroma 8:34. Vuga umuntu wacira iteka (gushinja) intore z'Imana.
**Nta numwe.**

12. Soma Abaroma 8:35. Vuga umuntu watandukanya Umukristo n'urukundo rw'Imana.
**Nta numwe.**

13. Soma Abaroma 8:31. Ni uwuhe mwanzuro w'iri somo ry'abigishwa?
**Ubwo Imana iri mu ruhande rwacu nta mubisha.**

## ISOMO 12

1. Amabwiriza atangwa mu ndagihe aba yitezweho ...?
**Gusubirwamo, cyangwa gukomeza gukorwa.**

2. Soma Yohana 3:16. Ushingiye ku ndagihe mu Kigiriki, Ni iki Yohana 3:16 havuga?
**Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera (indagihe: umwizera agakomeza kwizera) wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.**

3. Soma 1 Yohana 3:9. Umuntu wese wabyawe n'Imana ntakora ibyaha. Ibi bivuze iki?
   **Umuntu wese wabyawe n'Imana ntakora ibyaha (indagihe: bivuze ko adakomeza gukora ibyaha nkaho aribwo buzima bwe, (agaragaza umutima utihana).**

4. Soma Luka 15:7. Mu ijuru haba umunezero ku munyabyaha umwe w' ...?
   **Wihana agakomeza mu kwihana.**

5. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 17:30. Imana itegeka abantu bose bari hose kw' …?
   **kwihana no gukomeza mu kwihana.**

6. Soma Ibyakoze n'Intumwa 26:20. Ni iki uyu murongo uvuga?
   **Ahubwo mbaza ab'i Damasiko, maze, mbwira ab'i Yelusalem n'abo mu gihugu cyose cy'i Yudaya n'abanyamahanga, mbabwiriza kwihana (indagihe: bagakomereza mu kwihana) no guhindukirira (indagihe: bagakomeza guhindukira) Imana bakora (indagihe: bagakomeza gukora imirimo igaragaza abihannye) imirimo ikwiriye abihannye.**

7. Soma 1 Yohana 2:3. Ni izihe ngaruka zo kugirana ubusabane bwawe n'Imana, aribyo kuyimenya?
   - **Gukora ibyo Ivuga.**
   - **Gukurikiza amategeko yayo.**

8. Soma Yakobo 2:18 haravuga ngo, Nyereka kwizera kwawe kutagira imirimo, (aribyo bidashoboka gukorwa) nanjye ndakwereka kwizera kwanjye gufite …?
   **Imirimo cyangwa kubw'ibyo nkora.**

9. Soma 1 Abatesalonika 1:3. Imirimo cyangwa ibikorwa,

bituruka mu kwizera byitwa …?
**Imirimo yo kwizera.**

10. Soma Abagalatiya 2:16, 21. Imirimo itegetswe n'amategeko ni imirimo abantu bakora kugira ngo bageragеze kwibonera agakiza cyangwa ...? (umurongo 21). Ntabwo yakiza, nta mbaraga zikiza ifite.
**Gukiranuka.**

11. Soma Abaroma 2:7-10. Iyi mirongo irimo gusobanura imbuto z'abantu b'uburyo bubiri ni abahe?
    - **Abizera.**
    - **Abatizera.**

## ISOMO 13

1. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:13, 18-22. 1 Yohana avuga ku "mbuto" cyangwa ikimenyetso, cy'uwizera nyakuri. Ibi nibyo by'ubugingo bituruka mu mutima. Mu gihe umutima w'uwizera ubonetse ko utari muzima (nk'uwa Simoni), ni iki agomba gukora?
**Wihana ibyaha byawe (ubugome) kandi ugasaba Imana ngo ibitekerezo by'umutima wawe bibabarirwe.**

2. Soma 2 Petero 1:5-11. Ni ikihe kimenyetso, cyangwa igihamya, ko umuntu ari muri bo Imana yahamagaye ikanatoranya?
**Bongera ku kwizera kwabo ibyiza byose by'Umwuka, ibyiza bya kamere yabo nshya.**

3. Soma Matayo 25:34-40. Ni izihe ndangagaciro zigaragazwa n'uwizera muri iyi mirongo?
    - **Kugaburira abashonje.**
    - **Kwakira abandi neza.**
    - **Kwambika abatishoboye.**
    - **Kwita ku barwaye.**
    - **Gusura abari mu nzu z'imbohe.**

4. Soma Yohana 13:35. Abigishwa ba Yesu ubabwirwa n' iki?
**Urukundo bagaragarizanya.**

5. Soma Matayo 7:21-23. Kubera iki aba bantu baretse ubwami bw'Imana?
   - **Bari inkozi z'ibibi. Mu Kigiriki, indagihe irakoreshwa, bivuzeko gukora ibibi nibwo bwari ubuzima bwabo, kamere yabo. Yesu yaravuze ngo ntiyigeze kubamenya.**
   - **Bari abanyedini bazimiye batigeze bahinduka mu mutima, mu bwenge ngo babyerekeze ku Mana.**

6. Soma Yohana 14: *23.* Umuntu niba akunda Yesu, azakora iki"
**Azubahiriza amagambo ye (akora ibyo amubwiye*).***

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 26:20. Uyu murongo uravuga iki"
**Erekanisha kwihana kwawe imirimo ukora.**

8. Soma Yakobo 2:17. Niba kwizera kwawe kudakurikirwa n'imirimo myiza, cyangwa ibikorwa, uko kwizera kumeze gute?
**Kwizera gupfuye(kwizera kudakiza) (Yakobo 2:14).**

## ISOMO 14

1. Bishobora kugutangaza kumenya ko nta muntu Yesu yigeze ahamagarira kuba "umukristo," ahubwo guhamagara kwe kwari uko kugira ngo abantu bahinduke "abigishwa." Reba mu bitabo by'ubutumwa bwiza (Matayo, Mariko, Luka, na Yohana), ku rupapuro, shaka ibyanditswe byinshi bishoboka byerekana ko Yesu yahamagariye abantu guhinduka kuba abigishwa.

2. Mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa, abantu ntabwo bahamagarirwaga kuba "abakristo" ahubwo guhamagarwa kwabo kwari uko guhinduka "abigishwa. "Reba mu gitabo cyose cy'Ibyakozwe n'Intumwa, noneho, shaka unandike ku

rupapuro ibyanditswe byinshi bishoboka byerekana abantu barimo guhamagarirwa guhindura abantu kuba "abigishwa."

3. Mu byanditswe ijambo "abigishwa" rikoreshwa inshuro 273. Muri Bibiliya yose, ijambo "umukristo" rikoreshwa inshuro eshatu. Andika ku rupapuro izo nshuro eshatu aho ijambo "umukristo" rikoreshwa mu byanditswe.
   - **Ibyakozwe n'Intumwa 11: 26.**
   - **Ibyakozwe n'Intumwa 26:28.**
   - **1 Petero 4:16.**

4. Soma Matayo 10:25. Umwigishwa ni iki, ukurikije uyu murongo?
   **A. Umwigishwa ni umera nk'umwarimu we cyangwa Shebuja.**

5. Soma Luka 14:26 Kuba umwigishwa wa Yesu bivuze kuba igitambo kidakuka cy'ubuzima bw'umuntu kubw'ubuzima bw'undi.
   **Nibyo.**

6. Soma Luka 14:23. Hamwe na hamwe, kuba umwigishwa wa Yesu, bivuze gusiga byose Yesu akaba ariwe uba uwa mbere.
   **Nibyo.**

7. Soma Matayo 19:29. Umuntu wese wasize urugo cyangwa bene se cyangwa bashiki be, cyangwa se cyangwa nyina cyangwa abana, cyangwa amasambu ku bw'izina ryanjye, azahabwa ibibiruta incuro ijana, kandi azaragwa n'ubugingo buhoraho.
   **Nibyo.**

8. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 14:22. Abigishwa bakwiriye kuguma mu kwizera.
   **Nibyo.**

9. Soma Abaheburayo 10:14. Kudahuza bamwe bafite ku byanditswe bivuga ku guhindura abantu kuba abigishwa bishingira ku kuba "umukristo" nta mbaraga bisaba (ni kubw'ubuntu), ariko kuba "umwigishwa" bisaba igitambo nyacyo no kwiyemeza. Ukuri ni uko gucungura kwa Yesu nta mbaraga kwasabye ku ruhande rwacu; kuratunganye kandi nta mbaraga zacu gusaba, ariko guhamagara kwa Yesu kwamye kureba twebwe wese n'ubuzima bwose. Yego cyangwa Oya.
**Nibyo.**

10. Guhamagara kwa Yesu ntabwo kwari ukw'abera b'uburyo bubiri, ngo bamwe babe abakristo baguma ari abanyamubiri abandi babe abigishwa. Mu by'ukuri abakristo n'abigishwa bagombye kuba ari bamwe. Yego cyangwa Oya.
**Nibyo.**

11. Soma Matayo 28:19. Itegeko rikuru rya Yesu ryari iryo kugenda bagahindura abantu kuba ...?
**A. Abigishwa.**

12. Soma Matayo 28:20. Abizera bagomba kwigisha abandi kumvira buri kintu Yesu yategetse.
**Nibyo.**

13. Soma Yohana 1:12. Yesu yatanze ibyiza bye (kubabarira, gutsindishirizwa, etc), ariko hatabuzemo kumufata we ubwe.
**Nibyo.**

## ISOMO 15

1. Soma Mariko 16:15. Ubutumwa bugomba kubwirwa nde?
**Buri kiremwa (Buri wese).**

2. Soma Matayo 28:19-20. Ni nde ugomba guhinduka umwigishwa?

**Abantu b'amahanga yose.**

3. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:5, 16:13-15; 23; 20:20-21. Ni he ivugabutumwa ryaberaga?
   - **Mu mijyi.**
   - **Mu butayu.**
   - **Ku nkombe z'imigezi.**
   - **Mu nzu z'imbohe.**
   - **Mu ruhame.**
   - **Inzu ku yindi.**

4. Soma Mariko 4:11-12. Mbere y'uko guhinduka nyakuri kubaho, umuntu agomba ...?
   **E. Byose bivugwa haruguru.**

5. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 28: 23-24. Ubwo Pawulo yasobanuraga akanahamya iby'ubutumwa, yamaze umwanya ungana iki arimo kubikora kugira ngo yemeze abantu ibya Yesu?
   **Kuva mu gitondo kugeza ni mugoroba (birashoboka ko ari hagati ya masaha atandatu kugeza ku munani).**

6. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 16:14 Iyo hagize ugarukira Kristo by'ukuri, ni iki kigomba gukinguka?
   **Umutima (igice cy'ibanze kigize umuntu).**

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:37. Ni iki kibaho iyo umutima ukingutse ukemezwa?
   **Nibasubiza neza, bazabaza ngo, "twakora iki?"**

8. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 16:31, 2:38. Kandi umuntu agomba gukora iki?
   - **Ihane wizere Umwami Yesu Kristo.**
   - **Ubatizwe.**

9. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 2:42 na Yohana 8:31-32. Hanyuma umuntu agomba gukora iki?
   - **Bahoraga bashishikariye ibyo intumwa zigishaga.**
   - **Bagahora biga bakanashyira mu bikorwa amagambo ya Yesu.**

10. Soma Abaroma 10:14-15. Ubusanyije n'uko biteguye (muri ibi byanditswe), umuntu aza ate kuri Kristo?
    - **Umuntu aroherezwa.**
    - **Umuntu arabwirizwa (cyangwa arabwirwa).**
    - **Kuko bumva ubutumwa bwa Kristo, bashobora kwizera.**
    - **Kuko bizera bambaza izina ry'Umwami Yesu ngo bakizwe.**

## ISOMO 16

1. Urupapuro rw'ibibazo.
   **Shakira mu isomo.**

2. Gukurikirana ibiba byavuye mu nyigisho z'abigishwa.
   **Shakira mu isomo.**

3. Soma Yakobo 1: 22. Iyo twumvise ijambo ry'Imana ntiturishyire mubikorwa ubwo tuba dukoze iki?
   **Tuba twishutse.**

4. Soma Matayo 7:24-27. Kugira ngo tube abanyabwenge, ntabwo tugomba kumva inyigisho za Yesu gusa, ahubwo tugomba gukora iki?
   **Tugomba gukora icyo zivuga.**

5. Soma Abefeso 4:11-12. Ni nde ugomba gukora umurimo?
   **Ni abera (si igice kimwe cy'abantu bitwa abayobozi b'ibitorero).**

6. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:1, 4. Ni nde wagiye hose yamamaza ijambo?
   **Abizera bari barataataniye mu mahanga.**

7. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 8:1, 4 Ni nde utarigeze agira aho ajya yamamaza ijambo?
   **Ni intumwa.Turabibona ko itorero rya mbere ry'Isezerano rishya ariryo ryari rifite inshingano zo kuvuga ubutumwa no guhindura abantu kuba abigishwa.**

8. Soma Ibyakozwe n'Intumwa 11:19-22. Mu itorero ryabanje mu Isezerano Rishya, abizera bakoze umurimo, ukurikirwa n'ubuyobozi bw'intumwa n'amabwiriza. Mu matorero yacu uyu munsi, ni ubuyobozi butangiza ibintu hanyuma abizera bagakurikira. Ni gute mu Ibyakozwe n'Intumwa 11:19-22 hagaragaza aya magambo?
   **Iyo nkuru irumvikana igera mu matwi y'itorero ry'i Yerusalemu, batuma Barinaba muri Antiyokiya. (umurongo wa 22).**

9. Soma 1 Abakorinto 12:14-18. Buri rugingo rw'umubiri wa Kristo ni ingenzi. Ntabwo dukwiriye kwigereranya ubwacu hagati yacu. Kwiyegurira Kristo si ugukora buri kintu ahubwo ni ugukora icyo waherewe ubushobozi ngo ukore. Ni iki uzakoresha ibyo wize muri iri somo?
   **Niringiye, Kubishyira mu bikorwa mu gusohoka nkakoresha impano zanjye mu gufasha abandi.**

# AKIRA YESU NK'UMUKIZA WAWE

Guhitamo kwakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza wawe nicyo cyemezo cya ngombwa uzigera ukora!

**Ijambo ry'Imana ridusezeranya ko**, *Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami ukizera mu mutima wawe yuko ari Umwami ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa. [10] Kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ari ko yatuza agakizwa … [13] Kuko umuntu wese uzambaza izina ry'Umwami azakizwa.* **Abaroma 10:9-10,13.**

Ku bw'ubuntu bwayo, Imana yakoze buri kintu cyose ngo itange agakiza. Uruhare rwawe ni ukwizera no kwakira.

Senga cyane uti, "Yesu ndatura ko uri Umwami n'Umucunguzi wanjye. Ndizera mu mutima wanjye ko Imana yakuzuye mu bapfuye. Ku bwo kwizera Ijambo Ryawe, nakiriye agakiza ubu. Urakoze kubwo kunkiza!"

Mu gihe uhaye ubuzima bwawe Yesu Kristo, ukuri kw'Ijambo Rye ako kanya kuraza kukinjira mu mwuka wawe. Ubu rero kuko uvutse ubwa kabiri, ubaye mushya!

# AKIRA UMWUKA WERA

Nk'umwana wayo, So wo mu ijuru ugukunda arashaka kuguha imbaraga zidasanzwe ukeneye kugira ngo ube muri ubu buzima bushya.

**Luka 11:10,13** *Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, n'ukomanga agakingurirwa …* [13] *None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamusabye?*

Icyo ugomba gukora cyose ni ugusaba, ukizera, ukakira! Senga gutya, Data Ndemera ko nkeneye imbaraga zawe kugira ngo mbashe kubaho muri ubu buzima bushya. Ndakwinginze nyuzuza Umwuka wawe Wera. Kubwo kwizera ndamwakiriye aka kanya! Urakoze k'ubwo kumbatiza. Mwuka Wera, uhawe ikaze mu buzima bwanjye."

Byiza cyane! Ubu wuzuye imbaraga zidasanzwe z'Imana. Zimwe mu nyuguti z'ururimi utazi zizatangira kuva mu mutima wawe ziza mu kanwa kawe (1 Abakorinto 14:14) Uko uzivuga n'ijwi ryumvikana mu kwizera, uba urekura imbaraga z'Imana guturuka imbere muri wowe wiyubaka mu mwuka (umurongo 4). Ibi wabikorera aho waba uri hose n'igihe ubishakiye.

Kuba hari ikintu wumvise cyangwa ntacyo igihe wasabaga ngo wakire Umwami, n' Umwuka We, si byo byangombwa. Niba ubyizera mu mutima wawe ko wakiriye, ijambo ry'Imana risezeranya ko wakiriye. Imana iteka yubahisha ijambo ryayo, byizere!

**Mariko 11:24** *Ni cyo gitumye mbabwira nti Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona.*

# GAHUNDA YO GUSOMA IBYANDITSWE

1. Itangiriro 1-3; Matayo 1 ☐
2. Itangiriro 4-6; Matayo 2 ☐
3. Itangiriro 7-9; Matayo 3 ☐
4. Itangiriro 10-12; Matayo 4 ☐
5. Itangiriro 13-15 ☐
6. Itangiriro 16-17; Matayo 5 ☐
7. Itangiriro 18-19; Matayo 6 ☐
8. Itangiriro 20-22 ☐
9. Itangiriro 23-24; Matayo 7 ☐
10. Itangiriro 25-26 ☐
11. Itangiriro 27-28; Matayo 8 ☐
12. Itangiriro 29-30; Matayo 9 ☐
13. Itangiriro 31-32 ☐
14. Itangiriro 33-35; Matayo 10 ☐
15. Itangiriro 36-38 ☐
16. Itangiriro 39-40; Matayo 11 ☐
17. Itangiriro 41-42; Matayo 12 ☐
18. Itangiriro 43-45 ☐
19. Itangiriro 46-48 ☐
20. Itangiriro 49-50; Matayo 13 ☐
21. Kuva 1-3; Matayo 14 ☐
22. Kuva 4-6 ☐
23. Kuva 7-8; Matayo 15 ☐
24. Kuva 9-11 ☐
25. Kuva 12-13; Matayo 16 ☐
26. Kuva 14-15; Matayo 17 ☐
27. Kuva 16-18 ☐
28. Kuva 19-20; Matayo 18 ☐

29. Kuva 21-22; Matayo 19 ☐
30. Kuva 23-24; Matayo 20 ☐
31. Kuva 25-26 ☐
32. Kuva 27-28; Matayo 21 ☐
33. Kuva 29-30 ☐
34. Kuva 31-33 ☐
35. Kuva 34-35; Matayo 22 ☐
36. Kuva 36-38 ☐
37. Kuva 39-40; Matayo 23 ☐
38. Abalewi 1-3 ☐
39. Abalewi 4-5; Matayo 24 ☐
40. Abalewi 6-7; Matayo 25 ☐
41. Abalewi 8-10 ☐
42. Abalewi 11-12 ☐
43. Abalewi 13; Matayo 26 ☐
44. Abalewi 14 ☐
45. Abalewi 15-16 ☐
46. Abalewi 17-18; Matayo 27 ☐
47. Abalewi 19-20 ☐
48. Abalewi 21-22; Matayo 28 ☐
49. Abalewi 23-24 ☐
50. Abalewi 25; Mariko 1 ☐
51. Abalewi 26-27; Mariko 2 ☐
52. Kubara 1-2; Mariko 3 ☐
53. Kubara 3-4 ☐
54. Kubara 5-6; Mariko 4 ☐
55. Kubara 7-8 ☐
56. Kubara 9-11 ☐
57. Kubara 12-14; Mariko 5 ☐
58. Kubara 15-16; Mariko 6 ☐
59. Kubara 17-19 ☐
60. Kubara 20-22 ☐
61. Kubara 23-25; Mariko 7 ☐

62. Kubara 26-28; Mariko 8 ☐
63. Kubara 29-31; Mariko 9 ☐
64. Kubara 32-34 ☐
65. Kubara 35-36; Mariko 10 ☐
66. Gutegeka Kwa Kabiri 1-3 ☐
67. Gutegeka Kwa Kabiri 4-6; Mariko 11 ☐
68. Gutegeka Kwa Kabiri 7-9 ☐
69. Gutegeka Kwa Kabiri 10-12; Mariko 12 ☐
70. Gutegeka Kwa Kabiri 13-15 ☐
71. Gutegeka Kwa Kabiri 16-18; Mariko 13 ☐
72. Gutegeka Kwa Kabiri 19-21 ☐
73. Gutegeka Kwa Kabiri 22-24 ☐
74. Gutegeka Kwa Kabiri 25-27; Mariko 14 ☐
75. Gutegeka Kwa Kabiri 28-29 ☐
76. Gutegeka Kwa Kabiri 30-31; Mariko 15 ☐
77. Gutegeka Kwa Kabiri 32-34 ☐
78. Yosuwa 1-3; Mariko 16 ☐
79. Yosuwa 4-7 ☐
80. Yosuwa 8-10 ☐
81. Yosuwa 11-13 ☐
82. Yosuwa 14-15; Luka 1 ☐
83. Yosuwa 16-18; Luka 2 ☐
84. Yosuwa 19-21 ☐
85. Yosuwa 22-24; Luka 3 ☐
86. Abacamanza 1-3; Luka 4 ☐
87. Abacamanza 4-6 ☐
88. Abacamanza 7-8; Luka 5 ☐
89. Abacamanza 9-10 ☐
90. Abacamanza 11-12; Luka 6 ☐
91. Abacamanza 13-15 ☐
92. Abacamanza 16-18; Luka 7 ☐
93. Abacamanza 19-21 ☐
94. Rusi ☐

95. 1 Samweli 1-3; Luka 8 ☐
96. 1 Samweli 4-7 ☐
97. 1 Samweli 8-10 ☐
98. 1 Samweli 11-12; Luka 9 ☐
99. 1 Samweli 13-14 ☐
100. 1 Samweli 15-16; Luka 10 ☐
101. 1 Samweli 17-18; Luka 11 ☐
102. 1 Samweli 19-21 ☐
103. 1 Samweli 22-24 ☐
104. 1 Samweli 25-26; Luka 12 ☐
105. 1 Samweli 27-29 ☐
106. 1 Samweli 30-31; Luka 13 ☐
107. 2 Samweli 1-2; Luka 14 ☐
108. 2 Samweli 3-5 ☐
109. 2 Samweli 6-8 ☐
110. 2 Samweli 9-11; Luka 15 ☐
111. 2 Samweli 12-13; Luka 16 ☐
112. 2 Samweli 14-15; Luka 17 ☐
113. 2 Samweli 16-18 ☐
114. 2 Samweli 19-20; Luka 18 ☐
115. 2 Samweli 21-22 ☐
116. 2 Samweli 23-24; Luka 19 ☐
117. 1 Abami 1-2 ☐
118. 1 Abami 3-5; Luka 20 ☐
119. 1 Abami 6-7 ☐
120. 1 Abami 8-9 ☐
121. 1 Abami 10-11; Luka 21 ☐
122. 1 Abami 12-13 ☐
123. 1 Abami 14-15; Luka 22 ☐
124. 1 Abami 16-18 ☐
125. 1 Abami 19-20; Luka 23 ☐
126. 1 Abami 21-22 ☐
127. 2 Abami 1-3 ☐

128. 2 Abami 4-6; Luka 24 ☐
129. 2 Abami 7-9 ☐
130. 2 Abami 10-12; Yohana 1 ☐
131. 2 Abami 13-14; Yohana 2 ☐
132. 2 Abami 15-16; Yohana 3 ☐
133. 2 Abami 17-18 ☐
134. 2 Abami 19-21 ☐
135. 2 Abami 22-23; Yohana 4 ☐
136. 2 Abami 24-25; Yohana 5 ☐
137. 1 Ibyo Ku Ngoma 1-3 ☐
138. 1 Ibyo Ku Ngoma 4-7 ☐
139. 1 Ibyo Ku Ngoma 8-10 ☐
140. 1 Ibyo Ku Ngoma 11-12; Yohana 6 ☐
141. 1 Ibyo Ku Ngoma 13-15; Yohana 7 ☐
142. 1 Ibyo Ku Ngoma 16-18 ☐
143. 1 Ibyo Ku Ngoma 19-21; Yohana 8 ☐
144. 1 Ibyo Ku Ngoma 22-24 ☐
145. 1 Ibyo Ku Ngoma 25-27 ☐
146. 1 Ibyo Ku Ngoma 28-29; Yohana 9 ☐
147. 2 Ibyo Ku Ngoma 1-3; Yohana 10 ☐
148. 2 Ibyo Ku Ngoma 4-6 ☐
149. 2 Ibyo Ku Ngoma 7-9 ☐
150. 2 Ibyo Ku Ngoma 10-12; Yohana 11 ☐
151. 2 Ibyo Ku Ngoma 13-14 ☐
152. 2 Ibyo Ku Ngoma 15-16; Yohana 12 ☐
153. 2 Ibyo Ku Ngoma 17-18; Yohana 13 ☐
154. 2 Ibyo Ku Ngoma 19-20 ☐
155. 2 Ibyo Ku Ngoma 21-22; Yohana 14 ☐
156. 2 Ibyo Ku Ngoma 23-24; Yohana 15 ☐
157. 2 Ibyo Ku Ngoma 25-27; Yohana 16 ☐
158. 2 Ibyo Ku Ngoma 28-29; Yohana 17 ☐
159. 2 Ibyo Ku Ngoma 30-31; Yohana 18 ☐
160. 2 Ibyo Ku Ngoma 32-33 ☐

161. 2 Ibyo Ku Ngoma 34-36; Yohana 19 ☐
162. Ezira 1-2 ☐
163. Ezira 3-5; Yohana 20 ☐
164. Ezira 6-8; Yohana 21 ☐
165. Ezira 9-10; Ibyakozwe 1 ☐
166. Nehemiya 1-3 ☐
167. Nehemiya 4-6; Ibyakozwe 2 ☐
168. Nehemiya 7-9; Ibyakozwe 3 ☐
169. Nehemiya 10-11; Ibyakozwe 4 ☐
170. Nehemiya 12-13 ☐
171. Esiteri 1-2; Ibyakozwe 5 ☐
172. Esiteri 3-5 ☐
173. Esiteri 6-8; Ibyakozwe 6 ☐
174. Esiteri 9-10; Ibyakozwe 7 ☐
175. Yobu 1-2 ☐
176. Yobu 3-4 ☐
177. Yobu 5-7; Ibyakozwe 8 ☐
178. Yobu 8-10 ☐
179. Yobu 11-13; Ibyakozwe 9 ☐
180. Yobu 14-16 ☐
181. Yobu 17-19 ☐
182. Yobu 20-21; Ibyakozwe 10 ☐
183. Yobu 22-24; Ibyakozwe 11 ☐
184. Yobu 25-27; Ibyakozwe 12 ☐
185. Yobu 28-29; Ibyakozwe 13 ☐
186. Yobu 30-31 ☐
187. Yobu 32-33; Ibyakozwe 14 ☐
188. Yobu 34-35; Ibyakozwe 15 ☐
189. Yobu 36-37 ☐
190. Yobu 38-40 ☐
191. Yobu 41-42; Ibyakozwe 16 ☐
192. Zaburi 1-3; Ibyakozwe 17 ☐
193. Zaburi 4-6 ☐

194. Zaburi 7-9; Ibyakozwe 18 ☐
195. Zaburi 10-12 ☐
196. Zaburi 13-15; Ibyakozwe 19 ☐
197. Zaburi 16-17; Ibyakozwe 20 ☐
198. Zaburi 18-19 ☐
199. Zaburi 20-22 ☐
200. Zaburi 23-25; Ibyakozwe 21 ☐
201. Zaburi 26-28; Ibyakozwe 22 ☐
202. Zaburi 29-30; Ibyakozwe 23 ☐
203. Zaburi 31-32 ☐
204. Zaburi 33-34; Ibyakozwe 24 ☐
205. Zaburi 35-36; Ibyakozwe 25 ☐
206. Zaburi 37-39; Ibyakozwe 26 ☐
207. Zaburi 40-42; Ibyakozwe 27 ☐
208. Zaburi 43-45 ☐
209. Zaburi 46-48; Ibyakozwe 28 ☐
210. Zaburi 49-50; Abaroma 1 ☐
211. Zaburi 51-53; Abaroma 2 ☐
212. Zaburi 54-56; Abaroma 3 ☐
213. Zaburi 57-59; Abaroma 4 ☐
214. Zaburi 60-62; Abaroma 5 ☐
215. Zaburi 63-65; Abaroma 6 ☐
216. Zaburi 66-67; Abaroma 7 ☐
217. Zaburi 68-69 ☐
218. Zaburi 70-71; Abaroma 8 ☐
219. Zaburi 72-73; Abaroma 9 ☐
220. Zaburi 74-76 ☐
221. Zaburi 77-78; Abaroma 10 ☐
222. Zaburi 79-80; Abaroma 11 ☐
223. Zaburi 81-83 ☐
224. Zaburi 84-86; Abaroma 12 ☐
225. Zaburi 87-88; Abaroma 13 ☐
226. Zaburi 89-90; Abaroma 14 ☐

227. Zaburi 91-93; Abaroma 15 ☐
228. Zaburi 94-96 ☐
229. Zaburi 97-99; Abaroma 16 ☐
230. Zaburi 100-102; 1 Abakorinto 1 ☐
231. Zaburi 103-104; 1 Abakorinto 2 ☐
232. Zaburi 105-106; 1 Abakorinto 3 ☐
233. Zaburi 107-109; 1 Abakorinto 4 ☐
234. Zaburi 110-112; 1 Abakorinto 5 ☐
235. Zaburi 113-115; 1 Abakorinto 6 ☐
236. Zaburi 116-118; 1 Abakorinto 7 ☐
237. Zaburi 119 ☐
238. Zaburi 120; 1 Abakorinto 8 ☐
239. Zaburi 121-122; 1 Abakorinto 9 ☐
240. Zaburi 123-125; 1 Abakorinto 10 ☐
241. Zaburi 126-128 ☐
242. Zaburi 129-131; 1 Abakorinto 11 ☐
243. Zaburi 132-134 ☐
244. Zaburi 135-136; 1 Abakorinto 12 ☐
245. Zaburi 137-139; 1 Abakorinto 13 ☐
246. Zaburi 140-142 ☐
247. Zaburi 143-145; 1 Abakorinto 14 ☐
248. Zaburi 146-147; 1 Abakorinto 15 ☐
249. Zaburi 148-150 ☐
250. Imigani 1-2; 1 Abakorinto 16 ☐
251. Imigani 3-5; 2 Abakorinto 1 ☐
252. Imigani 6-7; 2 Abakorinto 2 ☐
253. Imigani 8-9; 2 Abakorinto 3 ☐
254. Imigani 10-12; 2 Abakorinto 4 ☐
255. Imigani 13-15; 2 Abakorinto 5 ☐
256. Imigani 16-18; 2 Abakorinto 6 ☐
257. Imigani 19-21; 2 Abakorinto 7 ☐
258. Imigani 22-24; 2 Abakorinto 8 ☐
259. Imigani 25-26; 2 Abakorinto 9 ☐

260. Imigani 27-29; 2 Abakorinto 10 ☐
261. Imigani 30-31; 2 Abakorinto 11 ☐
262. Umubwiriza 1-3 ☐
263. Umubwiriza 4-6; 2 Abakorinto 12 ☐
264. Umubwiriza 7-9; 2 Abakorinto 13 ☐
265. Umubwiriza 10-12; Abagalatiya 1 ☐
266. Indirimbo ya Salomo 1-3; Abagalatiya 2 ☐
267. Indirimbo ya Salomo 4-5; Abagalatiya 3 ☐
268. Indirimbo ya Salomo 6-8; Abagalatiya 4 ☐
269. Yesaya 1-2; Abagalatiya 5 ☐
270. Yesaya 3-4; Abagalatiya 6 ☐
271. Yesaya 5-6; Abefeso 1 ☐
272. Yesaya 7-8; Abefeso 2 ☐
273. Yesaya 9-10; Abefeso 3 ☐
274. Yesaya 11-13; Abefeso 4 ☐
275. Yesaya 14-16 ☐
276. Yesaya 17-19; Abefeso 5 ☐
277. Yesaya 20-22; Abefeso 6 ☐
278. Yesaya 23-25; Abafilipi 1 ☐
279. Yesaya 26-27; Abafilipi 2 ☐
280. Yesaya 28-29; Abafilipi 3 ☐
281. Yesaya 30-31; Abafilipi 4 ☐
282. Yesaya 32-33; Abakolosayi 1 ☐
283. Yesaya 34-36; Abakolosayi 2 ☐
284. Yesaya 37-38; Abakolosayi 3 ☐
285. Yesaya 39-40; Abakolosayi 4 ☐
286. Yesaya 41-42; 1 Abatesalonike 1 ☐
287. Yesaya 43-44; 1 Abatesalonike 2 ☐
288. Yesaya 45-46; 1 Abatesalonike 3 ☐
289. Yesaya 47-49; 1 Abatesalonike 4 ☐
290. Yesaya 50-52; 1 Abatesalonike 5 ☐
291. Yesaya 53-55; 2 Abatesalonike 1 ☐
292. Yesaya 56-58; 2 Abatesalonike 2 ☐

293. Yesaya 59-61; 2 Abatesalonike 3 ☐
294. Yesaya 62-64; 1 Timoteyo 1 ☐
295. Yesaya 65-66; 1 Timoteyo 2 ☐
296. Yeremiya 1-2; 1 Timoteyo 3 ☐
297. Yeremiya 3-5; 1 Timoteyo 4 ☐
298. Yeremiya 6-8; 1 Timoteyo 5 ☐
299. Yeremiya 9-11; 1 Timoteyo 6 ☐
300. Yeremiya 12-14; 2 Timoteyo 1 ☐
301. Yeremiya 15-17; 2 Timoteyo 2 ☐
302. Yeremiya 18-19; 2 Timoteyo 3 ☐
303. Yeremiya 20-21; 2 Timoteyo 4 ☐
304. Yeremiya 22-23; Tito 1 ☐
305. Yeremiya 24-26; Tito 2 ☐
306. Yeremiya 27-29; Tito 3 ☐
307. Yeremiya 30-31; Filemoni 1 ☐
308. Yeremiya 32-33; Abaheburayo 1 ☐
309. Yeremiya 34-36; Abaheburayo 2 ☐
310. Yeremiya 37-39; Abaheburayo 3 ☐
311. Yeremiya 40-42; Abaheburayo 4 ☐
312. Yeremiya 43-45; Abaheburayo 5 ☐
313. Yeremiya 46-47; Abaheburayo 6 ☐
314. Yeremiya 48-49; Abaheburayo 7 ☐
315. Yeremiya 50; Abaheburayo 8 ☐
316. Yeremiya 51-52; Abaheburayo 9 ☐
317. Amaganya 1-2; Abaheburayo 10 ☐
318. Amaganya 3-5 ☐
319. Ezekiyeli 1-2 ☐
320. Ezekiyeli 3-4; Abaheburayo 11 ☐
321. Ezekiyeli 5-7; Abaheburayo 12 ☐
322. Ezekiyeli 8-10; Abaheburayo 13 ☐
323. Ezekiyeli 11-13; Yakobo 1 ☐
324. Ezekiyeli 14-15; Yakobo 2 ☐
325. Ezekiyeli 16-17; Yakobo 3 ☐

326. Ezekiyeli 18-19; Yakobo 4 ☐
327. Ezekiyeli 20-21; Yakobo 5 ☐
328. Ezekiyeli 22-23; 1 Petero 1 ☐
329. Ezekiyeli 24-26; 1 Petero 2 ☐
330. Ezekiyeli 27-29; 1 Petero 3 ☐
331. Ezekiyeli 30-32; 1 Petero 4 ☐
332. Ezekiyeli 33-34; 1 Petero 5 ☐
333. Ezekiyeli 35-36; 2 Petero 1 ☐
334. Ezekiyeli 37-39; 2 Petero 2 ☐
335. Ezekiyeli 40-41; 2 Petero 3 ☐
336. Ezekiyeli 42-44; 1 Yohana 1 ☐
337. Ezekiyeli 45-46; 1 Yohana 2 ☐
338. Ezekiyeli 47-48; 1 Yohana 3 ☐
339. Daniyeli 1-2; 1 Yohana 4 ☐
340. Daniyeli 3-4; 1 Yohana 5 ☐
341. Daniyeli 5-7; 2 Yohana 1 ☐
342. Daniyeli 8-10; 3 Yohana 1 ☐
343. Daniyeli 11-12; Yuda 1 ☐
344. Hoseya 1-4; Ibyahishuwe 1 ☐
345. Hoseya 5-8; Ibyahishuwe 2 ☐
346. Hoseya 9-11; Ibyahishuwe 3 ☐
347. Hoseya 12-14; Ibyahishuwe 4 ☐
348. Yoweli; Ibyahishuwe 5 ☐
349. Amosi 1-3; Ibyahishuwe 6 ☐
350. Amosi 4-6; Ibyahishuwe 7 ☐
351. Amosi 7-9; Ibyahishuwe 8 ☐
352. Obadiya; Ibyahishuwe 9 ☐
353. Yona; Ibyahishuwe 10 ☐
354. Mika 1-3; Ibyahishuwe 11 ☐
355. Mika 4-5; Ibyahishuwe 12 ☐
356. Mika 6-7; Ibyahishuwe 13 ☐
357. Nahumu; Ibyahishuwe 14 ☐
358. Habakuki; Ibyahishuwe 15 ☐

359. Zefaniya; Ibyahishuwe 16 ☐
360. Hagayi; Ibyahishuwe 17 ☐
361. Zekariya 1-4; Ibyahishuwe 18 ☐
362. Zekariya 5-8; Ibyahishuwe 19 ☐
363. Zekariya 9-12; Ibyahishuwe 20 ☐
364. Zekariya 13-14; Ibyahishuwe 21 ☐
365. Malaki 1-4; Ibyahishuwe 22 ☐

# IBYEREKEYE ABANDITSI

## ANDREW WOMMACK

Uhereye igihe umurimo Andrew Wommack Ministries Inc. watangiriye mu 1978, Andrew yakomeje kugaragaza ukuri guherereye mu ijambo ry'Imana mu buryo bworoheje ariko busobanutse, binyuze mu iyerekwa ry' ubumenyi no gusigwa yahawe n'Umwami. Aho ajya hose, gushimangira kwe guhebuje ku ijambo ry'Imana bibohora abantu ku byaha no ku gukiranuka abantu bishyiriyeho, akenshi ibimenyetso n'ibitangaza bigakurikira. Andrew yari umushumba w'amatorero atatu, kandi aracyakomeza gusohoza umuhamagaro w'Imana ku buzima bwe yigisha umubiri wa Kristo inkuru nziza y'umubano dufite muri Yesu Kristo.

## DON KROW

Don yifatanije na Andrew mu murimo w'Imana mu 1975. Akaba yarakorega muri New Mexico, Texas, na Oklahoma mbere yuko aza mu itsinda rikora uyu murimo umunsi ku w'undi mu 1988 nk'umukozi wungirije muri uyu murimo wa Andrew Wommack Ministries Inc. Mu 1994, yabaye umwarimu mu ishuri rya Bibiliya ryitwa Charis. Mu itangiriro z'imyaka ya 1990 Don yashinze umuryango witwa the collection for saints benevolence ministries, ari nawo waje guhuzwa n'umurimo w'ivugabutumwa ryo guhindura abantu abigishwa ritanga ibikoresho byo guhindura abantu abigishwa ndetse no gukora ubugwaneza cyane cyane ku bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere.